

REPUBULIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBUREZI

REB

Rwanda Education Board



**INTEGANYANYIGISHO Y'UBUREZI BW'INSHUKE
KUVA KU MYAKA 3 KUGEZA KU MYAKA 6**

Kigali, 2015

INTEGANYANYIGISHO Y'UBUREZI BW'INSHUKE

KUVA KU MYAKA 3 KUGEZA KU MYAKA 6

© 2015 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Uburenganzira bw'umuhanzi

Iyi nteganyanyigisho ni umutungo w' Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

Ni ngombwa kugaragaza umwanditsi igihe cyose hakoreshejwe iyi nteganyanyigisho.

IJAMBO RY'IBANZE

Mu rwego rwo gushimangira imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bw'uwigira, Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) gishimishijwe no gushyira ahagaragara integanyanyigisho nshya izakoreshwa mu gihugu hose. Iyi nteganyanyigisho igamije gutanga uburezi buboneye kandi bufite ireme mu byiciro by'uburezi rusange mu mashuri yose y'u Rwanda. Poritiki y'uburezi mu Rwanda ni uguha urubyiruko mu byiciro byose by'uburezi amahirwe yose mu byerekeye ubumenyi bukwiriye, ubushobozi ndetse n'ubukeshya birutegurira kugira uruhare mu iterambere ry'umuryango ndetse no guhabwa amahirwe yo kwihangira umurimo.

Kugira ngo hanozwe ireme ry'uburezi, Leta y'u Rwanda yashyize imbaraga mu ivugururwa ry'integanyanyigisho ku buryo imyigire n'imyigishirize ndetse n'isuzuma bigira uruhare rugaragara mu kurema Umunyarwanda igihugu gikeneye. Mu rwego rwo kubaka umuryango ushingiyeye ku bumenyi n'ubushobozi, byabaye ngombwa ko hakorwa integanyanyigisho igamije guha abiga ubushobozi bukenewe kugira ngo bashobore gupigana ku isoko ry'umurimo haba mu karere u Rwanda ruherereyemo cyangwa ku rwego mpuzamahanga. Mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi nteganyanyigisho, abiga bazagira uruhare rugaragara mu myigire bityo bunguke Ubumenyi ngiro kandi bashobore guhuza ibyo bize n'ubuzima busanzwe. Ibi bizatuma bo ubwabo bigirira akamaro kandi banateze igihugu cyabo imbere.

Turashimira byimazeyo abafatanyabikorwa n'abaterankunga bagize uruhare mu ivugurura ry'iyi nteganyanyigisho kuva igikorwa gitangira kugeza kirangiye. Tuboneyeho kandi gusaba abazakoresha iyi nteganyanyigisho gutanga ibitekerezo byatuma irushaho kunozwa.

GASANA I. Janvier

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'iyi nteganyanyigisho. Ntabwo iyi nteganyanyigisho yashoboraga gukorwa uko bikwiye iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi ndetse n'abaterankunga. Nejejwe no gushima ubufatanye n'ubwitange batugaragarije.

Mbere na mbere ndashimira inzego nkuru zishinzwe uburezi mu Rwanda zakurikiraniye hafi umurimo wo kuvugurura integanyanyigisho ndetse n'abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda bagize uruhare mu itegurwa n'iyandikwa ry'iyi nteganyanyigisho. Harashimirwa kandi abarimu bigisha kuva mu mashuri y'inshuke, abanza, ayisumbuye ndetse na kaminuza bitanze batizigamye mu itegurwa n'iyandikwa ry'iyi nteganyanyigisho.

Ndashimira imiryango nterankunga mu burezi nka UNICEF, UNFPA, DFID, AFR kubera inkunga y'imari ndetse na tekini batanze. Ndashimira kandi inkunga y'imiryango n'ibigo by'abafatanyabikorwa mu burezi nk' Itorero ry'Igihugu, Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, CNLG, GMO, RBS, REMA, WDA, MINECOFIN, AEGIS Trust, Handicap International, Wellspring Foundation, Right to Play, MEDISAR, EDC/L3, EDC/Akazi Kanoze, Save the Children n'Imiryango ishingiye ku kwemera. Byongeye kandi ndashimira impuguke mpuzamahanga ndetse n'iz'Abanyarwanda bitanze kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishobore gutegurwa no kwandikwa. Iyi nteganyanyigisho ni umusaruro w'ubufatanye n'ubwitange bya buri wese witabiriye iki gikorwa.

Dr. MUSABE Joyce

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/REB

URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU ITEGURWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO

Abakozi b'ikigo Gishinzwe guteza imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Dr. MUSABE Joyce, Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/REB

RUTAKAMIZE Joseph, Umuyobozi w'Itsinda rya Siyansi-CPMD/REB

NYIRANDAGIJIMANA Anathalie, Ushinzwe ireme ry' Integanyanyigisho n' Imfashanyigisho

MUGEMANGANGO Mohamed, Umugenzuzi ushinzwe indimi

Abarezi

NIKUZE Anastasie, Umuyobozi w'ishuri ry'Inshuke CEAPS, Akarere ka Nyarugenge

UMUTESI Odeth, Umurezi mu ishuri rya "Wellspring Academy", Akarere ka Gasabo

MUKAKINYANA Pauline, Umurezi mu ishuri rya "Horizon", Akarere ka Gasabo

LWAHAMIRE Françoise, Umurezi muri "Ecole Internationale de Kigali", Akarere ka Gasabo

Impuguke mu Mbenezamikorire y'Abana Bato n'Uburezi bw'Inshuke:

Dr. Marilou Hyson, Save the Children

KABARERE Veneranda, UNICEF

NZEYIMANA Peter, Save the Children

NJUGUNA Jane, EDC/Akazi Kanoze

MAHUKU Rachel, Wellspring Foundation

UWAMAHORO Julienne, Handicap International

Uwanonosoye integanyanyigisho

HABUMUREMYI Jean Marie Vianney, Kaminuza y'u Rwanda/ Koleji y'Uburezi, Kigali

ISHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE	iv
GUSHIMIRA	v
URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU ITEGURWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO	vi
1. INTANGIRIRO	1
1.1 IMVANO Y'IVUGURURA RY'INTEGANYANYIGISHO	1
1.2 AKAMARO K'UBUREZI BW'INSHUKE	1
1.3. UBUSHOBOZI BUGAMIJWE	2
2. INTEGO RUSANGE Z'UBUREZI BW'INSHUKE	5
3. IMYIGIRE N'IMYIGISHIRIZE	6
4. ISUZUMA MU BUREZI BW'INSHUKE	9
5. IBIZAKENERWA MU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO	11
6. INTEGANYANYIGISHO	12
6.1. IBYIGWA MU MASHURI Y'INSHUKE N'IMITERERE Y'INTEGANYANYIGISHO	12
6.2. UBUMENYI BW'IBIDUKIKIJE	15
6.2.1 Ubushobozi bw'umwana urangije ikicro cy'inshuke	15
6.2.2. Integanyanyigisho y'Umwaka wa mbere w'inshuke – Ubumenyi bw'ibidukikije	16
6.2.3. Integanyanyigisho y'Umwaka wa kabiri w'inshuke – Ubumenyi bw'ibidukikije	39
6.2.4. Integanyanyigisho y'Umwaka wa 3 w'inshuke- Ubumenyi bw'ibidukikije	66
6.3. IMIBARE	98

6.3.1. Ubushobozi bw'umwana urangije ikicro cy'inshuke	98
6.3.2. Integanyanyigisho y'Umwaka wa mbere w'inshuke	99
6.3.3. Integanyanyigisho y'Umwaka wa kabiri w'inshuke- Imibare	108
6.3.4 Integanyanyigisho y'Umwaka wa 3 w'inshuke - Imibare	119
6.4. INDIMI: IKINYARWANDA.....	136
6.4.1 Impamvu yo Kwigisha mu Kinyarwanda	136
6.4.2 Impamvu yo Kwigisha Ikiyarwanda nk'ururimi	137
6.4.3 Ubushobozi bw'umwana arangije ikicro cy'inshuke mu birebana n'Ikiyarwanda	137
6.4.4. Integanyanyigisho y'Umwaka wa mbere w'inshuke-Ikiyarwanda	138
6.4.5. Integanyanyigisho y'Umwaka wa kabiri w'inshuke -Ikiyarwanda.....	145
6.4.6. Integanyanyigisho y'Umwaka wa 3 w'inshuke- Ikiyarwanda.....	153
6.5. ENGLISH	164
6.5.1. Final readiness competences	164
6.5.2 Syllabus for Grade one	165
6.5.3. Syllabus for Grade two	169
6.5.4 Syllabus for Grade 3	172
6.6. UBUGENI N'UMUCO.....	179
6.6.1 Ubushobozi bw'umwana urangije ikicro cy'inshuke	179
6.6.2. Integanyanyigisho y'Umwaka wa mbere w'inshuke -Ubugeni n'umuco	180
6.6.3. Integanyanyigisho y'Umwaka wa Kabiri w'inshuke -Ubugeni n'umuco	190
6.6.4. Integanyanyigisho y'Umwaka wa Gatatu w'Inshuke -Ubugeni n'umuco.....	200
6.7. IBONEZABUZIMA	209
6.7.1 Ubushobozi bw'umwana arangije ikicro cy'inshuke	209
6.7.2 Umwaka wa mbere w'inshuke - Ibonezabuzima	210
6.7.3 Umwaka wa kabiri w'Inshuke-Ibonezabuzima	217
6.7.4 Umwaka wa 3 w'inshuke- Ibonezabuzima	226
6.8. ITERAMBERE MU MBAMUTIMA NO MU MIBANIRE N'ABANDI	235
6.8.1Ubushobozi bw'umwana urangije ikicro cy'inshuke	235
6.8.2. Integanyanyigisho kuva mu mwaka wa 1 kugeza mu mwaka wa 3 w'Inshuke	237

7. IBITABO BYIFASHISHIJE..... 251
8. IMIGEREKA 253

1. INTANGIRIRO

1.1 IMVANO Y'IVUGURURA RY'INTEGANYANYIGISHO

Iyi nteganyanyigisho igenewe abana bafite imyaka 3-6, yateguriwe rimwe n'izindi mu rwego rwo kuzivugurura ngo zibande ku bushobozi butegerejwe k'uwiga aho gushingira ku bumenyi gusa. Iyi ntambwe yo gutanga ubumenyi, Ubumenyi ngiro, ubukeshya n'indangagaciro ni ngombwa kugira ngo uwize agaragaze n'umusaruro ufatika n'indangagaciro zubaka umuryango nyarwanda, n'imibereho myiza kuri bese.

Iri vugurura rusange kandi ryabaye umwanya udasanzwe wo gusubiza ibibazo byagaragajwe n'abarezi bakoresheje integanyanyigisho yari isanzwe ikoresheya mu Burezi bw'inshuke guhera mu mwaka wa 2007. Abarezi bagaragaje inzitizi yo kudashobora kuyikoresha uko bikwiye iyo babaga bafite abana bigira mu myaka itatu y'ikiciro cy'uburezi bw'inshuke kuko yo yari ku myaka ibiri gusa. Byongeye kandi, bari bagaragaje ko imiterere yayo itorohera uyikoresha.

1.2 AKAMARO K'UBUREZI BW'INSHUKE

Nk'uko ubushakashatsi bwinshi bwabyerekanye, imbonezamikurire y'abana bato muri rusange n'uburezi bw'inshuke by'umwihariko ni umusingi w'iterambere ry'ibihugu n'imibereho myiza ya buri muntu (Carneiro & Heckman 2003). Byagaragaye ko ubushobozi bufasha umuntu mu buzima bwe bwose bugomba kubakwa mu myaka itandatu ya mbere y'ubuzima (twibuke gahunda y'iminsi igihumbi ya mbere y'umwana). Muri iyi myaka, ubwonko buba bukura vuba bitangaje ari nako imiyoboro y'imitekerereze ikomeza gushamikirana, ijya mu myanya ikwiye.

Uburezi bw'inshuke bwita ku bana bafite imyaka 3-6 kandi bwubakira kuri uwo musingi watangiwe kuva umwana agisamwa. Bukomeza kwita ku mikurire y'umwana mu nzego zose uko zuzuzanya, ni ukuvuga mu gihagararo n'ingufu, mu bwenge, mu mibanire n'abandi, mu mbamutima, mu rurimi kavukire, mu mico mbonezabupfura na nyobokamana, bugamije cyane cyane gutegura umwana gutangira amashuri abanza. Ubwinshi n'ireme ry'ibikangura ibyumviro by'umwana ni byo byubaka ubushobozi bw'ibanze mu mubiri we, mu mutima we, no mu bwonko bwe. Ubwo bushobozi bw'ibanze ni bwo aheraho yubaka ubundi bushobozi ubwo ari bwo bwose mu buzima bwe harimo n'ubwo kwiga ashishikaye kandi atsinda uko bikwiye. Ubushobozi bwo kuzitunga neza no guteza imbere igihugu, kuba inyangamugayo, gukunda amahoro, n'izindi ndangagaciro zibereye muntu, byose byubakirwa kuri uwo musingi, umwana akiri muto nk'uko umugani w'Ikinyarwanda uvuga ngo: "Igitu kigororwa kikiri gito".

1.3. UBUSHOBOZI BUGAMIJWE

1.3.1 Integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi

Integanyanyigisho y'uburezi bw'inshuke ni wo musingi w'imyigire n'imyigishirize mu nteganyanyigisho zose z'igihugu. Yateguriwe abana bari mu kigero kiri hagati y'imyaka 3-6. Ubushobozi ni ububasha bwo gukora umurimo uyu n'uyu wihariye uko bikwiye hashingiwe ku bumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya biyanye n'ibyo wize. Muri rusange, integanyanyigisho zose uhereye ku yagenewe inshuke zifite inshingano zo guteza imbere ubushobozi bw'ibanze n'ubushobozi nsanganyamasomo.

- ❖ **Ubushobozi bw'ibanze** bugaragarira mu bushobozi bugamijwe mu mitwe igize iyi nteganyanyigisho ndetse no mu bushobozi nsozakicro mu byigwa binyuranye. Ibikorwa by'abana bigomba gushingira ku byo bashobora gukora kugira ngo hatezwe imbere ubushobozi bugamijwe mu gihe biga cyangwa barangije umutwe runaka.

❖ **Ubushobozi nsanganyamasomo** ni ubushobozi butihariwe n’inyigisho imwe ahubwo butezwa imbere mu byigwa/nyigisho zinyuranye, mu bihe bitandukanye ndetse no mu kazi kanyuranye. Ubushobozi nsanganyamasomo abarezi basabwa kwitaho igihe bategura cyangwa bayobora ibikorwa binyuranye by’abana busobanuye ku buryo bukurikira:

Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: ibikorwa biteza imbere ubu bushobozi bizatoza abana gutekereza bahanga no gushyira mu gaciro ku buryo bwaguye bituma babonera ibisubizo ibibazo bahura na byo mu buzima bwa buri muni.

Guhanga udushya: ibikorwa biteza imbere ubu bushobozi bizatoza abana gufata iya mbere mu gutekereza bahereye ku byo bazi, maze bagahanga ibintu bishya.

Ubushakashatsi: ibikorwa biteza imbere ubu bushobozi bizatoza abana gukemura ibibazo bahereye ku makuru no ku bumenyi busanzweho no gusobanura ibintu bahereye ku makuru bakusanyije.

Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu gihugu: ibikorwa biteza imbere ubu bushobozi bizatoza abana gusabana n’abandi nta mususu no gutanga ibitekerezo byabo ku buryo buboneye mu mvugo bakoresha imvugo n’amagambo bikwiye. Kubera iyo mpamvu, abarezi barasabwa guha umwanya abana bakabaza ibibazo, bagasobanura ibyo babona, ibyo bumva, ibyo bakora, uko biyumva mu mikino n’ibikorwa binyuranye byaba ibyo mu ishuri cyangwa hanze; byaba byateguwe n’umurezi cyangwa ibyo bihitiyemo. Ibi bizatuma abana bunguka amagambo kandi banoza imvugo mu rurimi rw’Ikinyarwanda rwigishwamo mu kiciro cy’uburezi bw’inshuke.

Ubufatanye, imibanire ikwiye n’abandi mu buzima bwa buri muni: ibikorwa biteza imbere ubu bushobozi bizafasha abana gukorana no gufatanya n’abandi mu matsinda, mu mirimo bahawe haba mu rugo no ku ishuri. Bizabafasha kandi gukura barangwa n’imyitwarire n’indangagaciro bikwiye, bubaha uburenganzira, ibitekerezo n’imyitwarire binyuranye n’ibyabo. Ibi bizabafasha gukura bagaragaza uruhare rwabo mu bijyanye no kubungabunga ibidukikije, kwita ku buzima bwabo n’ubw’abandi, kwita ku isuku n’imirire iboneye kandi na none bakemura ibibazo bahura na byo mu buzima.

Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: mu kiciro cy’uburezi bw’inshuke, ibikorwa biteza imbere ubu bushobozi bizafasha abana gukurana umuco wo gusoma, imwe mu nzira zo kwiyungura ubumenyi utarinze gufashwa muri byose.

1.3.2. Uburezi bw’Inshuke mu kwimakaza ubushobozi bugamijwe

Ubushobozi bw’ibanze n’ubushobozi nsanganyamasomo bwavuzwe haruguru buzatezwa imbere binyuze mu mikino, imyitozo n’ibikorwa binyuranye bikorerwa kenshi mu matsinda, bigamije gutoza abana gusabana n’abandi, gukangura ubwonko n’ ibyumviro byabo, kunoza imvugo bavuga, basobanura ibyo babona n’ibyabo bakora. Hashingiwe kandi ku ihame ry’uko abana bo mu kiciro cy’inshuke biga bigana, imyitwarire n’indangagaciro biboneye bazabitozwa n’urugero rwiza bahabwa n’ababyeyi, abarezi cyangwa abandi babakuriye. Duhore twibuka ko urugero rwiza rwigisha kurusha impanuro kabone n’iyo zaba zisubiwemo kenshi.

2. INTEGO RUSANGE Z'UBUREZI BW'INSHUKE

Uburezi bw'inshuke bugamije ibi bikurikira:

- Kubaka umusingi w'uburezi burambye hitabwa ku gutegura abana gukurikira neza amasomo yo mu bindi byiciro by'uburezi;
- Kurera abana bafite indangagaciro zo mu rwego rwo hejuru ku rwego mpuzamahanga mu bijyanye n'ubumenyi n'Ubumenyi ngiro n'ubukeshya;
- Gutanga urubuga rwo gutegura imfashanyigisho ziboneye ;
- Kuvumbura amatsiko y'abana no kubatera inyota yo kwiyungura ubumenyi mu ngeri zinyuranye no kurengera ibidukikije;
- Guteza imbere uburyo bwo gutekereza bushakisha impamvu zitera ibintu runaka kugira ngo biyubakemo ubushobozi bwo gusuzuma, gucukumbura no gukemura ibibazo bahura na byo;
- Guteza imbere ubushobozi bw'abana bwo kugenga umubiri wabo, gukora imiyego inyuranye no gukoresha ibyumviro.
- Kubiba mu bana umuco mwiza wo kwiyitaho no kurangwa n'imyitwarire ituma bagira ubuzima bwiza;
- Gutoza abana imigenzo mbonerabupfura no kubaha Imana mu buzima bwabo;
- Guha abana urubuga rwo guhura no kwishimana na bagenzi babo, bityo bakarushaho gusabana no kwigira ku bandi, kwigirira icyizere, no kubona ko na bo hari ibyo bashoboye;
- Guha abana urubuga batangiramo ibitekerezo byabo uko babyumva, bagaragarizamo imbamutima n'ibyifuzo byabo babinyujije mu rurimi no mu zindi nzira zinyuranye z'ubugeni;
- Guteza imbere ubushobozi bw'abana mu rurimi kavukire no mu gutekereza.

3. IMYIGIRE N'IMYIGISHIRIZE

Imyigishirize ishyizwe imbere muri iyi nteganyanyigisho ni ituma umwana agera ku bushobozi ategerejweho kandi hubahirizwa amahame ngenderwaho agenga imyigire y'abana bato: imyigishirize ishingiyeye ku iterambere rusange ry'umwana aho gushingira ku nyigisho zinyuranye; ku nsanganyamatsiko, ku biboneka aho abana batuye; ku mikino n'ibikorwa by'abana.

❖ Imyigishirize ishingiyeye ku iterambere rusange ry'umwana

Uburezi bw'abana bato bwita ku mwana ku buryo bukumatanyije bwita icyarimwe ku ngeri z'imikurire zinyuranye haba mu gihagararo n'ingufu, mu bwenge, mu rurimi, mu mbamutima no mu mibanire n'abandi. Ibikorwa biteganyijwe mu byigwa binyuranye bizafasha umwana guteza imbere ubushobozi muri izo ngeri z'imikurire.

❖ Imyigishirize ishingiyeye ku nsanganyamatsiko:

Ni uburyo bwo kwigisha hakurikijwe insanganyamatsiko imwe. Ibikorwa by'abana mu byigwa bitandukanye bigendera kuri iyo nsanganyamatsiko mu gihe runaka. Insanganyamatsiko ishobora kumara hagati y'icyumweru n'igihembwe, biterwa n'uko ingana n'uko iteye. Insanganyamatsiko iyi nteganyanyigisho igenderaho nk'uko muzisanga ku mugereka, zatoranyijwe mu byigwa biteganyijwe mu Bumenyi bw'Ibidukikije. Ibi bizatuma amasomo afatira ku buzima busanzwe bw'abana, bitume asobanuka neza. Hashingiyeye kandi ku byo abana basanzwe bazi, babona bikunze kubatera amatsiko no kubyibazaho. Ibikorwa n'imikino biteganyirizwa abana mu byigwa binyuranye, bigenda bigaruka kuri ya nsanganyamatsiko kandi bikuzuzanya maze umwana akarushaho gusobanukirwa no kumva ishingiro ry'ibyo yiga. Insanganyamatsiko iyi nteganyanyigisho igenderaho si ihame, abarezi bashobora kugira ibyo bahinduraho bibaye

ngombwa bitewe n’aho batuye, ibihaboneka cyangwa ibyo abana bakunda. Inyoborabarezi izafasha abarezi gusobanukirwa no gushyira mu bikorwa imyigishirize ishingiyeye ku buryo nsanganyamatsiko.

❖ **Imyigishirize ihera ku buzima bw’umwana, aho atuye**

Kugira ngo habeho guhuza ibyigwa n’aho umwana atuye, abarezi bazakoresha iyi nteganyanyigisho barasabwa kwihatira gushingira ku biboneka aho batuye igihe bahitamo ibyigwa ndetse n’imfashanyigisho. Mu yandi magambo, iyi nteganyanyigisho ni rusange ku bana bose bo mu turere dutandukanye tw’u Rwanda, ariko mu kuyishyira mu bikorwa ni ngombwa kwita ku biranga cyangwa ibiboneka mu karere ishuri rihereyemo. Koko rero, byaba ari ukunaniza abana ubigisha ibintu badashobora kubona aho batuye, cyangwa binyuranye n’imibereho yabo ngo ni uko biri mu nteganyanyigisho. icyangobwa ni ukureba ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe muri buri mutwe.

❖ **Imyigishirize iha uruhare uwiga, ishingiyeye ku mikino n’ibikorwa binyuranye**

Abana bato bashimishwa n’ibikorwa bagizemo uruhare byaba biyobowe n’umurezi cyangwa babyihitanyemo, icy’ingenzi ni uko biga bakora. Ku kigero cyabo ibyo bikorwa babifata nk’imikino. Ku bana, gukina ni umurimo bahugiramo bishimye, ubongerera ubumenyi n’ubushobozi cyane ko iyo bakina bakoresha ibyumviro byose. Gukina byongerera ubushobozi bw’abana mu nzego zose z’imikurire: imiyego y’ingingo nini n’into irushaho gutera imbere abana biruka, bakoresha intoki mu bukorikori butandukanye; imikurire mu by’ubwenge izamurwa n’udukino dufasha abana gushishoza, kuvumbura no guhanga udushya nko kubaka, gusenya no guteranya ibintu; imikurire mu by’ururimi ikazamurwa n’imikino ifasha abana kugaragaza ibitekerezo bavuga; naho imikurire mu mibanire n’abandi ikazamurwa n’udukino abana bakinira hamwe basangira ibikinisho cyangwa bafashanya.

❖ **Uruhare rw’umurezi**

Nk’uko uburyo bugezweho bwo kwigisha ari ubushingiyeye ku mwana, imyigishirize izibanda ku bikorwa n’imikino y’abana, bityo akaba

ari bo biyubakira ubumenyi n'ubushobozi. Uruhare rw'umurezi ni uguteganya no kuyobora imikino n'ibikorwa by'abana ku buryo afasha buri wese kugera ku ntego no ku bushobozi ategerejweho. Umurezi ategura aho abana bigira/ bakinira; ategura ibikoresho/imfashanyigisho yita cyane ku mutekano wabo.

Mu bikorwa byose na hose umurezi aba intangarugero kandi agahozaho atoza abana gukorana isuku, kwandurura no gusubiza ibikoresho mu mwanya wabyo iyo igikorwa runaka kirangiye, gusukura aho bakoreye, gushyira imyanda ahabugenewe no gukaraba igihe cyose ari ngombwa.

Umurezi akurikirana ubushobozi abana bagenda bubaka agereranya n'ikigero bagezemo haba ku mikurire mu myaka, mu gihagararo n'ingufu, imibanire, imbamutima, mu myigire myiza, akagenda yandika ahabugenewe ibyo agenda abona kugira ngo azabiganireho n'abo bireba (urugero: ababyeyi cyangwa abashinzwe iby'ubuzima by'umwihariko).

Mu rwego rwo kwita ku bana bafite ibibazo byihariye mu myigire yabo, abarezi b' inshuke batahura ibibazo bitandukanye abana baba baravukanye cyangwa byabagwiririyeye bamaze kuvuka. Kubivumbura hakiri kare bitanga inzira yo gushaka ibisubizo n'ubufasha bukwiriyeye kuri ibyo bibazo. Inyoborabarezi izafasha abarezi kumenya uko bakwiye kwitwara mu gufasha abana bafite ubumuga butandukanye cyangwa bafite ibindi bibaranga byihariye bikwiye kwitabwaho mu gukoresha iyi nteganyanyigisho.

Umurezi w'inshuke akorana neza n'ababyeyi ndetse n'abantu batuye aho akorera. Agomba kugaragaza ubushobozi bwe mu burezi bw'inshuke kandi agakomeza kwiyubaka ahereye ku bushobozi asanganywe.

4. ISUZUMA MU BUREZI BW'INSHUKE

4.1 Isuzuma ni iki, rigamije iki?

Isuzuma ni uburyo bwo gukusanya ibimenyetso by'aho umwana ageze mu myigire, hanyuma ibyo bimenyetso bigasesengurwa, ibivuyemo bigafasha kuboneza amasomo no kunoza uburyo bwo kwigisha abana. Abarezi basuzuma/bakurikirana abana kugira ngo bamenye igipimo cy'ubushobozi bamaze kugeraho: ibyo batangiye kugerageza, ibyo bakomeje kugerageza gukora, ibyo bashobora gukora, ibyo bamaze kumenyera n'ibyo bamaze kumenya gukora neza. Ibyo bifasha abarezi mu guteganya ibindi bikorwa abana bazakora kugira ngo bagire ubumenyi, Ubumenyi ngiro n'ubukesha byisumbuyeho.

4.2. Isuzuma mu burezi bw'inshuke ritandukanye n'iryo mu bindi byiciro by'uburezi

Mu bana bato, isuzuma ritandukanye n'iryo tumenyereye mu mashuri abanza n'ayisumbuye. Aho gushingira ku nyigisho runaka, rishingiye ku iterambere rusange ry'umwana mu ngeri z'imikurire zinyuranye haba mu gihagararo n'ingufu, mu bwenge, mu mbamutima no mu mibanire n'abandi, mu rurimi kavukire, mu mico mbonezabupfura na nyobokamana.

Mu mashuri y'inshuke, hashyirwa imbaraga ku isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize. Ni uruherekane rw'ibikorwa bya buri munsu bigamije gukusanya amakuru agaragaza ibyo umwana yagezeho ugereranyije n'ibyo ategerejweho. Isuzuma rero ni igikowa gihoraho nko kwigisha ubwabyo. Isuzuma nsozanyigisho rikorwa rimwe mu mpera y'igihembwe cyangwa y'umwaka hagamijwe cyane cyane kugereranya abana bahabwa imyanya (uwa mbere, uwa kabiri, ...) ntirijyanye n'imiterere y'abana bato kuko bahindagurika umunsi ku

wundi. Isuzuma dusanzwe tumenyereye rigizwe n'ibibazo byateguwe aho umwana asubiza yandika rikwiye kugenerwa umwanya muto cyane mu mashuri y'inshuke.

Inyoborabarezi izafasha abarezi kumenya uburyo bw'isuzuma bukwiye, uko bakurikirana abana umunsi ku wundi n' ibyo bibandaho mu isuzuma rishingiye ku bushobozi.

4.3 Kubika amakuru avuye mu isuzuma

Umurezi ashobora kwandika ibyo abonye byose ku mwana akimara kumusuzuma. Si byiza ko umwana amenya ko arimo gusuzumwa. Amaso y'umurezi aba ari nk'icyuma gifotora. Buri mwana akwiye kugira ububiko yihariye. Ubu bubiko bushobora kuba ifayilo (*file*), cyangwa ikindi cyayisimbura ku buryo amakuru ajyanye n'isuzuma agenda akurikirana ari nako byoroshya isesengura ry'iterambere ry'umwana. Niba bishoboka kandi, umurezi ashobora gufotora ibyo umwana akora, cyangwa uko yitwara byanashoboka hagakorwamo n'akavidewo byose byaterwa n'ubushobozi ishuri rifite.

4.4 Ibyo menye ku mwana mbikoresha iki?

Nyuma yo gukusanya amakuru ku mwana, umurezi ayasuzuma yitonze, areba aho umwana ageze, ibyo umwana amaze kumenya gukora, ibyo atangiye gukora, akabiheraho ategura ibyo abona ko agikeneye kwiga. Aganira n'ababyeyi abagaragariza ibyavuye mu isuzuma kandi akabasaba ubufatanye aho biri ngombwa. Ibivuye mu isuzuma kandi bifasha umurezi kumenya imbogamizi abana bafite mu myigire, akamenya ibyo yahindura mu rwego rwo kunoza imyigire n'imyigishirize. Ni muri urwo rwego kandi, ashobora gutegura

ibikorwa byafasha abana bakiri inyuma, akanatanga ibyifuzo byo guhindura ibikorwa byateganyijwe mu nteganyanyigisho ashingiye ku makuru afatika.

5. IBIZAKENERWA MU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO

❖ Abarezi bafite ubushobozi

Umurezi w'abana bato akwiye:

- Kuba arangwa n'urukundo n'urugwiro agaragariza abana bato;
- Kuba arangwa n'indangagaciro zo mu muco nyarwanda ku buryo abana bamwigana mu byo abatoza,
- Kugira igitsure kirera kidahamurira abana;
- Kuba yarize cyangwa yarabonye amahugurwa mu byerekeranye n'imbonezamikurire y'abana bato; akaba afite ubumenyi mu mbonezamikurire y'abana muri rusange.

❖ Uruhare rw'ababyeyi

Iyi nteganyagisho yuzuzanya n'igenewe ababyeyi n'abandi bita ku bana kuva umwana agisamwa kugera yujuje imyaka itatu, ubwo ubwonko bw'umwana buba bukura vuba cyane. Uruhare rw'ababyeyi mbere y'uko atangira amashuri y'inshuke ni ingenzi. Koko rero, ni bo bashinzwe mbere na mbere guha umwana indyo yuzuye, kumukingiza indwara, kumukangurira ibyumviro, no kumwubakamo indangagaciro zishimangirwa ahanini n'urugero rwiza bamuha, bamutoza kuvuga neza, isuku n'ikinyabupfura. Ababyeyi rero bagomba gukomeza kwita ku mwana n'iyo atangiye ishuri ry'inshuke kugira ngo hatagira igihungabana muri za serivisi amenyereye guhabwa zikomatanijwe, bafatanyaga n'abarezi mu burere bw'umwana wabo umunsi ku wundi.

6. INTEGANYANYIGISHO

6.1. IBYIGWA MU MASHURI Y'INSHUKE N'IMITERERE Y'INTEGANYANYIGISHO

Ibyigwa mu mashuri y'inshuke byagenwe hakurikijwe imiterere y'umwana mu byiciro binyuranye by'imikurire ye, uko abona ibimukikije, n'uburyo yigamo. Hashingiwe kandi ku bisanzwe mu nteganyanyigisho ikoreshwa mu mashuri guhera muri 2007 ndetse n'ibyigishwa mu mashuri y'inshuke yo mu bindi bihugu. Ikindi cyitaweho mu kugena ibi byigwa, ni uguhuza ubushobozi busoza ikiciro cy'uburezi bw'inshuke n'intangiranwa z'ingenzi zikenewe mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza kugira ngo abana bazatangire biteguye uko bikwiye.

Iyi nteganyanyigisho igenewe abana b'inshuke kuva ku myaka 3 kugeza ku myaka 6 igaragaza ibyigwa/inyigisho biri mu ngeri esheshatu zikurikira:

- Ubumenyi bw'ibidukikije
- Imibare
- Indimi: Ikinyarwanda
- Indimi: icyongereza
- Ubugeni n'umuco
- Ibonezabuzima
- Iterambere mu mbamutima no mu mibanire n'abandi

Ibyigwa bikubiye mu ngingo nsanganyamasomo zita ku bibazo byihariye (*Crosscutting issues*) kimwe n'iyobokamana byinjijwe mu byigwa byavuzwe haruguru hagamijwe gufasha abana bato gukurana imyitwarire iboneye mu birebana n'umuco w'amahoro, kwita ku bidukikije, uburinganire bw'ibitsina byombi, uburezi budaheza, ubuzima bw'imyororokere, n'icungamutungo n'uburere mboneramana.

Buri cyigwa/nyigisho kigaragaza ubushobozi umwana azaba agaragaza igihe azaba arangije ikicro cy'Inshuke; ibiteganyijwe muri buri mutwe ku buryo burambuye kuri buri mwaka n'imfashanyigisho zizakenerwa.

Buri mutwe ugaragaza ibi bikurikira:

- a) Inyito y'umutwe
- b) Igihe umutwe uzamara:

Mu burezi bw'inshuke ntibyoroshye kugena umubare w'amasaha umutwe runaka uzamara kugira ngo uwiga abe arangwa n'ubushobozi ategerejweho. Koko rero mu myigishirize ishingiyeye ku nsanganyamatsiko no ku bwuzuzanye hagati y'imitwe hatitawe ku nyigisho, ubushobozi butegerejwe mu mutwe runaka bugerwaho indi mitwe yo mu zindi nyigisho ibigizemo uruhare. Igikorwa kimwe gishobora guteza imbere ubushobozi bunyuranye. Kubera icyo mpamvu, igihe cyagenwe hakoreshejwe ibyumweru aho kuba umubare w'amasomo nko mu bindi byiciro by'uburezi. Hari aho usanga umutwe umwe uzamara umwaka wose ariko hagenda hahinduka insanganyamatsiko ari na yo itanga isura nyayo y'icyigwa. Indi mitwe mu byigwa binyuranye yagiye igenerwa igihe hashingiwe ku buremere bw'ibigwa aho gushingira ku nsanganyamatsiko, aho usanga igihe giteganyijwe gishobora kuva ku mwaka kikagera ku cyumweru kimwe.

- c) Ubushobozi umwana azagaragaza umutwe urangiye. Ubu bushobozi bwubakira ku bumenyi umwana agenda yunguka buhoro buhoro bugaragarira mu bumenyingiro (iby ashobora gukora) ndetse no mu bukesha ari yo myitwarire, byose binyuze mu bikorwa biteganyirijwe umwana ndetse n’ibyo yihitiyemo, akorera hanze no mu ishuri.
- d) Ingingo z’ingenzi zigize icyigwa
- e) Ingero z’ibikorwa abana bazakora kugira ngo bagere ku bushobozi bugamijwe;
- f) Ihuriro ry’umutwe n’ibindi byigwa
- g) Imfashanyigisho zizakenerwa;
- h) Ingingo ngenderwaho abarezi bazashingiraho mu isuzuma
- i) Uruhare rw’ababyeyi kugira ngo umwana agere ku bushobozi ategerejweho.

Muri rusange iyi nteganyanyigisho igizwe n’imitwe 142 ikubiye mu byigwa ku buryo bukurikira:

Ikigwa	Imitwe			
	Umwaka wa 1 w’Inshuke	Umwaka wa 2 w’Inshuke	Umwaka wa 3 w’Inshuke	Igiteranyo
1. Ibidukikije	16	19	19	54
2. Imibare	6	8	9	23
3. Ikinyarwanda	4	4	5	13
4. icyongereza	3	2	5	10
5. Ibonezabuzima	6	6	6	18
6. Ubugeni n’umuco	6	6	6	18
7. Iterambere mu mibanire n’abandi n’imbamutima	6			6
Igiteranyo				142

6.2. UBUMENYI BW'IBIDUKIKIJE

6.2.1 Ubushobozi bw'umwana urangije ikicro cy'inshuke

Ubusanzwe abana b'inshuke barangwa n'amatsiko menshi ku bintu binyuranye bahura na byo mu buzima bwabo bwa buri muni. Bakunze kubaza ibibazo byinshi bagira bati: "Iki ni iki? Kimara iki? Cyavuye he? Aha ni kwa nde? Integanyanyigisho y'Ubumenyi bw'ibidukikije ikubiyemo ubumenyi umwana muto akeneye ngo agende ashira amatsiko buhoro buhoro ari na ko asobanukirwa n'isi atuyeho. Ibi bizatuma akurana imyitwarire ikwiye irinda ubuzima bwe n'ubw'abandi, agira uruhare mu kwita no kubungabunga ibidukikije. Iyi nteganyanyigisho ikubiyemo ubumenyi burebana n'abantu n'aho batuye, ibimera, ibisimba, ibidukikije kamere ndetse n'ibyakoze na muntu.

Mu birebana n'ubumenyi bw'ibidukikije, umwana urangije ikicro cy'amashuri y'inshuke azaba ashobora:

- Kugaragaza ko yiyizi nk'umuntu mu muryango we kandi ko yumva ko abantu n'imiryango bagira byinshi baturiraho n'ubwo habaho n'ibibatandukanya;
- Gufata umubiri we neza awugirira isuku, afata indyo yuzuye kandi agira uruhare mu kwirinda indwara no kuzirinda abandi;
- Kugaragaza ko asobanukiwe n' ibimera, ibisimba , ibidukikije kamere ndetse n'ibyakoze na muntu biranga umudugudu atuyemo agira uruhare mu kubyitaho, kubibungabunga no kubana na byo, ashimira Imana ku byo yaremye;
- Kugaragaza ko asobanukiwe n'ibikorera mu mudugudu atuyemo n'akamaro bifite mu iterambere ry' abaturage bawutuye;
- Kugereranya ibintu akurikije igihe byakorewe bimufasha kumenya ko hari itandukaniro hagati y'igihe turimo n'icyahise; Gusobanura ibyo abona ku ikarita yoroheje igaragaza urugo, ishuri n'inzira ibihuza ndetse n'ibindi bintu bikikije aha hantu hombi;

- Gutandukanya ibihe by’umunsi akurikije imiterere y’ikirere, no guhindura imyitwarire ye akurikije imihindukire y’ikirere. urugero: ubushyuhe, ubukonje, izuba, imvura.

6.2.2. Integanyanyigisho y’Umwaka wa mbere w’inshuke – Ubumenyi bw’ibidukikije

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N’AHO BATUYE			INYIGISHO: UMURYANGO WANJYE: JYEWE	
Umwaka wa 1 (imyaka 3-4): Ubumenyi bw’ibidukikije			Umutwe wa 1: Kwivuga umwirondoro	Igihe: Ibyumweru 4
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga umwirondoro wabo mu ruhame mu ijwi ryumvikana; no kugaragaza ko Imana yaremye umuntu ikamuha ubushobozi bwinshi.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by’abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	- Umwirondoro w’umwana: amazina ye, igitsina cye, n’imyaka ye; amazina y’ababyeyi be.	- Abana bose bitegereza igishushanyo kiriho umwana uri kumwe n’ababyeyi be; - Abana batega amatwi umurezi igihe abaha urugero rwo kuvuga umwirondoro; - Abana bibwirana mu matsinda mato bakurikije urugero rw’umurezi; - Buri mwana ahabwa umwanya akibwira bagenzi be amazina ye, imyaka ye, amazina y’ababyeyi be, avuga niba ari umuhungu cyangwa umukobwa; - Bagenzi be baramushimira, na we akicara; - Imikino ifasha abana kuvuga imyirondoro yabo: urugero: <i>“uribuka amazina?”</i>
- Kuvuga amazina ye n’ay’ababyeyi ; - Kuvuga imyaka ye; - Kuvuga igitsina cye.	- Kuvuga amazina ye, imyaka ye, amazina y’ababyeyi be n’ igitsina cye ku buryo bagenzi be bari kumwe mu ishuri babasha kubisubiramo; - Gutandukanya abantu ashingiye ku gitsina: abakobwa n’abahungu, abagabo n’abagore.	- Kwigirira icyizere; - Gutega amatwi bagenzi be; - Kwiyumvisha ko habaho ibitsina bibiri: igitsina gabo n’igitsinagore; - Kubaha ababyeyi; - Gushimira Imana kubera ko yamuremye ikamuha ababyeyi n’abavandimwe.		

Ihuriro n'ibindi byigwa: *Ikinyarwanda: Kunoza imvugo bibwira bagenzi babo, no gutega amatwi uvuga. Imibare: Kuvuga imyaka yabo. Iterambere mu mibanire n'abandi: Kwishimira kumenya amazina ya bagenzi babo. Kubaha ababaruta mu myaka ndetse no kubahana hagati y'ibitsina byombi*

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: *Ubushobozi bwo kuvuga mu buryo bwumvikana amazina yabo, igitsina cyabo n'imyaka yabo imbere ya bagenzi babo.*

Imfashanyigisho: *Igishushanyo kiriho umwana uri kumwe n'ababyeyi be; impapuro zishushanyijeho abana b'abahungu n'abakobwa; ibipupe bikoze mu myenda biganira hagati yabyo*

Uruhare rw'ababyeyi: *Kuganiriza abana mu rugo babatoza kuvuga amazina yabo, imyaka yabo n'amazina y'ababyeyi babo, gutoza abana gusenga.*

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N’AHO BATUYE		INYIGISHO: UMUBIRI WANJYE		
Umwaka wa 1 (imyaka 3-4): Ubumenyi bw’ibidukikije		Umutwe wa 2 : Ibice by’ingenzi bigize umubiri w’umuntu		Igihe: Ibyumweru 3
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku bice by’ingenzi bigize umubiri w’umuntu bagaragaza ibyo babona kuri ibyo bice, akamaro kabyo, no gushimira Imana yaremye umuntu.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by’abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
- Kuvuga ibice by’ingenzi bigize umubiri w’umuntu	- Kwerekana ibice by’ingenzi bigize umubiri w’umuntu; - Gutahura akamaro ka buri gice cy’umubiri; - Gutahura zimwe mu mpamvu zatuma umuntu atagira ibice byose by’umubiri	- Kwiyumvisha ko ibice by’ingenzi by’umubiri byuzuzanya; - Gufata neza umubiri we; - Kwitwararika yirinda impanuka; - Kubaha abantu bafite ubumuga; - Gushimira Imana yaremye umuntu imuha ibice by’umubiri byuzuzanya .	- Ibice by’ingenzi bigize umubiri w’umuntu n’akamaro kabyo: umutwe, igihimba, amaboko n’amaguru; - Imana yaremye imibiri yacu mu buryo butangaje kandi bufite umwihariko kuri buri wese.	- Abana bitegereza igishushanyo cy’umuntu kigaragaza neza ibice by’ingenzi by’umubiri w’umuntu; - Buri mwana yerekana ibice by’ingenzi kuri we ubwe, akavuga izina rya buri gice n’akamaro kacyo; - Abana batega amatwi inkuru y’umuntu wagize impanuka mu bwana bwe agacika ukuguru cyangwa ukuboko ariko ntibimubuze kwiga kugeza muri Kaminuza, ku buryo ubu ari umuntu washoboye kwiteza imbere; - Bahereye ku nkuru batahura ko hari igihe umuntu ashobora kubaho adafite ingingo zose ariko ntibimubuze gukomeza ubuzima; - Bafashijwe n’umurezi , abana baganira ku zindi mpamvu zishobora gutera ubumuga (ubumuga buvukanwa, ubuterwa n’indwara ...); - Bahereye ku nkuru, abana batahura ubwuzuzanye bw’ibice bigize umubiri w’umuntu (ukwigamba kwa buri gice kigize umubiri); - Imikino ifasha abana kugaragaza bimwe mu bice by’umubiri: “ <i>urugero: umutwe, urutugu, amaboko, amavi</i> ”; - Indirimbo: “ <i>Imana yampaye amaso ...</i> ”

Ihuriro n'ibindi byigwa: ***Ibonezabuzima:*** Biga ku bice by'ingenzi by'umubiri, ***Ikinyarwanda:*** Bunguka amagambo mashya ajoyanye n'amazina y'ibice by'ingenzi by'umubiri; kunoza imvugo berekana ibice by'ingenzi banabivuga amazina.

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo kuvuga ku bice by'ingenzi bigize umubiri w'umuntu n'akamaro kabyo.

Imfashanyigisho: Ibishushanyo n'amafoto bigaragaza ibice by'ingenzi by'umubiri w'umuntu

Uruhare rw'ababyeyi: Kuganiriza abana ku bice by'ingenzi bigize umubiri w'umuntu, gutoza abana gushimira Imana uko yabaremye.

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N’AHO BATUYE			INYIGISHO: UMURYANGO WANJYE	
Umwaka wa 1 (imyaka 3-4): Ubumenyi bw’ibidukikije			Umutwe wa 3: Umuryango wanjye muto	
Igihe: Ibyumweru 2				
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku bagize umuryango wabo muto, isano bafitanye, n’uruhare rwa buri wese mu mibereho myiza y’umuryango.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by’abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	<ul style="list-style-type: none"> - Abagize umuryango muto: data, mama, abana; - Isano n’abagize umuryango: ababyeyi, abavandimwe; - Amatsinda mu bagize umuryango muto: ab’igitsina gore, n’ab’igitsina gabo; abakuru n’abato; - Ubufatanye bw’abagize umuryango; - Ijambo ry’Imana rivuga ku nshingano z’abagize umuryango. 	<ul style="list-style-type: none"> - Mu matsinda, abana bitegereza amashusho y’umuryango muto. Abana bavugaga abantu babona ku mashusho, ibibaranga, n’isano bafitanye; - Mu matsinda mato, abana babwirana amazina y’abagize umuryango wabo, ab’igitsina gore n’ab’igitsina gabo, bakuru be na barumuna be; - Abana bakina agakino kajyanye n’abagize umuryango muto berekana uruhare rwa buri wese mu mibereho y’umuryango; - Buri mwana ashushanya abagize umuryango we na we yishyizemo uko abishoboye; - Kuririmba indirimbo no kuvuga imivugo ivuga ku bagize umuryango.
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amazina y’abagize umuryango; - Kuvuga isano afitanye n’abagize umuryango we muto. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gushyira mu matsinda abagize umuryango muto akurikije isano afitanye na bo, igitsina cyabo, abamuruta n’abo aruta; - Kwerekana uruhare rwa buri wese mu mibereho y’umuryango; - Gutahura impamvu zatumye ababwo imiryango ituzuye. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kubaha ababyeyi n’abavandimwe; - Kumva uruhare rwa buri muntu ugize umuryango mu mibereho myiza yawo; - Kugaragaza umuco wo gukorera hamwe mu muryango; - Kubaha no gufasha abamukuriye muri rusange 		
Ihuriro n’ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n’amazina y’abagize umuryango n’ibibaranga; Iterambere mu</i>				

mibanire n'abandi n'imbamutima: baganira ku bagize umuryango bagaragaza amarangamutima mu mibanire n'abagize umuryango; Imibare: Gushyira mu matsinda abagize umuryango muto.

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: *ubushozi bwo kuvuga abagize umuryango muto, isano iri hagati yabo, n'imirimo buri wese ashinzwe.*

Imfashanyigisho: *Amashusho ku mpapuro no mu bitabo y'abagize umuryango muto, imyambaro igaragaza abagize umuryango.*

Uruhare rw'ababyeyi: *Kubwira abana amazina y'abagize umuryango wabo; gutoza abana kubahana, gufashanya mu muryango no gusenga bashimira Imana umuryango yabahaye.*

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N’AHO BATUYE			INYIGISHO: UMURYANGO WANJYE	
Umwaka wa 1 (imyaka 3-4): Ubumenyi bw’ibidukikije			Umutwe wa 4 : Iwacu mu rugo	Igihe: Iyumweru 2
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya ibice bigize urugo no kuvuga akamaro ka buri gice cy’urugo .				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by’abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	- Ibice by’ingenzi bigize iwacu mu rugo: Irembo, urugo/ imbuga, inzu, igikari; akamaro kabyo.	<ul style="list-style-type: none"> - Bayobowe n’umurezi, abana baganira ku byo basanga mu rugo iwabo; - Abana bitegereza mu matsinda ibishushanyo by’urugo; - Abana baganira ku bice by’urugo babona no ku kamaro ka buri gice; - Abana baganira mu matsinda ku bice bitandukanye by’urugo bavuga ibikorwa bihakorerwa; - Abana bakina imikino yerekana ibikorwa mu bice binyuranye by’urugo; - Abana bashushanya/babumba urugo bagaragaza ibice bitandukanye n’ibihakorerwa; - Abana bashobora no kwifashisha ibikoresho bifatika bubaka bakerekana ibice binyuranye byo mu rugo; - Abana bahuza bimwe mu bice by’urugo n’ibihakorerwa.
<ul style="list-style-type: none"> - Kurondora ibice bigize urugo; - Kuvuga bimwe mu bikoresho bigaragara mu bice bitandukanye by’urugo. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga akamaro ka buri gice kigize urugo; - Gushyira ibikoresho mu mwanya wabyo no kubirinda kononekara. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugira isuku iwacu mu rugo; - Kugumisha ibikoresho mu mwanya byagenewe; - Gukoresha buri gikoresho icyo cyagenewe; - Gukunda iwabo 		
<p>Ihuriro n’ibindi byigwa: <i><u>Ikinyarwanda</u></i> : amagambo mashya ajyanye n’ibice byo mu rugo; kunoza imvugo bavuga ku kamaro ka buri gice kigize urugo; <i><u>Ubugeni n’umuco</u></i>: bashushanya/babumba ibikoresho binyuranye byo mu rugo; <i><u>Ibonezabuzima</u></i>: bavuga ku isuku no gufata neza ibice by’urugo;</p>				

Ibingenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo gutandukanya ibice bigize urugo n'akamaro ka buri gice n'uburyo bigirirwa isuku.

Imfashanyigisho: Igishushanyo cy'urugo kigaragaza ibice bitandukanye by'urugo.

Uruhare rw'ababyeyi: gusobanurira abana ibice bitandukanye byo mu rugo, gutoza abana kugira isuku mu rugo.

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N’AHO BATUYE			INYIGISHO: IBIRIBWA N’IBINYOBWA	
Umwaka wa 1 (imyaka 3-4): Ubumenyi bw’ibidukikije			Umutwe wa 5: Ibiribwa n’ibinyobwa biboneka iwacu	Igihe: Iyumweru 4
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya amoko y’ibiribwa n’ibinyobwa biboneka aho batuye, kubigirira isuku no gushimira Imana yabiremye.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by’abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	<ul style="list-style-type: none"> - Ibiribwa biboneka iwacu: ibishyimbo, ibijumba, ibirayi, inyanya, amashaza, ibitoki, umuceri, imineke, avoka, dodo, ibigori, amagi, inyama, amafi... - Ibinyobwa biboneka iwacu: amazi, icyayi, igikoma, amata, umutobe, ikigage, urwagwa, byeri, ... - Imana ni yo yaremye amazi, ibisimba n’ibimera bikomokaho ibiribwa byose - Imana ikuza ibiribwa biturutse ku rubuto rumwe 	<ul style="list-style-type: none"> - Abana bitegereza ibiribwa n’ibinyobwa bitandukanye, bakavuga amazina yabyo n’ikindi baba babibonaho, cyangwa babiziho; - Buri mwana ahabwa umwanya akabwira abandi ibiribwa n’ibinyobwa akunda; - Umwana umwe umwe yerekana ikiribwa cyangwa ikinyobwa avuga izina ryacyo. - Abana bitegereza uko umurezi akora isuku y’ibiribwa bimwe na bimwe bakanaganira ku kamaro k’isuku y’ibiribwa n’ibinyobwa. - Buri wese ashushanya bimwe mu biribwa akabisiga amabara (urugero: avoka, inyanya, ibishyimbo...) - Mu matsinda mato, abana bavangura ibinyobwa bisindisha n’ibidasindisha bifashishije amashusho cyangwa ibintu bifatika. - Abana bose baririmba indirimbo ivuga ku biribwa no ku binyobwa. - Gutega amatwi Ijambo ry’Imana rivuga ku iremwa ry’ibintu
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amazina y’ibiribwa n’ibinyobwa biboneka aho batuye. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvangura ibiribwa n’inyobwa abishyira mu matsinda. - Gutandukanya ibinyobwa bisindisha n’ibidasindisha 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugirira isuku ibiribwa n’ibinyobwa. - Kutangiza ibiribwa. - Kwiyumvisha ko ibiribwa byuzuzanya, akarya adatoranije. - Kwirinda ibinyobwa bisindisha - Gushima Imana yaremye ibiribwa n’ibinyobwa bitandukanye - Gusenga mbere yo gufata amafunguro 		

<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: <u>Ikinyarwanda:</u> Inyunguramagambo bavuga amazina y'ibiribwa n'ibinyobwa no kunoza imvugo babiganiraho</p> <p><u>Ibonezabuzima:</u> baganira no ku isuku y'ibiribwa n'akamaro bifitiye umubiri; <u>Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima:</u> Bavuga ibyo bakunda kurusha ibindi mu biribwa n'ibinyobwa; <u>Ubugeni n'umuco:</u> bashushanya bimwe mu biribwa.</p> <p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo kuvuga amoko y'ibiribwa n'ibinyobwa biboneka iwabo n'isuku yabyo.</p> <p>Imfashanyigisho: Amoko atandukanye y'ibiribwa n'ibinyobwa biboneka iwabo; amazi n'ibesani.</p> <p>Uruhare rw'ababyeyi: Kuganira n'abana ku biribwa n'ibinyobwa bitandukanye bafite iwabo, isuku yabyo ikwiye, kwirinda guha abana ibinyobwa bisindisha; gutoza abana gusenga mbere yo gufata amafunguro.</p>				

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N’AHO BATUYE			INYIGISHO: IBIGO N’IMIRIMO IKORERWA AHO DUTUYE	
Umwaka wa 1 (imyaka 3-4): Ubumenyi bw’ibidukikije			Umutwe wa 6: Ishuri ryanjye	Igihe: Ibyumweru 3
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku bantu, inyubako, ibikoresho, n’ibikorwa babona ku ishuri ryabo.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by’abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga izina ry’ishuri bigaho - Kuvuga izina ry’umuyobozi w’ikigo yigaho - Kuvuga amazina y’abarezi be - Kuvuga amazina y’ibikoresho by’ishuri n’umumaro wabyo 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya abarezi be n’abandi barezi - Gutandukanya ishuri yigamo n’ayandi mashuri; - Gukoresha buri nyubako icyo igenewe - Gukoresha ibikoresho by’ishuri akurikije umumaro wa buri gikoresho 	<ul style="list-style-type: none"> - Kutikubira no gusangira n’abandi - ibikoresho by’ishuri - Gukunda ishuri - Kubaha abarezi na bagenzi be, - Gufata neza ibikoresho by’ishuri - Gushimira Imana yamuhaye abarezi beza - Gusenga mbere na nyuma y’amasomo 	<ul style="list-style-type: none"> - Abantu dusanga ku ishuri: Umuyobozi w’ikigo, abarezi, abanyeshuri, n’abandi bakozi. - Amazu agize ishuri: ibiro by’umuyobozi w’ikigo, ibyumba by’amashuri, ububiko bw’ibikoresho, ubwiherero - Ikibuga cyo gukiniramo. - Ibikoresho dusanga mu ishuri: ameza, intebe, utubati, ikibaho n’ingwa, amashusho, ibikinisho, amakaye n’amakaramu, ibitabo... 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutembera mu kigo cy’ishuri bitegereza ibikigize: uruzitiro, ubwiherero, amashuri, ibibuga,.. - Abana basura amashuri yo mu cyiciro cyabo bareba abarezi bayigishamo; - Mu matsinda mato basura ibiro by’umuyobozi w’ikigo. - Mu matsinda mato, abana bitegereza ibikoresho binyuranye biri mu ishuri ryabo, bakaganira ku kamaro kabyo. - Indirimbo zivuga ku ishuri ryabo - Gushushanya no gusiga amabara ishuri n’ibirigize.
<p>Ihuriro n’ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda:</i> Amagambo mashya y’abantu, ahantu n’ibikoresho; imvugo inoze bavuga ibyo babonye.</p> <p><i>Iterambere mu mibanire n’abandi n’imbamutima:</i> Kugaragaza ko bishimira kuja ku ishuri no gusangira n’abandi ibikoresho by’ishuri.</p> <p><i>Ibonezabuzima:</i> Gukoresha neza ubwiherero, gukaraba nyuma yo gukoresha ubwiherero</p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo gutandukanya abarezi be n’abandi, ishuri rye n’ayandi; kuvuga ibikoresho asanga mu ishuri rye n’umumaro wabyo; gukoresha inyubako icyo zagenewe.</p>				

Imfashanyigisho: Abantu, inyubako n'ibikoresho biboneka mu kigo; amashusho y'ishuri n'ibirigize byose.			
Uruhare rw'ababyeyi: Gutega amatwi no kuganiriza abana ku byo babona ku ishuri; kugira uruhare mu kubakundisha ishuri.			
IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N' AHO BATUYE		INYIGISHO: IBIGO N'IMIRIMO IKORERWA AHO DUTUYE	
Umwaka wa 1 (imyaka 3-4): Ubumenyi bw'ibidukikije		Umutwe wa 7: Urusengero	Igihe: Ibyumweru 2
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku bantu, ibikoresho, n'ibikorwa babona mu nsengero z'aho batuye.			
Intego			Icyigwa
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Ibikorwa by'abana
- Kuvuga ku bantu, ibikoresho, n'ibikorwa dusanga mu rusengero	- Kugaragaza inshingano z'abantu dusanga ku rusengero; - Kugaragaza umumaro w'ibikoresho bakunze kubona ku rusengero	- Gukunda no kubaha Imana hamwe n'ibyo yaremeye byose. - Kwishimira gufasha no gukorana n'abandi mu rusengero. - Kwiyumvisha ko abantu basengera ahantu hanyuranye ariko ko bose bemera Imana.	- Abantu dusanga mu nsengero: abayobozi (Padiri, Pasitori, Shehe); abaririmbyi, abasomyi, abadiyakoni, abahereza, abayoboze. - Ibikoresho dusanga mu rusengero: ibitabo bitagatifu (Bibiriya, Korowani, ibitabo by'indirimo); ibimenyetso ndangakwemera - Ibikorwa mu rusengero: Gusenga Imana, kuririmbira Imana - Iminsi basengeraho
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda:</i> Amagambo mashya yerekeye ku bantu n'ibikoresho biboneka mu rusengero; imvugo inoze baganira ku rusengero rwabo n'ibihakorerwa. <i>Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima:</i> baganira ku bibashimisha ku rusengero.			
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo kuvuga insengero zitandukanye; abantu, ibikoresho, n'ibikorwa babona mu nsengero, iminsi, amadini atandukanye asengeraho			
Imfashanyigisho: Umusaraba, Bibiliya, Korowani, ibitabo by'indirimo, ishapore, ingoma, buji, igitambaro, indabo, ibinyuguri, ...			

Uruhare rw'ababyeyi: Gutoza abana gusenga no kubajyana ku rusengero.

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N' AHO BATUYE		INYIGISHO: UBURYO BWO GUTWARA ABANTU N'IBINTU		
Umwaka wa 1 (imyaka 3-4): Ubumenyi bw'ibidukikije		Umutwe wa 8: Uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu ku butaka		Igihe: Ibyumweru 2
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu ku butaka no gukoresha umuhanda neza.				
Intego		Icyigwa	Ibikorwa by'abana	
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Gutwara abantu n'ibintu ku butaka:	
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu ku butaka - Kuvuga amazina y'ibinyabiziga bigendera ku butaka 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu ku butaka akunze kubona aho atuye - Gukoresha neza umuhanda 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwirinda gukinira mu muhanda - Kwitonda mbere yo kwambuka umuhanda - Gushimira Imana yahaye abantu ubwenge bwo kwikorera ibikoresho bakeneye 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugenda n'amaguru; kwikorera imitwari; guheka abana; guheka abantu barwaye mu ngobyi - Kugendera no gutwara ibintu ku igare, ku ipikipiki, mu modoka, ingorofani, ... 	<ul style="list-style-type: none"> - Abana bose bitegereza amashusho agaragaza uburyo butandukanye bwo gutwara abantu n'ibintu ku butaka bakunze kubona aho batuye. - Abana bose bakora urugendo-shuri ku muhanda wegereye ikigo bakitegereza uburyo butandukanye bwo gutwara abantu n'ibintu - Bafashijwe n'umurezi, abana baganira ku byo babonye n'imyitwarire iboneye mu gukoresha umuhanda. - Buri mwana ashushanya mu bwisanzure bimwe mu binyabiziga, akabisiga ibara maze agasobanurira bagenzi be ibyo yashushanyije. - Abana batega amatwi ikiganiro kigaragaza ubwenge n'ubushobozi Imana yahaye umuntu bwo gukora ibinyabiziga bimufasha gutwara abantu n'ibintu. - Imikino bakina bigana abatwaye ibinyabiziga

<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda:</i> amagambo mashya arebana n'uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu ku butaka.</p>				
<p><i>Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima:</i> Baganira ku buryo bwo gutwara abantu n'ibintu ku butaka; <i>Ubugeni n'umuco:</i> Bashushanya ibinyabiziga bakabisiga amabara. <i>Ibonezabuzima:</i> Gukina biruka bigana abatwaye ibinyabiziga bitandukanye.</p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo kuvuga uburyo butandukanye bwo gutwara abantu n'ibintu ku butaka; ubushobozi bwo gushushanya ibinyabiziga bigendera ku butaka.</p>				
<p>Imfashanyigisho: Amashusho n'ibikinisho bigaragaza uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu ku butaka.</p>				
<p>Uruhare rw'ababyeyi: Gutoza abana gukoresha umuhanda bubahiriza amategeko awugenga.</p>				

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N’AHO BATUYE			INYIGISHO: UBURYO BW’ITUMANAHO	
Umwaka wa 1 (imyaka 3-4) Ubumenyi bw’ibidukikije			9: Uburyo bw’itumanaho bukunze gukoreshwa	Igihe: Ibyumweru 2
Imbumba y’ubushobozi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya uburyo bw’itumanaho bukoreshwa aho batuye.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwaby’abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Uburyo bw’itumanaho buboneka aho batuye: Telefone, radiyo , Televiziyo,	<ul style="list-style-type: none"> - Gukina agakino kagaragaza itumanaho n’akamaro karyo. - Kwitegereza ibikoresho by’itumanaho cyangwa amashusho yabyo kuvuga izina rya buri gikoresho. - Buri wese avuga ibikoresho byifashishwa mu itumanaho abona iwabo n’ibyo azi gukoresha - Mu matsinda abana baganira ku mikoreshereze iboneye y’ibikoresho by’itumanaho. - Mu matsinda abana bakina bigana uburyo
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amazina y’ibikoresho by’itumanaho bikoreshwa aho batuye. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura uburyo bw’itumanaho bukoreshwa aho batuye. - Gukoresha igikoresho cy’itumanaho gikoreshwa mu rugo iwabo 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugira umuco wo kuganira neza - Kuvugisha ukuri badahindura amagambo. - Kubana n’abandi mu mahoro. - Gukoresha neza ibikoresho by’itumanaho. 		

				bunyuranye bw'itumanaho.
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda:</i> amagambo mashya ajyanye n'uburyo bw'itumanaho bukoreshwa aho batuye, imvugo inoze baganira kandi bakina uburyo bw'itumanaho; <i>Iterambere mu mibanire n'abandi, n'imbamutima:</i> bakina mu matsinda bigana uko bigenda mu itumanaho; <i>Imibare:</i> bitegereza imibare ishushanyije ku bikoreho by'itumanaho.				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo kuvuga no gukinisha ibikoreho by'itumanaho mu buryo bukwiye;				
Imfashanyigisho: Amashusho, ibikoreho by'itumanaho binyuranye biboneka aho dutuye.				
Uruhare rw'ababyeyi: Kwereka abana uko ibikoreho by'itumanaho bukoreshwa neza aho kugira ngo bishakishirize babe banabyangiza; kubereka uko byifashishwa iyo bikenewe, kubera abana urugero bavugisha ukuri kuri telefone.				

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N'AHU BATUYE			INYIGISHO: IMINSI MIKURU IJYANYE N'UMUCO	
Umwaka wa 1 (imyaka 3-4): Ubumenyi bw'ibidukikije			Umutwe wa 10: Iminsi mikuru mu muryango	
			Igihe: Ibyumweru 2	
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku minsi mikuru mu muryango bagaragaza ibiranga iminsi mikuru n'imyitwarire ikwiye mu minsi mikuru.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Iminsi mikuru mu muryango	Isabukuru y'amavuko:
-Kuvuga iminsi	-Kugaragaza ibyo bakunze	- Kwishimira - ubuzima no	- Isabukuru y'amavuko	- Mu matsinda mato, abana baganira ku bikorwa ku munsu w'isabukuru y'amavuko: kuririmba, gutanga impano, kubyina.

mikuru bakunze kwizihiza mu muryango no mu baturanyi	kubona mu minsi mikuru yo mu muryango no mu baturanyi.	gusabana n'abandi - Kubaha umwihariko wa buri wese - Gushima ubwiza bw'ibintu - Kugaragaza imyitwarire ikwiye mu minsi mikuru - Guharanira isuku - Gukorera hamwe	- Kubatizwa - Kwita umwana izina - Ubukwe Ibiranga iminsi mikuru: - Abageni - Abantu benshi - Imyambarire - Imitako, imirimbo - Imbyino n'indirimo - Impano - Amazimano - Imyitwarire y'abitabiriye iminsi mikuru	- Umwana wagize isabukuru afata ijamba akavuga amazina ye, n'imyaka yujuje, maze abandi bakamuha amashyi. - Abana bakina agakinamico bagaragaza ibikorwa iyo bizihiza isabukuru y'amavuko. Kwita umwana izina: - Abana baganira ku minsi mikuru yo kwita izina baba baragiyemo. - Abana bose batega amatwi inkuru ivuga ku munsi wo kwita izina nyuma bagasubiza ibibazo bagaragaza ko bumvise ibikorwa biranga uwo munsi. Ubukwe: - Mu matsinda mato, abana baganira ku bukwe baba baratashye cyangwa babonye. Bashobora no kwifashisha amafoto y'ubukwe - Abana bakina mu matsinda umukino w'ubukwe cyangwa indi minsi mikuru bifashishije ibikoreho binyuranye. - Abana bashushanya bagaragaza umunsi mukuru bihitiyemo bakanasobanurira abandi ibyo bashushanyije
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda:</i> Amagambo mashya arebana n'iminsi mikuru mu muryango; kunoza imvugo bavuga ibyo babonye. <i>Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima:</i> Bakina udukino tunyuranye. <i>Imibare:</i> Kuvuga imyaka yujuje.				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo kuvuga ibiranga iminsi mikuru mu muryango.				
Imfashanyigisho: Indirimbo n'ibikoreho binyuranye bijyanye n'iminsi mikuru; amashusho agaragaza iminsi mikuru.				
Uruhare rw'ababyeyi: Kumenyeshya abana itariki bavutseho; kujyana abana mu minsi mikuru no kubatoza imyitwarire ikwiye.				

IMBUMBANYIGISHO: IBINYABUZIMA			INYIGISHO: IBIMERA	
Umwaka wa 1 (imyaka 3-4): Ubumenyi bw'ibidukikije			Umutwe wa 11: Ibimera tubona mu rugo no ku ishuri	Igihe: Ibyumweru 3
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya no kuvuga ku bimera biboneka aho batuye, ku ishuri no gushimira Imana yabiremye.				
Intego			Icyigwa	Ingero z'ibikorwaby'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Ibimera biboneka iwacu:	- Abana bose basura ibimera biboneka ku ishuri mu karima

- Kuvuga amazina y'ibimera bitandukanye biboneka aho batuye	- Gushyira hamwe ibimera bifite icyo bihuriyeho biboneka aho batuye	- Gukunda ibimera no kubyitaho - Kwitondera ibimera bishobora kubateza impanuka - Gushimira Imana yaremye ibimera binyuranye	ibihingwa ngandurarugo, imboga, imbuto, ibiti, ibyatsi, indabo, ... Ibimera byateza impanuka: ibibabana (isusa), ibifite amahwa, ibifite amata	k'igikoni, no mu nkengeri zaryo. Bafashijwe n'umurezi, abana baganira ku bimera babonye no ku bindi bimera babona aho batuye. - Abana bose bitegereza ibimera byateza impanuka biboneka aho batuye bityo bakamenya ko bakwiye kubyirinda: ibimera bibabana, ibifite amahwa, n' ibifite amata. - Mu matsinda mato, abana bakora umwitozo wo kuvangura ibimera binyuranye no gushyira hamwe ibifite icyo bihuriyeho. Buri mwana ashushanya mu bwisanzure bimwe mu bimera yihitanyemo akabisiga ibara kandi agasobanurira abandi icyo yashushanyije. - Ku ishuri no mu rugo, abana bashobora kugira uruhare mu kwita ku bimera: kwirinda gukandagira ibihingwa biri mu murima. - Gutege amatwi Ijambo ry'Imana rivuga ku iremwa ry'ibimera no gusubiza ibibazo ku byo bumvise.
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Amagambo mashya y'ibimera; kunoza imvugo bavuga ibyo babonye. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: Bakora imyitozo yo kuvangura ibimera; Ubugeni n'umuco: Bashushanya bimwe mu bimera bakabisiga ibara. Imibare: Gukora amatsinda y'ibimera. Ibonezabuzima: kuvuga ibimera dukuramo ibyo kurya</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo gutandukanya ibimera biboneka aho batuye no ku ishuri.</i>				
Imfashanyigisho: <i>Ibimera binyuranye babonye aho basuye, udukarita dushushanyijeho ibimera</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Kuganiriza abana ku bimera, akamaro kabyo, kubatoza kubibungabunga no gushimira Imana yabiremye.</i>				
IMBUMBANYIGISHO: IBINYABUZIMA			INYIGISHO: INYAMASWA	
Umwaka wa 1 (imyaka 3-4) : Ubumenyi bw'ibidukikije			Umutwe wa 12: Amatungo	Igihe: Ibyumweru 3
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku matungo aboneka aho batuye bagaragaza bimwe mu biyaranga.				
Intego			Icyigwa	Ingero z'ibikorwaby'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	- Amatungo:	- Bayobowe n'umurezi, abana bavuga

-Kuvuga amazina y'amatungo aboneka aho batuye	-Gutandukanya amatungo aboneka aho batuye -Gushyira hamwe amashusho y'amatungo afite icyo ahuriyeho	- Gukunda no kubungabunga amatungo - Kwiyumvisha ko abantu n'amatungo ari magirirane - Gukorana n'abandi - Kwirinda gushotora amatungo - Gushimira Imana yaremye amatungo.	inka, ihene, intama, inkoko, ingurube, imbwa, injangwe, inkwavu - Aho amatungo aba, ibyo aya n'akamaro kayo.	amatungo batunze iwabo cyangwa ayo babona mu baturanyi. - Mu matsinda mato, abana bitegereza amashusho y'amatungo. Baganira bavuga ku byo bayabonaho, ibyo aya, uko angana (kuba ari mato cyangwa manini), akamaro kayo. - Buri mwana ahabwa umwanya wo kuvuga itungo akunda n'impamvu; itungo atinya asobanura n'impamvu aritinya; - Mu matsinda mato bakora umwitozo wo gushyira hamwe cyangwa guhuza amatungo afite icyo ahuriyeho. Bahabwa umwanya wo gusobanura ibyo bakoze. - Gutega amatwi Ijambo ry'Imana rivuga ku iremwa ry'inyamanswa
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'amatungo n'akamaro kayo, kunoza imvugo bavuga ku matungo n'akamaro kayo; Ibonezabuzima: bavuga ku biribwa n'ibinyobwa biva ku matungo; Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: bavuga amatungo bakunda n'abatera ubwoba n'impamvu. Imibare: gushyira amatungo mu matsinda</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo gutandukanya amatungo n'akamaro ka buri tungo.</i>				
Imfashanyigisho: <i>amakarita ariho amashusho y'amatungo, amashusho n'amafoto by'amatungo.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>kubwira abana amazina n'akamaro by'amatungo; kubuza abana gushotora amatungo; gusubiza ibibazo abana babaza ku matungo no kubatoza gusenga bashimira Imana yaremye amatungo.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: IBIDUKIKIJE KAMERE N'IBYAKOZWE NA MUNTU		INYIGISHO: AMAZI
Umwaka wa 1 (imyaka 3-4) Ubumenyi bw'ibidukikije:	Umutwe wa 13 : Akamaro k'amazi mu rugo no ku ishuri	Igihe: Ibyumweru 2
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku kamaro k'amazi mu buzima bwa buri munsu no gushimira Imana yaremye amazi.		
Intego	Icyigwa	Ingero z'ibikorwaby'abana

Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	- Akamaro k'amazi: kunywa, guteka, gukaraba no kwiuhagira, gusukura, kumesa, kuhira ibihingwa - Gutega amatwi Ijambo ry'Imana no kuriganiraho	- Mu matsinda mato, abana bitegereza amashusho yerekana uburyo butandukanye bwo gukoresha amazi. Batahura ko amazi akoreshwa mu buryo bunyuranye: gukaraba, kunywa, kuhira, gusukura ibikoresho, kumesa, guteka, - Bayobowe n'umurezi, abana baganira ku bibazo bigaragara iyo amazi yabuze n'uburyo amazi yakoreshe neza. - Buri munsu abana bagira umwanya wo gukoresha amazi mu bihe binyuranye nko gukaraba intoki bagiye kurya, bavuye mu bwihereho, bahanagura ameza... - Gukina imikino yerekeranye n'amazi: urugero: <i>gusimbuka umugezi; Mu mazi ...ku nkombe; gusuka amazi mu bintu binyuranye</i> - Gutega amatwi Ijambo ry'Imana rivuga ku mazi no kuriganiraho.
-Kuvuga akamaro k'amazi	-Gukoresha neza amazi	- Kwiyumvisha ko amazi ari ngombwa mu ubuzima bwa buri munsu - Kudasesagura amazi - Kwirinda kunywa amazi mabi		
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda:</i> Amagambo mashya ajyanye n'akamaro k'amazi, kunoza imvugo bavuga ku mazi n'akamaro kayo. <i>Ihonezabuzima:</i> Bavuga akamaro k'amazi. <i>Imibare:</i> ubumenyi ku ngero z'ibisukika. <i>Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima:</i> Baganira na bagenzi babo ku byiza by'isuku n'ubuzima bwiza dukeshya amazi.				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo kuvuga ku kamaro k'amazi mu buzima bwa buri munsu n'ibibazo biterwa no kubura kwayo.				
Imfashanyigisho: Amashusho yerekana uburyo bwo gukoresha amazi, ibivomesho, ibidahisho, ibyuhizo n'ibikoresho by'isuku.				
Uruhare rw'ababyeyi: Gutoza abana kunywa amazi meza, guteka amazi, gukaraba no kwiuhagira, gusukura, kumesa, kuhira, no gufata amazi neza, kuyasaranganya no gushimira Imana yaremeye amazi.				
IMBUMBANYIGISHO: IBIDUKIKIJE KAMERE N'IBYAKOZWE NA MUNTU			INYIGISHO: IBITANGA URUMURI	
Umwaka wa 1 (imyaka 3-4): Ubumenyi bw'ibidukikije			Umutwe wa 14: Ibitanga urumuri kamere	Igihe: icyumweru 1
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umwana azaba ashobora kuvuga ku bitanga urumuri karemano.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwaby'abana

Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Kuvuga amazina y'ibitanga urumuri karemano	-Gutandukanya ibitanga urumuri karemano	- Kwishimira akamaro k'urumuri - Gushimira Imana kubera ibitanga urumuri yaremye.	- Ibitanga urumuri karemano: Izuba, Ukwezi, Inyenyeri	- Abana bitegereza amashusho ariho ibitanga urumuri karemano, bakabiganiraho mu matsinda. - Abana bose baririmba indirimbo ivuga ku rumuri n'ibirutanga. Urugero: Dore akazuba keza - Abana bose bavuga imivugo n'inkuru ziyanye n'ibitanga urumuri bitandukanye. - Gusubiza ibibazo ku rumuri n'umwijima bishobotse bagasomerwa ijamba ry'Imana rivuga ku rumuri.
<i>Ihuriro n'ibindi byigwa:</i> <i>Ikinyarwanda:</i> amagambo mashya no kunoza imvugo ijyanye n' ibitanga urumuri karemano; <i>Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima:</i> baganira ku bitanga urumuri byaremwe n'Imana. <i>Ubugeni n'Umucyo:</i> bavuga imivugo, baririmba indirimbo byerekeye ku bitanga urumuri.				
<i>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma:</i> ubushobozi bwo gutandukanya no kuvuga ku bitanga urumuri karemano.				
<i>Imfashanyigisho:</i> ibishushanyo by'ibitanga urumuri karemano.				
<i>Uruhare rw'ababyeyi:</i> kwereka abana ibitanga urumuri karemano no kubaganiriza ku kamaro kabyo.				

IMBUMBANYIGISHO: IBIDUKIKIJE KAMERE N'IBYAKOZWE NA MUNTU	INYIGISHO: IBIHE BY'IKIRERE	
Umwaka wa 1 (imyaka 3-4) Ubumenyi bw'ibidukikije:	Umutwe wa 15: Ibihe n'imiterere yabyo	Igihe: icyumweru 1
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku biranga buri gihe cy'ikirere no kugaragaza imyifatire		

Intego			Icyigwa	Ingero z'ibikorwaby'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Kuvuga amazina y'ibihe bitandukanye by'ikirere	-Gutandukanya ibihe by'ikirere	- Kwifubika igihe hakonje. - Gukuramo umupira igihe hashyushye	Ibihe by'ikirere: - igihe cy'izuba - igihe cy'ubushyuhe - igihe cy'imvura - igihe cy'ubukonje	- Abana bose barasohoka bakitegereza igihe cy'uwo muni, bakakiganiraho bagaragaza uko biyumva n'ibiranga icyo gihe. - Mu matsinda mato, abana bitegereza amafoto yerekana imiterere inyuranye y'ibihe. - Abana baganira ku bindi bihe bidasa n'iby'uwo muni bareba ku bishushanyo bigaragaza ibihe binyuranye. - Mu matsinda mato, abana bitegereza amashusho ajyanye n'imyifatire ikwiye mu bihe by'ikirere bitandukanye, bakayaganiraho. - Abana bose baririmba indirimbo, bakavuga n'imivugo ivuga ku bihe by'ikirere. - Buri mwana avuga uko yakwifata mu gihe runaka.
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda:</i> Amagambo mashya ajyanye n'ibihe n'imyitwarire ikwiye, kunoza imvugo baganira ku bihe n'ihinduka ryabyo; <i>Ibonezabuzima:</i> Mu kuvuga ku ngaruka z'imihindagurikire y'ibihe ku mubiri wacu; <i>Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima:</i> Bavuga ibihe bibanzezeza; <i>Ubugeni n'umuco:</i> Baririmba indirimbo bavuga n'imivugo bivuga ku bihe binyuranye.				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo gutandukanya ibihe by'ikirere n'imyifatire ikwiye ijyanye n'ibihe.				
Imfashanyigisho: Amafoto yerekana imiterere inyuranye y'igihe, amashusho ajyanye n'imyifatire ikwiye ijyanye na buri miterere y'igihe,				
Uruhare rw'ababyeyi: Gutoza umwana imyitwarire irinda ubuzima bwe akurikije imihindagurikire y'ibihe, no guha umwana ibikenewe bijyanye n'iby'ibihe.				
IMBUMBANYIGISHO: IBIDUKIKIJE KAMERE N'IBYAKOZWE NA MUNTU			INYIGISHO: UBUTAKA	
Umwaka wa 1 (imyaka 3-4) Ubumenyi bw'ibidukikije			Umutwe wa 16: Amoko y'ubutaka	Igihe: Icyumweru 1
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku moko y'ubutaka babona aho batuye bagaragaza ibiburanga n'akamaro kabwo.				

Intego		Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	
-Kuvuga amazina y'ubutaka buboneka aho batuye	-Gutandukanya amoko y'ubutaka	- Kwirinda impanuka zaterwa n'imiterere y'ubutaka. - Gukorana n'abandi.	Amoko y'ubutaka n'akamaro kabwo: Igitaka, ibumba, umucanga, urusekabuye Ijambo ry'Imana no kuriganiraho
			- Abana bose bazitegereza, bakorakora ubutaka butandukanye - Mu matsinda mato, abana baganira ku buryo bumvise ubutaka bumeze, ku mwihariko wa buri butaka, no ku kamaro kabwo. - Buri mwana afindura ubwoko bw'ubutaka akorakoye atabureba. - Gutega amatwi Ijambo ry'Imana no gusubiza ibibazo ku byo basomewe.
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'amoko y'ubutaka, kunoza imvugo baganira ku butaka. Ibonezabuzima: bakoresha ibyumviro bitandukanye; iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: bakorera hamwe mu matsinda.</i>			
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>ubushobozi bwo gutandukanya amoko y'ubutaka bavuga ibiburanga n'akamaro kabwo.</i>			
Imfashanyigisho: <i>ubutaka butandukanye, amazi</i>			
Uruhare rw'ababyeyi: <i>kwemerera abana gukinisha no gukinira mu gitaka, mu mucanga no gusenga bashimira Imana ubutaka yaremye.</i>			

6.2.3. Integanyanyigisho y'Umwaka wa kabiri w'inshuke - Ubumenyi bw'ibidukikije

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N'AHU BATUYE	INYIGISHO: UMUBIRI WANJYE	
Ubumenyi bw'ibidukikije:	Umutwe wa 1: Ibyumviro by'umubiri wacu	Igihe: Ibyumweru 4

Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)				
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga akamaro k'ibyumviro by'umubiri wabo, n'uburyo babifata neza.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwaby'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Ibyumviro:	
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibyumviro by'umubiri wabo - Kuvuga uburyo babifata neza. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya ibice by'umubiri bigaragaza ibyumviro bitandukanye. - Gutahura ibintu byatuma ibyumviro bidakora neza 	<ul style="list-style-type: none"> - Kurangwa n'isuku y'umubiri wabo. - Kwirinda ibyakwangiriza ibyumviro byabo - Kubaha abafite ubumuga bwo kutabona cyangwa bwo kutumva - Gushimira Imana kubera ubushobozi yahaye umuntu 	<ul style="list-style-type: none"> - Kubona, - Kumva ukoresheje amatwi, - Kumva ukoresheje uririmi, - Kumva ukoresheje uruhu, - Guhumurirwa Imana yaremye imibiri yacu mu buryo butangaje kandi bufite umwihariko kuri buri wese. 	<p>Kuri buri cyumviro, hakorwa ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Abana bose bitegereza amashusho ariho umuntu bakaganira ku bice by'umubiri bigize icyumviro bagiye kwiga. Abana berekana ku mubiri wabo igice cy'umubiri kigize icyo cyumviro. - Bafashijwe n'umurezi, abana baganira ku isuku ikwiye kugirirwa icyo gice cy'umubiri, n'ibintu byakwangiriza icyo cyumviro kugira ngo babyirinde. - Abana basubiza ibibazo ku nkuru y'umuntu utabona cyangwa utumva washoboye kwiga ubu akaba ari umuntu wifashije. - Abana bakina imikino inyuranye iteza imbere icyumviro runaka - Abana bavugaga imivugo ku kamaro k'icyo cyumviro - Indirimbo ijyanye n'ibyumviro; urugero: "<i>Imana yampaye amaso ...</i>" - Mu bikorwa binyuranye ku ishuri no mu buzima busanzwe, abana bagira umwanya wo guteza imbere ibyumviro byabo
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda:</i> amagambo mashya ajyanye n'icyumviro cy'umubiri bize; <i>Ibonezabuzima</i> basobanura akamaro ko kubungabunga umubiri wabo by'umwihariko icyo cyumviro bagezeho.				
Ibigenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo kuvuga ku kamaro k'icyumviro cy'umubiri bize n'uburyo bagifata neza.				
Imfashanyigisho: Igishushanyo cy'ibice by'umubiri w'umuntu, ibikoresho by'isuku binyuranye.				
Uruhare rw'ababyeyi: Kuganiriza abana ku bice by'umubiri bigize ibyumviro by'umubiri wabo; kwigisha abana uko bigirirwa isuku ibikoresho byifashishwa no kwirinda icyakwangiriza ibyumviro byabo.				

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N’AHO BATUYE	INYIGISHO: UMURYANGO WANJYE	
Umwaka wa 2 (imyaka 4-5) Ubumenyi bw’ibidukikije	Umutwe wa 2: Umuryango mugari	Igihe: Ibyumweru 2

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gukoresha uko bikwiye amagambo aranga amasano y'abantu bo mu muryango mugari wabo kubaha no guha agaciro abagize umuryango.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwaby'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Abagize umuryango mugari:	
-Kuvuga abagize umuryango mugari	-Gusobanura abagize umuryango mugari	- Guha agaciro abagize umuryango - Gukundana no gufashanya - Kubaha abantu bakuze - Kwita ku banyanteye nke - Gushimira Imana kubera umuryango yaduhaye	papa,mama, mukuru, murumuna, sogokuru, nyogokuru. Ubufatanye bw'abagize umuryango	- Abana bose batega amatwi inkuru irimo amasano mu muryango mugari maze bagasubiza ibibazo ku nkuru. - Mu matsinda ya batatu, abana bitegereza amashusho yerekana abagize umuryango mugari. - Buri mwana ahabwa umwanya wo kuvuga ku bantu bo mu muryango mugari we agaragaza isano bafitanye, n'ibindi ashaka kubavugaho. - Abana bakina udukino dutandukanye tujyanye n'imibanire mu muryango, kubaha abantu bakuze, kwita ku banyanteye nke: urugero: <i>Jya kwa mugenzi wawe; nkunda,...</i> - Gutega amatwi no gusubiza ibibazo ku Ijambo ry'Imana rivuga ku mibanire hagati y'abagize umuryango
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'amasano y'abagize umuryango mugari; kunoza imvugo bavuga ku muryango mugari mu dukino. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: bavuga ku muryango mugari; imibare bavuga umubare w'abo bafitanye isano runaka.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo gutandukanya amasano y'abagize umuryango mugari, no kuvuga uburyo bwo kubaha abantu bakuze no kwita ku banyanteye nke.</i>				
Imfashanyigisho: <i>amashusho y'abagize umuryango mugari</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>kubwira abana abagize umuryango mugari wabo, amasano bafitanye, no kubatoza kubaha no kwita ku bakuze n'abanyanteye nke; gutoza abana gusengera umuryango mugari wabo bavuga amasano n'amazina yabo.</i>				
IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N' AHO BATUYE			INYIGISHO: UMURYANGO WANJYE	
Umwaka wa 2 (imyaka 4-5): Ubumenyi bw'ibidukikije			Umutwe wa 3 : Imyambaro	Igihe: Icyumweru 1

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya imyambaro; kugaragaza uruhare rwabo mu isuku yayo no guhitamo imyenda ijyanye n'ibihe.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwaby'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
Kuvuga amazina y'imyambaro	<ul style="list-style-type: none"> - Gushyira imyenda mu matsinda bagendeye ku ngingo bihitiyemo - Kwambara imyenda inyuranye mu gihe gikwiye. - 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya imyenda imeshe n'iyanduye. - Kugirira isuku imyenda. - 	<ul style="list-style-type: none"> - Imyenda y'abana - Imyenda y'abakuru - Isuku y'imyambaro - Imyambaro yambarwa ku zuba, mu mbeho no mu gihe cy'imvura. 	<ul style="list-style-type: none"> - Abana bitegereza imyambaro y'abana n'iy'abakuru (imyambaro ifatika yazanywe mu ishuri). - Mu matsinda mato, abana bitegereza amashusho ariho abantu batandukanye n'imyambaro bambaye ari nako bagenda batahura amazina y'iy'omyambaro. - Mu matsinda mato, abana bashyira hamwe imyambaro ifite icyo ihuriyeho, bagasobanurira abandi icyo bagendeyeho bayishyira hamwe. - Abana bashyira hamwe imyenda hakurikijwe igihe yambarwa. - Abana bashushanya imyenda itandukanye - Abana bakina imikino yigana irebana n'iminsi mikuru n' imyuga itandukanye bambaye imyambaro ijyanye na byo: gukina bigana muganga, abageni, umupolisi,... - Abana bandurura ibyo bakoresheje bakabibika mu mwanya wabyo
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i><u>Ikinyarwanda:</u> amagambo mashya no kunoza imvugo ijyanye n'imyambaro itandukanye; <u>Ubugeni</u> n'umuco: bashushanya imyambaro itandukanye bakayisiga amabara; <u>Ibonezabuzima:</u> bavuga ku isuku y'imyenda yabo; <u>Imibare:</u> Gushyira imyenda mu matsinda</i>				
Ibingenderwaho mu isuzuma: <i>ubushobozi bwo gutandukanya imyambaro; kugaragaza uruhare mu isuku yayo.</i>				
Imfashanyigisho: <i>Imyambaro itandukanye; Ibishushanyo biriho imyambaro y'abana n'abakuru.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>gutoza abana isuku y'imyambaro.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N'AHU BATUYE	INYIGISHO: UMURYANGO WANJYE
---	------------------------------------

Umwaka wa 2 (imyaka 4-5): Ubumenyi bw'ibidukikije		Umutwe wa 4 : Inzu y'iwacu		Igihe: Iyumweru 2
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya ibyumba bigize inzu, akamaro ka buri cyumba cy'inzu n'ibikoresho bihaboneka.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kurondora ibyumba bigize inzu. - Kuvuga bimwe mu bikoreho bigaragara mu byumba bitandukanye by' inzu. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga akamaro ka buri cyumba kigize inzu. - Gushyira ibikoresho mu mwanya wabyo no kubirinda kononekara. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugira isuku iwacu mu rugo - Kugumisha ibikoresho mu mwanya byagenewe. - Gukoresha buri gikoresho icyo cyagenewe - Gukunda iwabo 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibyumba by'ingenzi bigize inzu yacu: uruganiriro, aho barira, aho barara; akamaro kabyo. - Mu nzu ya kijyambere hiyongeraho igikoni, urwiyuhagiriho, n'ubwisherero. - Ibikoresho biboneka mu byumba bitandukanye by'inzu 	<ul style="list-style-type: none"> - Bayobowe n'umurezi, abana baganira ku byo basanga mu nzu iwabo. - Abana bitegereza mu matsinda ibishushanyo by' inzu. Abana bavuga umwe umwe ibice by'inzu babona no ku kamaro ka buri cyumba kimwe n'ibikoresho biboneka. - Abana baganira ku bice bitandukanye by'urugo n'iby'inzu bavuga ibikorwa bihakorerwa, n'ibikoresho bihaboneka kenshi n'ukuntu bifatwa neza ngo bitononekara. - Abana bakina imikino yerekana ibikorwa mu bice binyuranye by'urugo n'inzu. - Abana bashushanya urugo n'inzu bagaragaza ibice bitandukanye n'ibihakorerwa. - Abana bahuza bimwe mu bikoreho n'ibice by'urugo cyangwa inzu ubisangamo basobanura akamaro ka buri gikoresho.
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>ikinyarwanda : amagambo mashya ajyanye n'amazina y'ibyumba, n'ibikoresho biba mu byumba binyuranye , kunoza imvugo bavuga ku kamaro ka buri cyumba ; ubugeni n'umuco: bashushanya ibikoresho binyuranye byo mu nzu; ibonezabuzima: bavuga ku isuku no gufata neza ibyumba n'ibikoresho.</i>				
Ibigenderwaho mu isuzuma: <i>ubushobozi bwo gutandukanya ibyumba bigize inzu n'akamaro ka buri cyumba n'uburyo bigirirwa isuku; gusobanura icyo ibikoresho bigaragara mu nzu bimara n'ukuntu byafatwa neza.</i>				

Imfashanyigisho: Igishushanyo cy'inzu, na bimwe mu bikoresho bigaragara mu byumba by'inzu

Uruhare rw'ababyeyi: gusobanurira abana ibyumba bitandukanye byo mu nzu, ibikoresho bihaboneka, icyo bimara, uko bifatwa neza; gutoza abana kugira isuku mu rugo, gukoresha buri gikoresho icyo cyagenewe no gushyira ibikoresho mu mwanya wabyo.

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N'AHU BATUYE	INYIGISHO: IWACU MU MUDUGUDU	
Umwaka wa 2 (imyaka 4-5) Ubumenyi bw'Ibidukikije	Umutwe wa 5: Umudugudu wacu n'ibintu bihaba	Igihe: Ibyumweru 2
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga umwirondoro wabo bongeyeho izina ry'umudugudu batuyemo n'ibintu bihaba cyangwa bibakikije.		
Intego	Icyigwa	Ibikorwaby'abana

Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	- Kuvuga umwirondoro wongeyemo Izina ry'umudugudu atuyemo - Abaturanyi bacu - Ibintu bidukikije biri mu mudugudu wacu.	- Abana bitegereza ibishushanyo bigaragaza ibintu biboneka mu mudugudu. - Umwe umwe, abana bavuga ibintu biba mu mudugudu wabo - Abana batuye mu mudugudu umwe bavuga ibibakikije biboneka iwabobakabibwira abandi. - Bose hamwe kandi bayobowe n'umurezi, abana berekana ibyo imidugudu yabo ihuriyeho n'ibyaba ari umwihariko w'imidugudu imwe n'imwe. - Mu matsinda y'abana bo mu mudugudu umwe abana baganira ku buryo bwo kwita ku byo bahuriyeho mu mudugudu (urugero: kutangiza ibimera) - Kuririmbira hamwe akaririmbo kajyanye n'umudugudu muri rusange n'ibihaba.
-Kuvuga izina ry'umudugudu wabo, abaturanyi babo n'ibintu biba mu mudugudu wabo.	- Kuvuga ibintu biba mu mudugudu batuyemo - Kwerekana icyaba ari umwihariko w'umudugudu batuyemo	- Kugira uruhare mu kurinda ibidukikije. - Gusobanukirwa nuko ababana basangira byinshi		
<i>Thuriro n'ibindi byigwa:</i> <i>Ikinyarwanda: amagambo mashya ku mazina y'umudugudu we n'imidugudu bagenzi be batuyemo n'ibiboneka muri icyo midugudu itandukanye; kunoza imvugo baganira mu matsinda; Iterambere mu mibanire n'abandi: amenya amazina y'imidugudu yabo, anabatega amatwi, Ubugeni n'Umucyo: baririmba akaririmbo ku mudugudu wabo</i>				
<i>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma:</i> <i>ubushobozi bwo kuvuga umudugudu we, abaturanyi be n'ibiba mu mudugudu we..</i>				
<i>Imfashanyigisho:</i> <i>Ibishushanyo biriho ibintu bitandukanye biboneka mu midugudu</i>				
<i>Uruhare rw'ababyeyi:</i> <i>Kubwira abana umudugudu wabo, abaturanyi babo n'ibintu bihaba; gutoza abana kubungabunga ibidukikije.</i>				
IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N'AHU BATUYE		INYIGISHO: IBIRIBWA N'IBINYOBWA		
Umwaka wa 2 (imyaka 4-5) Ubumenyi bw'ibidukikije		Umutwe wa 6 : Ibiribwa n'ibinyobwa bikomoka ku bimera		Igihe: Ibyumweru 2
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya no gutanga ingero z'ibiribwa n'ibinyobwa binyuranye bikomoka ku bimera.				
Intego		Icyigwa	Ibikorwa by'abana	

Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Kuvuga ibiribwa n'ibinyobwa biva ku bimera	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya amoko y'ibiribwa n'ibinyobwa bikomoka ku bimera - Gushyira ibiribwa mu matsinda ashingiye ku ngingo runaka yahawe cyangwa yihitiyemo 	<ul style="list-style-type: none"> - Guha agaciro ibiribwa n'ibinyobwa mu buzima bw'umuntu - Kwiyumvisha akamaro k'amoko atandukanye y'ibiribwa n'ibinyobwa - Kwita ku bimera - Kwirinda ibinyobwa bisindisha - Kwirinda kuvangura ibiryo kuko byuzuzanya 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibiribwa bikomoka ku bimera: imboga, ibijumba/ (imizi), imbuto - Ibinyobwa bikomoka ku bimera: imitobe, icyayi, ikawa, ikigage, urwagwa, n'ibindi 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora hamwe urugendoshuri ku karima kari hafi y'ishuri bitegereza ibimera bitanga ibiribwa cyangwa ibinyobwa bitandukanye bakaza kubirondora - Kwitegereza hamwe ibiribwa n'ibinyobwa byazanywe mu ishuri bakavuga amazina yabyo; aho bikomoka, akamaro kabyo ku mubiri w'umuntu. Bakora uwo mwitoto no ku biri mu mafoto - Ku biribwa n'ibinyobwa byazanywe mu ishuri, kumva itandukaniro ryabyo bumva uburyohe bwabyo habanje kwitabwa ku isuku yabyo. - Buri mwana ahabwa umwanya wo kuvuga ibinyobwa /ibiribwa akunda kurusha ibindi. - Bafashijwe n'umurezi, abana batahura aho ibiribwa n'ibinyobwa biva; ibinyobwa bisindisha kandi bagakangurirwa kubyirinda. - Kuririmbira hamwe akaririmbo kavuga ku biribwa n'ibinyobwa.
<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda:</i> amagambo mashya no kunoza imvugo ijyanye n'ibiribwa n'ibinyobwa bikomoka ku bimera; Ibonezabuzima: baganira ku moko y'ibiribwa n'ibinyobwa. Umucyo baririmba indirimbo ku biribwa n'ibinyobwa. Imibare: Gushyira ibiribwa mu matsinda; kubara ibiribwa bazanywe mu ishuri cyangwa ibiri ku mashusho.</p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwokurondora amoko y'ibiribwa n'ibinyobwa bikomoka ku bimera no gutanga ingero.</p>				
<p>Imfashanyigisho: ibiribwa n'ibinyobwa binyuranye biboneka aho batuye, amashusho y'ibiribwa n'ibinyobwa bikomoka ku bimera</p>				

Uruhare rw'ababyeyi: Kuganiriza abana ku moko y'ibiribwa n'ibinyobwa babagaburiye n'aho biva.

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N'AHU BATUYE	INYIGISHO: IBIGO BY'INGENZI BIRI MU MUDUGUDU WACU	
Umwaka wa 2 (imyaka 4-5): Ubumenyi	Umutwe wa 7: Iduka	Igihe: Icyumweru 1

bw'ibidukikije:				
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku maduka bagaragaza ibicuruzwa, abayacururizamo, n'ibirebana n'ibikorwa byo kugura no kugurisha.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
- Kurondora ibintu biboneka mu iduka - Kuvuga ku kamaro k'amafaranga	- Gutandukanya ibikorwa mu iduka - Gutandukanya ibiceri n'inoti	- Kwishimira akamaro k'amaduka - Gufata neza ibintu bakura mu maduka - Kugira umuco wo gukoresha amafaranga neza. - Gusubiza amafaranga bagaruye mu gihe babatumye - Kugira umuco wo kubahana hagati y'umucuruzi n'umukiriya	- Iduka: Abantu bakorera mu iduka; ibintu dusanga mu maduka - Amafaranga - Kugura no kugurisha	- Abana bose hamwe basura iduka riri hafi bakaza kuvuga ibyo babonye umwe umwe bayobowe n'umurezi. - Gukora amatsinda mato, kuganira ku byo babona ku mashusho yerekana iduka n'ibirimo bakaza kubitangariza abandi. - Mu matsinda ya babiri, abana bakina agakino ko kugura no kugurisha berekana "kugura udahenzwe" no "gucuruza udahomba" baciririkanya aho bishoboka. - Kuririmba indirimbo zivuga ku isoko - Kuvuga imivugo ivuga ku isoko
 Ihuriro n'ibindi byigwa: <u>Ikinyarwanda:</u> kunguka amagambo mashya no kunoza imvugo ijyanye n'isoko no kugura no kugurisha, bavuga ibyo babonye, bakina kugura no kugurisha; <u>Imibare</u> mu gukoresha amafaranga n'ibaruramali. <u>Imibanire n'abandi:</u> kubahana hagati y'umucuruzi n'umukiriya				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo kugaragaza akamaro k'amaduka mu kugura no kugurisha.				
Imfashanyigisho: ibintu bimwe bigaragara dusanga mu iduka, amashusho yerekana amaduka n'ibyo tuhasanga, amafaranga mato(ibiceri n'inoti)				
Uruhare rw'ababyeyi: gutoza abana umuco wo kugura ibikwiranye n'ubushozi ufite, gufata neza ibyaguzwe, gusubiza amafaranga asagutse.				

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N'AHU BATUYE	INYIGISHO: IBIGO BY'INGENZI BIRI MU MUDUGUDU WACU	
Umwaka wa 2 (imyaka 4-5): Ubumenyi bw'ibidukikije	Umutwe wa 8: Isoko	Igihe: icyumweru 1

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku bintu no ku bantu dusanga ku isoko, no ku mirimo ihakorera.

Intego			Icyigwa	Ibikorwaby'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kurondora ibintu dusanga ku isoko - Kuvuga akamaro k'amafaranga 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya ibikorwa bikorerwa ku isoko - Gushyira mu matsinda ibicuruzwa bigaragara ku isoko bashingiye ku ngingo runaka bahawe cyangwa iyo bihitanyemo - Gutandukanya iduka n'isoko. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gufata neza ibintu bakura ku isoko - Kugira umuco wo gukoresha amafaranga neza - Gusubiza amafaranga bagaruye igihe babatumye. 	<ul style="list-style-type: none"> - Isoko - Abantu bakorerwa ku isoko - Ibintu dusanga mu isoko - Ibikorwa bikorerwa ku isoko 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza ibishushanyo cyangwa amafoto agaragaza isoko bakavugaga ibyo babonye umwe umwe bayobowe na mwarimu. - Mu matsinda mato, abana bakora amatsinda y'ibicuruzwa bashingiye ku ngingo bahawe cyangwa bihitanyemo kandi bagahabwa umwanya wo gusobanurira abandi ibyo bakoze. - Mu matsinda mato bakina agakino kerekana ibice bicururizwamo ibintu bitandukanye mu isoko. - Mu matsinda mato, gukina imikino yigana yerekeranye no kugura no kugurisha ku isoko - Buri wese ashushanya ibyo ashatse yabonye ku isoko.

Ihuriro n'ibindi byigwa: *Ikinyarwanda:* amagambo mashya ajyanye n'ibicuruzwa, kugura no kugurisha, kunoza imvugo bavugaga ibyo babonye, banakina udukino tunyuranye; *imibare:* Gukoresha amafaranga; gushyira ibicuruzwa mu matsinda; *Iterambere mu mibanire n'imbamutima:* berekana amarangamutima ajyanye no gutangarira ubwiza n'ubwinshi bw'ibicuruzwa, guciririkanya mu kugura.

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo kurondora abantu n'ibintu dusanga mu isoko, kwerekana uko kugura no

kugurisha bikorwa

Imfashanyigisho: *bimwe mu bicuruzwa dusanga mu isoko, amashusho yerekana isoko n'ibyo tuhasanga, amafaranga mato: ibiceri n'inoti.*

Uruhare rw'ababyeyi: *gutoza abana umuco wo kugura ibikwiranye n'ubushobozi ufite, gufata neza ibyaguzwe, gusubiza amafaranga asagutse*

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N’AHO BATUYE			INYIGISHO: IBIGO BY’INGENZI BIRI MU MUDUGUDU WACU	
Umwaka wa 2 (imyaka 4-5): Ubumenyi bw’ibidukikije			Umutwe wa 9: Ivuriro	Igihe: Icyumweru 1
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku bantu, ibikorwa n’ibintu dusanga ku ivuriro				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by’abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	<ul style="list-style-type: none"> - Ivuriro n’ibihakorerwa - Abantu bakorera ku ivuriro - Ibintu dusanga ku ivuriro. - Imana mu buzima bwacu 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusura ivuriro riri hafi cyangwa kwitegerreza ibishushanyo bigaragaza ivuriro nyuma bakaza kuvuga ibyo babonye umwe umwe bayobowe na mwarimu. - Gukora amatsinda mato , kuganira ku byo babona ku mashusho yerekana ivuriro: ibihakorerwa, abahakora n’ibikoresho bihagaragara - Mu matsinda mato, gukina agakino berekana ibikorwa ku ivuriro. - Mu matsinda mato, gukina agakino kigana ko kuvura no kwivuzza berekana uko umuntu urwaye afashwa kugera kwa muganga, uko yakirwa akavurwa, n’inama ahabwa na muganga ngo yirinde indwara. - Buri wese ashushanya ivuriro uko abyumva. - Gusubiza ibibazo ku ijamba ry’Imana rivuga ku gukizwa kw’abarwayi; ku buryo bwo kwiyambaza Imana igihe mu rugo cyangwa mu baturanyi bacu hari umuntu urwaye.
-Kuvuga ku bikorerwa mu ivuriro, abantu bahakora n’ibintu tuhasanga	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya ibikorwa bikorerwa ku ivuriro - Gutandukanya abantu bakorerwa ku ivuriro - Kurondora ibintu dusanga ku ivuriro 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura impamvu yo kugira ivuriro. - Kugira umuco w’isuku no kwirinda indwara. - Kwita ku banyantege nke harimo n’abarwayi. - Gusura umurwayi - Gusengera umurwayi. 		
Ihuriro n’ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda:</i> amagambo mashya ajyanye n’ibikorwa, ibikoresho n’abakora ku ivuriro, no kunoza				

imvugo mu dukino tunyuranye; Ibonezabuzima: akamaro k'ivuriro, kwivuzza, kugira isuku no kurinda ubuzima muri rusange. Ubugeni n'umuco: bashushanya ivuriro.

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: *Ubushobozi bwo kurondora abantu n'ibintu dusanga mu ivuriro n'ibihakorerwa.*

Imfashanyigisho: *ibikoresho bimwe bigaragara mu ivuriro, amashusho yerekana ivuriro n'imirimo ihakorera, amashusho y'abantu bakorerwa ku ivuriro n'abaje ku ivuriro.*

Uruhare rw'ababyeyi: *gutoza abana umuco wo kugira isuku, gutahura ko abana barwaye hakiri kare bakabavuzza, kuganiriza abana bakisanzura ntibatinye kubamenyesha iyo hari aho bababara; kugira ibikoresho by'ingoboka; gutoza abana gusenga no kwizera impuhwe z'Imana igihe barwaye cyangwa uwabo arwaye; guha umwana urugero rwiza basura abarwayi no gufasha umwana gusura mugenzi we urwaye igihe iyo ndwara itanduza; kurinda abana kwanduzanya indwara.*

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N' AHO BATUYE		INYIGISHO: UBURYO BWO GUTWARA ABANTU N'IBINTU		
Umwaka wa 2 (imyaka 4-5): Ubumenyi bw'ibidukikije		Umutwe wa 10: Uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu mu mazi no mu kirere		Igihe: Ibyumweru 2
Imbumbe y'ubushobozi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu bukoreshwa mu mazi no mu kirere babona aho batuye.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	- Uburyo bwo gutwara ibintu n'abantu mu mazi: ubwato. - Uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu mu kirere: indege	- Abana bitegereza amashusho atandukanye y'uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu bukoreshwa mu mazi n'ubukoreshwa mu kirere. - Mu matsinda mato, babiganiraho bavuga amazina y'ibikoreshwa muri ubwo bwikorezi. - Bazakora ubwato bakoresheje impapuro babushyire mu mazi ari mw'ibase, maze bavuge ibyo babona. - Bazakina imikino ijyanye n'uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu mu mazi no mu kirere. - Buri wese ashushanya uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu azi kandi babiganireho mu matsinda. - Baririmba indirimbo n'imivugo bijyanye n'uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu mu mazi no mu kirere. - Gutega amatwi inkuru yanditse ku rugendo mu bwato cyangwa mu ndege maze bakabazaho ibibazo uko babyifuza.
- Kuvuga ku buryo bwo gutwara ibintu n'abantu bukoreshwa mu mazi. - Kuvuga ku buryo bwo gutwara abantu n'ibintu mu kirere	- Kugereranya uburyo bwo gutwara ibintu n'abantu mu mazi n'ubukoreshwa mu kirere	- Gukorera hamwe bafashanya - Kwishimira uburyo bwo gutwara ibintu n'abantu mu mazi no mu kirere akeneye mu gutwara abantu n'ibintu. - Gushimira Imana yahaye abantu ubwenge bwo kwikorera ibikoresho		
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu, kunoza imvugo</i>				

baganira ku buryo bwo gutwara abantu n'ibintu; Ubugeni n'umuco: bikorera indege n'ubwato mu mpapuro n'ibikoresho bibari hafi, banaririmba uturirimbo tuvuga ku bwato n'indege.

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: *Ubushobozi bwo kuvuga, gushushanya no gukina uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu mu mazi no mu kirere.*

Imfashanyigisho: *Amashusho, impapuro, ibase n'amazi, n'ibindi bikoresho byo kwifashisha mu dukino.*

Uruhare rw'ababyeyi: *gushakira abana ibikoresho bakikorera ubwato n'indege no guha agaciro ibikinisho abana bikoreye.*

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N'AHU BATUYE		INYIGISHO: UBURYO BW'ITUMANAHU		
Umwaka wa 2 (imyaka 4-5): Ubumenyi bw'ibidukikije		Umutwe wa 11: Uburyo bw'itumanaho bakunze gukoresha		Igihe: Icyumweru 1
Imbumbe y'ubushobozi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya uburyo bw'itumanaho bukoreshwa aho batuye.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwaby'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Uburyo bw'itumanaho: Telefone, radiyo, Televiziyo, Ibaruwa, ibinyamakuru.	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza amashusho y'ibikoresho by'itumanaho cyangwa kubitegereza aho biri no kuvuga amazina yabyo; - Gukina agakino kagaragaza itumanaho n'akamaro karyo. - Buri wese avuga ibikoresho byifashishwa mw'itumanaho abona iwabo n'ibyo azi gukoresha - Mu matsinda abana baganira ku mikoreshereze iboneye y'ibikoresho by'itumanaho. - Mu matsinda abana bakina bigana uburyo bunyuranye bw'itumanaho.
-Kugaragaza uburyo bw'itumanaho bukoreshwa aho batuye.	<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura uburyo bw'itumanaho bukoreshwa aho batuye. - Gukoresha igikoresho cy'itumanaho gikoreshwa mu rugo iwacu 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugira umuco wo kuganira neza - Kuvugisha ukuri badahindura amagambo. - Kubana n'abandi mu mahoro. - Gukoresha neza ibikoresho by'itumanaho. 		
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'uburyo bw'itumanaho bukoreshwa aho batuye, imvugo inoze baganira kandi bakina uburyo bw'itumanaho; Iterambere mu mibanire n'abandi, n'imbamutima bakina mu matsinda bigana uko bigenda mu itumanaho; Imibare: bitegereza imibare yanditse /ishushanyije ku bikoresho by'itumanaho.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>ubushobozi bwo kuvuga no gukinisha ibikoresho by'itumanaho mu buryo bukiye;</i>				
Imfashanyigisho: <i>Amashusho, ibikoresho by'itumanaho binyuranye biboneka aho dutuye.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Kwereka abana uko ibikoresho by'itumanaho bukoreshwa neza aho kugira ngo bishakishirize babe banabyangiza; kubereka uko byifashishwa iyo bikenewe. Gutoza abana umuco wo kuvugisha ukuri bakoresha ibyuma by'itumanaho.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N’AHO BATUYE			INYIGISHO: IMINSI MIKURU	
Umwaka wa 2 (imyaka 4-5): Ubumenyi bw’ibidukikije			Umutwe wa 12: Iminsi y’ ingenzi ishingiyeye ku myemerere	
			Igihe: Icyumweru 1	
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gusobanura iminsi mikuru ishingiyeye ku myemerere yizihizwa iwabo.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by’abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Iminsi y’ingenzi:	
-Kuvuga iminsi mikuru y’ ingenzi ishingiyeye ku myemerere yizihizwa iwabo mu rugo	-Gusobanura ibijyanye na buri munsu mukuru w’ingenzi	- Kugira umuco wo kubaha Imana - Guha agaciro imyemerere ya buri wese. - Gusenga akurikije imyemerere y’iwabo	- Umunsi mukuru wa Noheli - Umunsi w’ Isabato - Eid-El-Filtr - Umunsi mukuru wa Pasika	- Mu matsinda mato abana baganira ku buryo iyo minsi mikuru yizihizwa iwabo, bagerageza kwerekana ibyo yose ihuriyeho. - Abana bakina bigana ibikorwa mu minsi mikuru. - Mu matsinda, abana bitegereza amashusho atandukanye agaragaza iminsi mikuru itandukanye, bavuga ibyo babona. - Mu matsinda, abana baganira ku byo babona mu bitabo by’amashusho kuri iyo minsi mikuru. - Gusubiza ibibazo ku ijamba ry’Imana basomewe rijyanye n’iminsi mikuru.
Ihuriro n’ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n’ iminsi y’ ingenzi ishingiyeye ku myemerere, imvugo inoze baganira kuri iyo minsi mikuru; iterambere mu mibanire n’abandi, imbamutima: baganira ku bibanzereza kuri iyo minsi mikuru, gusangira kuri iyo minsi mikuru; Ubugeni n’umuco: bavuga ku myiteguro, indirimbo, imyambarire n’ubusabane bijyana n’iyo minsi; imibare: bafatiye ku nshoza y’igihe iyo minsi mikuru ibera.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Gusobanurira bagenzi be iminsi mikuru ishingiyeye ku myemerere yizihizwa iwabo n’aho atuye</i>				
Imfashanyigisho: <i>Amashusho atandukanye agaragaza iminsi mikuru itandukanye, ubutabo bw’ inkuru ku minsi mikuru itandukanye.</i>				

Uruhare rw'ababyeyi: bazaha abana ibikoresho bitandukanye bijyanye n'iyi minsi mikuru; bazasobanurira abana imyemerere yabo banabatoze gusenga.

IMBUMBANYIGISHO: IBINYABUZIMA **INYIGISHO: INYAMANSWA**

Umwaka wa 2 (imyaka 4-5): Ubumenyi bw'ibidukikije **Umutwe wa 13:** Inyamanswa zo mu gasozi n'udukoko duto **Igihe:** Ibyumweru 4

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya inyamanswa zo mu gasozi n'udukoko dutera indwara no kwirinda izabagirira nabi.

Intego		Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	
-Kuvuga amazina n'imiterere y'inyamanswa zo mu gasozi	- Gutandukanya inyamanswa zo mu gasozi zinyuranye - Gushyira mu matsinda inyamanswa - Gutandukanya udukoko dukwirakwiza indwara n'utundi tugira akamaro.	- Kwishimira no kumenya agaciro k'inyamanswa Imana yaremye - Kwirinda inyamanswa n'udukoko bishobora kugirira nabi umuntu - kwirinda gushotora inyamanswa n'udukoko - Gushimira Imana yaremye inyamanswa	- Inyamanswa zo mu gasozi: inzovu, imbogo, intare, ingwe, impala, imparage, ingagi, inzoka, inyoni, ingwe, n'izindi - Udukoko duto harimo n'udutera indwara: isazi, umubu, inzuki, amavubi, intozi - Mu matsinda abana bazarebera hamwe amashusho y'inyamanswa zo mu gasozi n'ay'udukoko duto harimo n'udutera indwara - Mu matsinda mato abana batandukanya izo bari bazi n'izo batari bazi. - Mu matsinda abana baganira ku biranga inyamanswa babonye: ibyo zihuriyeho n'ibizitandukanije - Mu matsinda kandi abana baganira ku dukoko duto harimo n'udukwirakwiza indwara - Abana batega amatwi inkuru basomerwa n'umurezi, maze bakabazaho ibibazo. - Ibikorwa binyuranye bishingiye ku ndirimbo, imigani, imikino bijyanye n'inyamanswa zo mu gasozi; - Abana bakina udukino twigana inyamanswa bazi, - Gusubiza ibibazo ku byiza byo kuba Imana yararemye inyamanswa zinyuranye.

Ihuriro n'ibindi byigwa: Ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'amazina y'inyamanswa zo mu gasozi n'udukoko duto, imvugo inoze baganira mu matsinda; Iterambere mu mibanire n'abandi, n'imbamutima: berekana ubwoba baterwa

n'inyamanswa zo mu gasozi n'udukoko; Ibonezabuzima: birinda inyamanswa zo mu gasozi cyangwa n'udukoko duto byabagirira nabi; Imibare: kubara inyamanswa ziri ku gishushanyo

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: *Ubushobozi bwo kuvuga inyamanswa zo mu gasozi n'ibiziranga, udukoko duto; kwirinda ko inyamanswa n'udukoko byahungabanya ubuzima bw'abantu.*

Imfashanyigisho: *amashusho atandukanye y'inyamanswa zo mu gasozi n'ay'udukoko duto*

Uruhare rw'ababyeyi: *Gufasha abana kumenya amazina y'inyamanswa n'udukoko duto no kubatoza kwirinda inyamanswa zabagirira nabi*

IMBUMBANYIGISHO: IBINYABUZIMA			INYIGISHO: IBIMERA	
Umwaka wa 2 (imyaka 4-5) Ubumenyi bw'ibidukikije			Umutwe wa 14: Ibice bigize ikimera n'akamaro kabyo	
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya ibice by'ikimera no kuvuga ku kamaro ka buri gice.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwaby'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	<ul style="list-style-type: none"> - Ibice by'ikimera: imizi, igihimba, amashami, amababi, indabyo, imbuto - Akamaro kabyo: kuribwa, imiti, inkwi/ amakara, gutegura, kubaka, gukora intebe, ameza, - Ubwuzuzanye hagati y'ibice by'ikimera - Imana yaremye ibimera bitandukanye. 	<ul style="list-style-type: none"> - Abana baja hanzu gusura ibimera bitandukanye, bazana ibimera bitandukanye mu ishuri bakabiganiraho mu matsinda - Babiri babiri baganira ku kamaro ka buri gice cy'ikimera - Mu matsinda abana bakina agakino ko gutoranya ibice bigize ikimera; bazifashisha ibyo bice babiteranyanye bakore ikimera - Kuganira mu matsinda uko ibice by'ikimera byuzuzanya - kuririmba indirimbo ziyanye n'ibimera. - Gushushanya ikimera gifite ibice byose no kugisiga amabara - Gusubiza ibibazo ku Ijambo ry'Imana rivuga ku iremwa ry'ibimera.
-Kurondora ibice bitandukanye by'ibimera.	- Kuvuga ibice by'ikimera n'akamaro ka buri gice.	<ul style="list-style-type: none"> - Kwishimira no kumenya agaciro ka buri gice k'ibimera Imana yaremye - Kubibungabunga - Kwiyumvisha ubwuzuzanye bw'ibice bitandukanye by'ikimera 		
Ihuriro n'ibindi byigwa: ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n' ibice bitandukanye by'ibimera; imvugo inoze baganira ku bimera. Ibonezabuzima bakina bavugaga akamaro ka buri gice cy'ikimera. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: bakina mu matsinda				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo gutandukanya ibice by'ikimera no kuvuga ku kamaro ka buri gice babisobanurira abandi.				
Imfashanyigisho: ibice by'ibimera/ amashusho y'ibice by'ibimera bitandukanye; umurima cyangwa ubusitani bwo ku ishuri.				
Uruhare rw'ababyeyi: bazaha abana ibikoresho bikenewe bijyanye n'ibice by'ibimera banabakundishe kubungabunga ibimera.				

IMBUMBANYIGISHO: IBIDUKIKIJE KAMERE			INYIGISHO: AMAZI	
Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)Ubumenyi bw'ibidukikije			Umutwe wa 15: Amasoko y'amazi	Igihe: Ibyumweru 2
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gusobanura uburyo butandukanye bwo kubona amazi aho batuye				
Intego		Icyigwa		Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Imvura, ibiyaga, imigezi, robine, kano, ikigega cy'amazi Imana yaremye amazi	<ul style="list-style-type: none"> - Abana basura amasoko atandukanye y'amazi aboneka mu kigo no hafi yacyo. - Mu matsinda mato, baganira kubyo babonye bijyanye n'amasoko y'amazi. - Mu matsinda baganira ku mashusho agagaragaza amasoko atandukanye y'amazi. - Bakina berekana amasoko y'amazi meza n'amabi bifashishije amazi ari mu macupa; bakavuga impamvu amazi ari meza cyangwa ari mabi. - Abana baganira ku buryo bwo kubika amazi neza. - Abana baganira ku ngaruka zo gukoresha amazi mabi. - Baririmba ibijyanye n'amasoko y'amazi. - Gutega amatwi Ijambo ry'Imana rivuga ku mazi no kuriganiraho
-Kuvuga aho amazi ava -Kumenya amazi meza n'amabi	-Gutandukanya amazi meza n'amazi mabi	-Gufata neza amazi -Gusobanukirwa amasoko y'amazi meza n'amabi		
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'amasoko y'amazi; imvugo inoze baganira ku masoko y'amazi. Ibinyabuzima: bakina berekana amasoko y'amazi meza n'amabi; Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: bakina mu matsinda.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>ubushobozi bwo gusobanura amasoko atandukanye y'amazi n'uko akoresheya; amazi meza n'amabi.</i>				
Imfashanyigisho: <i>amashusho y'amasoko y'amazi; amasoko y'amazi aboneka ku ishuri no mu rugo; amacupa afite amazi atandukanye (ameza n'amabi)</i>				

Uruhare rw'ababyeyi: gutoza abana isuku y'amazi, kubasobanurira amasoko y'amazi no kubasobanurira ingaruka z'amazi mabi

IMBUMBANYIGISHO: IBIDUKIKIJE KAMERE			INYIGISHO: IBIHE BY'IKIRERE	
Umwaka wa 2 (imyaka 4- 5) Ubumenyi bw'ibidukikije			Umutwe wa 16: Kwerekana ibihe by'ikirere	Igihe: Ibyumweru 2
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku bihe by'ikirere no kubyerekana ku gishushanyo kibigaragaza.				
Intego			Icyigwa	ibikorwaby'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
- Kuvuga ibihe by'ikirere	- Gutandukanya ibihe by'ikirere. - Kwerekana ibihe by'ikirere ku gishushanyo kigaragaza ibyo bihe.	- kwishimira ibihe by'iminsi itandukanye - Kurangwa n'imyitwarire ikwiye ijyanye n' igihe kiriho. - Gushimira Imana ibihe byiza yaremye n'uko bisimburana.	- Igihe cy'izuba - Ibihe by'imvura - Ibihe by'ibicu - Ibihe by'umuyaga	- Gusohoka bakitegereza igihe cy'umunsi. - Kuganira mu matsinda kuri icyo gihe - Kuganira babiri babiri ibindi bihe by'ikirere baja babona. - Bitegereza amashusho yerekana ibihe by'ikirere - Kuganira mu matsinda ku bihe by'ikirere, kuvuga ku kamaro k'ibihe n'uko twambara mu bihe bitandukanye - Kwerekana ku gishushanyo igihe kijyanye n'uwo munsi - Agakino kajyanye n'ibihe by'ikirere - Kuririmba indirimbo ijyanye n'ibihe by'ikirere. - Kuvuga imivugo ijyanye n'igihe.
Ihuriro n'ibindi byigwa: ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n' ibihe n'imyitwarire ikwiye no kunoza imvugo baganira ku bihe n'ihinduka ryabyo; iterambere mu mibanire n'abandi' imbamutima bakina mu matsinda.Umuco baririmba indirimbo zivuga ku bihe by'ikirere.				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo kuvuga ibihe by'ikirere babyerekana ku gishushanyo.				
Imfashanyigisho: igishushanyo kigararagaza ibihe by'ikirere, n'ibigaragaza igihe cy'ikirere kuri uwo munsi.				
Uruhare rw'ababyeyi: gutoza umwana imyitwarire irinda ubuzima bwe akurikije imihindukire y'ibihe, no guha umwana ibikenewe bijyanye n'uko ikirere kimeze buri munsi.				

IMBUMBANYIGISHO: IBIDUKIKIJE KAMERE N'IBYAKOZWE NA MUNTU			INYIGISHO: IBITANGA URUMURI	
Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)Ubumenyi bw'ibidukikije			Umutwe wa 17: Ibitanga urumuri byakozwe n'abantu	Igihe: Ibyumweru 2
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku bitanga urumuri byakozwe n'abantu				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	<ul style="list-style-type: none"> - Ibitanga urumuri byakozwe n'abantu: itara, ikibiriti, umuriro, ibuji, itoroshi, amashanyarazi - Ibitanga urumuri n'ubushyuhe 	<ul style="list-style-type: none"> - Abana bitegereza ibitanga urumuri bitandukanye bifatika n'ibiri ku mashusho, bakabiganiraho mu matsinda. - Abana bose baririmba indirimbo ivuga k' urumuri n'ibirutanga. - Abana bose bavuga imivugo n'inkuru ziyanye n'ibitanga urumuri bitandukanye. - Hifashishijwe amashusho, abana baganira ku mpanuka zaterwa n'ibitanga urumuri n'ubushyuhe byakozwe n'abantu. - Gusubiza ibibazo ku rumuri n'umwijima bishobotse bagasomerwa ijambo ry'Imana.
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibitanga urumuri byakozwe n'abantu babona aho batuye 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ku bitanga urumuri byakozwe n'abantu Kuvuga ibitanga urumuri n'ubushyuhe bikoreshwa iwabo 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwishimira akamaro k'urumuri - Kwiyumvisha ko kuba mu mucyo ari byiza - Kwishimira ibitanga urumuri byaremwe n'Imana, no gufata neza ibikoresho byo mu rugo bitanga urumuri. - Kwirinda impanuka zaterwa na bimwe mu bitanga urumuri n'ubushyuhe. 		
<i>Ihuriro n'ibindi byigwa: Ikinyarwanda: amagambo mashya no kunoza imvugo ijyanye n' ibitanga urumuri byakozwe n'abantu; iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima baganira ku bitanga rumuri byakozwe n'abantu. Umuco bavuga imivugo, baririmba indirimbo zirimo ibitanga urumuri.</i>				
<i>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo kuvuga ku bitanga urumuri byakozwe n'abantu.</i>				

Imfashanyigisho: ibintu bifatika bitanga urumuri; ibishushanyo by'ibitanga urumuri byakozwe n'abantu
Uruhare rw'ababyeyi: kwereka abana ibitanga urumuri byakozwe n'abantu bitandukanye; gutoza abana kubifata neza, gukoresha no kwitondera ibitanga urumuri mu rugo bitandukanye.

IMBUMBANYIGISHO: IBIDUKIKIJE KAMERE N'IBYAKOZWE NA MUNTU			INYIGISHO: IBIDUKIKIJE KAMERE	
Umwaka wa 2 (imyaka 4-5) Ubumenyi bw'ibidukikije		Umutwe wa 18: Ibidukikije kamere		Igihe: Iyumweru 2
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku bidukikije kamere biboneka aho batuye				
Intego		Icyigwa	Ibikorwa by'abana	
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Ibidukikije kamere:	
- Kurondora ibidukikije karemano bitandukanye.	- Kuvuga ku bidukikije kamere babona aho batuye.	-Gushimira Imana yaremye ibidukikije byiza bitandukanye -Gufasha mu gikorwa cyo kubungabunga ibidukikije	Imisozi, ibibaya, ibiyaga, imigezi, ibimera, amashyamba, ibirunga	<ul style="list-style-type: none"> - Abana barasohoka bakitegereza ibikikije ikigo cyabo maze bakabiganiraho mu matsinda. - Abana bitegereza ikarita iranga ibidukikije n'amashusho mu bitabo, bakerekana ibigize ibidukikije bitandukanye babona. - Buri mwana ashushanya ibidukikije yabonye. - Mu matsinda, abana babiganiraho, buri wese agasobanura igishushanyo cye. - Abana bakina agakino kagaragaza ibungabungwa ry'ibidukikije. - Abana basubiza ibibazo ku byiza Imana yaremye birimo imigezi, ibimera, imisozi, amashyamba n'ibindi byashoboka bagatega amatwi ijambo ry'Imana.
Ihuriro n'ibindi byigwa: Ikinyarwanda: amagambo mashya no kunoza imvugo ijyanye n' ibidukikije karemano bitandukanye; iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima baganira ku bidukikije karemano bitandukanye, banakina hamwe. Ubugeni: bashushanya ibintu babona mu bidukikije.				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo kuvuga ibidukikije biboneka aho atuye n'ibiri ku ikarita.				

Imfashanyigisho: ibitabo by'amashusho, amakarita agaragaza ibidukikije kamere				
Uruhare rw'ababyeyi: gufasha abana gusura ibidukikije, kubabwira amazina yabyo, kudasobanurira akamaro k'ibidukikije mu buzima bwabo bwa buri muni, kudasobanurira uburyo bwo kubungabunga ibidukikije no gutoza abana gusenga bashimira Imana ibyiza biri mu bidukikije yaremye				
IMBUMBANYIGISHO: IKORANABUHANGA			INYIGISHO: IKORANABUHANGA MU BIKORWA	
Umwaka wa 2 (imyaka 4-5) Ubumenyi bw'ibidukikije			Umutwe wa 19: Kwihangira ibikinisho	Igihe: Ibyumweru 3
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kwihangira ibikinisho mu bikoresho babona aho batuye kandi bidahenze.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
- Kuvuga ku bikinisho bikoreye cyangwa babonanye bagenzi babo. - Kuvuga ku bikoresho babona hafi yabo bishobora kubafasha kwihangira ibikinisho.	-Gukora ibikinisho byoroheje akoresheje ibikoresho bitandukanye akuye aho aba.	- Kumva agaciro k'ubukorikori. - Gufata neza ibikoresho. - Kwishimira ibihangano bakoze n'impano za buri wese - Gushimira Imana yaremye abantu ikabaha ubwenge bwo gukora ubushakashatsi no kwihangira ibikinisho byiza - binyuranye	- Gukora imodoka, - Gukora indege, - Gukora inzu, - Gukora ibendera, - Gukora indorerwamo, - Gukora ubwato.	- Mu matsinda, abana bitegereza ibikoresho bitandukanye bifashisha bakora ibintu binyuranye. - Kuvuga icyo bakoresha ibyo bintu - Kwitegereza ibikoresho byakozwe bitandukanye no kubiganiraho na bagenzi babo. - Gukora ibikinisho bitandukanye mu matsinda cyangwa buri mwana ku giti cye. - Kuganira na bagenzi be bahana ibitekerezo ku byo bavumbuye - Gukoresha ibikinisho bakoze. - Gusubiza ibibazo ku bwiza bw'ibihangano buri wese yashoboye gukora
Ihuriro n'ibindi byigwa: Ikinyarwanda: amagambo mashya n'imvugo inoze ijyanye n'ibikoresho byifashishwa mu gukora ibikinisho. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: kwishimira ibikinisho bakoze, guha agaciro no gushima igikinisho cya mugenzi we ; ubugeni: bakora ibikinisho bitandukanye.				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo kwihangira ibikinisho akoresheje ibikoresho biboneka aho ari.				

Imfashanyigisho: udufuniko, imikwege, ibikenyeri, udukombe, udutambaro tw’imyenda, udupfundikizo tw’indobo, ubudodo, uducupa twavuyemo amazi, udukarito twavuyemo amasabune, imiti...

Uruhare rw’ababyeyi: guha abana ibikoresho bitandukanye biboneka aho batuye; guha abana umwanya wo gukora ibikinisho bishakiye no gutoza abana gusenga bashimira Imana ubwenge yabahaye.

6.2.4. Integanyanyigisho y’Umwaka wa 3 w’inshuke- Ubumenyi bw’ibidukikije

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N’AHO BATUYE			INYIGISHO: UMURYANGO WANJYE	
Umwaka wa 3 (imyaka 5-6) Ubumenyi bw’ibidukikije			Umutwe wa 1: Abagize umuryango wanjye mugari	Igihe: Iyumweru 4
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gukoresha uko bikwiye amagambo aranga amasano y’abantu bo mu muryango mugari wabo.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by’abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	<ul style="list-style-type: none"> - Abagize umuryango mugari: papa, mama, sogokuru, nyogokuru, data wacu, mama wacu, masenge, marume, babyara banjye. - Ubufatanye bw’abagize umuryango - Imana n’urugero ry’umuryango 	<ul style="list-style-type: none"> - Abana bose batega amatwi inkuru irimo amasano mu muryango mugari maze bagasubiza ibibazo ku nkuru. - Mu matsinda ya batatu, abana bitegereza amashusho yerekana abagize umuryango mugari - Buri mwana ahabwa umwanya wo kuvuga ku bantu bo mu muryango mugari we agaragaza isano bafitanye, n’ibindi ashaka kubavugaho - Abana bakina udukino dutandukanye tujyanye n’imibanire mu muryango, kubaha abantu bakuze, kwita ku banyantegenke: urugero: Jya kwa mugenzi wawe; Nkunda...
-Kuvuga abagize umuryango mugari	-Gusobanura abagize umuryango mugari	<ul style="list-style-type: none"> - Guha agaciro abagize umuryango - Gukundana no gufashanya - Kubaha abantu bakuze - Kwita ku banyantegenke nke 		
Ihuriro n’ibindi byigwa: Ikinyarwanda : amagambo mashya ajyanye n’amasano y’abagize umuryango mugari; kunoza imvugo bavugaga ku muryango mugari mu dukino. Iterambere mu mibanire n’abandi n’imbamutima: kwishimira umuryango arimo, kuganira ku miryango mugari yabo; imibare: bavugaga umubare w’abo bafitanye isano runaka.				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo gutandukanya amasano y’abagize umuryango mugari, no kuvugaga uburyo				

<i>bwo kubaha abantu bakuze no kwita ku banyantege nke.</i>
Imfashanyigisho: amashusho y'abagize umuryango mugari
Uruhare rw'ababyeyi: kubwira abana abagize umuryango mugari wabo, amasano bafitanye na we, no kubatoza kubaha no kwita ku bakuze n'abanyantege nke; gutoza abana gusengera umuryango mugari wabo bavuga amasano n'amazina yabo.

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N'AHU BATUYE	INYIGISHO: UMURYANGO WANJYE
Umwaka wa 3 (Imyaka 5-6) ubumenyi	Umutwe wa 2: ibyo abantu bahuriyeho n'ibyo Igihe: ibyumweru 2

bw'ibidukikije		batandukaniyeho.		
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutahura ko abantu ari bamwe nubwo bafite ibibatanduknya				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
- Kurondora ibintu biranga buri muntu	- Kugaragaza ibyo abantu bahuriyeho n'ibibatandukanya.	- Kwiyumvisha ko abantu ari bamwe nubwo bafite ibibatandukanya - Kwiyumvisha ko abantu buzuzanya - Kwakira no kubaha buri muntu uko ari - Gukorera hamwe	- Ibyo abantu bahuriyeho: baremwe n'Imana, bakenera ibintu by'ibanze bimwe (aho kuba, ibyo kurya no kunywa, kwambara) - Ibyo abantu batandukaniyeho: ibara ry'uruhu, indimi, imyemerere, imiterere y'umubiri, ubutunzi, imyitwarire, ...	- Abana bitegereza amafoto y'abantu badahuje ibara ry'uruhu, ababyibushye n'abananutse, abagufi n'abarebare; - Abana batega amatwi agakuru cyangwa bitegereza amafoto agaragaza imiryango ibayeho ku buryo butandukanye. Batahura ibyo iyo miryango ihuriyeho n'ibyo itandukaniyeho n'uburyo yuzuzanya. - Babiri babiri, abana batahura ibyo bahuriyeho n'ubwo bafite ibibatandukanya. - Buri mwana ahabwa umwanya wo kubwira bagenzi be ibyo akunda n'ibitamushimisha. - Abana bazakora ibikorwa bigaragaza ubwuzuzanye.
Ihuriro n'ibindi byigwa: ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'ibyo abantu bahuriyeho, n'ibyo batandukaniyeho; iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: mu kuvuga ku byo abantu bahuriyeho n'ibyo batandukaniyeho ; ibonezabuzima bavuga ibyo umubiri w'umuntu ukeneye n'imiterere y'umubiri				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo kugaragaza ko abantu bose bafite ibyo bahuriyeho, ku mwihariko wa buri wese, no ku byo buzuzanyamo.				
Imfashanyigisho: amafoto y'abantu batandukanye.				
Uruhare rw'ababyeyi: gutoza abana kunyurwa n'ibyo batunze, kwakira imiterere y'umubiri, no kubahana ; gushima Imana yaduhaye umuryango mugari				
IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N'AHU BATUYE			INYIGISHO: UMUBIRI WANJYE	

Umwaka wa 3 (imyaka 5-6) Ubumenyi bw'ibidukikije		Umutwe wa 3: ibice by' umubiri w'umuntu n'isuku yabyo.		Igihe: ibyumweru 4
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya ibice by'umubiri wabo no kugira uruhare mu isuku yabyo.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Ibice bigize umubiri n'isuku yabyo:	
- Kuvuga ibice bigize umutwe, igihimba, amaboko n'amaguru n'isuku yabyo. - Kuvuga akamaro ko kugirira isuku ibice by'umubiri.	- Gutandukanya ibice bigize umutwe, igihimba, amaboko n'amaguru. - Kugira uruhare mu isuku y'umubiri we.	- Gukunda no kurinda umubiri we. - Kwiyumvisha ubumwe n'ubwuzuzanye hagati y'ibice by'umubiri. - Kwitoza isuku y'umubiri. - Kunyurwa n'uko Imana yakuremye - Gushimira Imana yaremye umuntu ku buryo butangaje kandi buri wese akaba afite umwihariko we.	- ibice bigize umutwe; - Ibice bigize igihimba - Imyanya ndangagitsina. - ibice bigize amaboko, - Ibice bigize amaguru, Imana yaremye imibiri yacu mu buryo butangaje kandi bufite umwihariko kuri buri wese	- Mu matsinda ya batatu, abana bitegereza igishushanyo cy'umuntu bakerekana kandi bakavuga ibice bigize umubiri w'umuntu. - Buri mwana yerekana igice cy'umubiri we avuga aho gihereye, n'umubare w'ibice bikigize. - Abana baganira mu matsinda mato uburyo bwo kugirira isuku ibice by'umubiri wabo:urugero: intoki, inzara, amazuru, amenyo n'ibindi. - Mu matsinda mato, bakaraba intoki bita ku buryo bikorwa, bakoza amenyo, bahanagura amazuru babifashijwemo n'umurezi. - Abana bahuza igikoresho cy'isuku n'igice cy'umubiri gikoreshwaho ku bishushanyo, urugero: uburoso n'amenyo, mushuwari cyangwa agatambaro k'isuku n'amazuru. - Abana basomerwa inkuru y'ubwuzuzanye bw'ibice by'umubiri, bakavuga ku byo basomewe n'amasomo akubiyemo.
Ihuriro n'ibindi byigwa: ikinyarwanda: amagambo mashya yerekeye ku bice by'umubiri binyuranye; kunoza imvugo bavuga ku bice by'umubiri binyuranye, n'isuku yabyo. Ibonezabuzima: Akamaro k'ibice by'umubiri, n'akamaro k'isuku yabyo.				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwokuvuga ku bice by'umubiri binyuranye, isuku yabyo, n'ukuntu byuzuzanya mu buzima bwa buri munsu.				

Imfashanyigisho: Ibishushanyo by'umubiri w'umuntu, ibikoresho by'isuku bikenewe.

Uruhare rw'ababyeyi: Kugirira abana isuku y'ibice by'umubiri wabo no kubatoza kuyigiramo uruhare bakiri bato; gutoza abana gushimira Imana umubiri yabahaye na kuwubungabunga.

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N’AHO BATUYE			INYIGISHO: UMURYANGO WANJYE	
Umwaka wa 3 (Imyaka 5-6) Ubumenyi Bw’ibidukikije			Umutwe wa 4 : Iwacu Mu Rugo	IGIHE: ibyumweru 2
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya ibice bigize urugo n’inzu, akamaro ka buri gice cy’urugo n’inzu n’ibikoresho bihaboneka.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by’abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya	<ul style="list-style-type: none"> - Ibice bigize urugo n’inzu - Ibikoresho bigaragara mu bice by’urugo n’inzu 	<ul style="list-style-type: none"> - Mu matsinda, abana baganira ku byo basanga mu rugo iwabo. - Abana bitegereza mu matsinda ibishushanyo by’urugo n’inzu, bakaganira ku bice babona n’akamaro kabyo. - Abana baganira mu matsinda ku bice bitandukanye by’urugo n’iby’inzu bavuga ibikorwa bihakorerwa, n’ibikoresho bihaboneka kenshi n’ukuntu bifatwa neza ngo bitononekara. - Abana bakina imikino yerekana ibikorwa mu bice binyuranye by’urugo n’inzu - Abana bashushanya urugo n’inzu bagaragaza ibice bitandukanye n’ibihakorerwa. - Abana bahuza bimwe mu bikoresho n’ibice by’urugo cyangwa inzu ubisangamo basobanura akamaro ka buri gikoresho
<ul style="list-style-type: none"> - Kurondora ibice bigize urugo n’ibigize inzu. - Kuvuga bimwe mu bikoresho bigaragara mu bice bitandukanye by’urugo n’inzu. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga akamaro ka buri gice kigize urugo n’inzu. - Gushyira ibikoresho mu mwanya wabyo no kubirinda kononekara. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugira isuku iwacu mu rugo - Kugumis ha ibikoresho mu mwanya byagene we. - Gukoresha buri gikoresho icyo cyagene we - Gukunda iwabo 		

<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda : amagambo mashya ajyanye n'ibice byo mu rugo, inzu n'ibiyikorerwamo; kunoza imvugo bavuga ku kamaro ka buri gice kigize urugo n'inzu; ubugeni n'umuco: bashushanya ibikoresho binyuranye byo mu rugo no mu nzu; Ibonezabuzima: bavuga ku isuku no gufata neza ibice by'urugo n'inzu;</i></p>
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>ubushobozi bwo gutandukanya ibice bigize urugo n'inzu n'akamaro ka buri gice n'uburyo bigirirwa isuku; gusobanura icyo ibikoresho bigaragara mu rugo no mu nzu bimara n'ukuntu byafatwa neza.</i></p>
<p>Imfashanyigisho: <i>Igishushanyo cy'urugo, inzu, na bimwe mu bikoresho bigaragara mu bice by'urugo n'iby'inzu</i></p>
<p>Uruhare rw'ababyeyi: <i>gusobanurira abana ibice bitandukanye byo mu rugo no mu nzu, ibikoresho bihaboneka, icyo bimara, uko bifatwa neza;gutoza abana kugira isuku mu rugo, gukoresha buri gikoresho icyo cyagenewe no gushyira ibikoresho mu mwanya wabyo.</i></p>

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N’AHO BATUYe				
Umwaka wa 3 (Imyaka 5-6): Ubumenyi bw’ibidukikije			Umutwe wa 5: Igihugu cyanjye	Igihe: Icyumweru 1
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga izina ry’igihugu cyabo n’iry’umukuru w’igihugu; gutahura ibendera ry’igihugu cyabo mu yandi mabendera no kuririmba indirimbo yubahiriza igihugu.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by’abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
- Kuvuga amabara agize ibendera ry’igihugu	- Kuvuga izina ry’igihugu no kuvuga amazina y’umukuru w’igihugu - Gutahura ibendera ry’igihugu cye mu yandi mabendera - Kuririmba indirimbo yubahiriza igihugu	- Gukunda igihugu n’abagituye. - Kugira ishema ryo kuba umunyarwanda. - Gushimira Imana igihugu cyiza yabahaye. -Gusengera igihugu cyabo	- Izina ry’igihugu - Amazina y’umukuru w’igihugu - Ibendera ry’igihugu n’amabara yaryo - Kuririmba indirimbo yubahiriza igihugu.	- Mu matsinda mato, abana bitegereza ifoto y’umukuru w’igihugu ari nako bavuga amazina ye n’izina ry’igihugu cyabo. - Abana bose bitegereza ibendera ry’igihugu: batahura amabara agize ibendera - ibendera ry’igihugu. - Abana baganira ku bindi baribonyeho. - Abana baganira aho bakunze kurisanga. - Abana baganira uko bifata iyo baririmba indirimbo yubahiriza igihugu imbere y’ibendera. - Abana baririmba indirimbo yubahiriza igihugu.
Ihuriro n’ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n’amabara y’ibendera n’indirimbo yubahiriza igihugu; kunoza imvugo baririmba indirimbo yubahiriza igihugu. Imibare: babara amabara agize ibendera ry’igihugu . Iterambere mu mibanire n’abandi n’imbamutima: baririmba indirimbo yubahiriza igihugu.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo kuvuga izina ry’igihugu n’iry’umukuru w’igihugu no gutahura ibendera ry’igihugu cye mu yandi mabendera no kuririmba indirimbo yubahiriza igihugu.</i>				
Imfashanyigisho: <i>ifoto y’umukuru w’igihugu, ibendera ry’igihugu.</i>				
Uruhare rw’ababyeyi: <i>gutanga urugero rwiza no gutoza abana gukunda igihugu, abagituye nokwishimira kuba umunyarwanda.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N'AHU BATUYE		INYIGISHO: IBIRIBWA N'IBINYOBWA		
Umwaka wa 3 (imyaka 5-6) Ubumenyi bw'ibidukikije		Umutwe wa 6 : Ibiribwa n'ibinyobwa bikomoka ku matungo		Igihe: Ibyumweru 3
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku biribwa n'ibinyobwa bikomoka ku matungo bagaragaza akamaro kabyo ku mubiri w'umuntu n'isuku yabyo.				
Intego		Icyigwa		Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyiringiro	Ubukeshya		
- Kurondora ibiribwa n'ibinyobwa bikomoka ku matungo biboneka aho batuye	- Kuvuga ibiribwa n'ibinyobwa bikomoka ku matungo; - Gusobanura akamaro k'ibiribwa n'ibinyobwa - Gusobanura impamvu ari ngombwa kugira isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa	- Kutarobanura ibiribwa n'ibinyobwa - Guharanira isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa - Gukorerera hamwe - Kubaha no gushima Imana yaremye amatungo.	- Ibiribwa n'ibinyobwa bikomoka ku matungo - Akamaro k'ibiribwa n'ibinyobwa ku mubiri wacu - Isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa - Ubwuzuzanye bw'ibiribwa n'ibinyobwa bituruka ku matungo.	- Mu matsinda mato, abana baganira ku mafoto cyangwa ibishushanyo bigaragaza amatungo atandukanye. - Babiri babiri, abana baganira ku biribwa n'ibinyobwa bituruka ku matungo. - Abana baganira ku kamaro k'ibiribwa n'ibinyobwa ku mubiri no ku bwuzuzanye bw'ibiribwa. - Buri mwana ahabwa umwanya wo kubwira bagenzi be ibiribwa bikomoka ku matungo akunda no kubasobanurira impamvu. - Bayobowe n'umurezi , abana baganira ku kamaro ko kugirira isuku ibiribwa n'ibinyobwa. - Abana bose baririmba uturirimbo tuvuga ku matungo.
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda:</i> amagambo mashya no kunoza imvugo biyanye n'ibiribwa n'ibinyobwa bituruka ku matungo n'akamaro kabyo. <i>Ibonezabuzima:</i> baganira ku isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa bituruka ku matungo. <i>Imibare:</i> gushyira mu matsinda ibiribwa bikomoka ku matungo				

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo gutandukanya ibiribwa n'ibinyobwa bikomoka ku matungo, gusobanura akamaro n'isuku yabyo.

Imfashanyigisho: ibiribwa n'ibinyobwa bituruka ku matungo biboneka aho batuye.; amafoto yerekana uburyo butandukanye bwo kugirira isuku ibiribwa n'ibinyobwa

Uruhare rw'ababyeyi: kugaburira abana indyo yuzuye kandi iteguranye isuku; gukaraba intoki, kurya no kunywera mu bikoresho bifite isuku, no kurira ahantu hasukuye; gutoza abana kutarobanura ibiribwa n'ibinyobwa; gutoza abana gusenga mbere na nyuma yo kurya.

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N' AHO BATUYE		INYIGISHO: IBIGO N'IMIRIMO IKORERWA AHO DUTUYE		
Umwaka wa 3 (imyaka 5-6) Ubumenyi bw'ibidukikije		Umutwe wa 7 : Imyuga ikorerwa aho dutuye		Igihe: Iyumweru 3
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku myuga ikorerwa mu bigo biri aho batuye n'akamaro kayo.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
- Kuvuga amazina y'ibigo bikorerwa aho batuye.	- Gutandukanya ibigo bikorerwa aho batuye - Kuvuga imyuga ikorerwa aho batuye n'abayikora - Gutahura akamaro k'ibigo bikorerwa aho batuye	- Gukunda umurimo unoze. - Kugira ishyamba ryo kuzaba umuyobozi wa bimwe mu bigo bikorerwa aho dutuye. - Gukorana umwete kandi neza - Gushima Imana yahaye abantu ubwenge n'ubuhanga bwo gukora imyuga itandukanye	- Ingero z'ibigo: Banki, Hoteri, Ikigo nderabuzima/ibitaro; Farumasi, Ishuri - Imyuga n'abayikora: ubuhinzi n'ubworozi, ubuganga, ubwarimu, ubwubatsi, ububaji, ubudozi, ubucuruzi, ... - Akamaro k'imyuga ikorerwa muri ibyo bigo - Ubwuzuzanye bw'imirimo	- Abana bakora urugendoshuri rwo gusura bimwe mu bigo bikorerwa hafi y'ishuri - Abana baganira ku byo babonye - Abana baganira ku kamaro k'ibihakorera no ku bwuzuzanye bw'imirimo - Mu matsinda mato, abana bakina bigana abakora imyuga inyuranye - Buri mwana ahabwa umwanya akabwira bagenzi be icyo azakora naba mukuru.
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: amagamba mashya ajyanyen'ibigo binyuranye, imirimo ikorerwamo n'abayikora no kunoza imvugo baganira kandi bakina ibyo babonye. Ibenezabuzima: bavuga ku bigo n'imirimo ijyanye n'ubuzima, bananura ingingo z'umubiri mu rugendo-shuri basura ibigo bikorerwa mu gace ishuri ryubatse; Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: bakina bigana imirimo babonye.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>ubushobozi bwo kuvuga amazina ya bimwe mu bigo bikorerwa aho batuye, imirimo ihakorera n'akamaro ifitiye abahatuye nabo ubwabo.</i>				
Imfashanyigisho: <i>urugendoshuri, ibikoresho byo gukina bigana ibikorera mu kigo bahisemo.</i>				

Uruhare rw'ababyeyi: kuganiriza abana ku nzozi z'ejo hazaza habo no kubashishikariza kwiga neza kugirango bazagere ku nzozi zabo; kubatoza gusenga bashimira Imana impano zitandukanye.

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N' AHO BATUYE **INYIGISHO: IBIGO N'IMIRIMO IKORERWA AHO DUTUYE**

Umwaka wa 3 (imyaka 5-6): **Umutwe wa 8:** Icingamutungo rirandeba **Igihe:** Ibyumweru 2
 Ubumenyi bw'ibidukikije

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kugaragaza uruhare rwabo mu micungire y'umutungo mu rugo no ku ishuri

Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Kuvuga ibigize umutungo mu rugo no ku ishuri	- Kubika ibikoresho bye neza - Gutandukanya imikino n'ibikorera mu rugo biftiye umuryango akamaro - Kwita ku bihingwa - Kwita ku matungo - Gukora ibikinsho byoroheje - Gukoresha neza amafaranga	- Gufata neza ibikoresho byo mu rugo no ku ishuri - Kwirinda kwandika ku nkuta z'amazu - Kwiyumvisha ko imiryango yose itanganya imitungo - Kunyurwa n'ibyo ahabwa n'ababyeyi - Kwirinda gusesagura - kuba inyangamugayo mu gukoresha amafaranga - Kugira umuco wo kuzigama	- Ibigize umutungo mu rugo: amazu, amatungo, imirima, ibikoresho byo mu gikoni, ibikoresho by'isuku... - Ibigize umutungo wo ku ishuri: inyubako, intebe, ameza, ikibaho, ibitabo, ibikinsho, - Ubufatanye bw'abagize umuryango - Akamaro k'amafaranga: Gukoresha neza amafaranga, kwizigamira Kuba inyangamugayo	- Mu matsinda mato, abana bitegereza ibishushanyo biriho ibigize umutungo mu rugo/ku ishuri; bafashijwe n'umurezi baganira bavuga ku byo babonyeho. - Bayobowe n'umurezi, abana baganira ku micungire y'umutungo wo mu rugo no ku ishuri. - Mu matsinda mato, abana bakora uturimo tujyanye n'ikigero cyabo: bahanagura intebe n'ameza, batoragura imyanda aho bakiniye, bakanabika ahabigenewe ibikoresho n'ibikinsho. - Basubiza ibibazo ku nkuru bumvise ku micungire y'umutungo. - Bayobowe n'umurezi, abana baganira ku bufatanye bw'abagize umuryango mu gushaka no gukoresha neza umutungo: kuzigama, gukoresha amafaranga neza no kudasesagura. Abana bakina udukino tugaragaza ubunyangamugayo mu gukoresha amafaranga, n'ibyiza byo kwizigamira (urugero: umucuruzi n'abaguzi).

<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'akamaro k'umutungo, no kunoza imvugo baganira mu matsinda uburyo bwo kwukoresha neza. Ibonezabuzima: baganira ku kamaro k'umutungo. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima bavuga ibibashimisha bigurwa amafaranga n'ingaruka zo kutizigamira no gusesagura. Imibare: kumenya agaciro k'ibiceri n'inoti.</p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo kuvuga akamaro k'umutungo n'uruhare rwabo mu kwukoresha neza.</p>				
<p>Imfashanyigisho: amashusho y'ibintu bigize umutungo, ibiceri, inoti n'ibindi bikoresho bifashisha mu mikino.</p>				
<p>Uruhare rw'ababyeyi: gutoza abana kubungabunga umutungo; umuco wo kuzigama no kudasesagura; kumenyereza abana gukora uturimo tujyanye n'ikigero cyabo, urugero: guha ubwatsi amatungo, gutumwa kuri butike iri hafi yo mu rugo...</p>				

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N’AHO BATUYE		INYIGISHO: UBURYO BWO GUTWARA ABANTU N’IBINTU N’ITUMANAHU		
Ubumenyi bw’ibidukikije: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)		Umutwe wa 9: Uburyo butandukanye bwo gutwara abantu n’ibintu		Igihe: Icyumweru 1
Imbumbe y’ubushobozi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku buryo bwo gutwara abantu n’ibintu ku butaka, mu mazi no mu kirere.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by’abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Kuvuga uburyo butandukanye bwo gutwara abantu n’ibintu babona aho batuye	- Gutandukanya uburyo bwo gutwara abantu n’ibintu ku butaka, mu mazi no mu kirere - Gukora ibikinisho bifitanye isano n’uburyo bwo gutwara abantu n’ibintu ku butaka, mu mazi no mu kirere	- Gukurikiza amategeko n’amabwiriza y’umutekano ajyanye n’uburyo butandukanye bwo gutwara abantu n’ibintu - Kwirinda impanuka - Gushima Imana yahaye abantu ubwenge bwo	- Uburyo bwo gutwara abantu n’ibintu: ku butaka, mu mazi, mu kirere - Imyitwarire ikwiye kuri buri buryo bwo gutwara abantu n’ibintu - Gukora ibikinisho bifitanye isano n’uburyo bwo	- Abana bose bakora urugendo-shuri aho bashobora kubona nibura bumwe mu buryo bwo gutwara abantu n’ibintu. Baganira ku byo babonye bayobowe n’umurezi. - Mu matsinda mato, abana bitegereza amashusho agaragaza uburyo butandukanye bwo gutwara abantu n’ibintu. - Bafashijwe n’umurezi, abana baganira ku byo babonye no ku myitwarire iboneye mu gukoresha uburyo butandukanye bwo gutwara abantu n’ibintu. - Abana bakora ibikinisho bijyanye n’uburyo bwo gutwara abantu n’ibintu. - Bayobowe n’umurezi, abana baganira ku

		kwikorera ibikoresho bakeneye	gutwara abantu n'ibintu	buryo Imana yahaye umuntu ubwenge bwo gukora ibinyabiziga bimufasha gutwara abantu n'ibintu
<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: ikinyarwanda: amagambo mashya arebana n'uburyo butandukanye bwo gutwara abantu n'ibintu ku butaka, mu mazi, no mu kirere; kunoza imvugo baganira ku byo babonye. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima baganira ku myitwarire iboneye ijyanye n'uburyo butandukanye bwo gutwara abantu n'ibintu. Ibonezabuzima : bifashishije ibikoresho bitandukanye bigana abatwara ibinyabiziga bitandukanye</p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwogutandukanya uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu ku butaka, mu mazi no mu kirere no kuvuga ku myitwarire iboneye ijyanye n'uburyo runaka bwakoreshejwe.</p>				
<p>Imfashanyigisho: urugendo shuri, amashusho n'ibikinisho.</p>				
<p>Uruhare rw'ababyeyi: Kuganiriza abana ku mategeko n'amabwiriza ajyanye n'uburyo butandukanye bwo gutwara abantu n'ibintu; gutoza abana gushimira Imana yahaye umuntu ubushobozi butangaje.</p>				

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N’AHO BATUYE		INYIGISHO: UBURYO BWO GUTWARA ABANTU N’IBINTU		
Ubumenyi bw’ibidukikije: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)		Umutwe wa 10: Kwirinda impanuka mu muhanda		Igihe: Icyumweru 1
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kwitwara neza ku muhanda bifashishije ibyapa bihaboneka n’amabwiriza areba abanyamaguru.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by’abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya	- Uburyo bwo kwirinda	- Abana bakora urugendoshuri ku muhanda ubegereye. Bitegereza umuhanda, n’ ibyapa bihari.

- Gusobanura bimwe mu bimenyetso byifashishwa mu kwirinda impanuka ku muhanda. - Kuvuga nimero ya telefoni yahamagara akeneye ubufasha	- Gutahura uburyo butandukanye bwo kwirinda impanuka ku muhanda - Guhamagara ushinzwe umutekano wo ku muhanda bibaye ngombwa	- Kubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga abanyamaguru ku muhanda - Kubungabunga ubuzima bwabo n'ubwa bagenzi babo	impanuka ku muhanda - Bimwe mu byapa byifashishwa mu kwirinda impanuka mu muhanda.	Bayobowe n'umurezi, baganira ku buryo bwo gukoresha umuhanda neza (urugero: uruhande abanyamaguru bakoresha, ibyitonderwa mu kwambuka umuhanda,...) - Abana bakora ibikorwa byo kwambuka umuhanda neza birinda impanuka bahereye ku rugero rw'umurezi kandi bafashishwe na we ndetse n'ushinzwe umutekano mu muhanda. - Abana bitegereza banaganira ku mashusho ya bimwe mu byapa byifashishwa mu kurinda impanuka ku muhanda bahereye ku byo abana babona aho batuye, n'ibijyanye n'ikigero cyabo. - Abana bakina udukino dutandukanye tugaragaza uburyo bwo kwambuka umuhanda birinda impanuka, n'abashinzwe umutekano ku muhanda
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: amagambo mashya arebana n'uburyo bwo kwirinda impanuka ku muhanda; kunoza imvugo baganira ku byo babonye. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima baganira ku myitwarire iboneye mu muhanda; imibare: bafata mu mutwe kandi bagakoresha inimeru bahamagara bagiriye ikibazo ku muhanda.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>kwitwara neza ku muhanda bifashishije ibyapa bihaboneka n'amabwiriza areba abanyamaguru.</i>				
Imfashanyigisho: <i>urugendoshuri, amashusho n'ibikinsho</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Kuganiriza abana ku mategeko n'amabwiriza ajyanye n'uburyo bwo kwirinda impanuka ku muhanda; kubaha inimeru bakwifashisha bikenewe no kubigisha uko bazikoresha.</i>				
IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N'AHU BATUYE		INYIGISHO: UBURYO BW'ITUMANAHU		
Umwaka wa 3 (imyaka 5-6) Ubumenyi bw'ibidukikije	Umutwe wa 11: Uburyo butandukanye bw'itumanaho		Igihe: icyumweru 1	
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga no gukoresha uburyo butandukanye bw'itumanaho buboneka aho batuye.				
Intego		Icyigwa	Ibikorwa by'abana	
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya	Uburyo	- Abana bose bitegereza ibikoresho

- Kuvuga uburyo butandukanye bw'itumanaho buboneka aho batuye	- Gutandukanya ibikoresho by'itumanaho	- Kwihutira gutanga ubutumwa	bw'itumanaho: -Ibaruwa -Telefoni -Radiyo -Ibinyamakuru -Televisiyo - Ifirimbi -Ingoma - Inzogerera -Uko buri buryo bukoreshwa	binyuranye by'itumanaho - Mu matsinda, abana baganira ku bikoresho binyuranye babonye n'uburyo bikoreshwa. - Buri mwana yikorera igikinisho ashaka kijyanye n'itumanaho agasobanura n'uburyo yagikoresha. - Abana bakina udukino tunyuranye bifashisha ibikoresho by'itumanaho banerekana uburyo bikoreshwa.
- Gusobanura uko babigenza mu gukoresha uburyo bw'itumanaho	- Gukoresha bimwe mu bikoresho by'itumanaho biboneka aho batuye	- Guha agaciro itumanaho mu buzima bwa buri muni		
	- Gukora ibikinisho bigana ibikoresho by'itumanaho	- Kwirinda kubeshya kuri telefoni.		
Ihuriro n'ibindi byigwa: ikinyarwanda: amagambo mashya arebana n'ibikoresho by'itumanaho no kunoza imvugo. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: baganira ku bikoresho by'itumanaho. Imibare: bavuga nimeru za telefoni mu mutwe, bakoresha telefoni bahamagara bagize ikibazo, ubugeni n'umuco: bihangira ibikinisho by'itumanaho nka telefoni.				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo gutandukanya mu mazina ibi bikoresho by'itumanaho no gukoresha bimwe mu bikoresho by'itumanaho bikoreshwa kenshi aho atuye.				
Imfashanyigisho: ibikoresho binyuranye by'itumanaho, n'ibikinisho				
Uruhare rw'ababyeyi: gutoza abana kwihutira gutanga ubutumwa, guha agaciro itumanaho no kwigisha abana gukoresha bimwe bu bikoresho by'itumanaho.				

IMBUMBANYIGISHO: ABANTU N'AHU BATUYE		INYIGISHO: IMINSI MIKURU	
Ubumenyi bw'ibidukikije: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)		Umutwe wa 12: Iminsi mikuru n'umuco nyarwanda	Igihe: Ibyumweru 2
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuririmba, kubyina, kuvuga imivugo migufi no guhamiriza bigaragaza umuco nyarwanda.			
Intego	Icyigwa	Ibikorwa by'abana	

Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya	Iminsi mikuru: Umunsi w' Intwari. Umuganura, Ubunani Kwizihiza iminsi mikuru: indirimo, imbyino, imivugo, umuhamirizo, indirimo zihimbaza Imana	- Abana bose bararimba indirimo zinyuranye harimo n'iz'Imana. -Mu matsinda abiri, abana bamwe bararimba, abandi bakabyina imbyino bazi. -Abana bose bavuga imivugo. - Mu matsinda mato, abana bahamiriza bakurikije umurishyo w'ingoma. -Abana bavuga ibyabashimishije igihe baririmbaga, bahamirizaga, cyangwa bavugaga imivugo. -Mu matsinda, abana baganira aho bikorerwa, n'igihe bikorwa. - Mu matsinda mato, abana baganira ku bikoreho byifashishwa mu kubyina no mu guhamiriza. -Abana baganira ku minsi mikuru bazi n'uw'ubunani. -Bayobowe n'umurezi, abana baganira ku munsi mukuru w'umuganura, w'intwari, ubunani, ... -Abana baja mu matsinda bakurikije ibyo bakunda, buri tsinda rikerekana ibikorwa byaryo.
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: amagambo mashya ari mu mbyino n'indirimo, ibyivugo n'imivugo, ibikoreho byo kubyina no guhamiriza; kunoza imvugo baganira baririmba, bavuga imivugo. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: bishimira kuririmba, kubyina, kuvuga imivugo, guhamiriza no kwivuga. Ibonezabuzima : igororangingo binyuze mu kubyina no guhamiriza</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo kuririmba, kubyina imbyino z'ikinyarwanda, kuvuga imivugo migufi no guhamiriza.</i>				
Imfashanyigisho: <i>ibikoreho bijyanye no kuririmba, kubyina no guhamiriza.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>kujyana n'abana mu minsi mikuru; kureka abana babyifuzza bakajya mu matorero y'umuco; kwigisha abana indirimo zihimbaza Imana.</i>				
IMBUMBANYIGISHO: IBINYABUZIMA			INYIGISHO: IBIMERA	
Ubumenyi bw'ibidukikije: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe wa 13: Ibyo ibimera bikenera kugira ngo bikure neza	Igihe: Icyumweru 1
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku bintu by'ibanze ibimera bikenera kugira ngo bikure neza no kwita ku bihingwa.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana

Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibintu bitandukanye ibimera bikenera kugira ngo bikure neza - Kuvuga ibikorwa mu rwego rwo kwita ku bihingwa 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza impamvu yatumye ibimera bikura neza - Kugaragaza impamvu yatumye ibimera bikura nabi 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukunda no kwita ku bimera - Kwirinda kwangiza ibihingwa - Gushima Imana yaremye ibimera byose 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibimera bikenera: ubutaka burimo ifumbire, amazi - Kwita ku bihingwa: gusukira, gusasira, gufumbira - Imana ni yo yaremye ibimera 	<ul style="list-style-type: none"> - Mu matsinda amwe y'abana, bahitamo igihingwa batera mu butaka burimo ifumbire, bakacyitaho mu gihe gikwiriye kugira ngo babone imikurire yacyo. - Mu gihe kimwe, andi matsinda mato y'abana atera igihingwa ariko bo ntibajye bakitaho basukira. - Nyuma y'igihe gito, abana bitegereza ibihingwa byo mu matsinda yombi, bakabigereranya, bakaganira ku mpamvu ibihingwa bimwe byakuze neza naho ibindi bikagwingira. - Abana bakora ibikorwa bijyanye n'ikigero cyabo bita ku bihingwa biri mu busitani bw'ishuri. - Abana basura ibimera biboneka ku ishuri, mu karima k'igikoni, no mu nkengeru zaryo berekana ibyakuze neza n'ibyakuze nabi.
<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye no kwita ku bihingwa; kunoza imvugo bavuga ku buryo bitaye ku bihingwa bateye n'ibyo babonye. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: bashimishwa n'ibyakuze neza, bababazwa n'ibitarakuze neza.</p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: gutandukanya ibimera byakuze neza n'ibyakuze nabi no kuvuga bimwe mu by'ibanze ibimera bikenera kugira ngo bikure neza.</p>				
<p>Imfashanyigisho: ibimera binyuranye bateye n'ibyo basuye</p>				
<p>Uruhare rw'ababyeyi: gutoza abana kwita ku bihingwa no gushimira Imana yaremye ibimera byose.</p>				
IMBUMBANYIGISHO: IBINYABUZIMA		INYIGISHO: INYAMANSWA		
Ubumenyi bw'ibidukikije: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)		Umutwe wa 14: Inyamanswa zo mu mazi		Igihe: Ibyumweru 3
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya inyamanswa zo mu mazi.				
Intego		Icyigwa	Ibikorwa by'abana	

Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Kuvuga amazina y'inyamanswa zo mu mazi	-Gutandukanya inyamanswa zo mu mazi n'izo ku gasozi - Gusobanura akamaro k'amafi ku mubiri w'umuntu	-Kwishimira no kumenya agaciro k'inyamanswa Imana yaremye -Kuzibungabunga -Kwirinda inyamanswa zo mu mazi zishobora kugirira nabi umuntu - Gushimira Imana yaremye inyamanswa zo mu mazi	-Inyamanswa zo mu mazi: amafi, ingona, imvubu - Akamaro k'amafi ku mubiri w'umuntu	-Mu matsinda mato cyangwa bose hamwe, abana bitegereza amashusho y'inyamanswa zo mu mazi. Bafashijwe n'umurezi, batahura ibyo zihuriyeho n'ibizitandukanya, kandi bagashobora no kuzitandukanya n'amatungo n'izo mu gasozi bize mbere: bita ku mubare w'amaguru, amaboko, amatwi...; ku bunini; ku buryo zigenda, n'ibindi. - Abana batega amatwi imigani, inkuru, bivuga ku nyamanswa zo mu mazi nyuma bagasubiza ibibazo kuri izo nkuru. - Abana bose baririmbira hamwe indirimbo cyangwa bagakina imikino bijyanye n'inyamanswa zo mu mazi. - Gusubiza ibibazo ku Ijambo ry'Imana rivuga ku iremwa ry'inyamanswa zo mu mazi.
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'amazina n'imiterere y' inyamanswa zo mu mazi; kunoza imvugo baririmba; Ibonezabuzima: Mu miririre basobanukirwa n'akamaro ko kurya amafi; Imibare: kubara inyamanswa ziri ku gishushanyo.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo gutandukanya inyamanswa zo mu mazi n'uburyo bwo kwirinda ko izo nyamanswa zahungabanyaga ubuzima bwabo.</i>				
Imfashanyigisho: <i>amashusho y'inyamanswa zo mu mazi, udutabo tw'inkuru ku nyamaswa zo mu mazi.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Gusomera abana inkuru ku nyamaswa zo mu mazi; gutoza abana kwirinda inyamanswa zo mu mazi zabagirira nabi iyo baturiyeye imigezi n'ibiyagaba,</i>				

IMBUMBANYIGISHO: IBINYABUZIMA			INYIGISHO: INYAMANSWA	
Ubumenyi bw'ibidukikije: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe wa 15: Inyamanswa n'aho ziba	Igihe: Icyumweru 1
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku nyamanswa bagaragaza aho ziba, uko bakwirinda izabagirira nabi.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amazina y'inyamanswa zimwe na zimwe - Kuvuga uko bakwirinda izabagirira nabi 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya inyamanswa bahereye aho ziba - Gushyira hamwe amashusho y'inyamanswa zifite icyo zihuriyeho - Gushushanya inyamanswa bihitiyemo - Kuririmba uturirimbo turimo inyamanswa 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwirinda inyamanswa zabagirira nabi - Gukorera hamwe - Gushimira Imana yaremye inyamanswa ziba mu mazi 	<ul style="list-style-type: none"> - Aho inyamanswa ziba: ku butaka, mu mazi, iziguruka mu kirere - Inyamanswa zo kwirindwa n'uburyo bwo kuzirinda - Imana yaremye inyamanswa zose 	<ul style="list-style-type: none"> - Mu matsinda mato, abana bitegereza amashusho y'inyamanswa zitandukanye. Baganira bavuga aho ziba muri rusange, icyo zirya. - Abana bavuga kuri buri nyamaswa n'aho iba - Abana bose hamwe cyangwa mu matsinda mato bakina imikino isaba gutandukanya inyamanswa, kwigana inyamanswa; - Baririmba hamwe cyangwa mu matsinda mato uturirimbo turimo inyamanswa; - Abana baganira mu matsinda ya batatu ku buryo bwo kwirinda inyamanswa zabagirira nabi - Buri mwana ahabwa umwanya wo gushushanya inyamanswa akunda no gusobanura impamvu ayikunda; iyo atinya kurusha izindi n'impamvu ayitinya. - Mu matsinda mato bashyira hamwe udukarita tw'inyamanswa bakurikije aho ziba cyangwa bashingiye ku zindi ngingo bihitiyemo. - Abana basubiza ibibazo bijyanye n'Ijambo ry'Imana rivuga ku iremwa ry'inyamanswa.

<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'aho inyamanswa ziba, kunoza imvugo bavuga amazina y'inyamanswa; ibonezabuzima bavuga ku nyamaswa zo kwirindwa n'uburyo bwo kuzirinda; iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: kugaragaza ko bakunda zimwe mu nyamaswa zo mu rugo, mu gufata neza aho inyamanswa ziba, no mu kwirinda inyamanswa zishobora kugirira nabi abantu.</p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo gutandukanya aho inyamanswa ziba, kuvuga zimwe mu zihaboneka, no kuvuga izo kwirindwa n'uburyo bwo kuzirinda.</p>				
<p>Imfashanyigisho: amashusho y'inyamanswa anyuranye, n'amashusho agaragaza aho ziba.</p>				
<p>Uruhare rw'ababyeyi: gutoza umwana kwita ku bidukikije no kumuganiriza ku nyamaswa akwiriye kwirinda n'uburyo bwo kuzirinda.</p>				

IMBUMBANYIGISHO: IBIDUKIKIJE KAMERE N'IBYAKOZWE NA MUNTU			INYIGISHO: AMAZI	
Ubumenyi bw'ibidukikije: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe wa 16: Kunywa amazi meza no gukoresha amazi neza	
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga akamaro ko kunywa amazi meza, n'uburyo bwo gukoresha amazi neza.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyiingiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga bimwe mu biranga amazi meza yo kunywa. - Kuvuga uburyo bwo gukoresha amazi neza. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya amazi yo kunywa n'amazi mabi. - Gusobanura uburyo bukoreshwa iwabo mu rugo mu gusukura amazi yo kunywa. - Gukoresha amazi neza mu bikorwa binyuranye mu rugo no ku ishuri. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugira akamenyero ko kunywa amazi meza - kunywera amazi mu bikoresho bisukuye. - Kugira akamenyero ko kunywa amazi buri muni - Kudasesagura amazi. - Gukorana n'abandi. 	<ul style="list-style-type: none"> - Akamaro ku kunywa amazi meza - Uburyo bwo gukoresha amazi neza 	<ul style="list-style-type: none"> - Mu matsinda, abana bitegereza amazi asa neza ku jisho n'amazi yanduye; baganira kuri ayo mazi bavuga ku biyaranga. - Abana bitegereza kandi baganira mu matsinda ku mashusho yerekana uburyo butandukanye bwo kubona amazi meza yo kunywa n'akamaro kayo. - Mu matsinda, abana baganira ku buryo bwo kubika neza amazi yo kunywa no kubikoresho bayanyweshya. - Abana baganira ku buryo bwo gukoresha amazi neza no ku buryo bwo kuyakoresha nabi. - Kuganira ku ngaruka zo gukoresha amazi mabi - Abana baganira mu matsinda uburyo bwo gusaranganya amazi make.
Ihuriro n'ibindi byigwa: ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'akamaro k'amazi meza n'uburyo bwo kuyakoresha neza; kunoza imvugo bavuga ku mazi. Ibonezabuzima: bavuga akamaro ko kunywa amazi meza no kuyanyweshya ibikoresho bisukuye. Iteramberemu mibanire n'abandi n'imbamutima: bazirikana abandi mu gukoresha amazi cyane cyane igihe ari make.				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwokuvuga akamaro ko kunywa amazi meza, n'uburyo bwo gukoresha amazi neza				
Imfashanyigisho: amazi, amashusho yerekana uburyo butandukanye bwo kubona amazi meza yo kunywa.				
Uruhare rw'ababyeyi: gutoza abana kunywa amazi meza, kuyabika no kuyanyweshya ibikoresho bisukuye, no kudasesagura amazi				

IMBUMBANYIGISHO: IBIDUKIKIJE KAMERE N'IBIKORWA NA MUNTU			INYIGISHO: IBIHE BY'IKIRERE	
Ubumenyi bw'ibidukikije: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe wa 17: Tumenye guteganya ibihe by'ikirere	Igihe: Icyumweru 1
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora guteganya uko ikirere kiri bube kimeze bahereye ku bimenyetso bakesha kwitegereza; kugaragaza imyitwarire ijyanye n'uko ibihe by'ikirere biteganyijwe.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyinyiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ikibabwira ko imvura iri bugwe - Kuvuga ikibabwira ko izuba riri buve - Kuvuga uko bakwiye kwitwara mu bihe by'imvura cyangwa by'izuba 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ko umunsi uri burangwe n'izuba cyangwa imvura bahereye ku byo bitegereje - Guhitamo imyambaro n'ibikoresho bijyanye n'ibihe by'ikirere giteganyijwe 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitwararika mbere yo guhitamo imyambaro - Gushimira Imana ku bihe bitandukanye by'ikirere 	<ul style="list-style-type: none"> - Guteganya igihe witegereje imiterere y'ikirere: umunsi uri burangwe n'izuba, n'imvura. - Imyitwarire ikwiye bitewe n'ibihe biteganyijwe - Imana ni yo mugenga w'ibihe 	<ul style="list-style-type: none"> - Abana barasohoka bakitegereza igihe cy'uwo munsi, bakakiganiraho. - Abana baganira ku myifatire ijyanye n'imiterere y'uwo munsi. - Mu matsinda, abana bitegereza amafoto yerekana ibihe by'ikirere bitandukanye n'uwo munsi. Baganira bavuga uko biyumva, n'uko bitwara muri ibyo bihe bitandukanye. - Abana bahuza ifoto igaragaza imiterere y'umunsi n'ifoto y'imyambaro n'ibikoresho bijyanye. - Abana bashushanya abantu bajyanye n'igihe bishakiye maze bagasobanurira abandi ibyo bashushanyije. Urugero: umuntu witwikiriye umutaka.
Ihuriro n'ibindi byigwa: ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'iteganyagihye n'imyitwarire ikwiye no kunoza imvugo baganira ku bihe n'ihinduka ryabyo. Ibenezabuzima bavuga ku myitwarire ikwiye ijyanye n'umunsi uteganyijwe; iterambere mu				

mibanire n'abandi n'imbamutima bavuga ibihe bibanzereza n'impamvu. Ubugeni n'umuco: bashushanya amashusho ajyanye n'ibihe bishakiye.

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: *ubushobozi bwo guteganya uko umunsi uri bube umeze barebeye ku miterere y'ikirere, kandi babasha kugira imyitwarire ijyanye n'uko umunsi uteganyijwe.*

Imfashanyigisho: *amafoto yerekana imiterere inyuranye y'igihe, amashusho ajyanye n'imyifatire ikwiye ijyanye n'umunsi uteganyijwe.*

Uruhare rw'ababyeyi: *gutoza umwana imyitwarire irinda ubuzima bwe akurikije umunsi uteganyijwe, no guha umwana ibikenewe bijyanye n'ibyo bihe.*

IMBUMBANYIGISHO: IBIDUKIKIJE KAMERE N'IBYAKOZWE NA MUNTU			INYIGISHO: IBITANGA URUMURI	
Ubumenyi bw'ibidukikije: Umwaka wa 3(imyaka 5-6)			Umutwe wa 18 : Tumenye gutandukanya ibitanga urumuri	Igihe: Icyumweru 1
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya ibitanga urumuri kamere n'ibyakozwe na muntu, kuvuga ku kamaro k'urumuri n'uburyo bwo kwirinda impanuka ziterwa na bimwe mu bitanga urumuri.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwaby'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya	- Gutandukanya ibitanga urumuri - Akamaro k'urumuri: kubona, umutekano, - Kwirinda impanuka zaterwa na bimwe bitanga urumuri: buji, ikibiriti	- Abana bashyira mu matsinda ibitanga urumuri batandukanya ibiri karemano n'ibyakozwe na muntu. - Abana bose bitegereza ibitanga urumuri bifatika byateganyijwe. - Mu matsinda, abana bitegereza ibitanga urumuri biri ku mashusho, bakabiganiraho mu matsinda; - Bayobowe n'umurezi, abana baganira ku kamaro k'urumuri no ku bibi by'umwijiama, bavuga ku buryo bwo kwirinda impanuka zishobora guterwa na bimwe mu bitanga urumuri. - Buri mwana ashushanya bimwe mu bitanga urumuri kandi agahabwa umwanya wo gusobanura ibyo yakoze. - Abana bumva kandi baganira ku Ijambo ry'Imana rivuga ku rumuri.
- Kuvuga akamaro k'urumuri. - Kuvuga ibibazo biterwa n'umwijiama.	- Gutandukanya ibitanga urumuri karemano n'ibyakozwe na muntu. - Gusobanura uko bigenda iyo nta rumuri ruhari - Gufata ingamba zikwiye igihe nta rumuri kugira ngo birinde impanuka.	- Gukunda urumuri - Kwitwararika ku bitanga urumuri bishobora guteza impanuka. - Kwitwararika mu mwijiama - Gushimira Imana yaremye urumuri		
Ihuriro n'ibindi byigwa: ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'akamaro k'urumuri, kunoza imvugo baganira ku kamaro k'urumuri n'ibibi by'umwijiama, no ku mpanuka zituruka kuri bimwe mu bitanga urumuri. Ibonezabuzima: bavuga ku kamaro				

k'urumuri ku maso yacu, no ku mpanuka zishobora guterwa na bimwe mu bitanga urumuri. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima bavuga ibyiza by'urumuri n'ibibi by'umwijima.

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: *ubushobozi bwo gusobanura ibyiza by'urumuri n'ibibi by'umwijima.*

Imfashanyigisho: *ibitanga urumuri byateganyijwe, n'ibiri ku mashusho.*

Uruhare rw'ababyeyi: *guha abana urumuri ruhagije mu byo bakora mu rugo; gutoza abana kwirinda impanuka zishobora guterwa n'ibitanga urumuri; kwigisha abana gusenga basaba kugendera mu rumuri rw'Imana.*

IMBUMBANYIGISHO: IBIDUKIKIJE KAMERE N'IBYAKOZWE NA MUNTU		INYIGISHO: IBIDUKIKIJE BYAKOZWE NA MUNTU		
Ubumenyi bw'ibidukikije: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)		Umutwe wa 19: Ibikorwa by'abantu n' ibidukikije		Igihe: Ibyumweru 2
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gusobanura uko ibikorwa by'abantu bishobora kubangamira ibidukikije, banagaragaza imyitwarire ikwiye irengera ibidukikije.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kurondora ibikorwa by'abantu - Gutahura ingaruka z'ibikorwa by'abantu ku bidukikije - Kuvuga bimwe mu bikorwa mu kurengera ibidukikije 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ku bikorwa by'abantu n'uburyo bibangamira ibidukikije - Gusonura uburyo bwo kurengera ibidukikije 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukunda no kwita ku bidukikije - Kwiyumvisha ubwuzuzanye bw'ibidukikije - Guha agaciro buri cyose mu bidukikije - Kwirinda guta imyanda ahabonetse hose, no kuyishyira ahabugenewe - Gukorana n'abandi 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibikorwa by'abantu: amazu, imihanda, amateme ibiraro n'akamaro bifitiye abantu - Ingaruka z'ibikorwa by'abantu ku bidukikije - Kurengera ibidukikije - Imana yahaye umuntu ubwege butangaje 	<ul style="list-style-type: none"> - Abana bakora urugendoshuri hafi y'ishuri bitegereza banaganira ku ibikorwa binyuranye by'abantu - Mu matsinda mato, abana bitegereza banaganira ku amashusho yerekana ibikorwa binyuranye by'abantu. - Abana baganira ku kamaro ibyo bikorwa bifitiye abantu - Mu matsinda, abana bakurikije ibyo babonye mu rugendoshuri no ku mafoto batahura ingaruka z'ibikorwa by'abantu ku bidukikije. - Abana bahereye ku ngaruka batahuye, baganira mu matsinda berekana icyakorwa kugira ngo ibikorwa by'abantu byoye kubangamira ibidukikije. - Gukina udukino tujyanjye no kwita ku bidukikije bayobowe na mwarimu - Abana batoragura imyanda mu ishuri no hafi yaryo bakayishyira ahabugenewe - Abana batera ibiti ku ishuri no mu nkenero zaryo kandi bakabyitaho mu matsinda ya

				babiri.
<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'ibikorwa binyuranye by'abantu no kurengera ibidukikije, kunoza imvugo baganira ku bikorwa by'abantu no kurengera ibidukikije. Ibonezabuzimabatoragura imyanda bakayishyira ahabugenewe, banatera ibiti bakabyitaho. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima bavuga ibyo bakunda mu bidukikije.</p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma : Ubushobozi bwo gusobanura uko ibikorwa by'abantu bishobora kubangamira ibidukikije, banagaragaza imyitwarire ikwiye irengera ibidukikije impanvu</p>				
<p>Imfashanyigisho: ibidukikije bisurwa mu rugendoshuri, amashusho anyuranye, ingemwe zo gutera, udutebo two kujugunyamo imyanda.</p>				
<p>Uruhare rw'ababyeyi: gutoza abana isuku no kurinda ibidukikije; gutoza abana gushimira Imana kubera impano zitandukanye yahaye umwana w'umuntu</p>				

IMBUMBANYIGISHO: IKORANABUHANGA			INYIGISHO: IKORANABUHANGA MU BIKORWA	
Ubumenyi bw'ibidukikije: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe wa 19: Kwihangira ibikinisho	Igihe: Ibyumweru 3
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kwihangira ibikinisho bifashishije ibikoresho biboneka aho batuye n'uburyo bworoheje.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyingiro	Ubukeshya	- Ingero z'ibikinisho: umupira, indege, telefoni, imodoka, ubwato, igipupe, ubwato...	- Abana bitegereza ibikinisho binyuranye basanzwe bakoresha babivuga amazina - Abana bose bitegereza ibikoresho binyuranye byakwifashishwa mu guhanga ibikinisho. - Buri mwana atahura ibikoresho byamufasha guhanga igikinisho runaka, ahitamo ibyo bikoresho agatangira guhanga. - Buri mwana yerekana igikinisho yahanze. - Buri mwana asubiza ibikoresho bisigaye aho yabikuye, akanasukura aho yakoreye.
-Kuvuga ibikoresho binyuranye byakoreshwa mu kwihangira ibikinisho	-Gutahura igikinisho cyakorwa mu gikoresho runaka Gukora ibikinisho binyuranye	-kwiyumvisha ko kwihangira ibikinisho bishoboka -gukunda imirimo y'amaboko no kwishimira umurimo unozwe -guha agaciro iby'iwacu -gufata neza ibikinisho.		
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'ibikoresho binyuranye n'ibikinisho bihangiyeye no kunoza</i>				

imvugo baganira ku bihangano byabo, banasobanurirana uko babikoze. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: bishimira ibyo bakoze, banatangerira impano za bagenzi babo; ubugeni n'umuco: bihangira ibikinisho. Ibonezabuzima : gukoresha imikaya mito bakora ibikinisho bitandukanye

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: *Ubushobozi bwo kwihangira ibikinisho binyuranye mu bikoresho biboneka aho batuye.*

Imfashanyigisho: *ibikinisho n' ibikoresho binyuranye byo kwifashisha mu gukora ibikinisho*

Uruhare rw'ababyeyi: *gutoza abana kwihangira ibikinisho, kubifata neza, guha abana umwanya wo kwikorera ibikinisho n'igihe cyo kubikinisha; gutoza abana gukora imirimo y'amaboko no gukunda iby'iwacu.*

6.2.5. Ibikoresho by'ingenzi/Imfashanyigisho bizakenerwa

- Ibikoresho by'ishuri: amakaramu, ingwa, amakaramu asanzwe, amakaramu y'amabara
- Ibikinisho binyuranye
- Ibishushanyo/amafoto bigaragaza ibidukikije binyuranye bijyanye na buri mutwe:
- Inkuru zishushanyije ku bipapuro binini
- Udukarita dushushanyijeho ibidukikije binyuranye hakurikijwe insanganyamatsiko: udukarita tw'inyamanswa, ibimera, ibitanga urumuri n'ibindi
- Imfashanyigisho ifatika iboneka mu gace ishuri ryubatsemo: ibitanga urumuri byakozwe n'abantu, ibendera ry'u Rwanda, ibiribwa, ibinyobwa,
- Imfashanyigisho ifatika y'ibikoresho biranga imyemerere: Bibiriya, Ikorowani, ibitabo by'amasengesho n'iby'indirimo, ingoma, ishapure, umusaraba n'ibindi.
- Ibivomesho, ibyuhizo, ibidahisho
- Ibikenyeri, ibitambaro, ibirere, imigozi, n'ibindi.
- Impfundikizo, udukarito, impapuro, ubudodo, n'ibindi

6.3. IMIBARE

6.3.1. Ubushobozi bw'umwana urangije ikicro cy'inshuke

Ibikorwa by'imibare bizagira uruhare rukomeye mu gutegura umwana gukurikira neza gahunda y'imibare mu mashuri abanza no guteza imbere umwana mu ngeri z'imikurire zinyuranye. Biteguye ku buryo biteza imbere ubushobozi bwo gutekereza, gushyira mu gaciro, ubushishozi, ubushakashatsi no gukemura ibibazo. Bizateza imbere umuco wo gukorera hamwe, gusangira ibikoresho, gushyira ibintu mu mwanya wabyo no gukora ibintu kuri gahunda.

By'umwihariko, umwana urangije ikicro cy'inshuke mu birebana n'imibare azaba ashobora:

- Kuvangura no gushyira hamwe ibintu ashingiye ku ngingo zinyuranye nk'amabara, amaforomo, umumaro, imimerere n'ibindi;
- Gukoresha amagambo yabugenewe agereranya ibintu no gutondeka ibintu hakurikijwe uburebure, uburemere, itwara n'ingano;
- Kubara bakurikiranya imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 20;
- Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera ku 10;
- Guteranya, gukuramo no kugabanya **ibintu bifatika** bitarenze 10;
- Gutandukanya iminsi y'icyumweru no kwitabirana bushake gahunda y'umunsi n'iy'icyumweru amenyereye mu rugo no ku ishuri;
- Gukurikiranya ibintu akurikije igihe byabereye, urugero: ejo twashushanyije imodoka, uyu munsi twize indirimbo, ejo tuzakina umupira.
- Kugaragaza ko asobanukiwe n' agaciro k'amafaranga ayakoresha kandi ayabika neza;
- Gupima ibintu akoresheje uburyo gakondo (urugero: intambwe, intera z'ikiganza) bitarengeje ibipimo by'icumi (10).
- Gutandukanya amashusho ngero (mpandenye, mpandeshatu n'uruziga) no gukoresha uko bikwiye indangahantu n'ibyerekezo aranga aho ari n'aho ibintu biri.
- Gukomeza uruherekane rwisubiramo (*patterns*) ahereye ku rugero yahawe.

6.3.2. Integanyanyigisho y'Umwaka wa mbere w'inshuke

IMBUMBANYIGISHO: IMIBARE		INYIGISHO: IBARA		
Imibare:umwaka wa 1 w'amashuri y'inshuke (imyaka 3-4)		umutwe wa 1 : kubara mu ndirimbo, imikino n'imivugo		igihe: ibyumweru 6
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gukoresha amazina y'imibare mu ndirimbo, mu mivugo no mu mikino migufi				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Kuvuga amazina y'imibare ari mu ndirimbo n'imivugo	- Kuvuga imivugo irimo imibare - Gukina imikino irimo imibare - Kuririmba indirimbo zirimo imibare agendera hamwe n'abandi	- Gukorera hamwe n'abandi - Kwimenyereza kuririmba hamwe n'abandi kandi abikunze. - Kugaragaza imbamutima igihe aririmba	Indirimbo, imivugo n'udukino birimo imibare	- Kwitegereza igishushanyo kigaragaza ibivugwa mu ndirimbo/ mu mivugo - Mu matsinda mato, cyangwa umwe umwe, abana basubiramo igice cy'indirimbo cyangwa cy'umuvugo bakurikije urugero rw'umurezi, kugeza igihe babimenyeye. - Gukina imikino irimo imibare: urugero, Bashobora gukoma mu mashyi nyuma y'umubare 1, 2 cyangwa 3, umwana akavuga izina rye bigatuma bamenyana. <u>Utundi dukino: Umubare w'icyumweru; guhuza utudomo, Guhuza abana, Mwivange, Mwivange! Dufite imyaka ingahe?</u>
Ihuriro n'ibindi byigwa: Kinyarwanda: Kunoza imvugo mu ndirimbo, mu mivugo no mu mikino ; Ubugeni n'umuco: baririmba, bavuga imivugo; Iterambere mu mibanire n'abandi n' imbamutima: bamenya amazina ya bagenzi babo, bagaragaza ibyishimo; Ibonezabuzima: guhuza imiyego n'injyana y'indirimbo bakoma mu mashyi.				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo kuririmba, kuvuga imivugo no gukina babara bakurikiza amabwiriza bahawe.				
Imfashanyigisho: ibishushanyo bigaragaza ibivugwa mu ndirimbo mu mikino				
Uruhare rw'ababyeyi: Kuririmba no gukinira hamwe n'abana babara mu rugo iwabo. Gutege amatwi abana no kubashimagiza kugira ngo barusheho gutera imbere no kwigirira icyizere.				

IMBUMBANYIGISHO: IMIBARE		INYIGISHO: GUKORA IBIRUNDO		
Imibare: Umwaka wa mbere (imyaka 3-4)		Umutwe wa 2: Kuvangura no gushyira hamwe ibintu		Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvangura no gushyira hamwe ibintu bifite icyo bihuriyeho bashingiye byibura ku ngingo imwe bahawe.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'umwana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
- Kuvuga amazina y'amabara - Gutahura ibintu bifite imimerere n'imiterere inyuranye	- Gutandukanya amabara - Kuvangura ibintu no gushyira hamwe ibintu bifite icyo bihuriyeho	- Gukorera hamwe - Gukurikiza amabwiriza yahawe - Gusangira ibikoresho - Gushyira ibintu mu mwanya wabyo	Ingingo zishingirwaho mu gukora ibirundo Amabara: - umutuku - ubururu - umuhondo - icyatsi kibisi - iroza - umweru - umukara Imimerere/ imiterere y'ibintu	- Kuri buri bara hakorwa ibi bikurikira: Abana bitegereza ibintu binyuranye bifite ibara bagezeho biga Mu matsinda mato, abana batoranya mu bintu byinshi bifite amabara anyuranye, ibintu bifite ibara bagezeho biga. Buri mwana akora uyu mwitozo - Mu matsinda mato bakora ibirundo bashyira hamwe ibintu bisa bagasobanurira abandi ingingo bagendeyeho. Urugero : Ibibabi, imifuniko y'amacupa isa, indabo zisa , amakaramu n'ibindi. Abana babikora batarwanira ibikoresho - Gukina imikino irebana no kuvangura no gushyira hamwe ibintu bifite icyo bihuriyeho Ingero: <i>Genda Ukoreho; Ni kimwe cyangwa biratandukanye? Kwivangura!</i>
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Kunoza imvugo basobanura ingingo bashingiyeho bakora ibirundo; Ubumenyi bw'ibidukikije: Ibintu bavangura bakora ibirundo biva mu bidukikije; Iterambere ry'imbamutima n'imibanire n'abandi: bakorera mu matsinda kandi basangira ibikoresho batarwana.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo gutoranya ibintu no kubishyira hamwe bakurikije ingingo bahawe</i>				
Imfashanyigisho: <i>Ibibabi by'ibiti, uturabo, imifuniko y'amacupa, amakaye, amakaramu, n'ibindi bijyanye n'insanganyamatsiko igezweho ndetse n'izindi bagendeyeho mbere</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Gufasha abana kumenya amabara agize imyenda yabo n'ibikoresho byabo. Gukina n'abana babo umukino wo gukora ibirundo mu rugo.</i>				

IMBUMBANYIBISHO: INGERO		INYIGISHO: KUGERERANYA IBINTU		
Imibare: Umwaka wa1 (imyaka 3-4)		Umutwe wa 3: Igereranya ry'ibintu 2 hakurikijwe ingano n'uburebure.		Igihe: Ibyumweru 4
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kugereranya ibintu 2 bakurikije uburebure n'ubunini bwabyo				
Intego		Icyigwa	Ibikorwa by'abana	
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya	<ul style="list-style-type: none"> - Kugereranya ibintu: Ikinini n'igito; ikirekire n'ikigufi - Amagambo yabugenewe mu ngero: Aka gakoni ni karekare kurusha aka; aka gapira ni gato kuri aka. 	<p>Mu matsinda mato, nyuma umwana umwe umwe bazakora ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kwerekana no kuvuga ku bintu bibiri bigaragara/bifatika ikinini n'igito. Urugero: avoka, ibikombe, imipira yo gukina birutana mu bunini. - Kwerekana no kuvuga ku bintu 2 bigaragara/bifatika ikirekire n'ikigufi. Urugero: Uduti, imigozi, - Kwitegereza amafoto y'abantu ababyibushye n'abananutse, abarebare n'abagufi. Bafashijwe n'umurezi batahura ko bose ari abantu nubwo batareshya. - Hagati y'amashusho abiri kwerekana no kuvuga ikinini n'igito, ikigufi n'ikirekire. <p>Bayobowe n'umurezi abana batahura ko nubwo ibintu bimwe ari binini, ibindi bikaba bito, bimwe bikaba birebire ibindi bikaba bigufi byose bifite imiterere imwe</p> <ul style="list-style-type: none"> - <u>Udukino:</u> <i>Cyuzuze! Gupima dukoresheje ibirenge! Ni nde muremure cg mugufi kurusha undi? Ni akahe gakoni?</i>
-Gukoresha amagambo yabugenewe mu kugereranya ibintu.	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya ibintu binini n'ibito - Gutandukanya ibintu bigufi n'ibirebire 	<ul style="list-style-type: none"> - Kumva ko ibintu bitandukanye mu miterere yabyo. - Kwiyumvisha ko abantu bose ari bamwe nubwo batareshya. - Gukorera hamwe 		
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Bunguka amagambo mashya banayakoresha ku bintu bitandukanye baba bagereranya. Ubumenyi bw'ibidukikije: Ibikoresho bagereranya biva mu bidukikije; Iterambere mu mbamutima no mu mibanire n'abandi: basangira ibikoresho.</i>				

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo kugererenya ibintu bibiri birutana mu bunini no mu burebure.

Imfashanyigisho: Avoka, amakaramu, uduti, amabuye, ibikombe n'amacupa ya plastike, imipira bakina n'ibindi bikoresho bijyanye n'insanganyamatsiko.

Uruhare rw'ababyeyi: Gukina n'abana bagereranya ibintu binyuranye

IMBUMBANYIGISHO: INGERO			INYIGISHO: IGIHE	
Imibare: Umwaka wa 1 (imyaka 3-4)			Umutwe wa4: Ibikorwa by'umwana bya buri muni	Igihe: Ibyumweru 10
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gukora ibikorwa mu gihe cyabugenewe no gukoresha indamukanyo ijyanye n'ibihe bitandukanye by'umunsi.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya	<ul style="list-style-type: none"> - Ibikorwa by'abana bya buri muni mu rugo no ku ishuri n'igihe bikorerwa. - Ibihe by'umunsi: Mu gitondo, ku manywa, n'ijoro - Indamukanyo yabugenewe mu bihe bitandukanye by'umunsi. 	<ul style="list-style-type: none"> - Abana bose, mu matsinda mato cyangwa umwe umwe bavuga mu ndirimbo cyangwa mu mivugo ibikorwa bakora mu bihe bitandukanye by'umunsi. - Hakoreshejwe amashusho, agaragaza ibihe bitandukanye by'umunsi, abana batahura ko ibyo bihe bitandukanye - Abana babiri babiri bakina bakoresha indamukanyo zijyanye n'ibihe bavuga n'ibikorwa by'abana bijyanye na byo. - Abana bihatira gukora ibikorwa biteganyije kuri gahunda mu rugo no ku ishuri. - Abana basuhuza abantu babana mu rugo no ku ishuri. - <u>Utundi dukino:</u> <i>Tubare iminsi yacu; Urukurikirane rw'ibikorwa bya buri muni; Akaririmbo "Twese dukunda umunsi wo ku wa mbere. Amanywa n'ijoro.</i>
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga uko ibikorwa bikurikirana mu muni kuva abyutse kugeza agiye kuryama - Kuvuga ibihe by'umunsi 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga igikorwa giteganyijwe kuri gahunda - Kwitabira igikorwa giteganyijwe kuri gahunda - Gukoresha uko bikwiye amagambo y'indamukanyo mu bihe bitandukanye by'umunsi. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kubahiriza amabwiriza y'ishuri mu bijyanye n'igihe - kubahiriza igihe mu buzima bwa buri muni - Kugira umuco wo gusuhuzanya ku ishuri no mu rugo. - Gukorera hamwe 		
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Kunoza imvugo basuhuzanya, baririmba, bavuga imivugo, bakina udukinamico tunyuranye; Ubugeni n'umuco: indirimbo, udukinamico; Ubumenyi bw'ibidukikije: Kwiga ibihe by'umunsi.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo gukora ibikorwa binyuranye mu gihe cyagenwe.</i>				
Imfashanyigisho: <i>Amashusho agaragaza ibihe binyuranye by'umunsi.</i>				

Uruhare rw'ababyeyi: Gufasha abana gukurikiza gahunda ihoraho mu rugo: kubamenyereza gukora ikintu mu mwanya wacyo, nko kugera ku ishuri ku gihe, kubaha umwanya wo gukina, gusenga mbere yo kurya no kuryama kandi bigakorwa buri munsu.

IMBUMBANYIGISHO: INGERO	INYIGISHO: AMAFARANGA	
Imibare: Umwaka wa 1 (imyaka 3-4)	Umutwe wa 5 : Gutandukanya amafaranga n'ibindi bintu	Igihe: Ibyumweru 4

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya amafaranga n'ibindi bintu no kuvuga ku kamaro k'amafaranga.

Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Kuvuga amoko y'amafaranga akoreshwa iwabo	- Kuvangura amafaranga n'ibindi bintu - Kuririmba no kuvuga imivugo yerekeye amafaranga.	- Kwiyumvisha ko amafaranga afite akamaro. - Kutangiza amafaranga - Gufata neza ibikoresho kuko bigurwa amafaranga	- Itandukaniryo ry'amafaranga n'ibindi bintu - Akamaro k'amafaranga	- Mu matsinda mato, abana bakora ibirundo 2 bavangura amafaranga mu bindi bikinisho nk'udupapuro, utubabi, udutambaro, udupfundikizo tw'amacupa, n'ibindi. Ikirundo kimwe kijyamo amafaranga ikindi kikajyamo ibindi bintu bisigaye. - Buri mwana abwira abandi uko abona amafaranga akoreshwa iwabo mu rugo - Bafashijwe n'umurezi, baganira ku kamaro k'amafaranga, ku buryo bwo gufata neza ibikoresho kuko biba byaguzwe amafaranga no kutangiza amafaranga. - Kuririmba hamwe indirimbo cyangwa kuvuga imivugo bivugira ku mafaranga.

Ihuriro n'ibindi byigwa: Ubumenyi bw'ibidukikije: Ikinyarwanda: kunoza basobanurira abandi ikoresheya ry'amafaranga iwabo; Ubugeni n'umuco: Bavuga imivugo cyangwa baririmba; Ubumenyi bw'ibidukikije: batandukanya amafaranga n'ibindi bintu bibakikije.

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo gutandukanya amafaranga n'ibindi bintu no kugaragaza akamaro k'amafaranga.

Imfashanyigisho: Ibiceri, inoti n'ibindi abana bakwishakira, ibibabi, udupapuro, udupfundikizo, n'ibindi.

Uruhare rw'ababyeyi: Gutoza abana gufata neza amafaranga no kutayapfusha ubusa. Kubamenyereza gufata neza ibikoresho mu rwego rwo kubungabunga amafaranga.

IMBUMBANYIGISHO: AMASHUSHONGERO N'AMEREKEZO		INYIGISHO: KUMENYA AHO ARI N'AMEREKEZO		
Imibare:Umwaka wa 1 (imyaka 3-4)		Umutwe wa 6 : Gukoresha indangahantu		Igihe: Ibyumweru 8
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuranga aho ibintu biri bakoresheje amagambo yabugenewe.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Guvuga uko bikwiye amagambo y'indangahantu	- Kuvuga aho ibintu biri akoresheje indangahantu zikwiriye - Gushyira ibintu aho abwiwe - Kujya mu cyerekezo abwiwe.	- Kwihatira gutonda umurongo. - Gushyira ibintu mu mwanya wabigenewe. - Gukurikiza amabwiriza yahawe ku bijyanye n'amerekezo.	Indangahantu : Imbere, inyuma hejuru, hasi, ku, muni.	- Mu matsinda mato abana bavuga aho ibintu biherereye biherereye. Urugero: bavuga ibiri imbere yabo, inyuma yabo... - Baranga aho ibintu biherereye basubiza ibibazo by'umurezi. Urugero: imbere y'ishuri hari ubusitani; inyuma y'ishuri hari ubwihereho.... - Umwana umwe umwe: ashya ikintu aho bamubwiye; aya aho bamubwiye: Imbere/inyuma. - Mu matsinda mato bifashishije amashusho, abana baranga aho ibintu biherereye; imbere /inyuma, ku, muni... - Abana bese bakora imyitoto ngororamubiri ijyanye n'amerekezo: imbere/inyuma, hejuru/ hasi akoresheje umubiri wose cyangwa ibice by'umubiri. - Bakina umukino wo kwihishana. - Batonda imirongo bihatira gukurikiza

				amabwiriza y'umurezi ajyanye n'ibyerekezo.
<i>Ihuriro n'ibindi byigwa:</i> Ikinyarwanda: bungutse amagambo mashya ajyanye n'amerekezo; Ubumenyi bw' ibidukikije: Baranga ibiri imbere/inyuma y'ishuri. Gusoma amashusho agaragaza amerekezo. Iterambere mu mbamutima no mu mibanire n'abandi: gufatanya n'abandi mu matsinda; Ibonezabuzima: Batonda imirongo, bakora imyitozo ngororamubiri ijyanye n'amerekezo.				
<i>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma:</i> Ubushobozi bwo kuranga aho ibintu biherereye bakoresheje amagambo yabugenewe.				
<i>Imfashanyigisho:</i> Ibishushanyo bigaragaza amerekezo, imipira, uduti, amacupa ya purasitiki n'ibindi bijyanye n'insanganyamatsiko.				
<i>Uruhare rw'ababyeyi:</i> Gufasha abana kumenya amerekezo babasaba gushyira ibintu aho bababwiye cyangwa aho bikwiye kujya.				

6.3.3. Integanyanyigisho y'Umwaka wa kabiri w'inshuke- Imibare

IMBUMBANYIGISHO: IMIBARE			INYIGISHO: IBARA	
Imibare:Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)			Umutwe wa 1: Imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5	Igihe: ibyumweru 20
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyinyiro	Ubukeshya	Imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5	Kuri buri mubare, buri mwana ahabwa umwanya uhagije wo gukora ibi bikurikira: <ul style="list-style-type: none"> - gukora ikirundo cy'ibintu bingana n'umubare bize mbere; - kongeraho ikintu kimwe akavumbura umubare mushya; - kwerekana ibintu bingana n'umubare abwiwe; - kwitegereza uko bandika umubare; - kwandika umubare mushya mu mucanga, ku kibuga; - gukora uwo mubare yifashishije uduti, udushyimbo,, utubuye; - kubumba umubare bakoresheje ibumba, cyangwa igitaka; - Kunyuza urutoki mu mubare mushya ku kibaho; <ul style="list-style-type: none"> - kwandika umubare ku kibaho; - kwandika umubare mu makaye cyangwa ku mpapuro; - gutahura no gusoma umubare wizwe uri kumwe n'iyo bize mbere. <p><i>Udukino: Umubare w'icyumweru; Gukora igitabo cy'imibare; Igitabo cyo kubara .Shakisha umubare wawe.</i></p>
-Kubara akurikiranya imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5	<ul style="list-style-type: none"> - Kubara ibintu bifatika bingana n'umubare abwiwe - Gusoma imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5 - Kwandika imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5 - Guhuza imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5 n'ingano y'ibintu bifatika cyangwa amashusho 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwiyumvisha akamaro ko kubara neza mu buzima bwa buri munsu. - Kugira akamenyero ko kubara ibikoresho bye. - Kwibarira imyaka ye 		

Ihuriro n'ibindi byigwa: Ikinyarwanda: kunoza imvugo abara ibintu binyuranye; Ubumenyi bw'ibidukikije: Amashusho yo mu bidukikije yifashishwa mu kubara; Imbonezabuzima: guhuza ijisho n'imiyego y'ikiganza no guhuza imiyego y'ingingo nini n'into; Ubugeni n'umuco: gushushanya, kubumba, kubaka imibare.

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo kubara ibintu bifatika/bigaragara kuva kuri 1 kugeza kuri 5, gusoma no kwandika imibarwa kuva kuri 1 kugeza kuri 5.

Imfashanyigisho: Imipfundikizo y'amacupa, ibikombe, amabuye, ibibabi, uturabo, udutambaro n'ibindi.

Uruhare rw'ababyeyi: Gufasha abana kubara, gusoma, no kwandika kuva kuri 1 kugeza kuri 5.

IMBUMBANYIGISHO: IMIBARE		INYIGISHO: GUKORA IBIRUNDO		
Imibare:Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)		Umutwe wa 2 : Gushyira ibisa hamwe		Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gushyira hamwe ibintu bifite icyo bihuriyeho bashingiye ku ngingo byibura ebyiri bihitiyemo				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Gutahura isano ibintu bifitanye	- Guhitamo ingingo ashingiraho ashyira ibintu hamwe - Gushyira hamwe ibintu bihuriye ku ngingo byibura ebyiri: ibara n'iforomo, ibara n'uburebure n'ibindi - Gusobanurira abandi ingingo yashingiyeho akora ibirundo	- Gukorera hamwe no koroherana - Kwibwiriza - Gushyira ibintu mu mwanya wabyo - Gukorana ubushishozi - Gusangira ibikoresho - Guhugira ku cyo akora	Ingingo bashingiraho bashyira ibintu hamwe: amabara, amaforomo/intego, umumaro, uburebure, ingano / imimerere/imiterere, , n'ibindi	Mu matsinda mato na buri mwana ku giti cye: - bitegereza urugero rw'umurezi; - bahitamo ingingo byibura ebyiri bashingiraho bakora ibirundo; - bagatoranya ibintu bisa mu bindi byinshi maze bakabishyira hamwe bagenda bakora ibirundo; - bahabwa umwanya wo gusobanurira abandi ingingo bashingiyeho bakora ibirundo <u>Udukino:</u> Ifunguro rito cyangwa rinini kurusha irindi; Imirongo y'imibare ihwanye n'ibintu;
Ihuriro n'ibindi byigwa: Ikinyarwanda: Kunoza imvugo basobanurira abandi ingingo bashingiyeho; Ubumenyi bw'ibidukikije: bakora ibirundo bifashishije ibintu byo mu bidukikije; Iterambere mu mbamutima no kubana n'abandi: bakorera mu matsinda, basangira ibikinisho; Ibonezabuzima: kunoza ingingo nto no guhuza imiyego y'ikiganza n'ijisho.				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo gukora ibirundo bashingiye ku ngingo zinyuranye uko agenda akora uyu mwitozo.				
Imfashanyigisho: Udupapuro tw'amabara, anyuranye, ibikoresho by'ishuri, indabo, uducupa n'udukombe twa plastiki, udutambaro, udufuniko tw'amacupa, ibibabi by'ibimera n'ibindi.				
Uruhare rw'ababyeyi: Gushakira abana ibikoresho bifite amabara anyuranye, n' imiterere inyuranye no gukina na bo umukino wo				

<i>gukora ibirundo</i>				
IMBUMBANYIGISHO: INGERO		INYIGISHO: KUGERERANYA IBINTU		
Imibare: Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)		Umutwe wa 3: Igereranya ry'ibintu byibura bitatu		Igihe: Iyumweru 20
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kugereranya ibintu byibura 3 bitandukanye hakurikijwe uburemere, uburebure, ingano n'itwara ryabyo no kubitondeka.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Gukoresha mu mvugo amagambo yabugenewe mu kugereranya	- Gutahura ibintu bigenda birutana mu burebure, mu buremere no mu ngano. - Gutondeka ibintu byibura 3 akurikije uko birutana mu buremere, mu burebure, mu itwara no mu ngano.	- Kumva ko abantu bose ari bamwe n'ubwo bafite ibibatandukanya - Gukorera hamwe.	- Kugereranya ibintu 3 birutana mu buremere, mu burebure, mu itwara n'ingano - Gukoresha amagambo yabugenewe mu kugereranya: bingana biruta, birutwa, kigufi, kirekire; cyoroshye , kiremereye; gito, kinini; - Gutondeka ibintu byibura 3	- Mu matsinda mato abana bagereranya ibintu 3 bakareba icyoroshye, ikiremereye gahoro n'ikiremereye cyane barangiza bakabitondeka bahereye ku cyoroshye nyuma bakabitondeka bahereye ku kiremereye kurusha ibindi. Bahabwa umwanya wo gusobanura uko babigenje. - Bakomeza batyo no ku bintu birutana mu burebure, mu itwara no mu ngano. - Bakina imukino ijyanye no kugereranya: <i>Ingero: Kinini, gito, kigari; Twara ikinini kurusha ibindi;</i>
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Inyunguramagambo n'imvugo byabugenewe mu kugereranya; Ubumenyi bw'ibidukikije: Ibintu bikorehwa mu kugereranya biva mu bidukikije; Ibonezabuzima: kunoza ingingo nto no guhuza imiyego y'ikiganza n'ijisho.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo gutondeka ibintu bakurikije uburemere, uburebure, ingano n'itwara ryabyo</i>				
Imfashanyigisho: <i>Amakaramu, uduti, uducupa turimo ubusa n'uturimo amazi, ibikombe, amacupa, utujerikani birutana, amazi.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Gushakira abana ibikoreho bifite ingano, uburebure n'uburemere bunyuranye, maze bakabikinisha batondeka.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: INGERO		INYIGISHO: IGIHE		
Imibare:Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)		Umutwe wa 4 : Iminsi y'icyumweru		Igihe: Ibyumweru 6
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga batajijinganya iminsi y'icyumweru no gukoresha uko bikwiye imvugo igaragaza ibihe: ejo hashize, none, ejo hazaza.				
Intego		Icyigwa	Ibikorwa by'abana	
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Kuvuga iminsi y'icyumweru ayikurikiranya	- Gutandukanya ejo hashize, none n'ejo hazaza. - Gukoresha neza ejo, ejo hashize/ubushize, ejo hazaza /ubutaha mu buzima bwa buri muni Kuvuga iminsi ajya ku ishuri. - Kuvuga iminsi atajya ku ishuri.	-Kugaragaza akamenyero ko kwitabira ibikorwa biri kuri gahunda y'icyumweru	- Iminsi y'icyumweru - Ibikorwa ku minsi y'icyumweru - Gukoresha mu mvugo ejo hashize, none, ejo hazaza	Abana bose hamwe, nyuma mu matsinda mato, cyangwa umwana umwe umwe: - Bavuga iminsi y'icyumweru mu ndirimbo. - Bavuga iminsi y'icyumweru mu mivugo. - Bavuga iminsi y'icyumweru mu mikino no mu dukinamico. - Bavuga inkuru bakoresha ejo hashize, none n'ejo hazaza.
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: kunoza imvugo baririmba, bavuga imivugo, babara inkuru; Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: kuririmba no gukina udukino ku minsi y'icyumweru.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>ubushobozi bwo kuvuga iminsi y'icyumweru basubiza ibibazo babajijwe cyangwa babikora mu mikino bakoresha uko bikwiye Amagambo: none, ejo hashize ejo hazaza.</i>				
Imfashanyigisho: <i>Amarikita ashushanyijeho ibiranga igihe mu minsi inyuranye.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Gufasha abana kumenya iminsi y'icyumweru no gukoresha neza imvugo ejo hashize, none n'ejo hazaza.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: INGERO			INYIGISHO: AMAFARANGA	
Imibare: Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)			Umutwe wa 5: Nzi gutandukanya ibiceri n'inoti	Igihe: Ibyumweru 3
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya ibiceri n'inoti no gukoresha amagambo ajyanye n'amafaranga akoreshwa n'umucuruzi n'umuguzi.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibyo babona ku biceri no ku noti - Kuvuga amagambo akoreshwa mu kugura no gucuruza 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya inoti n'ibiceri - Gutandukanya ibiceri bikoreshwa mu Rwanda - Gukoresha amagambo akoreshwa mu kugura no gucuruza/kugurisha 	<ul style="list-style-type: none"> Kugaragaza ko kumva ko amafaranga afite agaciro 	<ul style="list-style-type: none"> - Itandukanirwo ry'ibiceri n'inoti - Amagambo mashya: birahenze, ni angahe, kwishyura; kugarura - Aho bagurira: ku isoko, kuri butiki. 	<ul style="list-style-type: none"> - Mu matsinda mato, abana bavangura inoti n'ibiceri. Bitegereza inoti n'ibiceri maze bakaganira bavuga ku bintu babona bitandukanya inoti n'ibiceri, n'ibiceri hagati yabyo; - Mu matsinda abana bakina bigana umucuruzi n'umuguzi bifashishije ibipapuro mu mwanya w'amafaranga kandi bakoresha amwe muri aya magambo: Urashaka iki? bigura angahe? urahenda, gabanya, akira nkwishyure, ngarurira, - Abana bose cyangwa mu matsinda bararirimba cyangwa bakavuga imivugo yerekeranye n'amafaranga. - Bayobowe n'umurezi, baganira ku hantu hagurirwa ibintu binyuranye
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Inyunguramagambo: umucuruzi, umuguzi, isoko, butiki, ibiceri, inoti, kwishyura, kugarura kugarura, birahenze, ntibihenda no kunoza imvugo bakina. Ubugeni n'Umuco baririmba indirimbo zivuga ku mafaranga.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo gutandukanya amafaranga; gukoresha amagambo mashya ajyanye no kugura no kugurisha</i>				
Imfashanyigisho: <i>Inoti n'ibiceri, ibikoresho binyuranye abana bakoresha mu mikino yabo biri mu mfuruka bita butiki.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Kuganira n'abana ku kamaro k'amafaranga, kubatoza gufata neza ibikoresho kuko bigurwa amafaranga.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: AMASHUSHONGERO N'AMEREKEZO			INYIGISHO: AMASHUSHONGERO	
Imibare:Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)			Umutwe wa 6: Mpandanye, mpandeshatu n'uruziga	
Igihe: Ibyumweru 9				
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gukora amashusho ya mpandanye, mpandeshatu n'uruziga akoresheje ibintu binyuranye.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Kuvuga umubare w'impande n'ibindi biranga ishushongero	- Gutandukanya amashusho ngero - Gushushanya, kubumba, kubaka amashusho ya mpandanye, n'uruziga na mpandeshatu - Gusobanura avuga ku cyo yakoze n'uko yabikoze - Gushyira hamwe ibintu bihuje ishusho	- Kumva ko ibintu bifite amashusho anyuranye - Gushima ubwiza bw'ibintu	Amashushongero : mpandanye, mpandeshatu n'uruziga.	Kuri buri shushongero: - Abana bitegereza ibintu biteye nk'ishushongero ryigwa. - Ku gishushanyo kinini bitegereze ibiranga iryo shushongero nk'umubare w'impande n'ibindi bituma atayitiranya. - Basubiramo izina ry'ishushongero - Batahura ibintu bibakikije bifite iyo shusho mu bikoreho by'ishuri, mu bikinisho, n'ibindi. - Gukora ishushongero bashushanya, babumba, bubaka bakoresheje uduti, ubudodo, amabuye, ingwa, amakaramu, utugozi n'ibindi. Gusobanura icyo yakoze n'uko yabikoze. - Iyo bamaze kwiga amashushongero byibura abiri, bakora imyitozo ibafasha kuyatandukanya mu matsinda mato na buri wese ukwe: gushyira hamwe ibintu ashingiye ku mashusho bifite; gukina udukino ku mashushongero. <i>Udukino: Urupapuro rudasanze; Mureke twigane amashusho! Shakisha mugenzi wawe muhuje; Amashusho ari mu yandi.</i>

Ihuriro n'ibindi byigwa: Ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'amazina y'amashushongero; Ubugeni: bakora ishushongero bashushanya, babumba, bubaka; Ubumenyi bw'Ibidukikije: Bakoresha uduti, ibumba n'ibindi bintu byo mu bidukikije bubaka ayo mashusho. Ibonezabuzima: kunoza ingingo nini n'intoya bakora amashusho, guhuza imiyego y'ikiganza n'ijisho

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo gutandukanya amashushongero.

Imfashanyigisho: Uduce tw'imigozi, indodo, uduti, udukinisho, utubuye, amashusho akase mu bipapuro; ibikoresho n'ibikinisho bifite amashusho anyuranye.

Uruhare rw'ababyeyi: Gufasha umwana gutandukanya amashushongero bahereye ku bintu biri mu rugo.

IMBUMBANYIGISHO: AMASHUSHONGERO N'AMEREKEZO			INYIGISHO: AMEREKEZO	
Imibare: Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)			Umutwe wa 7: Gukoresha indangahantu	Igihe: Iyumweru 10
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuranga aho ibintu biri/abantu bari bakoresha uko bikwiye indangahantu/ amagambo ajyanye n'amerekezo.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya	Amerekezo: mu, hanze, hejuru, muni, ibumoso, iburyo.	
-Guvuga uko bikwiye amagambo y'indangahantu	- Kuvuga aho ibintu biri akoresheje indangahantu zikwiriye - Gushyira ibintu aho abwiwe - Kujya mu cyerekezo abwiwe. - Gusoma no kwandika bava ibumoso baja iburyo, bahera hejuru bagana hasi. - Gusoma ibyapa byo ku muhanda - Gufata igitabo uko bikwiye - Kwambara inkweto atitiranya ibumoso n'iburyo	- Gushyira ibintu mu mwanya wabyo - Gukurikiza amabwiriza yahawe ku bijyanye n'amerekezo. - Gushishoza no gushyira mu gaciro - Kwifashisha amerekezo mu buzima bwa buri muni nko mu kwirinda impanuka		- Mu matsinda mato na buri wese ku giti cye baranga aho ibintu biherereye basubiza ibibazo by'umurezi.Urugero: muni y'igitabo hari ikaramu; ibumoso bwa Keza hicaye Gaju; iburyo bwanjye hicaye Kagabo, n'ibindi. - Umwana umwe umwe ahabwa umwanya wo gutahura ibice by'umubiri we by'iburyo n'ibumoso: amaso, amatwi, amaboko, amaguru: erekana ugutwi ku ibumoso, ijisho ry'iburyo, n'ibindi. - Bashyira ikintu aho babwiwe; baja aho babwiwe: ibumoso, iburyo, - Mu matsinda mato bifashishije amashusho, abana baranga aho ibintu biherereye; muni, hejuru, mu, ibumoso, iburyo - Bakina udukino tubafasha gutandukanya amerekezo - Mu mikino yo hanze n'igihe babyina, abana bose bagira umwanya wo gushimangira inshoza zirebana n'amerekezo muri rusange bakoresheje ibice byose by'umubiri. - Basoma amashusho agaragaza ibyapa byo ku

				muhanda.
<i>Ihuriro n'ibindi byigwa:</i> Ikinyarwanda: Inyunguramagambo ku merekezo anyuranye; Ibonezabuzima: kunoza ingingo nini n'into no guhuza imiyego; Ubumenyi bw'Ibidukikije: ibice by'umubiri w'umuntu; ibikoresho bifashisha biri mu bidukikije.				
<i>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma:</i> Ubushobozi bwo gushyira ibintu mu mwanya abwiwe; kuranga ikintu akoresheje indangahantu zikwiye; gukoresha igice cy'umubiri abwiwe akora imyitozo mu mikino.				
<i>Imfashanyigisho:</i> Ibintu binyuranye, ibice by'umubiri, ibikinisho, amashusho, ibitabo, n'ibindi.				
<i>Uruhare rw'ababyeyi:</i> Gufasha abana kumenya amerekezo cyane cyane iburyo n'ibumoso.				

IMBUMBANYIGISHO: URUHEREREKANE RW'IBINTU

Imibare: Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)	Umutwe wa 8: Uruhererekane rwisubiramo	Igihe: Ibyumweru 8
--	---	---------------------------

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutahura uko ibintu bikurikirana mu ruhererekane bahawe no gukomeza urwo ruhererekane bagendeye ku rugero bahawe

Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
- Gusobanura uko ibintu bigiye bikurikirana mu ruhererekane runaka bahawe	- Kwigana ibintu bitondetse byisubiramo - Kuvumbura ikiri bukurikireho mu gutondeka akurikije uburyo ibyabanje bikurikirana - Gutondeka ibintu byoroshye agendeye ku ngero zatanzwe	- Gushyira ibintu mu mwanya wabyo. - Kugira gahunda - Kubaha imiterere na gahunda y'ibyaremwe	- Itondeka ry'ibintu binyuranye byisubiramo bikomoka ku nsanganyamatsiko zinyuranye.	- Mu matsinda mato abana bitegereza uruhererekane bahawe; bagasobanura uko babona ibintu bikurikirana; - Abana mu matsinda mato bafindura uburyo ibintu bitondetse mu ruhererekane bahawe kandi bagakomeza urwo ruhererekane. - Bafashijwe n'umurezi, abana barondora urukurikirane rw'ibikorwa byabo bya buri muni. - Abana batembera hanze y'ishuri bashakisha ibintu binyuranye bakaza kubikoresha batondeka bagarutse mu ishuri bari mu matsinda mato. - <u>Udukino:</u> <i>Kora itonde ryawe; Reka tunyeganyege, Uruhererekane rw'ibikorwa by'ibiganza n'ibirenge; Kunyeganyega ku buryo budasanzwe;</i>

Ihuriro n'ibindi byigwa: *Ikinyarwanda: Inyunguramagambo zijyanye n'ibikoresho byakoreshejwe mu gutondeka: Ibonezabuzima: imiyego y'ingingo nini n'into; Ubumenyi bw'Ibidukikije: Amazina y'ibintu bigaragara mu bidukikije byakoreshejwe mu gutondeka; Ubugeni n'umuco: injyana y'amajwi yisubiramo akozwe n'ibintu bitandukanye (gukoma amashyi, imirindi y'ibirenge...).*

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: *Ubushobozi bwo gutahura uko ibintu bikurikirana mu ruhererekane bahawe no gukomeza urwo ruhererekane bagendeye ku rugero bahawe.*

Imfashanyigisho: *Ibintu binyuranye biboneka mu bidukikije, ibikinisho, amashusho, ibitabo, n'ibindi.*

Uruhare rw'ababyeyi: *Gufasha abana kumenya no gusobanukirwa ibintu byisubiramo mu buzima bwa buri muni. Gusubiza ibibazo*

by'amatsiko abana bababaza.

6.3.4 Integanyanyigisho y'Umwaka wa 3 w'inshuke - Imibare

IMBUMBANYIGISHO: IMIBARE			INYIGISHO: IBARA	
Imibare: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe wa 1: Imibare kuva kuri 1 kugeza ku 10	Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1kugeza ku 10				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya	Imibare kuva kuri 1 kugeza ku 10	<p>Kuri buri mubare, mu matsinda mato abana bakora ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> - gukora ikirundo cy'ibintu bingana n'umubare bize mbere; - kongeraho ikintu kimwe bakavumbura umubare mushya; - kwerekana ibintu bingana n'umubare abwiwe; - kwitegereza uko bandika umubare <p>Kuri buri mubare, buri mwana ahabwa umwanya uhagije wo gukora ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> - kwandika umubare mushya mu mucanga, ku kibuga - gukora uwo mubare yifashishije uduti, udushyimbo, utubuye, ... - kubumba umubare bakoresheje ibumba, cyangwa igitaka - Kunyuza urutoki mu mubare mushya ku kibaho. - kwandika umubare ku kibaho, - kwandika umubare mu makaye cyangwa ku mpapuro. - gutahura no gusoma umubare wizwe uri kumwe n'iyi bize mbere <p><u>Udukino:</u> <i>Agakino ko gufata mu mutwe imibare; Umubare w'icyumweru; Dufite imyaka ingahe; Ishuri ryacu; Shakisha umubare wawe; Agakino ko gusimbuka ku mibare; Imibare</i></p>
<ul style="list-style-type: none"> -Kubara akukuranyanya imibare kuva kuri 1 kugeza ku 10. -Kubara akurikiranyanya imibare kuva kuri 1 kugeza ku 10 	<ul style="list-style-type: none"> - Kubara ibintu bifatika bingana n'umubare abwiwe - Gusoma imibare kuva kuri 1 kugeza ku10 - Kwandika imibare kuva kuri 1 kugeza ku 10 - Guhuza imibare kuva kuri 1 kugeza ku 10 n'ingano y'ibintu bifatika cyangwa amashusho 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwiyumvisha akamaro ko kubara neza mu buzima bwa buri munsu. - Kugira akamenyero ko kubara ibikoresho bye. - Kwibarira imyaka ye 		

				isibama...
<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: Ikinyarwanda: kunoza imvugo abara ibintu binyuranye; Ubumenyi bw'ibidukikije: Amashusho yo mu bidukikije yifashishwa mu kubara; Ibonezabuzima: guhuza ijisho n'imiyego y'ikiganza no guhuza imiyego y'ingingo nini n'into; Ubugeni n'umuco: gushushanya, kubumba, kubaka imibare.</p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo kubara ibintu bifatika/bigaragara kuva kuri 1 kugeza kuri 5, gusoma no kwandika imibarwa kuva kuri 1 kugeza kuri 5.</p>				
<p>Imfashanyigisho: Imipfundikizo y'amacupa, ibikombe, amabuye, ibibabi, uturabo, udutambaro n'ibindi.</p>				
<p>Uruhare rw'ababyeyi: Gufasha abana kubara, gusoma, no kwandika kuva kuri 1 kugeza ku 10.</p>				

IMBUMBANYIGISHO: IMIBARE			INYIGISHO: GUKORA IBIRUNDO	
Imibare: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe wa 2 : Gushyira ibisa hamwe	Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gushyira hamwe ibintu bifite icyo bihuriyeho bashingiye ku ngingo zirenze ebyiri bihitiyemo.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Gutahura isano ibintu bifitanye	<ul style="list-style-type: none"> - Guhitamo ingingo ashingiraho ashyira ibintu hamwe - Gushyira hamwe ibintu bihuriye ku ngingo byibura ebyiri: ibara n'iforomo, ibara n'uburebure n'ibindi - Kubara ibintu bigize itsinda - Gusobanurira abandi ingingo yashingiyeho akora ibirundo 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukorera hamwe no koroherana - Kwibwiriza - Gushyira ibintu mu mwanya wabyo - Gukorana ubushishozi - Gusangira ibikoresho - Guhugira ku cyo akora 	<p>Ingingo bashingiraho bashyira ibintu hamwe: amabara, iforomo/intego, umumaro, uburebure, ingano, imimerere/imiterere, n'ibindi</p>	<p>Mu matsinda mato na buri mwana ku giti cye:</p> <ul style="list-style-type: none"> - bitegereza urugero rw'umurezi - bahitamo ingingo byibura ebyiri bashingiraho bakora ibirundo - batoranya ibintu bisa mu bindi byinshi maze bakabishyira hamwe bagenda bakora ibirundo; - bahabwa umwanya wo gusobanurira abandi ingingo bashingiyeho bakora ibirundo <p><u>Udukino:</u> Umurundo w'ibintu; Ni nde wamenya icyo ndi kubona? Kwivangura!</p>
<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: Ikinyarwanda: Kunoza imvugo basobanurira abandi ingingo bashingiyeho; Ubumenyi bw'ibidukikije: bakora ibirundo bifashishije ibintu byo mu bidukikije; Iterarambere mu mbamutima no kubana n'abandi: bakorera mu matsinda, basangira ibikinisho; Ibonezabuzima: kunoza ingingo nto no guhuza imiyego y'ikiganza n'ijisho.</p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo gukora ibirundo bashingiye ku ngingo zirenze ebyiri agenda ahindura uko agenda asubiramo uyu mwitozo.</p>				
<p>Imfashanyigisho: Udupapuro tw'amabara, anyuranye, ibikoresho by'ishuri, indabo, uducupa n'udukombe twa plastiki, udutambaro, udufuniko tw'amacupa, ibibabi by'ibimera n'ibindi.</p>				
<p>Uruhare rw'ababyeyi: Gushakira abana ibikoresho bifite amabara anyuranye, n' imiterere inyuranye no gukina na bo umukino wo gukora ibirundo</p>				

IMBUMBANYIGISHO: IMIBARE		INYIGISHO: IBARA		
Imibare: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)		Umutwe 3: Guteranya, gukuramo no kugabanya		Igihe: Ibihembwe 2
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora guteranya, gukuramo no kugabanya ibintu bifatika bitarenze 10.				
Intego		Icyigwa	Ibikorwa by'abana	
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Gukoresha amagambo yabugenewe mu guteranya, gukuramo no kugabanya.	- Guteranya ibintu bifatika biri mu birundo bibiri akabona umubare w'ibintu ugize ibyo bintu byose hamwe. - Gukuramo umubare w'ibintu cyangwa w'amashusho mu birundo by'ibintu bitarenze 10. - Kugabanya abantu ibintu bitarenze 10 ku buryo nta kintu gisaguka	- Gusangira ibyo afite n'abandi - Gushyira hamwe - Gukorera hamwe	- Guteranya ibintu - Gukuramo ibintu - Kugabanya ibintu - Amagambo akoreshwa mu guteranya, gukuramo no kugabanya	- Mu matsinda ya babiri, abana bateranya / bashyira hamwe ibintu biri mu birundo 2 bakavuga umubare w'ibintu bagize byose hamwe. Basubiramo uwo mwitoto bagenda bahindura umubare w'ibintu bigize ibirundo bagenda basobanura uko babigenje. - Mu matsinda ya babiri, abana bakora ikirundo kimwe cy'ibintu. Babara umubare w'ibintu bigize icyo kirundo. Umwana umwe akuramo umubare w'ibintu ashaka akabibara akabishyira ku ruhande. Bafatanyaga kubara ibisigaye muri cya kirundo, bagasobanura uko byagenze. Basubiramo uwo mwitoto bagenda bahindura imibare y'ibintu. - Mu matsinda mato bakina bagabanya ibintu bifatika cyangwa udushusho tutarenze 10 ku buryo bidasaguka. Umwana umwe umwe asobanura uburyo yabikoze.(Ingero:kugabanya imineke 5 abana 5; kugabanya imineke 8 abana 4)
Ihuriro n'ibindi byigwa: Ikinyarwanda: Kunguka amagambo akoreshwa mu guteranya, gukuramo no kugabanya. Kunoza imvugo				

basobanura uko babigenje; Ubumenyi bw'ibidukikije: bifashisha ibintu byo mu bidukikije ateranya, akuramo, agabanya. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: gusangira ibintu

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: *Ubushobozi bwo guteranya, gukuramo no kugabanya ibintu bitarenze 10.*

Imfashanyigisho: *Amakaramu, uduti, ibibabi, indabyo, imipfundikizo y'amacupa, utubuye n'ibindi bijyanye n'insanganyamatsiko.*

Uruhare rw'ababyeyi: *Gutoza abana umuco wo gusangira ibintu ndetse no kubisangira n'abatabifite; Gukoresha ibintu by'ibanze bikenewe; gukina n'abana bakuramo, bongeramo, bagabanya.*

IMBUMBANYIGISHO: INGERO			INYIGISHO: KUGERERANYA IBINTU	
Imibare: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe wa 4: Gutondeka	Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutondeka ibintu binyuranye bakurikije uburebure, uburemere, uburebure n'ingano, itwara				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya	- Gutondeka ibintu binyuranye birutana mu buremere, mu burebure, itwara n'ingano	Mu matsinda mato cyangwa babiri babiri, abana batondeka ibintu cyangwa udukarita tw'ibintu birutana bakurikije amabwiriza bahawe: Uburebure: Mu kirundo cy'ibintu byinshi bisa ariko bitareshya, abana babitondeka bava ku kigufi bajya ku kirekire cyangwa bava ku kirekire bajya ku kigufi. Ingano: Mu kirundo cy'ibintu byinshi bisa ariko birutana mu bunini, abana batondeka bava ku gito bajya ku kinini cyangwa bava ku kinini bajya ku gito. Uburemere: Mu kirundo cy'ibintu byinshi bisa ariko birutana mu buremere, batondeka bava ku cyoroshye bajya ku kiremereye cyangwa bava ku kiremereye bajya ku cyoroshye. Ibi bisaba ko babanza kubiterura kugira ngo batahure ikiremereye kurusha ibindi kuko ibintu bimwe bidahuza ireme. Itwara Mu kirundo cy'ibintu byinshi birutana mu bushobozi bw' itwara, batondeka bava ku gifite ubushobozi bwo gutwara bwinshi bajya ku gifite ubushobozi buke cyangwa bava ku gifite ubushobozi bwo gutwara buke bajya ku gifite ubushobozi bwinshi. Imikino: Bakina imukino ijyanye no kugereranya: Ingero: <i>Kinini, gito, kigari; Ongera utware ikinini kurusha ibindi; Ongera utware igito kurusha ibindi;</i>
-Gukoresha mu mvugo amagambo yabugenewe mu kugereranya	- Gutahura ibintu bigenda birutana mu burebure, mu buremere no mu ngano no mu itwara. - Gutondeka ibintu byinshi bigenda birutana mu buremere, mu burebure, mu itwara no mu ngano.	- Kumva ko abantu bose ari bamwe n'ubwo bafite ibibatandukanya - Gukorera hamwe. - Gutondeka ibintu uko bikwiye ku ishuri no mu rugo. - Kubahiriza gahunda.		

				<i>Amanywa n'Ijoro; Itegereze igiti; Gupima dukoresheje ibirenge;</i>
<i>Ihuriro n'ibindi byigwa:</i> <i>Ikinyarwanda: Inyunguramagambo n'imvugo byabugenewe mu kugereranya; Ubumenyi bw'ibidukikije: Ibintu bikoreshwa mu kugereranya biva mu bidukikije; Ibonezabuzima: kunoza ingingo nto no guhuza imiyego y'ikiganza n'ijisho.</i>				
<i>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma:</i> <i>Ubushobozi bwo gutondeka ibintu bakurikije uburemere, uburebure, ubunini n'ubushobozi bwo gutwara bw'ibyo bintu.</i>				
<i>Imfashanyigisho:</i> <i>Amakaramu, uduti, uducupa turimo ubusa n'uturimo amazi, ibikombe, amacupa, utujerikani, amazi.</i>				
<i>Uruhare rw'ababyeyi:</i> <i>Gushakira abana ibikoresho bifite ingano, uburebure n'uburemere bunyuranye, maze bakabikinisha batondeka.</i>				

IMBUMBUMBANYIGISHO: INGERO			INYIGISHO: IGIHE	
Imibare: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe wa 5: Ibikorwa bya buri muni na buri cyumweru	Igihe: Ibyumweru 4
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kurondora ibikorwa byabo bya buri muni na buri cyumweru no kugaragaza imyitwarire ikwiye mu birebana no kubahiriza gahunda y'ibikorwa biri ku ngengabihe.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyingiro	Ubukeshya		
-Kuvuga ibihe bigize umunsi. -Kuvuga iminsi igize icyumweru	-Gusobanura ibikorwa byabo bya buri muni mu rugo no ku ishuri -Kuvuga ibikorwa byabo ku minsi itandukanye y'icyumweru	-Kubahiriza igihe. -Gukora ikintu mu mwanya wacyo	-Ibikorwa bya buri muni na buri cyumweru -Akamaro ko kubahiriza igihe	- Mu matsinda mato cyangwa babiri babiri, buvuga ibikorwa bakora mu gitondo, ku manywa na nijoro mu rugo no ku ishuri. - Mu matsinda mato cyangwa buri wese ku giti cye, abana bavugaga ibikorwa bakora ku minsi itandukanye y'icyumweru. - Baririmba indirimbo bakavugaga n'imivugo ivugaga ku bikorwa bya buri muni na buri cyumweru - Basubiza ibibazo ku nkuru ivugaga ku bikorwa by'abana bya buri muni na buri cyumweru
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Kunoza imvugo bavugaga ku bikorwa byabo bya buri muni n'ibya buri cyumweru; Ubugeni n'umuco, bashobora kuririmba</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo kurondora ibikorwa byabo bya buri muni no kwitabira ibikorwa biri kuri gahunda uko bigenda bisimburana.</i>				
Imfashanyigisho: <i>Ibishushanyo bigaragaza ibyo bikorwa by'abana mu bihe bitandukanye.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Gufasha abana kugira indangagaciro yo kubahiriza igihe.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: INGERO		INYIGISHO: AMAFARANGA		
Imibare: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)		Umutwe wa 6: Gukoresha neza amafaranga		Igihe: Ibyumweru 4
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kugura ibintu bakoresheje amafaranga atarenze 100; kuvuga akamaro k'amafaranga no kuyabika neza.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya	Amafaranga y'u Rwanda:	
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga akamaro k'amafaranga - Kuvuga aho amafaranga aturuka n'aho abikwa. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya ibiceri kuva kuri 1 kugeza ku 100 bashingiye ku gaciro kayo - Kugura ibintu bakoresheje amafaranga agera ku F100 ariko bidasaba kugarurirwa. - Guhitamo ibintu by'ibanze mu kugura 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwiyumvisha ko amafaranga adufitiye akamaro - Gudapfusha ubusa amafaranga. - Kubika neza amafaranga. - Gucunga neza amafaranga. - Gukunda umurimo - Kwirinda kwiba amafaranga - Gusubiza amafaranga asagutse igihe bamutumye 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibiceri kuva kuri F1 kugera ku F100. - Akamaro k'amafaranga - Kubika neza amafaranga. - Guhitamo ibintu agura - Aho amafaranga aturuka 	<ul style="list-style-type: none"> - Bafashijwe n'umurezi, abana baganira bavuga ku kamaro k'amafaranga mu buzima bwabo bwa buri munsu; uko umuntu amererwa iyo abuze amafaranga cyangwa bayamwibye; uburyo bwo kubika amafaranga agiye guhaha; aho umuntu yabika amafaranga mu rugo; aho amafaranga aturuka. - Mu matsinda abana bakina bigana umucuruzi n'umuguzi bifashishije amafaranga y'ibiceri atarengeje F100. Ugura agenda yahisemo ibyo ari bugure na ho ucuruza atunganya ibicuruzwa bye. Mu mukino bakoresha amwe muri aya magambo: Urashaka iki? kigura angahe? urahenda, gabanya, akira nkwishyure. - Basubiza ibibazo ku gakuru k'umwana ufite akamenyero ko gusubiza iwabo amafaranga asagutse iyo bamutumye - Abana bose cyangwa mu matsinda baririmba indirimbo cyangwa bakavuga imivugo yerekeranye n'amafaranga.

--	--	--	--	--

Ihuriro n'ibindi byigwa: *Ikinyarwanda: Inyunguramagambo: umucuruzi, umuguzi, isoko, butiki, ibiceri, inoti, kwishyura, birahenze, ntibihenda no kunoza imvugo bakina. Ubugeni n'Umuco: baririmba indirimbo zivuga ku mafaranga.*

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: *Ubushobozi bwo guhitamo ibyo agura ashingiye ku mafaranga afite, kugura ibintu akoresha amagambo akoresha mu igura n'igurisha; kubika amafaranga neza no kutayapfusha ubusa.*

Imfashanyigisho: *Inoti n'ibiceri, ibikoresho binyuranye abana bakoresha mu mikino yabo biri mu nguni bita butiki.*

Uruhare rw'ababyeyi: *Kuganira n'abana ku kamaro k'amafaranga, kubatoza gusubiza amafaranga basaguye babatumye; kubatoza kutiba amafaranga no gufata neza ibikoresho bigurwa amafaranga. Kwirinda uburiganya mu kugura no kugurisha.*

IMBUMBANYIGISHO: AMASHUSHONGERO N'AMEREKEZO			INYIGISHO: AMASHUSHONGERO	
Imibare: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe wa 7: Amashushongero: mpandenye, mpandeshatu n'uruziga.	Igihe: Ibyumweru 6
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gushushanya, kubaka no kuvuga ku mashushongero ya mpandenye, mpandeshatu n'uruziga.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amazina y'amashushongero anyuranye - Kuvuga umubare w'impande zigize mpandenye na mpandeshatu. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya amashushongero akurikije imiterere - Gukora amashushongero ashushanya, abumba, cyangwa yubaka koresheje ibikoresho biboneka aho atuye 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwiyumvisha ko bimwe mu bidukikije, mu bikoresho dukoresha bifite amashusho y'ibinyampande. - kwishimira ubwiza bw'ibintu bikoze mu mashushongero. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gushushanya amashushongero no kuyasiga amabara mpandenye, uruziga na mpandeshatu. - Kubaka no kubumba amashushongero 	<p>Mu matsinda mato cyangwa umwe umwe:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Bitegereza baganira ku amashushongero ya mpandenye, mpandeshatu n'uruziga - Bashushanya amashushongero, bakayasiga amabara bashaka cyangwa babwiwe. - Bubaka amashushongero bakoresheje urudodo, umugozi, uduti, udutafari tw'ibiti. - Babumba amashushongero - Bashaka mu ishuri no mu bidukikije ibintu bifite iforomo y'amashushongero bize; urugero: urugi, amadirishya, umupine w'igare <p><u>Udukino:</u> <i>Amashusho ya Bingo; Guhuza amashusho; Amashusho tubona mu bidukikije; Twibuke amashusho; Urupapuro rudasanze.</i></p>

<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Kunoza imvugo ijyanye na mpandenye, mpandeshatu n'uruziga Ubugeni:Mu gihe bashushanya babumba cyangwa bubaka; Ubumenyi bw'ibidukikije:bashaka mu bidukikije ibintu bafite amashushongero bize; Ibonezabuzima: guteza imbere ingingo nto</i></p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo gushushanya amashushongero anyuranye, bakoresheje amakaramu, kuyasiga amabara, kuyabumba, kuyakora bakoresheje udutafari tw'ibiti, indodo, utugozi no uvuga amashushongero babona mu bintu biri mu ishuri.</i></p>				
<p>Imfashanyigisho: <i>Amakaramu, amakaramu y'amabara, imigozi, indodo, uduti, ibumba, utubuye (kudutondeka)</i></p>				
<p>Uruhare rw'ababyeyi: <i>Gufasha abana gukora imikoro bahawe ku mashushongero.</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: AMASHUSHONGERO N'AMEREKEZO		INYIGISHO: AHO IBINTU BIHEREREYE		
Imibare: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)		Umutwe wa 8: Kuranga aho ibintu biri		Igihe: Ibyumweru 6
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gukoresha indangahantu zikwiye mu kugaragaza aho ibintu biri cyangwa aho abantu baherereye no kwifashisha indangahantu n'ibyerekezo mu bikorwa byo gusoma, kwandika no mu buzima bwa buri muni.				
Intego		Icyigwa	Ibikorwa by'abana	
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
Gutandukanya indangahantu.	<ul style="list-style-type: none"> - Kuranga aho ibintu biherereye akoresheje indangahantu zikwiye - Gusoma no kwandika bava ibumoso baja iburyo, bahera hejuru bagana hasi. - Gusoma ibyapa byo ku muhanda - Gufata igitabo uko bikwiye - Kwambara inkweto atitiranya ibumoso n'iburyo 	<ul style="list-style-type: none"> - Gushyira ibintu mu mwanya wabyo haba ku ishuri cyangwa mu rugo. - Gukurikiza amabwiriza yahawe ku bijyanye n'amerekezo. - Gushishoza no gushyira mu gaciro 	<ul style="list-style-type: none"> - Indangahantu imbere, inyuma ku, muni, mu nzu cyangwa mu ishuri, hafi, kure, hejuru, hasi, ibumoso n'iburyo. - kuranga aho ibintu biherereye 	<ul style="list-style-type: none"> - Mu matsinda mato cyangwa umwe umwe, abana bashyira mu bikorwa amabwiriza y'umurezi abamenyereza gukoresha indangahantu: gushyira umupira imbere cyangwa inyuma y'umwana; gushyira intebe hanze cyangwa mu ishuri; gushyira ikintu ku meza cyangwa mu nsi y'ameza. - Mu matsinda mato cyangwa umwe umwe (mu mikino yo hanze) bakoresha ibice by'umubiri berekana ibumoso n'iburyo. Urugero: ukuboko kw'iburyo hejuru cyangwa hasi, ugutwi kw'ibumoso, ukuguru kw' iburyo . - Bakoresha indangahantu mu mvugo baranga ibintu cyangwa abantu: Anita ari hafi y'ikibaho, naho Simbi ari kure y'ikibaho; akadobo kari iburyo bwa Mwiza. - Gushushanya amashusho bagaragaza indangahantu babwiwe. Urugero: umwana uri ibumoso bwa mama we; umupira uri imbere y'umukinnyi. - Mu matsinda mato bifashishije amashusho, abana baranga aho ibintu biherereye; muni, hejuru, mu, ibumoso, iburyo - Bakina udukino tubafasha gutandukanya amerekezo - Basoma amashusho agaragaza ibyapa byo ku

				muhanda.
<i>Ihuri n'ibindi byigwa:</i> <i>Ikinyarwanda: Inyunguramagambo ku ndangahantu zinyuranye; Ubugeni: Barashushanya bagaragaza indangahantu; Mu ibonezabuzima: berekana indangahantu bakoresheje ibice by'umubiri w'umuntu.</i>				
<i>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma:</i> <i>Ubushobozi bwo gushyira ibintu aho abwiwe. Gushushanya ibintu ku mashusho akurikiza amerekezo n'indangahantu abwiwe.</i>				
<i>Imfashanyigisho:</i> <i>amashusho, ibikoresho by'ishuri n'ibindi biyanye n'insanganyamatsiko.</i>				
<i>Uruhare rw'ababyeyi:</i> <i>Gutoza abana gushyira ibintu mu mwanya wabyo no gukoresha uko bikwiye indangahantu.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: URUHEREREKANE RW'IBINTU				
Imibare: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe wa 9: Uruhererekane rwisubiramo	Igihe: Iyumweru 8
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana babasha gutondeka ibintu byisubiramo bakurikije uruhererekane bahawe cyangwa bihitiyemo, bava ku byoroheje bagana ku bigoye; gutahura ibintu byo mu buzima busanzwe byisubiramo: umunsi/ijoro, gahunda za buri munsi, amabara y'imyenda, n'ibindi.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Gusobanura uko ibintu bigiye bikurikirana mu ruhererekane runaka bahawe cyangwa bihitiyemo	- Kuvumbura ikiri bukurikireho mu gutondeka akurikije uburyo ibyabanje bikurikirana mu gutondeka ibintu cyangwa amashusho akurikije uruhererekane yahawe - Gutondeka ibintu cyangwa amashusho akurikije uruhererekane yihitiyemo - Gutahura ibintu byisubiramo mu bidukikije no mu buzima bwa buri munsi.	- Gushyira ibintu mu mwanya wabyo. - Kugira gahunda - Gushima ubwiza bw'ibintu - Kubaha imiterere na gahunda y'ibidukikije n'ibyaremwe muri rusange.	- Uruhererekane rw'ibintu cyangwa amashusho - Uruhererekane rw'ibintu byisubiramo mu bidukikije no mu buzima bwa buri munsi.	- Mu matsinda manini ndetse n'amato, abana bakora ibikorwa bigaragaza uruhererekane rwisubiramo bahereye ku byoroshye bagana ku bikomeye igihe bakina, babyina, no mu bugeni mberajisho: gukoma mu mashyi, kuvuza imirindi, ingoma, gutunga amasaro bakora urunigi. - Abana batembera hanze y'ishuri bakegeranya ibikoresho binyuranye: indabo, ibibabi, uduti, utubuye, n'ibindi. Mu matsinda mato, abana batondeka ibyo bazanye bakurikije urukurikirane bihitiyemo. Umwitozo nk'uyu wakorwa kandi hifashishijwe amashusho. - Bafashijwe n'umurezi abana barondora urukurikirane rw'ibikorwa byabo bya buri munsi, bya buri cyumweru, bya buri kwezi. - Abana bakora umwitozo wo kuvumbura ibintu bitondeke mu bidukikije no mu buzima bwa buri munsi - Udukino: <i>Urukurikirane rwa muzika; Reka tunyeganyege, Kwandukura urukurikirane; Kunyeganyega ku buryo budasanzwe;</i>

				<i>Urukurikirane rw'ibikorwa bya buri munsi...</i>
<i>Ihuriro n'ibindi byigwa:</i> <i>Ikinyarwanda: Inyunguramagambo zijyanye n'ibikoresho byakoreshejwe mu gutondeka: Ibonezabuzima: imiyego y'ingingo nini n'into; Ubumenyi bw'Ibidukikije: ibintu bigaragara mu bidukikije byakoreshejwe mu gutondeka; Ubugeni n'umuco: injyana y'amajwi yisubiramo akozwe n'ibintu bitandukanye, gukora urunigi</i>				
<i>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma:</i> <i>Ubushobozi bwo gutondeka ibintu bitandukanye birenze bibiri bigenda byisubiramo; no gutahura ibintu bitondetse bigenda byisubiramo mu bidukikije no mu buzima bwa buri munsi.</i>				
<i>Imfashanyigisho:</i> <i>Ibintu binyuranye biboneka mu bidukikije, ibikinisho, amashusho, ibitabo, n'ibindi.</i>				
<i>Uruhare rw'ababyeyi:</i> <i>Gusubiza ibibazo by'amatsiko abana bababaza. Gutoza abana kubahiriza gahunda no gushyira ibintu ahabigenewe.</i>				

5.2.5. Ibikoresho by'ingenzi/Imfashanyigisho bizakenerwa mu mibare.

- Ibikoresho by'ishuri: Amakaramu y'igiti n'ay'amabara, impapuro, amakaye, ibitabo, ingwa;

- **Imfashanyigisho** iboneka mu bidukikije : indabo, ibibabi, uduti, amabuye, imbuto, utujerikani duto, ibikombe, amacupa ya purasitiki, uduce tw'impapuro, udupfundikizo, n'ibindi;
- Ibiceri n'inoti, , imipira n'ibindi bikinisho;
- Udukarita twanditseho imibare;
- Udukarita dushushanyijeho ibisimba, ibimera n'ibindi bijyanye n'insanganyamatsiko byifashishwa mu gukora ibirundo;
- Ibishushanyo by'amashushongerero ya mpandenye, mpandeshatu, uruziga;
- Ibishushanyo bigaragaza amerekezo;
- Ibikoresho biva mu biti: udutafari tw'ibiti, utubaho.

6.4. INDIMI: IKINYARWANDA

6.4.1 Impamvu yo Kwigisha mu Kinyarwanda

Ururimi rukoreshwa mu kwigisha mu cyiciro cy'inshuuke ni Ikinyarwanda. Nk'uko abahanga mu byo kwigisha babivuga, kumenya ururimi kavukire ni intango ndetse n'imbarutso yo kumenya izindi ndimi. Koko rero, kwiga mu kinyarwanda bituma abana bato bunguka amagambo mu ngeri zinyuranye z'ubumenyi. Byorohereza umwana wiga kuko ahera ku byo azi ajya ku byo atazi, bityo akiyumvamo ubushobozi, akigirira n'icyizere. Kwiga mu Kinyarwanda bituma umwana yumva neza ibyo bamubwiye kandi agashobora gusobanura no kwisobanura atanga ibitekerezo bye. icyongereza kizigwa nk'ururimi hitabwa ku by'ibanze bifasha abana guteza imbere ubushobozi bwo kumva no kuvuga binyuze mu ndirimbo, imivugo n'imikino kuko mu iyigandimi kuvuga bibanziriza kwandika.

6.4.2 Impamvu yo Kwigisha Ikinyarwanda nk'ururimi

Ikinyarwanda ni ururimi kavukire ruhuza Abanyarwanda bose kuko rukoresha mu nzego zose z'ubutegetsi n'iz'imirimo, rwumvwa kandi rukanavugwa n'Abanyarwanda hafi ya bose. Ikinyarwanda kigishwa mu mashuri nk'inyigisho kandi kigakoresha mu kwigisha izindi nyigisho cyane cyane mu kiciro cy'uburezi bw'inshuke no mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Ikindi kandi Ikinyarwanda kibumbatiye umuco w'igihugu, gituma dushyikirana, tukungurana ibitekerezo, tukagezanyaho ubutumwa, tukagaragaza n'imbamutima zacu. Abarezi b'inshuke barakungurirwa rero guha agaciro Ikinyarwanda kuko ari uguha agaciro muri rusange imyigishirize ndetse no gufasha mu kuzamura ireme ry'uburezi.

6.4.3 Ubushobozi bw'umwana arangije ikiciro cy'inshuke mu birebana n'Ikinyarwanda

Ikinyarwanda ni ururimi kavukire ku mwana w'Umunyarwanda. Abana bitabiriye uburezi bw'inshuke, baza bavuga, bumva kandi batekereza mu Kinyarwanda ariko bafite amagambo make kandi bakoresha imvugo itanoze. Mu nyigisho y'Ikinyarwanda, babifashijwemo n'abarezi ndetse n'ababyeyi, abana bazunguka amagambo mashya, bazanoza imvugo, bitoze gutega amatwi no kumva bubaha uvuga batamuca mu ijambo, gusoma no kwandika. Ibi bizagerwaho hifashishijwe imivugo, ibiganiro, udukino, indirimbo, imigani n'inkuru zinyuranye akenshi ziherekejwe n'amashusho.

Mu birebana n'Ururimi rw'Ikinyarwanda, umwana urangije ikiciro cy'inshuke azaba ashobora:

- Kugaragaza ko ateze amatwi ibyo abwiwe ashya mu bikorwa amabwiriza ahawe, asubiza ibibazo ku nkuru yumvise, asubiramo ibyo yumvise;
- Gutekerereza abandi mu mvugo inoze ibyo yabonye, ibyo yumvise, ibyamubayeho, ibyo yakoze cyangwa azakora agaragaza ku buryo bwe ibitekerezo n'imbamutima bye kandi yifitiye icyizere.
- Gutandukanya amajwi y'inyuguti z'ikinyarwanda no kugaragaza ko asobanukiwe ko ijambo rigizwe n'amajwi atandukanye kandi ko ijwi rimwe rihindutse rihindura iryo jambo;
- Gutandukanya inyandiko n'amashusho; kwerekana ibigize igitabo no kugifungura uko bikwiye;
- Gutahura no gusoma inyuguti zigize itonde ry'Ikinyarwanda, into n'inkuru zanditse mu cyapa;
- Kwandika inyuguti z'ikinyarwanda (inkuru n'into) mu cyapa no kwandukura amagambo yanditse mu nyuguti nkuru n'into mu cyapa ayareba.

6.4.4. Integanyanyigisho y'Umwaka wa mbere w'inshuke-Ikinyarwanda

IMBUMBANYIGISHO: GUTEZA IMBERE UBUSHOBOZI NYEMVUGO	INYIGISHO: GUTEGA AMATWI NO KUVUGA	
Ururimi Kavukire- Kinyarwanda: Umwaka wa 1 (imyaka 3-4)	Umutwe wa 1: Gutega amatwi no kuvuga bifatiye ku nsanganyamatsiko	Igihe : Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umwana azaba ashobora kugaragaza ko ateze amatwi ibyo abwiwe ashya mu bikorwa amabwiriza ahawe, asubiza ibibazo ku nkuru, ku ndirimbo, ku muvugo bigufi yumvise; gusubiramo imivugo n'indirimo bigufi; gutekereza abandi ibyo yabonye, ibyo yumvise, ibyamubayeho, ibyo yakoze cyangwa azakora agaragaza ku buryo bwe ibitekerezo n' imbamutima bye.		

Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga neza amagambo asanzwe azi n'andi agenda yunguka 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga izina rye, ay' ababyeyi be, aya bagenzi be n'aho atuye - Gusubiza ibibazo ku nkuru, umugani, umuvugo bigufi yumvise - Kubwira bagenzi be ibyo yabonye, ibyo yumvise n'ibyamubayeho - Kuvuga umuvugo mugufi yize - Kuririmbira hamwe n'abandi indirimbo ngufi yumvise kenshi 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutega amatwi uvuga atamuca mu ijamba - Kuvuga igihe ahawe ijamba - Kugaragaza imbamutima ziyanye n'inkuru - Kugaragaza imyitwarire ikwiye mu minsi mikuru 	<p><u>Urugero rw'insanganyamatsi ko: Iminsi mikuru mu muryango n'aho dutuye</u></p> <ul style="list-style-type: none"> - Inyuguramagambo : ubukwe, abageni, gushyingirwa, ibirori, imirimbo, kurimba, impano. - Iminsi mikuru mu muryango: isabukuru y'amavuko, kwita umwana izina, ubukwe... - Iminsi mikuru ishingiyeye ku kwemera - Imyitwarire ikwiye mu minsi mikuru 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza no kuvuga ku mashusho ajyanye n'inkuru, indirimbo, imivugo, imigani - Gutega amatwi no gusubiza ibibazo ku nkuru, indirimbo, imivugo, imigani bigufi byubakiye ku nsanganyamatsiko - Mu matsinda mato gukina udukino twigana bagaragaza ibyo bumvise mu nkuru cyangwa ibyo babonye - Gusubiramo umuvugo kenshi no kuririmba indirimbo akurikije urugero rw'umurezi - Mu matsinda ya babiri, gukina agakino ko kwibwirana bagenda bahindura abagize amatsinda - Gushushanya ibintu byamushimishije yumvise mu nkuru no kubisobanurira bagenzi be. - Gukina udukino two gutega amatwi no gushyira mu bikorwa amabwiriza bahawe : <p><u>Ingero z'udukino</u> : <i>Simoni Aravuze ; Byumve ; Fora Icyo Ndi Gukora ; Fata Maze Uvuge ; Zenguruka Uruziga ; Udukarito tw'inkuru...</i></p>

<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda : kunoza imvugo mu ndirimbo, mu mivugo no mu nkuru; inyuguramagambo zifatiye ku nsanganyamatsiko; Ubugeni n'umuco: igihe aririmba n'igihe ashushanya</i></p>
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma : <i>ubushobozi bwo gukora igikorwa gihuye n'amabwiriza ahawe; gusubiza ibibazo ku nkuru, ku ndirimbo no ku mivugo yumvise ; gusubiramo imivugo n'indirimbo bigufi; gutekerereza abandi ibyo yabonye, ibyo yumvise cyangwa ibyamubayeho agaragaza ku buryo bwe ibitekerezaho n'imbamutima bye; kugaragaza imyifatire yubaha uvuga atamuca mu ijamba</i></p>
<p>Imfashanyigisho: <i>Ibintu cyangwa amashusho byifashishwa mu gusobanura amagambo mashya; amashusho ajyanye n'inkuru, indirimbo, imivugo; ibitabo by'inkuru bisomerwa abana;</i></p>
<p>Uruhare rw'ababyeyi: <i>Gusomera umwana inkuru, kumucira imigani, gukosora imvugo ye aho kumuseka, gutega amatwi umwana igihe ababwira inkuru; gukina n'umwana udukino dutera imbaro ubushobozi bwo kumva no kuvuga, gushima umwana ku ntambwe agenda atera.</i></p>

IMBUMBANYIGISHO: GUTEZA IMBERE UBUSHOBOZI NYEMVUGO			INYIGISHO: GUSOBANUKIRWA AMAJWI N'AMAGAMBO	
Ururimi Kavukire- Kinyarwanda:Umwaka wa 1 (imyaka 3-4)			Umutwe wa 2: Gutandukanya amajwi	Igihe : Ibyumweru 6
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umwana azaba bashobora gutandukanya amajwi akomoka ku bintu binyuranye ahura na byo mu bidukikije; gutandukanya no kwigana amajwi y'inyamanswa amenyereye				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Ingero z'amajwi y'ibintu n'inyamanswa bigaragara mu bidukikije: ingoma, ibinyuguri, inzogera, inanga, umwirongi, gitari, amayugi, imodoka, amashyi, ifirimbi, ikivugirizo, inoni, ubuhaha, imvugo z'inyoni, inyamanswa, urusaku rwa telefoni n'ibindi.	- Abana bateka amatwi amajwi atangwa n'ibikoresho binyuranye. - Mu matsinda mato abana bakina umukino wo gutahura amajwi aturuka ku bintu basanzwe bazi ariko batabireba: abana bamwe bakoresha ibikoresho bitanga amajwi bari hanze, abandi bagatahura. - Umurezi aaryana abana hanze maze bagaceceka kugira ngo bashobore gutahura amajwi anyuranye bumva: inyoni zinyuranye, amajwi y'abantu, amajwi y'amatungo, imodoka... - Abana bakina umukino wo kwigana amajwi y'abantu, ibintu, inyoni, ibisimba... Utundi dukino: <i>Abo mu muryango wanjye; Koma amashyi!</i>
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ubugeni n'umuco: injyana y'amajwi atangwa n'ibikoresho bya muzika; Ubumenyi bw'ibidukikije: guhuza amajwi n'amazina y'ibintu biyatanga biboneka mu bidukikikije; Ubumenyi bw'imibare: Itondeka ryoroshye ry'amajwi (patterns), kubara inshuro amajwi yisubiyemo; Ibonezabuzima: imiyego y'ingingo nto ninini.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma : <i>Ubushobozi bwo gutahura amajwi y'ibintu atabireba no kwigana amajwi y'ibintu cyangwa inyamanswa amenyereye</i>				
Imfashanyigisho: <i>Ibikoresho bitanga amajwi anyuranye harimo n'ibya muzika.</i>				

<i>Uruhare rw'ababyeyi: Gufasha umwana gukina udukino two kwigana amajwi y'inyamanswa amenyereye; kumvisha umwana ibintu bitanga amajwi anyuranye;</i>				
IMBUMBANYIGISHO: GUTEZA IMBERE UBUSHOBOZI BWO GUSOMA NO KWANDIKA			INYIGISHO: IBIRI MU BITABO N'INYANDIKO	
Ururimi Kavukire- Kinyarwanda:Umwaka wa 1 (imyaka 3-4)			Umutwe 3: kwimenyereza ibitabo	Igihe : Ibihembwe 2
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abanyeshuri bazaba bashobora gufata igitabo mu buryo bukwiye no gusoma amashusho				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Kugaragaza aho igitabo gitangirira n'aho kirangirira	- Gufata igitabo uko bikwiye atagicuritse - Guhindura impapuro ku buryo bukwiye. - Gutandukanya amashusho n'amagambo mu gitabo - Guhuza inkuru n'amashusho - Kwerekana aho ijambo ritangirira n'aho rirangira. - Guhitamo igitabo hakurikijwe amabwiriza yatanzwe	- Gukunda ibitabo no kubifata neza - Kugira umuco wo gukunda gusoma - Gusangira n'abandi inkuru n'ibitekerezo byavuye mu bitabo	- Gufata igitabo uko bikwiye - Gutandukanya amashusho n'inyandiko	- Buri mwana atozwa gufata igitabo mu buryo bukwiye no guhindura impapuro ndetse no kutacyandikamo. - Abana mu matsinda bitoza gutandukanya amashusho n'ibyanditse. - Abana mu matsinda bakora umwitozo wo kuvumbura ikibura ku mashusho - Abana mu matsinda baganira bahuza inkuru n'amashusho - Abana bakuranwa bakina agakino ko kugaragaza aho buri jambo ritangirira n'aho rirangirira mu gitabo. - Abana bakina udukino tunyuranye tubamenyereza ibitabo n'uburyo bwo kubikoresha. - <u>Ingero z'udukino</u> : <i>Genda Hagarara!</i> ; <i>Kurebera Hamwe Ibitabo</i> ; <i>Amashusho yo mu nkuru...</i>
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ubumenyi bw'ibidukikije: gusobanukirwa amashusho y'ibyo babona bitandukanye; Ubugeni n'umuco: komeka igice kibura ku ishusho; Ibonezabuzima: imiyego y'ingingo nto; Imibare: kumenya amerekezo, umubare w'amapaji igitabo gifite n'ipaji bariho.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo gufata igitabo ku buryo bukwiye atangiza kandi adasimbuka impapuro no kuvuga ibigaragara mu mashusho.</i>				

Imfashanyigisho: ibitabo birimo amashusho n'amagambo; amashusho yihariye; ibikinisho by'utumodoka; amakaramu y'ibiti; amakarita yanditseho amazina; ubujeni

Uruhare rw'ababyeyi: Gukundisha abana ibitabo bakiri bato no kubatoza kubifata neza; kbasomera inkuru, gukora inguni yagenewe abana irimo ibitabo n'inyandiko mu rugo iwabo; kujyana abana ku isomero ribegereye aho bishoboka. Kugurira abana ibitabo.

IMBUMBANYIGISHO: GUTEZA IMBERE UBUSHOBOZI BWO GUSOMA NO KWANDIKA			INYIGISHO: KWITOZA KWANDIKA	
Ururimi Kavukire- Kinyarwanda:Umwaka wa 1 (imyaka 3-4)			Umutwe wa 4: Imyitozo yo guca imirongo inyuranye	
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora guca imirongo mu byerekezo binyuranye ivunaguye				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Kuvuga izina ry'umurongo bagezeho	- Gufata uko bikwiye ibikoresho byo kwandika - Gutandukan ya imirongo - Guca imirongo iri mu byerekezo binyuranye - Guhuza imirongo igakora amashusho anyuranye	- Kugira gahunda - Gukurikiza amabwiriza - Gukora ibintu mu buryo bunoze - Kwirinda kwandika aho ubonye hose (ku nkuta, ku nzugi n'amadirishya, ku myenda...).	- Uburyo bubonye bwo gufata ibikoresho byo kwandikisha - Imisharabiko - Imirongo ihagaze, itambitse, iberamye, n'ivunaguye. - Guhuza imirongo.	- Buri mwana atozwa gufata ikaramu n'ibindi bikoresho no guca imirongo inyuranye;; - Buri mwana yitoza gukora imisharabiko no kwandika utudomo ku kibaho no ku mpapuro; - Kuri buri murongo abana bitoza umwe umwe guca umurongo bahuza utudomo twegeranye, dutandukanye, nyuma bagaca umurongo nta tudomo bahawe. Bakora imyitozo myinshi yo guca uwo murongo bandika ku butaka, mu mucanga, ku kibaho, ku mpapuro, mu kirere, cyangwa bandikisha agatoki bakojeje mu mazi cyangwa mu irangi; - Mu matsinda abana bakora udukino two hanze two kwitondeka bakora imirongo inyuranye bize; - Abana mu matsinda mato batondeka utubuye, uduti, ibishyimbo, amashaza... bakora imirongo inyuranye bize; - Abana bitoza guhuza imirongo bize bakurikije amabwiriza bahawe bagakora amashusho anyuranye. <u>Udukino:</u> Amashusho y'inyuguti; Ishusho, Inyuguti, Ijambo;

Ihuriro n'ibindi byigwa: Imibare: amerekezo, imirongo, amashushongerero; Ibonezabuzima: kunoza imiyego y'ingingo nto.				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo gufata uko bikwiye ibikoresho byo kwandika no guca imirongo inyuranye kandi inoze				
Imfashanyigisho: Impapuro; amakaramu y'ibiti; amakaramu y'amabara; uduti, amazi, amarangi; umucanga...				
Uruhare rw'ababyeyi: Kumenyereza abana gufata uko bikwiye ibikoresho byo kwandika; kubaha ibikoresho byo kwandikaho mu rugo.				

6.4.5. Integanyanyigisho y'Umwaka wa kabiri w'inshuke -Ikinyarwanda

IMBUMBANYIGISHO: GUTEZA IMBERE UBUSHOBOZI NYEMVUGO			INYIGISHO: GUTEGA AMATWI NO KUVUGA	
Ikinyarwanda: Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)			Umutwe wa 1: Gutega amatwi no kuvuga bifatiye ku nsanganyamatsiko	
Igihe: Umwaka wose				
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe : Umwana azaba ashobora kugaragaza ko ateze amatwi ashyira mu bikorwa ibyo abwiwe, atanga ubutumwa bugufi abwiwe, asubiza ibibazo ku nkuru, ku ndirimbo yumvise; gutekereza abandi ibyo yabonye, ibyo yumvise, ibyamubayeho, ibyo yakoze cyangwa azakora agaragaza ku buryo bwe ibitekerezo n' imbamutima bye; gusubiramo imivugo n'indirimo biguf.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Kuvuga no gukoresha uko bikwiye amagambo asanzwe azi n'andi agenda yunguka	-Gukora ibihuje n'amabwiriza abwiwe -Gutanga neza ubutumwa abwiwe -Gutanga ibisubizo bikwiye ku bibazo abajijwe ku nkuru, umugani, indirimbo, umuvuguzi yumvise -Kuvuga agakuru kagufi yihimbiye kajyanye n'ibyo	-Gutega amatwi uvuga atamuka mu ijamba -Kuvuga ahawe ijamba -Kubaha uvuga -Kugaragaza imbamutima zijyanye n'inkuru -Kugaragaza imyitwarire ikwiye mu ngendo.	<u>Urugero</u> <u>rw'insanganyamatsiko:</u> Uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu -Inyunguramagambo: amazina y'uburyo bukoreshwa mu gutwara abantu n'ibintu ku butaka, mu mazi no mu kirere -Imyitwarire ikwiye mu ngendo -Ibintu bintu abantu bashobora kubona mu	-Kwitegereza no kuvuga ku mashusho ajyanye n'inkuru, indirimbo, imivugo, imigani -Gutega amatwi inkuru, indirimbo, imivugo, imigani bigufi byubakiye ku nsanganyamatsiko -Gusubiza ibibazo abajijwe ku nkuru, indirimbo, imivugo, imigani bigufi -Gufindura igikorwa kijyanye n'inkuru bakurikije ibimenyetso umurezi ari gukora atavugaga. -Mu matsinda mato gukina udukino twigana bagaragaza ibyo bumvise mu nkuru cyangwa ibyo babonye.

	yabonye -Gusubiramo umuvugo mugufi yize -Kuririmbara hamwe n'abandi indirimbo ngufi yumvise kenshi		ngendo	-Gushushanya ibintu byamushimishije yumvise mu nkuru. -Gukina udukino two gutega amatwi no gushyira mu bikorwa amabwiriza bahawe. (urugero: Byumve; Simoni aravuze ngo; Ndabona; Fata maze uvuge...).
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ubumenyi bw'ibidukikije: inkuru, imivugo, indirimbo bishingiye ku nsanganyamatsiko zifitanye isano n'ibidukikije; Imibanire n'abandi n'imbamutima mu dukino dutandukanye; Ubugeni n'umuco: Gushushanya no kuririmba.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma : <i>Ubushobozi bwo gukora igikorwa gihuye n'amabwiriza ahawe, gutanga ubutumwa abwiwe, gusubiza ibibazo ku nkuru, ku ndirimbo, ku muvugo yumvise; gusubiramo neza imivugo n'indirimbo bigufi; gutekereza abandi ibyo yabonye, ibyo yumvise, ibyamubayeho, ibyo yakoze cyangwa azakora agaragaza ku buryo bwe ibitekerezo n'imbamutima bye; kugaragaza imyifatire yubaha uvuga atamuca mu ijamba, avuga ahawe umwanya.</i>				
Imfashanyigisho: <i>Ibintu cyangwa amashusho byifashishwa mu gusobanura amagambo mashya; amashusho ajyanye n'inkuru, indirimbo, imivugo; ibitabo by'inkuru bisomerwa abana.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Kuririmba no gukina hamwe n'abana mu rugo; Gusomera abana inkuru; Gukorana urugendo rwo mu mazi aho bishoboka cyangwa gutembera hafi y'amazi magari baganira ku byo babona; gushima umwana ku ntambwe agenda atera.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: GUTEZA IMBERE UBUSHOBOZI NYEMVUGO			INYIGISHO: GUSOBANUKIRWA AMAJWI N'AMAGAMBO	
Ikinyarwanda: Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)			Umutwe wa 2: Gutandukanya amajwi y'inyuguti n'imigemo	Igihe : Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umwana azaba ashobora gutahura amajwi y'inyuguti zitangira amagambo amenyereye kumva; gutanga ingero z'amagambo ahuje amajwi, n'iz'amagambo afite amajwi yisubiramo.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amajwi y'inyuguti n'imigemo y'amagambo - Gutandukanya amajwi y'ibintu binyuranye atabireba 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya amajwi y'inyuguti n'imigemo mu magambo anyuranye - Kuvuga amajwi y'inyuguti n'imigemo bigize izina rye; - Kuvuga amajwi atangira ibintu bifatika abona - Gutanga ingero z'amagambo afite amajwi yisubiramo; - Kuvumbura amagambo magufi arimo impuzajwi; 	<ul style="list-style-type: none"> -Gutega amatwi -Gusangira n'abandi ibitekerezo no kubahana -Kuvuga ari uko ahawe ijambo -Guhanga udushya -Gukorana ubushishozi 	<ul style="list-style-type: none"> -Amagambo ahuje amajwi -Isubirajwi n'isubirajambo -Amajwi y'ibintu bitandukanye 	<ul style="list-style-type: none"> -Gutega amatwi amagambo atandukanyijwe n'ijwi rimwe no kuvumbura iryo ari ryo. -Mu matsinda mato gukina udukino two gushaka amagambo ahuje amajwi. -Gusubiramo interuro n'imivugo migufi irimo isubirajwi. -Kuririmba indirimbo zirimo amagambo cyangwa amajwi yisubiramo ; -Gushushanya ibintu bigaragaza amagambo bumvise -Kwigana amajwi y'inyamanswa bamenyereye <p>Udukino : <i>Emmanuel yagiye ku isoko; Abo muryango wanjye; Koma amashyi! Inkangara y'amajwi.</i></p>
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ubugeni n'umuco: injyana y'amajwi mu buhanzi bw'imivugo n'indirimo; Ubumenyi bw'ibidukikije: amazina y'ibintu biboneka mu gace atuyemo; Imibare: kuvangura no gushyira mu byiciro, kubara; Ibonezabuzima: imiyego y'ingingo nto n'inini.</i>				

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo gutahura amajwi y'inyuguti n'imigemo bitangira amagambo amenyereye kumva; gutanga ingero z'amagambo ahuje amajwi, n'iz'amagambo afite amajwi yisubiramo

Imfashanyigisho: Ibintu binyuranye bishobora gutanga amajwi; Ikintu kirimo ibikoresho binyuranye biboneka hafi (amabuye, ibiti, ingwa, amababi ...); amakarita ariho amashusho yo kwifashisha igihe bigira mu ishuri.

Uruhare rw'ababyeyi: Gukina hamwe n'abana mu rugo; gufasha abana kumenya amajwi atandukanye y'ibintu bashobora kubona ; Gufasha abana kumenya amajwi atangira amazina y'abantu bamenyereye n'ibintu bakunda kubona mu rugo; Gutemberana n'abana bagenda babaza utubazo ku majwi atangira ibintu babona mu nkengero; gushima umwana ku ntambwe agenda atera.

IMBUMBANYIGISHO: GUTEZA IMBERE UBUSHOBOZI BWO GUSOMA NO KWANDIKA			INYIGISHO: IBIRI MU BITABO N'INYANDIKO	
Ikinyarwanda:Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)			Umutwe wa 3: Kumenya ibigize igitabo no kwitoza gusoma inyandiko	Igihe : Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umwana azaba ashobora kwerekana ibigize igitabo; gutandukanya amashusho n'inyandiko; kuvuga inkuru akuye mu gitabo ahereye ku mashusho no gukora agatabo kagizwe n'amashusho yishushanyirije ndetse n'inyuguti.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
- Gutandukanya ibice bigize ibitabo	- Kugaragaza aho inyandiko itangirira n'aho irangirira kuri buri paji y'igitabo; - Gutandukanya inyandiko n'amashusho mu gitabo; - Kuvuga izina ry'ikintu amenyereye ahereye ku ishusho ryacyo - Guhitamo igitabo hakurikijwe amabwiriza yatanze	-Gukunda ibitabo no gusoma -Gusangira n'abandi inkuru n'ibitekerezo yakuye mu bitabo -Gufata neza ibitabo	-Ibigize igitabo: igifuniko gikomeye, inyandiko, amashusho -Inyandiko n'amashusho	-Mu matsinda mato, abana bavangura ibitabo mu bindi bintu nk'amakaye, impapuro ziri ukwazo maze bakabishyira hamwe bakanasobanura impamvu ibigize iryo tsinda ari ibitabo. - Buri mwana ahabwa umwanya akerekana ibigize igitabo, amashusho, inyandiko, aho inyandiko itangirira n'aho irangirira; -Buri mwana ahabwa umwanya wo guhuza amagambo abwiwe n'amashusho y'ibintu amenyereye. -Mu matsinda mato, abana basoma ibitabo by'amashusho bitandukanye nyuma buri wese akabwira abandi inkuru yasomye. -Mu matsinda y'abana 4, bakora agatabo kagizwe n'amashusho bishushanyirije. Bitewe n'aho bageze mu mibare, bandikaho imibare igaragaza paji zigize igitabo cyabo. Bahabwa umwanya wo gusobanura ibiri mu gitabo cyabo. -Udukino: <i>Genda! Hagarara!; Gukora igitabo cy'inyuguti; Guhuza amazina yacu; Ni nde ufite izina rirerire, ni nde ufite izina</i>

				<i>rigufi...</i>
<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ubumenyi bw'ibidukikije: Guhuza amashusho yo mu gitabo n'ibyo babona bitandukanye mu buzima; Ubugeni n'umuco: Gukora udutabo tw'amashusho; Ibonezabuzima: imiyego y'ingingo nto; Imibare: kuvangura no gushyira hamwe, kubara impapuro z'igitabo, kwandika paji z'agatabo kabo.</i></p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo kwerekana ibigize igitabo; gutandukanya amashusho n'inyandiko no kuvuga ubutumwa n' inkuru bikubiye mu gitabo agendeye ku mashusho.</i></p>				
<p>Imfashanyigisho: <i>Ibitabo by'inkuru birimo amashusho; amashusho yihariye; impapuro n'ibikoresho byo gushushanyaho; ibikinisho; amakarita yanditseho amazina, ubujeni cyangwa ibindi byifashishwa mu gufatanya impapuro</i></p>				
<p>Uruhare rw'ababyeyi: <i>Gufasha abana gukunda ibitabo bakiri bato basomera hamwe ibitabo birimo amashusho n'udukuru dushimishije; gukora inguni yagenewe abana irimo ibitabo n'inyandiko mu rugo iwabo; kujyana abana ku isomero ribegereye aho bishoboka.</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: GUTEZA IMBERE UBUSHOBOZI BWO GUSOMA NO KWANDIKA			INYIGISHO: ITONDE RY'INYUGUTI Z'IKINYARWANDA	
Ikinyarwanda:Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)			Umutwe wa 4: Gusoma amashusho no kwandika inyuguti nkuru z'icyapa	Igihe : Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi butegerejwe: Umunyeshuri azaba ashobora gusoma no gutanga ubutumwa butangwa n'amashusho ndetse n'ibyapa no kwandika inyuguti nkuru				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Kuririmba indirimbo y'inyuguti zigize itonde ry'ikinyarwanda	- Gutanga ubutumwa mu bishushanyo - Gusoma ibyapa n'amashusho atanga ubutumwa - Gushushanya amashusho anyuranye ahuza imirongo - Kwandika inyuguti nkuru mu cyapa ahuza imirongo yize - Guhuza inyuguti n'izina ryayo - Gutahura inyuguti nkuru abwiwe iri mu zindi nyinshi	- Gukora umurimo unoze; - Ishyaka ryo kuvumbura; - Kugira gahunda; - Kwiyubakamo icyizere; - Umwete n'umuhate mu byo akora; - Gukora ibintu ubyitayeho	- Imirongo iheteye iburyo, iheteye ibumoso, iheteye hejuru, iheteye hasi; imirongo igoronzoye - Itonde ry'inyuguti z'ikinyarwanda - Amashusho n'ibyapa bitanga ubutumwa	- Mu matsinda manini, abana bitoza gusoma amashusho n'ibyapa bamenyereye kubona bari mu ishuri cyangwa batemberana n'umurezi. - Buri mwana akora imyitozo yo gushushanya amashusho atanga inkuru no gusobanura ibyo yashushanyije. - Abana baririmbira hamwe uturirimbo turimo itonde ry'inyuguti - Buri mwana yitoza kwandika inyuguti nkuru y'icyumweru mu cyapa ahuza imirongo akoresheje uburyo n'ibikoresho binyuranye: kubumba, gukora inyuguti akoresheje uduki, kwandika mu mucanga, ku butaka, ku kibaho, ku rupapuro,...Asubiramo izina ry'inyuguti uko ayanditse. - Buri mwana yandukura izina rye mu nyuguti nkuru z'icyapa. - Abana bakina udukino two kuvumbura inyuguti zisa bakoresheje amakarita cyangwa utubaho biriho inyuguti. <u>Udukino: Isosi y'inyuguti; Guhiga inyuguti...</u>

Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ibonezabuzima: kumenyereza imiyego y'ingingo nto; Ubugeni n'umuco: kugorora ijwi baririmba indirimbo y'inyuguti, babumba cyangwa bubaka inyuguti.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo gusoma ubutumwa buri ku byapa amenyereye kubona; kwandika inyuguti nkuru mu cyapa, kwandika izina rye mu nyuguti nkuru z'icyapa.</i>				
Imfashanyigisho: <i>impapuro, amakaramu y'igiti, umucanga, n'ibindi</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>kumenyereza abana kwandika inyuguti</i>				

6.4.6. Integanyanyigisho y'Umwaka wa 3 w'inshuke- Ikinyarwanda

IMBUMBANYIGISHO: GUTEZA IMBERE UBUSHOBOZI NYEMVUGO			INYIGISHO: GUTEGA AMATWI NO KUVUGA		
Ikinyarwanda:Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe wa 1: Gutega amatwi no kuvuga bifatiye ku nsanganyamatsiko		Igihe : Ibyumweru 6
<p>Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umwana azaba ashobora kugaragaza ko ateze amatwi ibyo abwiwe ashya mu bikorwa amabwiriza akubiyemo ibikorwa byinshi ahawe, asubiza ibibazo ku nkuru ndende, ku ndirimbo, ku muvugo yumvise; gusubiramo imivugo n'indirimo; gutekereza abandi ibyo yabonye, ibyo yumvise, ibyamubayeho, ibyo yakoze cyangwa azakora agaragaza ku buryo bwe ibitekerezo n' imbamutima bye.</p>					
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana	
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Urugero		
-Kuvuga no gukoresha neza amagambo asanzwe amenyereye n'andi agenda yunguka	- Gusubiramo udukuru bumvise - Gusubiza ibibazo ku nkuru, umugani/ Umuvugo birebire yumvise - Kuvuga agakuru kajyanye n'ibyo yabonye - Gusubiramo umuvugo mugufi yumvise kenshi - Kuririmbara hamwe n'abandi indirimo	-Kugira umuco wo gutege amatwi -kuvuga uhawe ijambo -Kubaha uvuga -Kugaragaza imbamutima zijyanye n'inkuru -Kubaha ibisimba Imana yaremye - kwirinda gushotora	<u>rw'insanganyamatsiko:</u> <u>Ibisimba biboneka aho dutuye</u> -Inyuguramagambo: amazina y'ibisimba biba mu mazi, ibiguruka n'udukoko -Inkuru zerekeye ku bisimba, -Imyitwarire ikwiye imbere y'ibisimba;	-Mu matsinda mato, abana bitegereza amashusho ajyanye n'inkuru, indirimo, imivugo, imigani bakayaganiraho. -Gutege amatwi inkuru ndende, indirimo, imivugo, imigani byubakiye ku nsanganyamatsiko runaka no gusubiza ibibazo bijyanye. Gushushanya ibintu byamushimishije yumvise mu nkuru -Kubwira abandi ibyo yabonye, ibyo yumvise, ibyamubayeho. -Gufindura igikorwa kijyanye n'inkuru bakurikije ibimenyetso umurezi ari gukora atavuga. -Mu matsinda mato gukina udukino twigana bagaragaza ibyo bumvise mu nkuru cyangwa ibyo babonye <u>Udukino:</u> <i>Guhimba inkuru; Harakurikiraho iki?</i>	

	yumvise kenshi	ibisimba		<i>Kwigana ibyavuzwe mu nkuru...</i>
<i>Ihuriro n'ibindi byigwa:</i> <i>Ubumenyi bw'Ibidukikije: Kuvuga ku bisimba biboneka aho dutuye; Ubugeni n'umuco: Gushushanya ibisimba</i>				
<i>Imibanire n'abandi n'imbamutima: gutangarira ibisimba bitandukanye.</i>				
<i>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma:</i> <i>Ubushobozi bwo gutanga ubutumwa abwiwe; gukora ibihuye n'amabwiriza ahawe; gusubiramo imivugo n'indirimbo yumvise; kubwira abandi inkuru ku byo yabonye, ibyamubayeho; kubaha uvuga ntamuce mu ijambo.</i>				
<i>Imfashanyigisho:</i> <i>Ibintu cyangwa amashusho byifashishwa mu gusobanura amagambo mashya; amashusho ajyanye n'inkuru, indirimbo, imivugo; ibitabo by'inkuru bisomerwa abana.</i>				
<i>Uruhare rw'ababyeyi:</i> <i>Kuririmba no gukina hamwe n'abana babara mu rugo; Gufasha abana kumenya amazina y'ibisimba byo mu mazi, ibiguruka n'udukoko babona aho batuye, gusubiza ibibazo by'amatsiko abana bababaza.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: GUTEZA IMBERE UBUSHOBOZI NYEMVUGO			INYIGISHO: GUSOBANUKIRWA AMAJWI N'AMAGAMBO	
Ikinyarwanda:Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe wa 2: Guhimba no kuvumbura amajwi	Igihe : Ibyumweru 6
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umwana azaba ashobora gutahura amagambo afite amajwi yisubiramo mu nteruro cyangwa mu nkuru; amagambo ahuje amajwi; gukora amagambo mashya asimbuza amajwi amwe mu ijambo yahawe.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
- Gutandukanya imigemo igize amagambo.	- Gutahura imigemo igize ijambo abwiwe; - Gutanga ingero z'amagambo afite ijwi ryisubiramo ahereye ku ngero yahawe - Gusubiramo interuro zirimo amagambo yisubiramo; - Kwigana amajwi y'ibintu binyuranye. - Gukora amagambo bagenda basimbuza imigemo mu ijambo babwiwe	- Guteza amatwi - Gusangira n'abandi ibitekerezo no kubahana - Kuvuga ari uko ahawe ijambo - Kuvumbura no guhanga udushya - Kwiyubakamo icyizere	- Isubirajwi mu magambo n'isubirajambo mu nteruro. - Amagambo yenda gusa atandukaniye ku ijwi rimwe - Amagambo ahuje ijwi ritangira n'irisoza	- Mu matsinda abana bumva amajwi atandukanye bagakora umwitozo wo kwibuka uko yakurikiranye. - Mu matsinda mato abana bakina udukino two kwigana amajwi y'ibintu/ibisimba bitandukanye - Kuririmba indirimbo, gufata mu mutwe imivugo migufi birimo amagambo cyangwa amajwi yisubiramo ; - <u>Umukino: Inkangara y'amajwi n'impuzajwi.</u> Buri mwana akora umwitozo wo gutoranya ikintu gitangirwa n'ijwi abwiwe - <u>Umukino: Guhiga amajwi:</u> mu matsinda mato abana batembera hanze bashakisha ibintu bitangirwa n'amajwi babwiwe ; - <u>Utundi dukino tunyuranye:</u> <i>Emmanweli yagiye ku isoko; Agakino ka telefoni; Abo mu muryango wanjye bari he; Wari wabona...? Koma amashyi!</i>

<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ubumenyi bw'ibidukikije: ibintu bigaragara aho dutuye bitanga amajwi atandukanye; Ubumenyi bw'imibare: kuvangura no gushyira mu byiciro, kubara; Ibonezabuzima: imiyego y'ingingo nto n'inini; Ubugeni n'umuco: igihe baririmba.</i></p>				
<p><i>Ibigenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo gutahura amagambo afite amajwi yisubiramo mu nteruro cyangwa mu nkuru ; amagambo ahuje amajwi; gukora amagambo mashya asimbuza amajwi amwe mu ijambo yahawe:</i></p>				
<p>Imfashanyigisho: <i>Ibintu binyuranye bishobora gutanga amajwi ayo ari yo yose; Ikintu (igitebo, inkangara, igikarito) kirimo ibikoresho binyuranye biboneka hafi; amakarita ariho amashusho yo kwifashisha igihe bigira mu ishuri.</i></p>				
<p>Uruhare rw'ababyeyi: <i>Gukina hamwe n'abana mu rugo bigana amajwi y'ibintu n'inyamanswa; Gufasha abana kumenya amajwi atangira amazina y'abantu bamenyereye n'ibintu bakunda kubona; gushima umwana ku ntambwe agenda atera.</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: GUTEZA IMBERE UBUSHOBOZI BWO GUSOMA NO KWANDIKA			INYIGISHO: IBIRI MU BITABO N'INYANDIKO	
Ikinyarwanda: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe wa 3: Imiterere y'igitabo no gusoma	Igihe : Ibyumweru 4
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umwana azaba ashobora kwerekana ibigize igitabo, kugifungura uko bikwiye adasimbuka impapuro no kuvuga ibyo abona kuri buri paji.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
Kuvuga ibiranga igitabo	<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura inkuru iri mu gitabo akoresheje amashusho - Guhimba inkuru nshya akoresheje amashusho - Kugaragaza ibice by'ingenzi bigize igitabo - Gutahura ibivugwa mu gitabo ahereye ku mashusho agaragara ku gifuniko. - Gukora igitabo kigizwe n'amashusho n'amagambo yandukura ayareba 	<ul style="list-style-type: none"> -Gukunda ibitabo no gusoma -Gusangira n'abandi inkuru n'ibitekerezo yasomye -Guhanga udushya -Gufashanya 	<ul style="list-style-type: none"> -Ibigize igitabo: Igifuniko, umutwe w'igitabo, umubare w'impapuro -Inyandiko n'amashusho -Gukora igitabo 	<ul style="list-style-type: none"> - Imyitozo mu matsinda mato yo kuvuga ibigize igitabo bahawe no gutahura ibivugwamo bahereye ku mashusho ari ku gifuniko. - Abana mu itsinda mato bafatanyaga n'umurezi gusoma igitabo cy'inkuru kirimo n'amashusho no kuganira ku byo basoma; - Mu matsinda mato, abana bakora igitabo kigizwe n'amashusho n'amagambo: buri mwana ugize itsinda yandukura amagambo ayareba, akanashushanya ibyo yihitiyemo. Bafatanyaga gukora igitabo kigizwe n'impapuro ziriho ya magambo n'amashusho. Bandika imibare bagaragaza paji zigize igitabo cyabo. Iyo ari inkuru bashakira hamwe umutwe w'igitabo cyabo. Basomera bagenzi babo inkuru banditse. - <u>Udukino:</u> Gusoma igitabo ukora amakosa nkana; Gukora igitabo gifite umutwe
Ihuriro n'ibindi byigwa: Ubumenyi bw'ibidukikije: Gusobanukirwa amashusho y'ibyo babona bitandukanye; Ubugeni n'umuco: Gushushanya no gukora udutabo tw'amashusho n'amagambo bamenyereye; Ibonezabuzima: imiyego y'ingingo nto; Imibare: kubara umubare w'impapuro no kwandika imibare igaragaza amapaji.				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo: kwerekana ibice bigize igitabo; guhindura uko bikwiye impapuro z'igitabo no				

kuvuga ibyo abona kuri buri paji.

Imfashanyigisho: *Ibitabo by'inkuru birimo amashusho; amashusho yihariye; impapuro n'ibikoresho byo gushushanya; amakarita yanditseho amazina, ubujeni n'ibindi bintu bifatanye impapuro, udutambaro twa gufunikisha ibitabo byakozwe, imakasi.*

Uruhare rw'ababyeyi: *Gufasha abana gukunda ibitabo bakiri bato basomera hamwe udutabo turimo amashusho n'udukuru dushimishije; gukora inguni yagenewe abana irimo ibitabo n'inyandiko zinyuranye mu rugo iwabo; kujyana abana ku isomero ribegereye aho bishoboka.*

IMBUMBANYIGISHO: GUTEZA IMBERE UBUSHOBOZI BWO GUSOMA NO KWANDIKA			INYIGISHO: ITONDE RY'INYUGUTI Z'IKINYARWANDA	
Ikinyarwanda: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe wa 4: Gutahura no gusoma inyuguti zigize itonde ry'Ikinyarwanda	Igihe : Ibyumweru 10
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umwana azaba ashobora gutahura no gusoma inyuguti nkuru n'intoya zigize itonde ry'Ikinyarwanda zanditse mu cyapa zaba ziri zonyine cyangwa zanditse mu magambo.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
Kuvuga inyuguti zigize itonde ry'ikin yarwanda azikurikiranya neza	<ul style="list-style-type: none"> - Guhuza inyuguti nkuru n'intoya - Gutahura inyuguti abwiwe aho yanditse iri mu zindi nyinshi - Gusoma inyuguti zigize itonde ry'Ikin yarwanda zanditse mu cyapa , inkuru n'intoya 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora umurimo unoze. - Kugaragaza ishyaka ryo kuvumbura - Kugira gahunda - Kwiyubakamo icyizere - Gukora ibintu abyitayeho 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma no gutahura inyuguti zigize itonde ry'Ikin yarwanda 	<ul style="list-style-type: none"> - Abana baririm bira hamwe uturirimbo turimo itonde ry'inyuguti. - Abana batega amatwi agakuru kiganjemo amagambo arimo inyuguti y'icyumweru. Abana batahura ijwi ryagarutse kenshi mu gakuru. - Ku kibaho, abana batahura inyuguti nshya aho yanditse n'ingwa y'ibara mu magambo. Bitegereza aho yanditse yonyine. - Mu matsinda mato abana bakina umukino wo kuvumbura inyuguti y'icyumweru ivanze mu zindi nyinshi cyangwa mu nyandiko zinyuranye. - Mu matsinda mato, abana bakina umukino w'amakarita y'inyuguti nto bashyira hamwe inyuguti zisa. Bakora gutyo no ku nyuguti nkuru. - Abana bakina imikino yo guhuza inyuguti nkuru n'intoya: Abana bafite inyuguti nkuru bahagarara ku ruhande rumwe abafite inyuguti nto bakagenda bashakisha ufite inyuguti nkuru bahuje maze bagakora itsinda rya babiri babiri. Bagenda bahinduranya inyuguti n'abakinnyi.

				- <u>Udukino</u> :Akabyino k'amazina;Isosi y'inyuguti;Inyuguti zisibama; Kwibuka inyuguti;Guhiga inyuguti.
Ihuriro n'ibindi byigwa: Ibonezabuzima: Imyitozo yo kwimenyereza gukoresha imiyego y'ingingo nini n'intoya, gukangura icyumviro cyo kubona; Imibare: kubara inyuguti zigize itonde; kuvangura inyuguti no guhuza inyuguti zisa.				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo gutahura gusoma inyuguti zose nto n'inkuru zanditse mu cyapa zaba zonyine cyangwa mu magambo;				
Imfashanyigisho: amakarita ariho inyuguti nto n'inkuru zanditse mu cyapa, ibitabo n'inyandiko binyuranye.				
Uruhare rw'ababyeyi: kumenyereza abana kwandika inyuguti, gufasha abana kuvumbura inyuguti ku nyandiko zinyuranye; kumanika mu rugo ibikoresho biriho itonde ry'inyuguti.				

IMBUMBANYIGISHO: GUTEZA IMBERE UBUSHOBOZI BWO GUSOMA NO KWANDIKA			INYIGISHO: ITONDE RY'INYUGUTI Z'IKINYARWANDA	
Ikinyarwanda: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe wa 5: Kwandika inyuguti nto zigize itonde ry'Ikinyarwanda	Igihe : Ibyumweru 10
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umwana azaba ashobora kwandika inyuguti nto mu cyapa no kwandukura amagambo yanditse mu nyuguti nto z'icyapa ayareba kandi akurikiranya neza inyuguti.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Kuvuga inyuguti zigize itonde ry'ikinyarwanda azikurikiranya neza	- Kwandika inyuguti nto mu cyapa - Kwandukura amagambo mu cyapa n'inyuguti nto	- Gukora umurimo unoze. - Ishyaka ryo kuvumbura - Kwiyubakamo icyizere - Umwete n'umuhate mu byo akora - Gukora ibintu abiyitayeho - Kudacika intege ahuye n'ibimugoye	- kwandika inyuguti zigize itonde ry'Ikinyarwanda - Kwandukura amagambo	- Abana baririmbira hamwe uturirimbo turimo itonde ry'inyuguti. - Abana batega amatwi agakuru kiganjemo amagambo arimo inyuguti y'icyumweru. Abana batahura ijwi ryagarutse kenshi mu gakuru. - Ku kibaho, abana batahura inyuguti nshya aho yanditse mu magambo mbonwa n'ingwa y'ibara mu cyapa. Bitegereza aho yanditse yonyine. - Buri mwana yitoza kwandika inyuguti nto y'icyumweru mu cyapa akoresheje uburyo n'ibikoresho binyuranye: kubumba, gukora inyuguti akoresheje uduti, ibishyimbo, utubuye; kwandika mu mucanga, ku butaka, ku kibaho. Asubiramo izina ry'inyuguti uko ayanditse. - Abana bose bitegereza uko inyuguti y'icyumweru yandikwa. Buri mwana ayandika inshuro nyinshi ku mpapuro cyangwa mu ikaye. - Umukino wo gukora amagambo yifashishije udukarita tw'inyuguti nto cyangwa inkuru. - Buri mwana yitoza kwandukura amagambo

				ayareba. - <u>Udukino</u> : Akabyino k'amazina; Isosi y'inyuguti; Inyuguti zisibama; Kwibuka inyuguti; Guhiga inyuguti, Amina aracyeye
Ihuriro n'ibindi byigwa: Ibonezabuzima: Imyitozo yo kwimenyereza gukoresha imiyego y'ingingo nini n'intoya; Imibare: kubara inyuguti zigize itonde; Ubugeni n'umuco: Kubumba no kubaka inyuguti akoresheje ibintu binyuranye.				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo kwandika inyuguti nto z'icyapa no kwandukura neza amagambo n'interuro ngufi mu nyuguti nto z'icyapa.				
Imfashanyigisho: impapuro, amakaramu y'igiti, amakaramu y'amabara; amakarita ariho inyuguti, ibitabo n'inyandiko binyuranye.				
Uruhare rw'ababyeyi: kumenyereza abana kwandika inyuguti, gufasha abana kuvumbura inyuguti ku nyandiko zinyuranye; kumanika mu rugo ibikoresho biriho itonde ry'inyuguti.				

6.4.7. Ibikoresho by'ingenzi/Imfashanyigisho bizakenerwa mu Kinyarwanda

- Amakaramu y'ibiti
- Amakaramu y'amabara
- Ibitabo by'inkuru zisomerwa abana bijyanye n'insanganyamatsiko
- Ibitabo by'imivugo, ibisakuzo, indirimbo bijyanye n'insanganyamatsiko
- Amashusho ajyanye n'inkuru
- Ibikinisho by'abana
- Udukarita twanditseho imirongo
- Ubujeni n'impapuro
- Ibikoresho biva mu bidukikije
- Udukarita /utubaho twanditseho inyuguti z'icyapa inkuru n'into, ingombajwi n'inyajwi
-

6.5. ENGLISH

6.5.1. Final readiness competences

The learning of English is somewhat different from the learning of the mother tongue. While Rwandan children come to nursery school with speaking and listening skills in Kinyarwanda, children generally come to school without any knowledge about the English language. In language learning, speaking always comes before writing. For example for the mother tongue, children are able to speak it without any intuition of its graphics. This is the same way English should be taught to children at an early age. Children will learn English by exposure to basic chunks of it, just to train them to listen and repeat English sounds and use basic English vocabulary in their every day life. The teaching-learning of English at this level will therefore be limited to listening and speaking.

By the end of pre-primary, children should be able to:

- Listen to and follow simple oral instructions, attend to and dramatize simple English language stories;
- Use a polite language in situations of different forms of communication and express feelings through rhymes and poems;
- Use simple present and present progressive tenses in oral communication to answer questions;
- Use demonstratives, possessives and prepositions in oral communication;
- Use concepts and some vocabularies gained through themes, songs and, games .

6.5.2 Syllabus for Grade one

TOPIC AREA: ORAL COMPREHENSION AND EXPRESSION			SUBTOPIC AREA: LISTEN AND SPEAKING	
English: Grade 1(3-4 years)			Unit 1: Response to simple greetings , farewells and self introduction	Timing: 12 weeks
Competence: Children should be able to greet and respond appropriately to simple greetings and farewells according to different times of the day and people; to introduce themselves				
Learning objectives			Content	Learning activities
Knowledge and understanding	Skills	Attitudes and values	Greetings:	
Distinguish expressions used to greet and respond to greetings at different times of the day.	- Use appropriate expressions to greet and respond to greetings and farewells -Greet and bid farewell referring to different people appropriately - Introduce themselves	-Appreciate the need to take turns to greet each other -Demonstrate affectionate gestures and friendliness as they greet and bid farewells	Good morning Jane /Mum/teacher/visitor Good afternoon Peter, good evening James, How are you? I am fine thank you! Goodbye, see you again -good night! My name is.... Appropriate use of expressions used in greeting, farewell and introduction of self Develop appropriate attitudes towards others when greeting and saying farewells	- Children observe and listen to the teacher as s/he says the greetings to individual children and they will repeat. - In small groups the children say “good morning”, “how are you” expressions to each other as they shake hands - They say “goodbye” to each other as they wave their hands - They respond to the greetings and farewells games for example ' <i>the telephone game</i> '. They can also respond to greetings through songs" good morning, good morning, good morning to you.....". - Children greet their peers and then introduce themselves. For example "Good morning? My name is Claudine" - Rhyme: “Where is thumb kin” - Puppet game: make the puppets talk to each other - They also tell each other what they do when they see their parents in the morning, when they meet their siblings in the evening after school, what they tell the teacher before leaving school

Links to other learning areas: Numeracy: as they identifying different times of the day; Social and emotional development: as they demonstrate affectionate gestures and friendliness

Assessment criteria: children can greet and bid farewells to their friends and family members referring to them appropriately, and using appropriate expressions based on the time of the day

Resources/materials: phone toys, puppets, dolls, etc

Parents role: Reinforce the skill when children are at home.

TOPIC AREA: ORAL COMPREHENSION AND EXPRESSION		SUBTOPIC AREA: LISTENING AND SPEAKING		
English: grade 1(3-4 years)		Unit 2: Responding to simple oral instructions		Timing: 12 weeks
Competence: Children should be able to respond appropriately to simple oral instructions				
Learning objectives			Content	Learning activities
Knowledge and understanding	Skills	Attitudes and values	Simple instructions: Jump, please! Come here please! Please, sit down! Please, open the doors! Please, close the windows! Can you go out please? Come in please! Close your eyes please! Open your eyes, please! Touch your ears please! Please, help me! Give me your book, please! Let me pass please!	-In small groups, the children observe different actions from the teacher as she/he gives out simple instructions and carry them out. - In pairs, children give simple instructions to each other -Children can later follow instructions without observing actions from the teacher through a song or a game. e.g. <i>"touch your head", " touch your legs", close your eyes and bend your neck, etc.</i>
-Understand the meaning of instruction	- Listen attentively. - interpret facial expression and gestures -imitate the actions of a communicator	-Demonstrate obedience and politeness, -Develop ability to work as a team.		
Links to other learning areas: Social development: they learn to work together and relate with one another				
Assessment criteria: ability to respond appropriately to simple oral instructions				
Resources/materials: classroom objects: chair, chalkboard, duster, table, books,etc.				
Parents/family members' role: Reinforce the skill when children are at home, encourage children to be obedient				

TOPIC AREA: ORAL COMPREHENSION AND EXPRESSION		SUBTOPIC AREA: LISTEN AND SPEAKING	
English: Grade 1(3-4 years)		Unit 3 : Use vocabularies related to the theme of the day	Timing: 12 weeks
Competence: Children should be able to use vocabularies related to the them in songs, rhymes, poems and games			
Learning objectives		Content	Learning activities
Knowledge and understanding	Skills	Attitudes and values	
Name and show the parts of the body	Sing songs related to the theme "Parts of the body" Recite poems related to the parts of the body Participate in games related to parts of the body	- Learn the importance of taking care of different body parts	<p>Example of the theme: parts of the body</p> <p>Vocabulary: Myself, shoulder, legs, hands, eyes, ears, head, knee, toes, mouth, nose</p> <p>Children observe and listen to the teacher as she/he sings the song 'head shoulder, knees and toes.....' and follow.</p> <p>Children get the meaning of the new words by observing their body or using charts/drawings/photos</p> <p>In groups, children play a game that helps them identify the meaning of new vocabularies</p> <p>Children repeat severally after the teacher pronouncing vocabularies related to the parts of the body.</p> <p><i>Note: the same activities can be applied when teaching using poem or games</i></p>
<i>Links to other learning areas: Discovery of the world about parts of the body</i>			
<i>Assessment criteria: ability to use the vocabulary related to body parts in songs/poems/games</i>			
<i>Resources/materials: charts/drawings/photos of body parts</i>			
<i>Parents/family members' role: To encourage the child and reinforce the skill when a child is at home.</i>			

6.5.3. Syllabus for Grade two

TOPIC AREA: ORAL COMPREHENSION AND EXPRESSION			SUBTOPIC AREA: LISTENING AND SPEAKING	
English: Grade 2 (4-5 years)			Unit1: Listen to stories and participate in singing short songs and rhymes.	Timing: 12 weeks
Competence: Children should be able to react appropriately to favorite songs, picture stories and use vocabularies about the theme of the day in songs, poems and games.				
Learning objectives			Content	Learning activities
Knowledge and understanding	Skills	Attitudes and values	Example of the theme:	
-Understand the difference between a song, a poem and a story -Know different songs, rhymes and stories	-Sing songs related to the theme "food from plants" -Recite poems related to "food from plants" -Participate in games related to "Food from plants"	-Appreciate the importance of working together , -Tolerate each other, Develop self confidence and self esteem, -Enjoy themselves as they sing actively	Food from plants Vocabularies: Names of familiar food items from plants: carrot, cabbage, potatoes, tomatoes, beans, maize, bananas, etc. Songs, poems, games, picture-stories	-In small groups, children observe and listen to short and simple picture stories they later answer questions about , -They gain the meaning of new words related to the theme through reading pictures, and observing real objects In groups children sing new songs/rhyme related to the theme. They sing as groups and as individuals
Links to other learning areas: literacy: They learn and use new vocabularies Discovery of the world: as they learn the names of food items from plants Socio-emotional development: they enjoy listening to and telling stories, sharing stories with other children.				
Assessment criteria: React appropriately to favorite songs, picture stories, sing songs ,recite poems and play games using vocabularies in the theme 'food and plants'.				
Resources/materials: Teacher, children, pictures and charts, story picture books,				

<i>Parents' role/family role: Reinforce the skills when children are at home.</i>					
TOPIC AREA: ORAL COMPREHENSION AND EXPRESSION			SUB TOPIC AREA: LISTENING AND SPEAKING		
English: Grade 2 (4 -5 years)			Unit2 : Polite language in oral communication		Timing: 10 weeks
Competence: Children should be able to use appropriate polite expressions in everyday oral communication					
Learning objectives			Content		Learning activities
Knowledge and understanding	Skills	Attitudes and values	<p>- Give and receive apologies; Sorry! Never mind! It is okay! Excuse me!</p> <p>- Thank and respond to thanks given by others; Thank you! Thank you so much! Thanks!Mum/Dad/teacher You are welcome....! You too.</p> <p>- Present wishes to people Happy birthday! Welcome! Have a nice day! Have a good weekend! Have a nice evening! Safe journey! Happy new year! Merry Christmas!</p> <p>- Congratulate people; Well done! Good! Very good! Congratulations!</p> <p>- Make requests</p>		<p>- In small groups, children answer questions from picture stories on how to give and receive thanks, present wishes, congratulate people and make requests</p> <p>- Children say which word to use in different situations, for example <i>"If you step on your brother by mistake what would you tell him?"</i> <i>If you saw your younger sister sick what would you tell her?"</i> <i>If someone gave you a present what would you say?</i></p> <p>- In different role plays, children and the teacher use different polite expressions that have been learnt. Later children will role-play alone as the teacher observes and makes corrections.</p> <p>-They respond using polite expressions to suggestions in games/songs for example 'the telephone game' Making requests, thanking and receiving thanks and congratulating people. Children sing new songs, rhymes and poems related to politeness</p>
-Understand when and how to use polite expressions	Use appropriate expression: - to give and receive apologies -to thank and receive thanks -to present wishes -to congratulate people -To make requests and wishes - to say no sometimes	Show politeness, humility, respect, friendliness and kindness to each other -Develop self esteem			

			Please Give me! Please wait! May I..... Says no sometimes: No, thank you!	
<i>Links to other learning areas: Literacy: they learn new words and expressions related to polite language; Social and emotional development as they use polite expressions in relationships, emotional development as they receive congratulatory expressions</i>				
<i>Assessment criteria: children use appropriate polite expression in everyday oral communication,</i>				
<i>Resources/materials: Teacher, children, pictures and charts, picture cards.</i>				
<i>Parents' role/family role: Reinforce the skills when children are at home.</i>				

6.5.4 Syllabus for Grade 3

TOPIC AREA: ORAL COMPREHENSION AND EXPRESSION		SUBTOPIC AREA: LISTENING AND SPEAKING		
English: Grade 3 (5-6 years)		Unit 1: listen to songs and stories with an increased understanding.		Timing: Whole school year
Competence: Children should be able to: Listen to stories with an increased attention and dramatize simple songs and stories; Use vocabularies about a related theme through songs, poems and games				
Learning objectives			Content	Learning activities
Knowledge and understanding	Skills	Attitudes and values	Example: Theme: My family : Vocabularies: Names of family members: my father, my mother, my brother, my sister, my aunt, my uncle, my grandmother, my grandfather, Introduction of family members: My name is I am 6 years old This is my mother/ father/... Songs, poems, games, stories	<ul style="list-style-type: none"> - In small groups the children listen to short picture stories about family members and answer questions asked from the story - They dramatize some of the content for example how does a grandmother/father walk etc. - They retell stories using story picture cards/draw pictures of characters - In small groups, children play a game in which they form a family tree and all children participate in labeling the family members - They sing simple songs and recite poems related to family members
Understand the relationship between family members Know the names of family members	Use correct expressions to refer to family members while introducing them Dramatize/ role-play a story/song they have listened to.	<ul style="list-style-type: none"> - Appreciate the importance of working together - Develop self esteem and self confidence, - Express their feelings through songs, games and poems 		

Links to other learning areas: Literacy: Children gain and use new vocabularies about relationships within the family; **Social and emotional development:** as they learn the relationships among family members,

Assessment criteria: Children are able to listen to stories with an increased attention and dramatize simple songs and stories;

Resources/materials: Teacher, children, pictures and charts, picture story books

Parents' role: Reinforce the skills when children are at home, singing with and for children, buying picture story books for children, reading stories for children

TOPIC AREA: ORAL COMPREHENSION AND EXPRESSION			SUBTOPIC AREA: SPEAKING AND LISTENING	
English: Grade 3 (5-6 years)			Unit 2: Simple present and progressive tenses in oral communication.	Timing: 8 weeks
Competence: children should be able to use simple present and progressive tenses in oral communication				
Learning objectives			Content	Learning activities
Knowledge and understanding	Skills	Attitudes and values	Theme: What are you doing?/What do you do? Questions e.g. Progressive tense What are you doing? I am dancing, playing, What is he/she doing? he/she is eating his dinner Simple present tense Do you like the school? Yes I do. What do you do in the morning? What do you eat in the morning?	Children individually tell the teacher what they are doing. For example a teacher can say "I am writing". "And you, what are you doing?" -In small groups, the children Answer questions about what they are doing. -In the field, Children carry out different activities and others tell what they are doing, e.g. running, jumping, singing, hugging, -In pairs children ask each other questions about what they are doing - Recitation/poem: When I wake up in the morning, I pray my God, I wash my face, I brush my teeth, I eat my breakfast, I take my bag and run to school
-Repeat correctly new words				
- Speak about what is happening using progressive tense				
-Listen and answer questions about what is happening and what happens regularly				
Develop friendliness, tolerance and self confidence				
Use simple present and progressive tenses in daily conversations.				
<i>Links to other learning areas: Social development as children work together asking and answering each other's questions</i>				
<i>Assessment criteria: Children can be able to use simple present and progressive tenses in oral communication.</i>				
<i>Assessment approach; The teacher listen and observe children as they carry out he activities.</i>				
<i>Resources/materials: Teacher, children, pictures and charts, story picture book, boxes</i>				
<i>Parents' role/family role: Reinforce the skills when children are at home.</i>				

TOPIC AREA: ORAL COMPREHENSION AND EXPRESSION		SUBTOPIC AREA: LISTENING AND SPEAKING		
English: Grade 3 (5-6 years)		Unit 3: Demonstratives in oral communication.		Timing: 6 weeks
Key Unit Competence: Children should be able to use demonstratives in oral communication				
Learning objectives			Content	Learning activities
Knowledge and understanding	Skills	Attitudes and values	<p>Example of the theme: Classroom objects: book, desk, table, chair, etc.</p> <p>Demonstratives: This ,that, these, those</p>	<p>Children listen and answer questions related to where several things are e.g. "where is that?", "what is this?", "what are these?", "what are those?". For example the teacher will say "this is a book, and ask "what is that?"</p> <p>Children recite poems ,sing songs and play games related to the terms this, that, those, and these An example of a poem: "<i>this is my drum that is my friend, these are the dancers, those people are watching as I dance like this..... like thislike this!</i>"</p> <p>Children ask each other questions related to locations of different things as they move around the class and school compound.</p>
-Understand how and when to use demonstratives in conversations	-Use expressions that indicate the locations -Use demonstratives in conversations and answer questions.	-Appreciate teamwork as they work together in the field. -Develop self confidence as they answer the questions correctly		
<i>Links to other learning areas: numeracy as they learn the concept of singular and plural as they learn the meaning of these and this</i>				
<i>Assessment criteria: children can be able to use demonstratives in oral communication.</i>				
<i>Assessment approach; The teacher listens and observes children as they carry out the activities. She can also ask them questions</i>				
<i>Resources/materials: Teacher, children, pictures and charts, picture books</i>				
<i>Parents' role/family members' role: Reinforce the skills when children are at home.</i>				

TOPIC AREA: ORAL COMPREHENSION AND EXPRESSIONS		SUBTOPIC AREA: LISTENING AND SPEAKING		
English: Grade 3 (5-6 years)		Unit 4: Possessives in oral communication.		Timing: 8 weeks
Competence: Children should be able to use possessives in oral communication				
Learning objectives			Content	Learning activities
Knowledge and understanding	Skills	Attitudes and values	My, mine, your, yours, his, her, our, ours	<p>-Children learn songs that use the possessives. e.g. "Butterfly, butterfly where do you go? over the mountain, over the hills Can you take me, can you take her, can you take him, can you take us can you take them"</p> <p>-As the children sing the song they point at self, and friends, who are closer at a distance and so on.</p> <p>-The teacher creates different situations in which the children use possessives...For example: The teacher can show something belonging to a certain child and ask him/her, "whose is it?" "It is mine". The teacher addressing the whole class "Is that his/hers?" "Yes; it is". The teacher can proceed with such questions: "The duster belongs to who?" children answer "it is yours" She can ask "whose chalkboard is this?", children answer "it is ours" She can take a child's bag and ask the owner "whose bag is this?" The child answers "it is mine"etc</p>
-Understand how and when to use possessives in oral Communication	-Use possessives in conversations.	-Develop self confidence		
<i>Links to other learning areas: Social and emotional development: through songs</i>				
<i>Assessment criteria: ability to use possessives in oral communication and in different situations.</i>				
<i>Resources/materials: Teacher, children, pictures and charts, picture books</i>				
<i>Parents' role/family role: Reinforce the skills when children are at home.</i>				

TOPIC AREA: ORAL COMPREHENSION AND EXPRESSION			SUBTOPIC AREA: LISTENING AND SPEAKING	
English: Grade 3 (5-6 years)			Unit 5: Prepositions in oral communication.	Timing: 8 weeks
Competence: Children should be able to use prepositions in oral communication				
Learning objectives			Content	Learning activities
Knowledge and understanding	Skills	Attitudes and values	Prepositions:	
-Discover the prepositions used in communication	- Use prepositions in conversations	- Develop thoroughness as they search for the hidden items -Appreciate the importance of working together as they work in groups -Locate real objects and themselves in space.	In, on, under, near, far in front, between ,behind, up, at, to	-Children sing songs e.g. 'in and out of bamboo forest' -Children participate in games e.g mosquito game 'Kill the mosquito above you, behind you, under you, in front of you....etc' -Children play a game called the "space box" <i>It is played with two boxes "they put an object inside the box, under the box, between the boxes, in front of the box, behind the box according to the instructions</i> -Children hide things for the rest of the children to search. After getting the hidden objects they say where it was using prepositions
<i>Links to other learning areas: Numeracy as children learn distance, far and near, and space, in out etc; Literacy: They learn new words</i>				
<i>Social and emotional development: they are excited to discover the objects hidden , they enjoy different games played together.</i>				
<i>Assessment criteria: ability to use prepositions in oral communication.</i>				
<i>Resources/materials: , pictures and charts, picture book, boxes</i>				
<i>Parent's role/family role: Reinforce the skills when children are at home.</i>				

6.5.5 Important materials/teaching aids needed in English

- Classroom real objects
- Real objects from the environment
- Puppets and dolls
- Picture story books
- Flash cards with different objects
- Manila papers
- Some materials for dramatization and role play
- Audio-video materials: songs/rhymes, poems, simple and short stories, etc.
- Charts showing different objects and situations
- Pictures and photos, etc.

6.6. UBUGENI N'UMUCO

6.6.1 Ubushobozi bw'umwana urangije ikicro cy'inshuke

Gutoza abana bato ubugeni n'umuco bitangira umwana akivuka igihe umubyeyi aririmbira umwana amuvugiriza ubuhaha, amubwira uduhozo, amubyinisha anamuganiriza igihe cyose ari maso. Iyo umwana ageze ku ishuri bikomereza mu bikorwa binyuranye biteganyijwe muri gahunda y'abana bato.

By'umwihariko, integanyanyigisho y'ubugeni n'umuco ikubiyemo ubugeni mberajisho aho dusanga ibigaragarira amaso nk'ibintu bishushanyije, ibisize amarangi, ibikoze mu bikoreho binyuranye binyuze mu bukorikori. Hakubiyemo kandi ibirebana na muzika n'umuco aho dusanga ibijyanye n'indirimo, ikinamico, imbyino, ibyivugo kimwe n'ibikoreho bijyanye na byo.

Ibitemanyijwe mu bugeni mberajisho bizateza imbere ubushobozi bw'umwana mu gutekereza, kugororokerwa mu ngingo z'intoki, gukunda ibyiza biboneshwa amaso, gushimishwa n'ibihangano bye no kugaragaza ibitekerezo n'imbamutima bye. Ibitemanyijwe muri Muzika n'Umuco bizateza imbere ururimi, gufata mu mutwe vuba, ubuhanzi, kunanura no guhuza imiyego y'ingingo z'umubiri wose, gukangura ubwonko n'ibyumviro, kwizihirwa no kwizihiza abandi no kwigirira icyizere.

Mu birebana n'Ubugeni n'Umuco, umwana urangije ikicro cy'inshuke azaba ashobora:

- Gushushanya yifashishije ibikoreho mu buryo bworoheje no kugaragaza ibitekerezo n'imbamutima bye ku bishushanyo yakoze;
- Gutaka ibishushanyo binyuranye yifashishije amabara atandukanye;
- Kubaka amashusho anyuranye ahereye ku bice biyagize no gushima icyo yagezeho;
- Kubumba amashusho yigana ibikoreho binyuranye abona aho atuye no kuvuga ku gihangano cyo;
- Gukora ibikoreho n'ibikinisho byo mu bukorikori yifashishije ibikoreho biboneka aho batuye, akoresheje uburyo binyuranye;
- Kuririmba indirimbo n'imbyino zinyuranye zo mu mucu nyarwanda n'iz'ahandi yizihawe no kwihimbira indirimbo n'imbyino;
- Gukoresha ibikoreho bya Muzika akunze kubona aho atuye yifitiye icyizere.

6.6.2. Integanyanyigisho y'Umwaka wa mbere w'inshuke -Ubugeni n'umuco

IMBUMBANYIGISHO: UBUGENI MBERAJISHO		INYIGISHO: GUSHUSHANYA		
Ubugeni n'Umuco: Umwaka wa 1 (Imyaka 3-4)		Umutwe 1: Guhanga amashusho bihitiyemo cyangwa bahawe		Igihe: umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora guhanga ibintu bitandukanye bakoresha ibikoresho by'ubugeni mberajisho biri aho bari.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
- Kuvuga amazina y'ibikoresho by'ubugeni mberajisho bworohereje	- Gutandukanya ibikoresho byo gushushanya - Gushushanya imirongo itandukanye - Gushushanya amashusho akoresheje ibikoresho n'uburyo binyuranye. - kujyanisha ibikorwa akora amaso ye n'intoki	- Kwimenyereza no kugira umuco wo gushushanya - Kwitonda igihe bakoresha irangi - Kugira umuco wo guhanga - Gushima ubwiza bw'ikintu gishushanyije - Guhitamo amabara ajyanye	- Gushushanya akoresheje intoki n'ikiganza - Gusubira mu ishusho cyangwa ibinyamubyimba bisanzwe bikoze - Kwandika ukoresheje intoki - Gukora ishusho ukoresheje intoki ziriho irangi - Gukoresha ikiganza kiriho irangi - Gusiga irangi - Gusiga irangi mu ishusho - Gusiga amabara mu mashusho bikoreye hakoreshejwe amakaramu	- Abana umwe umwe cyangwa mu matsinda, bashushanya ibyo bishakiye, bagasiga amabara n'amarangi amashusho bihitiyemo, bakoze cyangwa bahawe bakabyereka abandi bakanasobanura ibyo bakoze. - Abanyeshuri umwe umwe bashushanya igishushanyo cyoroheje bakoresheje uburyo n'ibikoresho binyuranye bakereka abandi banasobanura amashusho bakoze. - Abana basukura aho bakoreye, bagakaraba intoki, bagasubiza ibikoresho mu mwanya wabyo.

<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: Ikinyarwanda :amagambo mashya no kunoza imvugo ijyanye n'amazina y'ibikoresho by'ubugeni mberajisho, amashusho bahawe cyangwa bakoze. Ibonezabuzima bakaraba intoki, banasukura aho bakoreye, guhuza imiyego y'intoki n'iy'amaso. Imibanire n'abandi n'imbamutima: kwishimira igishushanyo cye no gushima iby'abandi bashushanyije.</p>
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo guhanga amashusho y'ibintu atandukanye akoresheje ibikoresho by'ubugeni mberajisho biri aho ari, gufata ibikoresho byo gushushanya mu buryo bukwiye, kwigana no kugaragaza ishusho yakozwe.</p>
<p>Imfashanyigisho: ikaramu y'igiti, amakaramu y'amabara, uduti, irangi rishushanya , impapuro zikomeye, ibikoresho bifatika byo mu bukorikori</p>
<p>Uruhare rw'ababyeyi: Gukundisha abana gushushanya no kubashakira ibikoresho. Kubashima kenshi bituma bigirira icyizere</p>

IMBUMBANYIGISHO: UBUGENI MBERAJISHO			INYIGISHO:KUBAKA	
Ubugeni n'Umucyo: Umwaka wa 1 (Imyaka 3-4)			Umutwe wa 2: Kubaka ibintu binyuranye	
Igihe: Umwaka wose				
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kubaka ibintu binyuranye bifashishije ibikoresho bitandukanye biri aho batuye.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
Kuvuga uko intambwe zikurikirana mu kubaka amashusho uhereye ku bice bigize ikizima	- Gutahura isano ibice bikoreshwa mu kubaka bifitanye - Guhuza ibintu bitandukanye bagakora ikintu kimwe cyangwa ishusho	- Kugira umuco wo guhanga, gukorera hamwe no gufashanya - Kwishimira ibyakozwe no kubiha agaciro	- Kubaka ibintu biba mu rugo, inzu, ameza, intebe, amashushongero atandukanye - Guhuza amashusho 2 bakayabyaza ikintu gifatika	- Abana mu matsinda cyangwa umwe umwe bubaka ikintu cyangwa ishusho y'umuntu bifashije ibikoresho bitandukanye biboneka hafi yabo bakanasobanurira abandi amashusho yakozwe. - Abana mu matsinda mato cyangwa umwe umwe bahuza amashusho akaswe bakayabyaza ishusho igaragaza ikintu gifatika cyangwa ishusho y'umuntu banasobanurira abandi ibyo bakoze. - Buri wese cyangwa mu matsinda bomeka ibice bitandukanye by'amashusho bakore ishusho bahawe cyangwa bashatse.
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'amashusho bahawe cyangwa bakoze bubaka ibintu bitandukanye. Imibare mu mashusho bubaka harimo amashushongero. Imibanire n'abandi n'imbamutima: gukorana n'abandi mu matsinda bubaka, kwishimira kwerekana ibyo bubatse.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>ubushobozi bwo kubaka ibintu binyuranye bifashishije ibikoresho bitandukanye biri aho batuye.</i>				
Imfashanyigisho: <i>ikaramu y'igiti, amakaramu y'amabara, uduti, irangi rishushanya, impapuro zikomeye, ibikoresho bigaragara, n'ibindi.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Gukundisha abana gushushanya, kubashakira ibikoresho byo gukina bubaka.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: UBUGENI MBERAJISHO		INYIGISHO: KUBUMBA		
Ubugeni n'Umucyo: Umwaka wa 1 (Imyaka 3-4)		Umutwe wa 3: Kubumba amashusho yoroheje		Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kubumba ibintu bifite intego (iforomo) zoroheje bigana ibintu babona aho batuye no gusobanurira abandi icyo babumbye.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amazina y'ibikoresho bikoreshwa mu kubumba - Kuvuga ibikoresho n'uburyo bunyuranye byifashishwa mu kubumba - Kuvuga uko intambwe zikurikirana mu kubumba ikintu runaka 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya ibikoresho bakoresha babumba. - Kubumba ibintu bihitiyemo bakoresheje iforomo - Kubumba ikintu bitandukanye badakoresheje iforomo - Gusobanurira abandi icyo babumbye 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukorera hamwe - Gusangira ibikoresho - Kugagaraza imbamutima ku byakozwe - Kunoza ingingo nto - Gushyira umwete ku kintu akora - Gushyira ibintu mu mwanya wabyo - Guharanira isuku 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibikoresho bikoreshwa mu kubumba: ibumba, igitaka, ibumba rya kizungu (plasticine), ibikoresho byifashishwa nk'iforomo - Kubumba ibintu bitandukanye 	<ul style="list-style-type: none"> - Abana bose bitegereza kandi bagakorakora ibikoresho byifashishwa mu kubumba byateguwe. - Mu matsinda mato, abana bakora ibintu binyuranye bifashishije amaforomo atandukanye: imifuniko y'amacupa, ibikombe, ibice by'amacupa ya pulasitike, n'ibindi. - Buri mwana abumba ikintu ahatse gisa n'ibiboneka mu bidukikije, adakoresheje iforomo maze agahabwa umwanya wo gusobanurira bagenzi be icyo yabumbye. - Abana basukura aho bakoreye, bakisukura ubwabo, bakanasubiza ibintu bakoresheje mu mwanya wabyo.
Ihuriro n'ibindi byigwa: ikinyarwanda: kunguka amagambo mashya no kunoza imvugo ijyanye n'ibikoresho bakoresha babumba no mu gihe basobanurira abandi ibyo babumbye. Imibare bifashisha amashushongerero mu kubumba. Ibonezabuzima banoza ingingo nto babumba, bisukura ubwabo banasukura aho bakoreye. Iterambere ry'imibanire n'abandi n'imbamutima bishimira gusobanurira abandi ibyo bakoze.				

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwokubumba ikintu gifite intego yoroheje, bakoresheje iforomo cyangwa batayikoresheje no gusobanurira abandi ibyo babumbye.

Imfashanyigisho: ibumba, udufuniko tunyuranye, ibice by'amacupa ya pulasitike, udukombe n'ibindi bijyanye n'insanganyamatsiko igezweho

Uruhare rw'ababyeyi: Guha umwana umwanya n'ibikoresho bikenewe mu kubumba, kumushimira no gutega amatwi igihe abasobanurira ibyo yabumbye. Kumutoza isuku igihe amaze kubumba.

IMBUMBANYIGISHO: UBUGENI MBERAJISHO		INYIGISHO: UBUKORIKORI		
Ubugeni n'ubukorikori: Umwaka wa mbere (Imyaka3-4)		Umutwe wa 4: Ibikoresho biva mu bukorikori		Igihe: Ibihembwe 2
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ku bikoresho biva mu bukorikori akunze kubona agaragaza ibyo abona, ubwiza bwabyo n' akamaro kabyo.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'uwiga
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	- Ibikoresho biva mu bukorikori: Imipira ibanze mu birere, umugozi wo gusimbuka, ikiziriko, igiseke, umusambi, inkoko/ intara, ingofero, ibikapu, imodoka, umuntu, n'ibindi.	- Abana bose bitegereza ibikoresho biva mu bukorikori n'ibindi bitava mu bukorikori. - Buri wese avuga izina rya buri gikoresho. - Buri mwana yerekana igikoresho abwiwe. - Mu matsinda mato, abana baganira ku gikoresho kiva mu bukorikori bahawe, bavuga ku kamaro, ku bwiza, ku byo babona; - Mu matsinda mato, abana bashyira hamwe ibikoresho biva mu bukorikori bifite icyo bihuriyeho; - Mu gihe cy'imikino yo hanze, abana bakina bifashishije bimwe mu bikoresho bikomoka mu bukorikori.
-Kuvuga amazina y'ibikoresho byo mu bukorikori.	- Gusesengura igikoresho cyo mu bukorikori agaragaza akamaro, ubwiza n'ibindi akibonaho. - Kuvangura ibikoresho biva mu bukorikori no gushyira hamwe ibifite icyo bihuriyeho	- Gukorera hamwe - Gusangira ibikoresho - Kugaragaza imbamutima ku byakozwe - Gushima ubwiza bw'ikintu - Gufata neza ibikoresho		
Ihuriro n'ibindi byigwa: ikinyarwanda: Inyunguramagambo: bunguka amagambo mashya ajyanye n'ibikoresho biva mu bukorikori, banoza imvugo bavuga ku gikoresho runaka. Imibare: gukora ibirundo by'ibikoresho. Iterambere ry'imibanire n'abandi n'imbamutima				

<i>bishimira gukina n'abandi bakoresheje ibikoresho biva mu bukorikori.</i>
<i>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma:</i> <i>Ubushobozi bwo kuvuga ku bikoresho biva mu bukorikori azi n'akamaro kabyo.</i>
<i>Imfashanyigisho:</i> <i>Ibikoresho biva mu bukorikori: imipira ibanze mu birere, umugozi wo gusimbuka, ikiziriko, igiseke, umusambi, inkoko/ intara, imodoka yo mu bikenyeri, n'ibindi.</i>
<i>Uruhare rw'ababyeyi:</i> <i>Gushishikariza umwana gukunda ubukorikori no kumwerekera. Kumushimira no gutega amatwi igihe abasobanurira ibyo yakoze.</i>

IMBUMBANYIGISHO: MUZIKA N'UMUCO		INYIGISHO: KURIRIMBA INDIRIMBO BAMENYEREYE		
Ubugeni n'Umucyo: Umwaka wa 1 (imyaka 3-4)		Umutwe wa 5: Kuririmba no kubyina		Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuririmba no kubyina imbyino n'indirimbo bamenyereye.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abanyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Indirimbo n'imbyino bijyanye n'insanganyamatsi ko igezweho.	<p>Kuririmba</p> <ul style="list-style-type: none"> - Abana batega amatwi indirimbo yose bitegereza ibyo mwarimu akora kugira ngo basobanukirwe amagambo mashya. - Basubiramo buri gice inshuro nyinshi baririmbira hamwe, mu matsinda mato, ndetse na buri wese ku giti cye kugeza bayifashe mu mutwe. - Buri mwana aririmba indirimbo ari imbere y'abandi. <p>Kubyina</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gutega amatwi imbyino no kwitegereza ababyinnyi - Gusubiramo imbyino no kwigana ababyinnyi kugeza babimenye: bashobora kubyinira ku murongo 1, ku mirongo 2 barebana, ku ruziga, bajya imbere cyangwa inyuma, bajya iburyo n'ibumoso, basimbuka, bizihwe. Kandi bakurikiza umurishyo w'ingoma bakoma no mu mashyi nk'uko babyeretsewe. - Gusukura no gushyira mu mwanya ibikoresho bakoresheje.
- Kuvuga neza amagambo y'indirimbo cyangwa imbyino.	- Kuririmba yumvikanisha amagambo avuga - Kubyina yishimye, yizihwe.	- Gufatanya n'abandi - Kwishimira ibyiza by'umuco nyarwanda - Kwizihirwa igihe abyina - Gukurikiza amabwiriza		
Ihuriro n'ibindi byigwa: ikinyarwanda: Inyunguramagambo: bunguka amagambo mashya ari mu ndirimbo/imbyino Ibonezabuzima igihe kubyina bagorora ingingo nini. Iterambere ry'imibanire n'abandi: igihe bagaragaza imbamutima babyina kandi baririmbira				

<i>hamwe.</i>
<i>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma:</i> <i>ubushobozi bwo kuririmba no kubyina imbyino n'indirimbo bamenyereye bishimye.</i>
<i>Imfashanyigisho:</i> <i>Ibikoresho byifashishwa mu gutanga injyana: ingoma, ibinyuguri, ibikoresho by'iyumvabona (audio-visual material)</i>
<i>Uruhare rw'ababyeyi:</i> <i>Kurimbira abana. Guha umwana wabo umwanya kugira ngo abarimbire, ababyinire kuko bituma arushaho kubyishimira no kwigirira icyizere.</i>

IMBUMBANYIGISHO: MUZIKA N'UMUCO			INYIGISHO: IBIKORESHO BYA MUZIKA	
Ubugeni n'umuco: Umwaka wa 1 (Imyaka 3-4)			Umutwe 6: Inkomoko y'amajwi	Igihe: Ibyumweru 2
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya amajwi akomoka ku bintu binyuranye ahura na byo mu bidukikije.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Ingero z'amajwi y'ibintu byo mu bidukikije:	
- Kuvuga amazina y'ibikoresho binyuranye bitanga amajwi	- Gutahura amajwi y'ibintu/abantu yumva atabireba/atabareba	- Gushyira mu gaciro - Kuryohereza n'amajwi anyuranye y'ibikoresho bya Muzika n'andi majwi - Kwishimira ibyiza byo mu mucu nyarwanda	Amajwi atangwa n'ingoma, ibinyuguri, inzogera, inanga, umwirongi, gitari, amayugi, imodoka, amashyi, ifirimbi, ikivugirizo, inoni, ubuhuha, imvugo z'inyoni, inyamanswa, urusaku rwa telefoni	- Abana batega amatwi amajwi atangwa n'ibikoresho binyuranye babireba cyane cyane ibikoresho badakunze kubona. - Mu matsinda mato, abana bakina umukino wo gutahura amajwi aturuka ku bintu basanzwe bazi ariko batabareba: Abana bamwe bakoresha ibikoresho bitanga amajwi bari hanze, abandi bagatahura. - Abana bajya hanze maze bagaceceka kugira ngo bashobore gutahura amajwi anyuranye bumva: inyoni zinyuranye, amajwi y'abantu, amajwi y'amatungo, imodoka, amapikipiki... - Abana bakina imikino yo kwigana amajwi y'abantu, ibintu, inyoni, ibisimba,...
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: bunguka amagambo mashya ajyanye n'ibikoresho bya Muzika. ibonezabuzima igihe bakoma amashyi, bavuzaga ingoma, iterambere ry'imibanire n'abandi igihe bagaragazaga imbamutima bigana ibintu/abantu/ibisimba binyuranye; Ubumenyi bw'ibidukikije batekereza ku bintu byo mu bidukikije binyuranye bitanga amajwi.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>ubushobozi bwo kuvuga izina ry'ikintu/inyamanswa/umuntu ahereye ku ijwi yumvise atakireba/atamureba.</i>				
Imfashanyigisho: <i>Ibikoresho bya Muzika, n'ibindi bitanga amajwi anyuranye.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>kumvisha umwana ibintu bitanga amajwi anyuranye.</i>				

6.6.3. Integanyanyigisho y'Umwaka wa Kabiri w'inshuke -Ubugeni n'umuco

IMBUMBANYIGISHO: UBUGENI MBERAJISHO			INYIGISHO: GUSHUSHANYA	
Ubugeni n'Umucu: Umwaka wa 2 (Imyaka 4-5)			Umutwe wa 1: Guhanga amashusho	Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora guhanga amashusho bakoresheje uburyo n'ibikoresho binyuranye by'ubugeni mberajisho.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Uburyo bwo guhanga amashusho:	<ul style="list-style-type: none"> - Abana umwe umwe cyangwa mu matsinda:bashushanya ibyo bishakiye; basiga amabara n'amarangi mu mashusho bishakiye bikoreye ubwabo cyangwa bahawe, bakabyereka abandi bakanasobanura ibyo bakoze - Abana umwe umwe batera irangi ku mpapuro bakoresheje ibintu bifite intego zinyuranye: ikiganza, ikirenge, agafuniko k'icupa, igice cyikirayi; - Buri mwana yereka bagenzi be ibyo yakoze maze na bo bakamushima - Abana basukura ibikoresho, aho bakoreye, barisukura ubwabo kandi bagasubiza ibikoresho mu mwanya wabyo.
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga uburyo n'ibikoresho by'ubugeni mberajisho byifashishwa mu guhanga amashusho 	<ul style="list-style-type: none"> - Gushushanya ibintu bishakiye - Gusiga amabara amashusho bikoreye cyangwa bahawe - Gusiga irangi amashusho bikoreye cyangwa bahawe Gutera irangi akoresheje ibintu bifite intego zinyuranye 	<ul style="list-style-type: none"> - Kubaha umurimo wakozwe n'abandi - Gukorera hamwe mu matsinda - Gukorana ubwitonzi mu gukoresha irangi - Gushyira ibintu mu mwanya wabyo - Guharanira isuku - Gusangira n'abandi ibikoresho - Gushima ubwiza bw'igihangano bakoze cyangwa icyakozwe n'abandi 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusushanya - Gusiga amabara - Gusiga irangi - Gutera irangi (Printing) <p>Ibyo bashushanya: Bigenda bihinduka bitewe n'insanganyamatsiko igezweho</p> <p>Icyitonderwa: Irangi rikoresheya rigomba kuba ryubahirije ubuziranenge</p>	
<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: kunoza imvugo asobanura ibyo yakoze cyangwa ibyakozwe n'abandi; kunguka amagambo mashya ajyanye n'amashusho bahawe cyangwa bakoze. Ubumenyi bw'ibidukikije bakoresha ibikoresho byo mu bidukikije. Ibonezabuzima: bakoresha ingingo nto ndetse no guhuza ijisho n'ikiganza. Iterambere mu mibanire n'abandi bakorera hamwe mu matsinda, basangira ibikoresho batabirwanira.</i></p>				

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo guhanga amashusho bakoresheje uburyo n'ibikoresho binyuranye byúbugeni mberajisho.

Imfashanyigisho: ikaramu y'igiti, amakaramu y'amabara, irangi, impapuro zikomeye, udufuniko tw'amacupa, imikebe, udukombe cyangwa udusahani twa purasitiki ibikoresho by'isuku: ibase, amazi, isabune, agatebo kajyamo imyanda...

Uruhare rw'ababyeyi: Gukundisha abana gushushanya, gusiga amarangi, no kubashakira ibikoresho bikenewe; gushimagiza ibihangano by'umwana kugira ngo arusheho kubikora neza no kwigirira icyizere.

IMBUMBANYIGISHO: UBUGENI MBERAJISHO			INYIGISHO: KUBAKA	
Ubugeni n'umuco : Umwaka wa 2 (Imyaka 4-5)			Umutwe wa 2: Guteranya ibice bigize ishusho	Igihe: Igihembwe cya1
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora guteranya ibice bigize ibintu bifatika n'amashusho y'ibintu basanzwe bazi				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Gutahura imiterere y'ishusho ryuzuye itarakatwamo ibice -Kwerekana ko ishusho rizima rishobora kuvamo ibice binyuranye kandi ko ibyo bice iyo biteranyije bishobora kongera kuvamo ishusho ryuzuye	-Kugaragaza isano ibice bigize ishusho bifitanye hagati yabyo -Guhuza ibice bigize ishusho kugeza akoze ishusho yuzuye	-Gukorerera hamwe no gufashanya -Kwishimira ibyakozwe no kubiha agaciro -Kugira umwete wo gukemura ibibazo ku giti cye -Kwigirira icyizere	-Guteranya ibice by'ikintu gifatika. Urugero: icupa rya pulastiki, ikirayi, karoti. -Gufatanya ibice by'amashusho. Urugero: Inzu, imodoka, amashusho y'ibisimba, amashusho y'ibimera, n'ibindi. Icyitonderwa: kwibanda ku bice by'ingenzi bitewe n'ikigero cy'abana kuko iyo bikomeye bimuca intege.	- Mu matsinda ya babiri, abana bitegereza ikintu cyangwa ishusho y'ikintu cyuzuye mbere yo kukigabanyamo ibice. - Babiri babiri, abana bitegereza ibice by'amashusho bahawe bagashakisha ibice bifitanye isano bakabihuza kugeza babonye ishusho yuzuye. - Buri mwana akora umwitozo wo guteranya ibice by'ikintu cyangwa by'ishusho kandi agasobanurira bagenzi be uko yabigezeho. - Gusukura aho bakoreye no gusubiza ibintu mu mwanya wabyo.
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: kunoza imvugo basobanura uko bateranyije ibice by'ikintu n'amashusho; amagambo mashya ajyanye n'amashusho bahawe. Idukikije: bakoresha ibikoresho biva mu bidukikije; Ibonezabuzima: bateza imbere ingingo nto z'ikiganza.</i>				

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo guteranya ibice bigize ibintu bifatika n'amashusho y'ibintu basanzwe bazi.
Imfashanyigisho: ibintu bifatika n'amashusho y'ibintu baza gukatamo ibice: urugero: amacupa ya purasitiki, ibice by'imbaho, amakarito, ibipapuro, amashusho y'ibisimba, y'ibimera, imodoka, inzu, ikaramu n'ibindi basanzwe bazi bijyanye n'insanganyamatsiko bagezeho.
Uruhare rw'ababyeyi: Gukina n'umwana umukino wo guterateranya amashusho, kumushakira ibikoresho bikenewe; gushimagiza ibyo yakozwe kugira ngo arusheho kubikora neza no kwigirira icyizere. Gukomeza kumutoza isuku n'umuco wo gushyira ibintu mu mwana wabyo.

IMBUMBANYIGISHO: UBUGENI MBERAJISHO		INYIGISHO: KUBUMBA		
Ubugeni n'ubukorikori: Umwaka wa 2 (Imyaka 4-5)		Umutwe wa 3: Kubumba ibintu bitandukanye		Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kubumba ibintu babona aho batuye no kuvuga ku cyo babumbye				
Intego		Icyigwa		Ibikorwa by'umwana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
- Kuvuga uko intambwe zikurikirana mu kubumba ikintu runaka - Kuvuga ibikoresho bikenerwa mu gikorwa cyo kubumba	- Kubumba ibintu bitandukanye babireba cyangwa batabireba - Gusobanurira abandi icyo yabumbye	- Gukorera hamwe - Gusangira ibikoresho - Kugaragaza imbamutima ku byakozwe - Kunoza ingingo nto - Gushyira umwete ku kintu akora - Gushyira ibintu mu mwana wabyo - Guharanira isuku		- Ibikoresho bikoreshwa mu kubumba: ibumba, igitaka, ibumba rya kizungu, iforomo (plasticine) - Kubumba ibintu bitandukanye bijyanye n'insanganyamatsiko bagezeho. - Kubumba bakora amashusho y'imibare ndetse n'inyuguti
				- Mu matsinda mato bumvikana ku cyo babumba. Bahitamo ibikoresho n'uburyo bakoresha mu gikorwa cyo kubumba. Basobanurira abandi icyo babumbye n'uko babigenje - Buri mwana abumba ikintu ahatse agasobanurira abandi icyo ari cyo. Ahimba agakuru kagufi avuga kuri icyo gihangano cye - Kwisukura, gusukura aho bakoreye, gusubiza ibintu bakoresheje mu mwana

				wabyo.
<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: kunoza imvugo bavuga ku cyo babumbye n'ibikoresho bakoresheje; imibare: babumba amashusho y'imibare; ibonezabuzima banoza ingingo nto; iterambere ry'imibanire n'abandi n'Imbamutima: bishimira kuvuga ku cyo babumbye.</i></p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>ubushobozi bwo kubumba ikintu gifite intego yoroheje, bakoresheje iforomo cyangwa batayikoresheje no gusobanurira abandi ibyo bakoze.</i></p>				
<p>Imfashanyigisho: <i>ibumba, udufuniko tunyuranye, ibice by'amacupa ya purasitike, udukombe, ibikoresho by'isuku: ibase, amazi, isabune; n'ibindi.</i></p>				
<p>Uruhare rw'ababyeyi: <i>Guha umwana wabo umwanya n'ibikoresho bikenewe mu kubumba no kumushimira no gutega amatwi igihe abasobanurira ibyo yabumbye. Kumutoza isuku igihe amaze kubumba. Kumushakira imyambaro yabugenewe.</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: UBUGENI MBERAJISHO		INYIGISHO: UBUKORIKORI		
Ubugeni n'ubukorikori: Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)		Umutwe wa 4: Guhanga ibikoresho/ibikinisho		Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bazi guhanga ibikoresho byo mu bukorikori bifashishije bumwe muri ubwo buryo bworoheje				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'uwigira
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
- Kuvuga uburyo bunyuranye n'ibikoresho byifashishwa mu bukorikori	- Guhitamo ibikoresho bikenerwa bakurikije uburyo bahisemo - Guhanga igikoresho bakoresheje ibikoresho biboneka aho batuye	- Gukorera hamwe - Gusangira ibikoresho - Kugaragaza imbamutima ku byakozwe - Gushima ubwiza bw'ikintu - Guharanira isuku no gushyira ibintu mu mwanya wabyo.	- Kubanga umupira, kuboha, kuzinga impapuro, gukata no komeka, - Ibikoresho bikenerwa : impapuro zikomeye n'izoroshye, indodo, imakasi, ubujeni, n'ibindi	- Abana bitegereza igikoresho kiva mu bukorikori, uburyo gikozemo, ibikoresho gikozemo; - Mu matsinda mato na buri wese ku giti cye, bakora igikoresho/igikinisho bakurikiza urugero rw'umurezi kugeza babimenye. - Kubwira abandi ikintu yakoze no kubasobanurira uko babigenje. - Gusukura aho bakoreye no gusubiza ibikoresho ahabigenewe
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Kunoza imvugo asobanura uko yakoze igikoresho, amagambo mashya ajyanye n'ibikoresho ndetse n'uburyo bwifashishwa mu bukorikori. Imibare: gushyira hamwe ibintu bisa; iterambere ry'imibanire n'abandi</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo gukora igikoresho cy'ubukorikori no kuvuga uburyo yakoresheje n'ibikoresho yifashishije.</i>				
Imfashanyigisho: <i>Ibikoresho biva mu bukorikori: imipira ibanze mu birere, umugozi wo gusimbuka, ikiziriko, igiseke, umusambi, inkoko/ intara, impapuro, ubujeni, amakaramu y'igiti n'ay'amabara, imakasi, ubudodo, imigozi, ibice by'ibitambaro</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>kwerekera umwana no kumushishikariza gukora udukoresho tworoheje two mu bukorikori, kumushimira no gutega amatwi igihe abasobanurira ibyo yakoze n'uko yabigezeho. Kumutoza gusukura aho yakoreye no kubika ahabigenewe</i>				

ibikoresho yakoresheje.

IMBUMBANYIGISHO: MUZIKA N'UMUCO		INYIGISHO: KURIRIMBA INDIRIMBO BAMENYEREYE		
Ubugeni n'umuco: Umyaka wa 2 (imyaka 4-5)		Umutwe wa 5: Kuririmba no kubyina hubahirizwa injyana		Igihe: umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuririmba no kubyina indirimbo nyarwanda ndetse n'iz'ahandi bubahiriza injyana.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
- Kuvuga neza amagambo y'indirimbo cyangwa y'imbyino	- Kuririmba yumvikanisha amagambo avuga - Kubyina yubahiriza injyana kandi yizihawe	- Gufatany n'abandi - Kwishimira ibyiza by'umuco nyarwanda ndetse n'uwahandi - Gukurikiza amabwiriza - Kwizihirwa igihe abyina - Gufata neza ibikoresho bya muzika	- Indirimbo n'imbyino bijyanye n'insanganya matsiko igezweho	Kuririmba - Gutega amatwi indirimbo yose bitegereza ibyo mwarimu akora kugira ngo basobanukirwe amagambo mashya. - Gusubiramo kenshi indirimbo baririmbira hamwe, mu matsinda mato ndetse na buri wese ku giti cye kugeza bayifashe mu mutwe. - Buri mwana aririmba indirimbo ari imbere y'abandi . Kubyina - Gutega amatwi imbyino no kwitegereza ababyinnyi babyina bubahiriza injyana itangwa n'amashyi, ingoma cyangwa se ibindi bikoresho bya Muzika; - Gusubiramo imbyino no kwigana ababyinnyi ariko badatinya kubyina uko babyumva bakurikije injyana, babyinira ku murongo 1 cyangwa 2, ku ruziga, bajya imbere cyangwa inyuma, bajya iburyo n'ibumoso, basimbuka, bifata mu mayunguyungu, bashyira amaboko hejuru, n'ibindi - Gusukura aho bakoreye no gusubiza ibikoresho mu mwanya wabyo
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Kunoza imvugo baririmba, inyunguramagambo: bunguka amagambo mashya ari mu ndirimbo/imbyino. Ibonezabuzima: igihe babyina, bitoza guhuza imiyego. Iterambere ry'imibanire n'abandi: igihe bagaragaza</i>				

imbamutima babyina, baririmbira hamwe.

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: *ubushobozi bwo kuririmba no kubyina bubahiriza injyana.*

Imfashanyigisho: *Ibikoresho byifashishwa mu gutanga injyana: ingoma n'umurishyo wayo, ibinyuguri, ibikoresho by'iyumvabona (audi-visual material)*

Uruhare rw'ababyeyi: *Kuririmbira umwana indirimbo. Gutega amatwi umwana wabo kugira ngo abaririmbire, ababyinire. Kumushima bituma arushaho kwigirira icyizere no kubikunda.*

IMBUMBANYIGISHO: MUZIKA N'UMUCO		INYIGISHO: IBIKORESHO BYA MUZIKA		
Ubugeni n'umuco: Umwaka wa 2 (Imyaka 4-5)		Umutwe 6: Inkomoko y'amajwi		Igihe: Igihembwe 1
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya ibikoresho bya Muzika bakunze kubona bahereye ku majwi bitanga.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'umwana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Amajwi atangwa n'ibikoresho bya Muzika:	
- Kuvuga amazina y' ibikoresho bya Muzika bitanga amajwi atandukanye	- Gutahura amajwi y'ibikoresho bya Muzika bakunze kubona aho batuye - Guhuza ijwi n'igikoresho cyatanze ijwi atakireba	- Kuryoherwa n'amajwi anyuranye y'ibikoresho bya Muzika - Kwishimira ibyiza byo mu muco nyarwanda -Gufata neza ibikoresho bya muzika	- Ingoma - Gitari - Umwirongi - Ibinyuguri, - Inanga - Umuduri	- Abana batega amatwi amajwi atangwa n'ibikoresho binyuranye bya Muzika akunze kubona aho atuye - Mu matsinda mato abana bakina umukino wo kuvuga izina ry'igikoresho cya Muzika ahereye ku ijwi gitanga ariko batakirereba: abana bamwe bakoresha igikoresho bari hanze, abandi bagatahura icyo ari cyo. Muri uwo mukino bagenda bahinduranya ibikoresho n'abakinnyi ku buryo abana bese bagira umwana wo gukoresha igikoresho kandi bakanagitahura. - Baganira ku bikoresho bikozemo ibikoresho by'umuziki babonye. - Abana bakoresha ibikoresho bya Muzika kenshi mu mikino n'ahandi hose biri ngombwa igihe baririmba cyangwa babyina
Ihuriro n'ibindi byigwa: Inyunguramagambo: bunguka amagambo mashya ajyanye n'ibikoresho bya Muzika; ibonezabuzima: guteza imbere ingingo nini n'into bavuzwa ingoma, bahuza imiyego y'amaboko ndetse n'iy'umubiri wose; iterambere ry'imibanire n'abandi: igihe bagaragazaga imbamutima bakoresha ibikoresho bya Muzika; Ubumenyi bw'ibidukikije: baganira ku bikoresho bikorwamo ibikoresho by'umuziki biri mu bidukikije.				

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo kuvuga izina ry' igikoresho cya Muzika asanzwe azi ahereye ku ijwi yumvise atakireba.

Imfashanyigisho: Ibikoresho bya Muzika, n'ibindi bitanga amajwi anyuranye.

Uruhare rw'ababyeyi: Gufasha abana kubona ibikoresho bya Muzika bifashishije ibikoresho biboneka aho batuye kandi bidahenze, cyangwa kubyikorera uhereye ku biboneka mu bidukikije.

6.6.4. Integanyanyigisho y'Umwaka wa Gatatu w'Inshuke -Ubugeni n'umuco

IMBUMBANYIGISHO: UBUGENI MBERAJISHO		INYIGISHO: GUSHUSHANYA		
Ubugeni n'umuco : Umwaka wa 3 (Imyaka 5-6)		Umutwe wa 1: Guhanga ibintu agaragaza ibitekerezo by'imbamutima		Igihe: Iyumweru 2
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gushushanya inkuru no gusobanurira bagenzi babo ibyo bashushanyije bagaragaza ibitekerezo n'imbamutima zabo.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	<u>Uburyo bwo guhanga ibintu:</u>	
- Gushushanya inkuru no kuyisobanurira bagenzi be.	- Kugaragaza ibitekerezo by'imbamutima mu bishushanyo akora. - Gukurikiranya neza ibishushanyo bigaragaza inkuru.	- Gushima ubwiza bw'igihangano bakoze. -Gukorera hamwe mu matsinda - Gusangira n'abandi ibikoresho - Gukorana ubwitonzi mu gukoresha amakaramu y'amabara. - Guharanira isuku -Gushyira ibintu mu mwanya wabyo	- Gushushanya inkuru no gusiga amabara mu byo bashushanyije. - Gusobanura inkuru yifashishije amashusho yayo.	- Bashingiye ku nsanganyamatsiko kandi bayobowe n'umurezi, abana bahimba agakuru kagufi bakakaganiraho. - Bose hamwe bitegereza ako gakuru kashushanyijwe n'umurezi. -Bakurikije urugero rw'umurezi, abana bashushanya ako gakuru bakorera hamwe mu matsinda cyangwa buri mwana ukwe. - Abana basiga amabara ibishushanyo byabo. - Abana basoma amashusho basobanura ako gakuru bagaragaza ibitekerezo byabo n'imbamutima. - Kubika ibikoresho mu mwanya wabyo.
<i>Ihuriro n'ibindi byigwa: Ikinyarwanda: Kunoza imvugo asobanura ibyo yakoze; amagambo mashya ajyanye n'amashusho bahawe cyangwa yakoze. Ubumenyi bw'ibidukijije: bakoresha ibikoresho byo mu bidukikije. Ibonezabuzima: hatezwa imbere ingingo nto ndetse no guhuza ijisho n'ikiganza. Iterambere mu mibanire n'abandi bakorera hamwe mu matsinda, basangira ibikoresho</i>				

n'amashushongero.

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: *Ubushobozi bwo gushushanya inkuru bagaragaza ibitekerezo byabo n'imbamutima.*

Imfashanyigisho: *ikaramu y'igiti, amakaramu y'amabara, irangi, impapuro zikomeye, udufuniko tw'amacupa, imikebe, ibikoresho by'isuku: ibase, amazi, isabune, agatebo kajyamo imyanda ...*

Uruhare rw'ababyeyi: *Gukundisha abana gushushanya, gusiga amabara, no kubashakira ibikoresho bikenewe; gushimagiza ibihangano by'umwana kugira ngo arusheho kubikora neza no kwigirira icyizere.*

IMBUMBANYIGISHO: UBUGENI MBERAJISHO			INYIGISHO: KUBAKA	
Ubugeni n'umuco: Umwaka wa 3 (Imyaka 5-6)			Umutwe wa 2: Kubaka afite intego	
Igihe: umwaka wose				
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kubaka ibintu binyuranye bihimbiye mu mutwe cyangwa bigana ibyo babona mu bidukikije no kwishimira ibyo yakoze.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	- Ingero z'ibintu bubaka; Inzu isanzwe, inzu igerekeranye, urwego, akabati, ameza, intebe	- Mu matsinda mato, abana bitegereza ibintu cyangwa amashusho y'ibintu bagatahura ibice binyuranye bigize ayo mashusho cyangwa ibyo bintu. - Buri mwana ahitamo igishushanyo cyangwa ikintu yubaka yubahiriza ibice binyuranye yitegereje. - Buri mwana asobanurira bagenzi be ikintu yubatswe bakamushima. - Kwihimbira ikintu mu mutwe we akanagisobanurira bagenzi be. - Gusukura aho bakoreye no gusubiza ibintu mu mwanya wabyo.
- Kubaka afite ibintu binyuranye no gusobanura ibyo yakoze.	-Gutoranya ibikoresho no kubaka ikintu yishakiye agaragaza ko yifitiye ikizere.	- Gukuzanya umuco wo gukorera hamwe no gufashanya - Kwishimira ibyo yakoze no kubiha agaciro. - Kugira umwete wo gukemura ibibazo ku giti cyeye. - Kwigirira icyizere - Kwitegereza		
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: kunoza imvugo basobanura uko bubatswe ishusho cyangwa ikintu runaka; amagambo mashya ajyanye n'amashusho n'ibintu bubatswe. Ibidukikije: bakoresha ibikoresho babona mu bidukikije; Ibenezabuzima: bateza imbere ingingo nto n'ikiganza bubaka.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>ubushobozi bwo kubaka ibintu binyuranye bigana ibyo babona mu bidukikije.</i>				
Imfashanyigisho: <i>ibintu bifatika n'amashusho y'ibintu baza kubaka: ibice by'imbaho, amakarito, amashusho y'ibisimba, y'ibimera, imodoka, inzu, n'ibindi basanzwe bazi bijyanye n'insanganyamatsiko bagezeho.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>gushakira abana ibikoresho bikenewe; gushimagiza ibyo umwana yakoze kugira ngo arushaho kubikora neza no kwigirira icyizere. Gukomeza kumutoza isuku n'umuco wo gushyira ibintu mu mwanya wabyo.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: UBUGENI MBERAJISHO			INYIGISHO: KUBUMBA	
Ubugeni n'ubukorikori: Umwaka wa 3 (Imyaka 5-6)			Umutwe wa 3: Kubumba ibintu batekereje biboneka aho batuye	
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kubumba ikintu basanzwe bazi ariko batakereba no gusobanurira abandi icyo babumbye				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	- Kubumba ibintu batekereje - Kubumba amashusho agaragaza imibare ndetse n'inyuguti	- Mu matsinda mato, abana bumvikana ku kintu bagiye kubumba. Bahitamo ibikoresho n'uburyo bakoresha mu gikorwa cyo kubumba. Iyo barangije, bereka abandi icyo babumbye banabasobanurira uko babigenje. - Buri mwana abumba ikintu atekereje, agasobanurira bagenzi be icyo ari cyo. - Ahimba agakuru kagufi avuga kuri icyo gihangano cye - Gukaraba intoki no gusukura aho bakoreye - Gusubiza ibintu bakoresheje mu mwanya wabyo
- Kuvuga uko bigenda n'ibikenerwa mu gikorwa cyo kubumba	- Kubumba ibintu bitandukanye batekereje - Gusobanurira abandi ibyo babumbye	- Gukorerera hamwe - Gusangira ibikoresho - Kugaragaza imbamutima ku byakozwe - Gushyira umwete ku kintu akora - Guharanira isuku - Gushyira ibintu mu mwanya wabyo		
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: kunoza imvugo bavuga ku cyo babumbye, babumba amashusho y'inyuguti. Imibare: babumba amashusho y'imibare; ibonezabuzima: banoza ingingo nto; Iterambere ry'imibanire n'abandi n'imbamutima bavuga ku cyo babumbye</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo kubumba ikintu batekereje, bakoresheje iforomo cyangwa batayikoresheje no gusobanurira bagenzi babo ibyo babumbye.</i>				
Imfashanyigisho: <i>ibumba, udufuniko tunyuranye, udukombe, ibase, amazi, isabune, ibindi bijyanye n'insanganyamatsiko.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Guha umwana umwanya n'ibikoresho bikenewe mu kubumba biboneka aho batuye, kumushima no gutega amatwi igihe abasobanurira ibyo yabumbye. Kumutoza isuku igihe amaze kubumba. Kumushakira imyambaro yabugenewe.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: UBUGENI MBERAJISHO			INYIGISHO: UBUKORIKORI	
Ubugeni n'ubukorikori: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe wa 4: Guhanga ibikoresho n'ibikinisho byo mu bukorikori	Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora guhanga ibikoresho n'ibikinisho byo mu bukorikori bifashishije ibikoresho biboneka aho batuye, bakoresheje uburyo bunyuranye.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibikowa by'ubukorikori bazi. - Kuvuga ibikoresho byifashishwa mu gikowa runaka - Kuvuga uko intambwe zikurikirana mu gukora igihangano runaka. 	<ul style="list-style-type: none"> - Guhitamo ibikoresho bikenerwa akurikije igikorwa yahisemo - Guhanga igikoresho yahisemo akurikije uko intambwe zikurikirana - Gusobanurira bagenzi be uko yabigenje kugira ngo agere ku gihangano cye 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukorera hamwe - Gusangira ibikoresho - Kugira ishema ryo gukoresha ibikoresho bikoreye - Kugaragaza ko yishimiye icyo yakoze - Gushima ubwiza bw'ibihangano bya bagenzi be - Guharanira isuku no gushyira ibintu mu mwanya wabyo 	<ul style="list-style-type: none"> - Guhanga ibikoresho byo mu bukorikori bakenera igihe bakina, baririmba, babyina, bataka ishuri ryabo... - Kuboha, kuzinga impapuro, gukata no komeka. 	<ul style="list-style-type: none"> - Mu matsinda ya babiri, abana bitegereza igikoresho kiva mu bukorikori, bakaganira ku bikoresho gikozemo n'uburyo bagikoramo. - Mu matsinda mato, bakora igikoresho bakurikiza urugero rw'umurezi banafashijwe na we kugeza babimenye. - Buri mwana ku giti cye akora igikoresho, ahabwa umwanya wo gusobanurira abandi uko yabigenje maze abandi bakamuha amashyi bamushima - Kwerekana ibyo bakoze - Gusukura aho bakoreye no gusubiza ibikoresho ahabigenewe
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Kunoza imvugo asobanura uko yakoze igikoresho; amagambo mashya ajyanye n'ibikoresho ndetse n'uburyo bwifashishwa mu bukorikori. Imibare: bashyira hamwe ibintu bisa. Iterambere ry'imibanire n'abandi n'imbamutimabakorera hamwe</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo guhanga ibikoresho n'ibikinisho byo mu bukorikori no gusobanurira abandi uburyo yakoresheje.</i>				
Imfashanyigisho: <i>Ibikoresho biva mu bukorikori bijyanye n'insanganyamatsiko biboneka aho batuye. Ibikoresho byifashishwa mu</i>				

bukorikori, ibikoresho by'isuku.

Uruhare rw'ababyeyi: kwerekera abana uko bakora igikoresho runaka; gushishikariza abana ubukorikori no kubaha urugero n'uburyo. Gushima no gutega amatwi igihe abasobanurira; gutoza abana isuku no gushyira ibintu mu mwanya wabo.

IMBUMBANYIGISHO : MUZIKA N'UMUCO			INYIGISHO: KURIRIMBA INDIRIMBO BAMENYEREYE	
Ubugeni n'umuco: Umyaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe wa 5: Kuririmba, kubyina no guhimba indirimbo	
Igihe: Umwaka wose				
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuririmba, kubyina no guhimba indirimbo zabo bagaragaza imbamutima zikwiye kandi bifitiye icyizere				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
- Kuvuga neza amagambo y'indirimbo cyangwa imbyino	- Kuririmba yumvikanisha amagambo avuga kandi agaragaza imbamutima zikwiye - Kubyina yubahiriza injyana kandi yizihwe - Guhimba indirimbo ngufi	- Kwishimira ibyiza by'umuco nyarwanda - Kwizihirwa igihe abyina - Gukurikiza amabwiriza - Gukuza ubushobozi bwo guhanga - Gufatany n'abandi	- Indirimbo n'imbyino bamenyereye mu bukwe no mu yindi minsi mikuru - Indirimbo bihimbiye	Kuririmba - Gutega amatwi indirimbo yose - Gusubiramo kenshi indirimbo baririmba hamwe, mu matsinda mato ndetse na buri wese ku giti cye - Buri mwana aririmba indirimbo ari imbere y'abandi agaragaza imbamutima zikwiye kandi yifitiye icyizere. - Baririmba umwana wagize isabukuru y'amavuko no mu bindi bihe binyuranye mu rugo no ku ishuri Kubyina - Gutega amatwi imbyino no kwitegereza ababyinnyi babyina bubahiriza injyana; - Gukoma amashyi, kuvuza ingoma cyangwa se kwifashisha ibindi bikoresho bya Muzika - Kubyina bigana ababyinnyi ariko badatinye no kubyina uko babyumva bakurikije injyana. Guhimba indirimbo - Abana bashishikarizwa kandi bagafashwa guhimba indirimbo ngufi bagaragaza imbamutima n'ibitekerezo byabo

				<ul style="list-style-type: none"> - Bitoza kuyiririmba mu matsinda mato kugeza ubwo bayirimbira bagenzi babo. - Gusukura aho bakoreye no gusubiza ibikoresho mu mwanya wabyo.
<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Kunoza imvugo baririmba; amagambo mashya ari mu ndirimbo n'imbyino. Ibonezabuzima: babyina. Iterambere ry'imibanire n'abandi: bagaragazaga imbamutima babyina, baririmbira hamwe n'abagenzi babo</i></p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>ubushobozi bwo kuririmba bagaragaza imbamutima zikwiye, kubyina bubahiriza injyana no guhimba indirimbo ngufi.</i></p>				
<p>Imfashanyigisho: <i>Ibikoresho byifashishwa mu gutanga injyana: ingoma, ibinyuguri, ibikoresho by'iyumvabona (audi-visual materials)</i></p>				
<p>Uruhare rw'ababyeyi: <i>Kurimbira umwana indirimbo; gutega amatwi umwana kugira ngo abarimbire, ababyinire; gushima abana kuko bituma barushaho kubyishimira no kwigirira icyizere.</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: MUZIKA N'UMUCO		INYIGISHO: IBIKORESHO BYA MUZIKA		
Ubugeni n'umuco: Umwaka wa 3 (Imyaka 5-6)		Umutwe 6: Gukoresha ibikoresho bya Muzika		Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gukoresha ibikoresho bya Muzika bakunze kubona bifitiye icyizere				
Intego		Icyigwa		Ibikorwa by'umwana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Ibikoresho bya Muzika:	
			- Ingoma - Gitari - Umwirongi - Ibinyuguri, - Inanga - Umuduri ...	- Abana bese bitegereza uko igikoresho runaka cya muzika gikoreshwa; - Mu matsinda mato abana bahabwa umwanya wo kugerageza gukoresha igikoresho runaka; - Buri mwana ahabwa umwanya kenshi wo kwitoza gukoresha igikoresho runaka kugeza bigaragaye ko yifitiye icyizere. - Abana bakoresha ibikoresho bya Muzika kenshi mu mikino n'ahandi hose biri ngombwa igihe baririmba cyangwa se babyina, igihe babara
-Kuvuga amazina y' ibikoresho bya muzika bakunze kubona	- Gukoresha igikoresho cya muzika atajijinganya	- Kuryoherwa n'amajwi anyuranye y'ibikoresho bya Muzika - Kwishimira ibyiza byo mu mucu nyarwanda		
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'ibikoresho bya muzika. Ibonezabuzima: bavuzza ingoma, bahuza imiyego y'amaboko ndetse n'iy'umubiri wose. Iterambere ry'imibanire n'abandi: bagaragazaga imbamutima mu gukoresha ibikoresho bya muzika. Ubumenyi bw'ibidukikije: bitegereza ibikoresho bya muzika biboneka mu bidukikije.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo gukoresha ibikoresho bya muzika bakunze kubona bifitiye icyizere no guhanga bimwe muri ibyo bikoresho</i>				
Imfashanyigisho: <i>Ibikoresho bya muzika biboneka aho batuye</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Gushishikariza abana kwikorera ibikoresho bya muzika bakoresha ibintu biboneka iwabo, urugero: ibinyuguri.</i>				

6.6.5. Ibikoresho by'ingenzi/Imfashanyigisho bizakenerwa mu Bugeni n'umuco

- Ibikoresho byo kwandikisha: amakaramu y'igiti, amakaramu y'amabara, irangi;
- Ibikoresho bikenerwa mu guteranya amashusho: ibice by'imbaho, amakarito, amashusho y'ibisimba, y'ibimera, imodoka, inzu, uduti , impapuro zikomeye, impapuro n'ubujeni, imakasi;
- Ibikoresho bikenerwa mu kubumba: ibumba, ibice by'amacupa ya purasitiki, udukombe , ibikombe bidakebana, udufuniko tunyuranye;
- Ibikoresho bikenerwa mu bukorikori: amasaro, urudodo, urushinge runini, ibirere, n'ibindi;
- Ibikoresho biva mu bukorikori: imipira ibanze mu birere, imigozi yo gusimbuka, ikiziriko, igiseke, umusambi, ikirago, inkoko, intara, ingobyi;
- Ibikoresho by'iyumvabona aho bishoboka;
- Ibikoresho bya muzika: ingoma, ibinyuguri;
- Ibikoresho by'isuku: ibase, amazi, isabune, agatebo kajyamo imyanda.

6.7. IBONEZABUZIMA

6.7.1 Ubushobozi bw'umwana arangije ikicro cy'inshuke

Iyo baje gutangira ikicro cy'inshuke ku myaka itatu y'amavuko, abana baba bazi kugenda ariko batarakomera neza kandi bakidandabirana. Bakunze kugwa kenshi iyo bagerageje kwihuta cyangwa kwiruka bakurikiye bakuru babo. Baba kandi bataramenya gufata ibintu uko bikwiye. Mu birebana n'isuku, abana b'iki kigero baba bagikorera byose. Iyi nteganyanyigisho ikubiyemo imikino n'ibikorwa binyuranye bizateza imbere ingingo z'umubiri wose muri rusange no ku buryo bw'umwihariko imiyego y'ingingo nto (intoki n'ikiganza) n'imiyege y'ingingo nini (amaguru n'amaboko), gukangura imyanya y' ibyumviro: kubona, kumvisha amatwi, kumva uburyohe, kumvisha intoki no guhumurirwa. Iyi nteganyanyigisho ikubiyemo kandi ibikorwa biteza imbere ubushobozi bw'umwana mu kwiyitaho yisukura we ubwe ; kwirinda indwara no kurya indyo yuzuye yirinda kuvangura ibiryo.

Mu birebana n'ibonezabuzima, umwana urangije ikicro cy'amashuri y'inshuke azaba ashobora:

- Gukora imiyego itandukanye iteza imbere ingingo nini ahuza imiyego kandi yifitiye icyizere;
- Gufata ibintu n' ibikoresho uko bikwiye ahuza imiyego kandi yifitiye icyizere;
- Kwikorera isuku y'ibanze we ubwe ntawe umufashije, agaragaza ko yumva ko isuku ari isoko y'mibereho myiza;
- Kugaragaza ko yumva ko akwiye kurya ibiribwa byiza, bizima, bifite isuku, birimo intungamubiri zinyuranye;
- Kwerekana ko asobanukiwe n'ndwara zikunze kwibasira abana aho atuye, uko zandura; kurangwa n'imyitwarire yo kwirinda bene izo ndwara no kwirinda ibintu byose byahungabanya ubuzima bwe;
- Kwiyitaho no kwita ku bikoresho bye.

6.7.2 Umwaka wa mbere w'inshuke - Ibonezabuzima

IMBUMBANYIGISHO: IMIYEGO Y'INGINGO NINI N'INTOYA		INYIGISHO: IMIYEGO Y'INGINGO NINI		
Ibonezabuzima: Umwaka wa 1 (imyaka 3-4)		Umutwe wa 1: Gukora imiyego y'ingingo nini		Igihe: Umwaka wose
Imbumbe y'ubushobozi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gukora imiyego itandukanye uko babyifuza bagaragaza ko bifitiye icyizere				
Intego		Ibyigwa		Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya n' Indangagaciro		Imyitozo yo hanze:
-Gukora imiyego ihuye n'icyo basabwe gukora	- Gukora imyitozo inyuranye ibamenyereza kugenda, kurira, gusimbuka, kwiruka, gushira impungenge	- Kwishimira ibyo akora - Kwigirira icyizere - Kwihanganira gutsindwa - Gushimishwa n'impano za bagenzi be. - Gukorera hamwe		kugenda, kurira/kuzamuka no kumanuka, gusimbuka, kwiruka, gusesera, kwizunguza.
Abana bakora imyitozo inyuranye bose hamwe cyangwa mu matsinda mato:				
<ul style="list-style-type: none"> - Kugenda bahindura umuvuduko - Kugenda bahindura amerekezo: bajya imbere, inyuma, mu mpande - Kugenda ku murongo, ku ruziga - Guhagarara ku kaguru kamwe - Gusesera mu mapine - Kuzamuka no kumanuka ingazi - Kurira no kumanuka inzego zubakiye - Bakora imyitozo yo gusimbuka 				
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Kunoza imvugo y'amagambo mashya ajyanye n'amazina y'imyitozo itandukanye. Ubumenyi bw'ibidukikije: bitegereza imiterere y'aho bakinira; Imibare: biyumvisha inshoza y'amerekezo n'igihe; Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: bishimira imiyego, bigirira icyizere, banhangana iyo bananiwe, banatangarira impano za bagenzi babo.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo gukora imiyego itandukanye yifitiye ikizere.</i>				
Imfashanyigisho: <i>urwego rwubakiye, umuserebeko wubakiye, imyicungo, amapine, imipira, imigozi, n'ibindi.</i>				

Uruhare rw'ababyeyi: Gukina n'abana, guha abana umwanya wo gukina, gukuraho icyahungabanya ubuzima bw'abana cyose aho bakinira.

IMBUMBANYIGISHO: IMIYEGO Y'INGINGO NINI N'INTO		INYIGISHO: IMIYEGO Y'INGINGO NTO		
Ibonezabuzima: Umwaka wa 1 (imyaka 3-4)		Umutwe 2: Gukoresha ingingo nto afata ibintu n'ibikoresho		Igihe: Umwaka wose
Imbumbe y'ubushobozi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gufata uko bikwiye ibintu n'ibikoresho bito bitandukanye				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Imyitozo yo gufata ibintu bito: gufata ikaramu, gufunga no gufungura ibipesu cyangwa imashini yo ku myenda, gufunga no gufungura imishumi y'inkweto, n'ibindi	<ul style="list-style-type: none"> - Abana bose bitegereza uko umurezi abigenza afata ibikoresho binyuranye - Buri mwana atozwa gufata uko bikwiye ibikoresho n'ibindi bintu bito kugeza igihe abimenyeye: gufunga no gufungura ibipesu, imashini, gufunga imishumi y'inkweto, gutunga amasaro, n'ibindi. - Gukora imyitozo yo kwandika, gushushanya, gusiga amabara,.... - Mu matsinda mato, bubaka ibyo bashaka bakoresheje ibikoresho biboneka aho batuye: uduti, utubaho, - Gufata ibintu bito bikenewe mu bikorwa cyangwa ibikenewe aho ari: gutora utubuye akeneye kwifashisha mu mikino.
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amazina y'ibikoresho bifashisha bandika, bashushanya, bakina, bakaraba n'ibindi 	<ul style="list-style-type: none"> - Gufata mu buryo bukwiye ibikoresho byo kwandikisha - Gufata mu buryo bukwiye ibikinisho, n'ibindi bintu bito bikenerwa mu mikino no mu bikorwa bindi binyuranye. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwishimira no kunoza ibyo akora - Kwishimira uburyo buri wese akora - Gukorera hamwe bafashanya, - Kwihangana aharanira kugera ku ntego 		
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'imiyego y'ingingo nto no kunoza imvugo baganira ku miyego berekana uko babikoze. Iterambere mu mibanire n'imbamutima: mu gukora imiyego baharanira kugera ku ntego yo kuyinonosora. Ubumenyi bw'ibidukije: bageragereza imiyego ku bintu binyuranye babona mu buzima bwa buri muni, bakora uturimo tunyuranye.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo gukoresha ingingo nto bafata ibintu bito bitandukanye				

Imfashanyigisho: ibikoresho binyuranye byo gukoresha imiyego y'ingingo nto; urugero: amakaramu n'impapuro, utubuye, ibishyimbo				
Uruhare rw'ababyeyi: gufasha no gutoza abana uturimo tworoheje nko kwiyambika no kwiyambura bakoresha imiyego y'ingingo nto; gufunga no gufungura ibipesu by'imyenda yabo; gufunga no gufungura imishumi y'inkweto zabo.				
IMBUMBANYIGISHO: KWITA KU BUZIMA BWACU		INYIGISHO: ISUKU		
Ibonezabuzima: Umwaka wa 1 (imyaka 3-4)		Umutwe wa 3 : Kugira umuco w'isuku		Igihe: Umwaka wose
Imbumbe y'ubushobozi bugamijwe: abana bazaba bashobora kugaragaza uruhare rwabo mu isuku babifashijwemo n'abarezi hamwe n'abandi bose babitaho				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Ibikorwa/imyitwarire bitoza abana isuku:	Mu matsinda mato, abana bitegereza ibikoresho by'isuku bitandukanye, uko bikoreshwa bakanavuga icyo bikoreshwa. Buri mwana afata igihe cyo gukora ibikorwa binyuranye by'isuku yifashishije ibikoresho byabugenewe : ibase, isabune, amazi, amavuta, ibisokozo n'ibindi:
- Kurondora imyitwarire iranga umuntu ufite isuku	- Kugira uruhare ku isuku y'umubiri, iy'imyambaro, iy'ubwiherero, ishuri n'ahandi. - Kuvuga ku kamaro k'isuku	- Gukunda kurangwa n'isuku aho ari hose - Gukaraba intoki igihe cyose avuye mu bwiherero na mbere yo kurya - Kwirinda gushyira ibintu byanduye mu kanwa - Guharanira kwambara imyenda imeshe	Gukaraba intoki; gukaraba mu maso; gukaraba umubiri wose; gusokoza; koza amenyo; kwambara imyenda imeshe; kwimwira akoresheje agatambaro kameshe; kwambara inkweto zihanaguye cyangwa zogejwe	- Gukaraba intoki mbere na nyuma yo kurya; - Gukaraba avuye mu bwiherero; - kwambara imyenda imeshe; - Koza amenyo; - Gusokoza; kwimyira akoresheje agatambaro kabigenewe; - Kujugunya imyanda ahabugenewe
Ihuriro n'ibindi byigwa: Ikinyarwanda: amagambo mashya ajyanye n'ibikorwa n'ibikoresho by'isuku; Iterambere mu mibanire n'imbamutima: bishimira gukora ibikorwa by'isuku. ubumenyi bw'ibidukikije: bakoresha ibikoresho binyuranye by'isuku, bafata neza ibidukikije;				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma : ubushobozi bwo kwikorera isuku bakoresheje ibikoresho byabugenewe				

Imfashanyigisho: ibikoresho by'isuku binyuranye: amazi meza, ibase, isabuni, isume, uburoso bw'amenyo, umuti w'amenyo, igisokozo, uburoso bw'inkweto				
Uruhare rw'ababyeyi: kugirira umwana isuku no kuyimutoza; kumuha ibikoresho by'isuku byabugenewe, kugira ahantu hagenewe kumena imyanda mu rugo.				
IMBUMBANYIGISHO: UBUZIMA BWIZA NO KWIYITAHO		INYIGISHO: UBUZIMA BWIZA		
Ibonezabuzima: Umwaka wa 1 (imyaka 3-4)		Umutwe wa 4 : Ibikorwa bibungabunga ubuzima		Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gusobanura uko biyumva mu mubiri wabo bavuga ibyo bakeneye n'ibibabangamiye birebana n'imirire n'ibindi bigamije ubuzima bwiza; kwitwararika baharanira kugira uruhare mu bikorwa bibungabunga ubuzima bwiza.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Ibikorwa bibungabunga ubuzima:	- Mu matsinda mato, abana bitegereza amashusho ariho abana bashonje, bafite inyota, bananiwe, basinzira. Baganira kubyo babona ku mashusho
- Kurondora ibikorwa bifasha kubungabunga ubuzima bwiza	- Kugaragaza no gusaba ibyo akeneye - Kugaragaza akamaro ko kuryama, kwirinda impanuka, kurya no kunywa ibitangiza ubuzima	- Gutinyuka kwisobanura - Kwiyubaha no kubaha abandi - Gukunda no kwita ku buzima - Kwirinda ibyakwangiza ubuzima bwabo n'ubw'abandi	- Kuvuga ibyo akeneye: kuvuga ko ashonje, afite inyota, ananiwe, ashaka kuryama, arwaye, - kuryama bihagije - kwirinda urusaku - kwirinda ibintu bishobora guteza impanuka : umuriro, ibyuma, amashanyarazi, imyobo)	- Mu matsinda ya batatu, abana bitegereza bakanaganira ku mashusho yerekana uburyo bunyuranye bwo kubungabunga ubuzima bwiza. - Umwe umwe, abana bavuga kuri buri gikorwa babonye n'akamaro kacyo - Mu matsinda mato, abana bakina udukino tugaragaza uburyo bwo kubungabunga ubuzima bwabo - Kuririmba uturirimbo tujyanye

				n'isomo
<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Kunoza imvugo ijyanye n' ibikorwa bibungabunga ubuzima bwiza baganira mu matsinda. Iterambere mu mibanire n'imbamutima: bavuga uko biyumva, bakorera hamwe, bishimira ibikorwa bibungabunga ubuzima, banagaya ibibwangiza; ubumenyi bw'ibidukije: bitegereza amashusho atandukanye yerekana ibikorwa bibungabunga ubuzima bwiza.</i></p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo kuvuga iby'uko bameze, ibyo bakeneye no kwitwararika baharanira kugira uruhare mu bikorwa bibungabunga ubuzima bwiza.</i></p>				
<p>Imfashanyigisho: <i>amashusho yerekana ibikorwa bibungabunga ubuzima; ibikoresho bifashisha mu dukino.</i></p>				
<p>Uruhare rw'ababyeyi: <i>gutoza abana kuvuga ibyo bakeneye, ibibabangamiye; kumenyereza abana kuryama kare; kwifata neza ku meza</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: KWITA KU BUZIMA BWACU		INYIGISHO: INDWARA		
Ibonezabuzima: Umwaka wa 1 (imyaka 3-4)		Umutwe 5: Indwara zikunze kwibasira abana n'izandura		Igihe: Igihembwe 1
Imbumbe y'ubushobozi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kugaragaza imyitwarire yo gutahura indwara zikunze kwibasira abana n'izandura				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Indwara zikunze kwibasira abana n'izandura:	
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amazina y'indwara zikunze kwibasira abana - Kuvuga amazina y'indwara zandura 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga uko indwara yandura - Gufata ingamba zo kwirinda indwara zandura - Gufata ingamba zo kwirinda gukwirakwiza indwara zandura 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwifubika igihe hakonje - Kwirinda gusangira igihe hari urwaye indwara yandura - Kwirinda kwanduza abandi igihe arwaye indwara yandura 	<ul style="list-style-type: none"> malariya, ibicurane, inkorora, guhitwa no kuruka, amaso, ubuheri, ibihushi, iseru, ibihara, amashyamba,inzoka zo mu nda, bwaki... 	<ul style="list-style-type: none"> - Mu matsinda mato, abana bitegereza amashusho ariho abarwaye indwara zitandukanye. - Abana batega amatwi inkuru zivuga ku ndwara zikunze kwibasira abana, hagaragazwa ibimenyetso byazo, uko zandura n'uburyo bwo kuzirinda; nyuma bagasubiza ibibazo ku nkuru. - Ku mashusho ariho abantu barwaye n'abatarwaye, mu matsinda ya babiri , abana batandukanya abarwaye n'abatarwaye - Abana baririmba bakanavuga imivugo bibashishikariza kwirinda indwara zitandukanye
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: kunoza imvugo baganira ku indwara zikunze kuboneka aho baba, n'izandura Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: bakorera hamwe; Ubumenyi by'ibidukikije baganira ku ndwara zikunze kuboneka iwabo no mu baturanyi babo n'uburyo bwo kuzirinda; Ubugeni n'umuco baririmba indirimbo zivuga ku ndwara;</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>ubushobozi bwo gutahura indwara zikunze kuboneka n'izandura</i>				
Imfashanyigisho: <i>amashusho ariho abantu barwaye indwara zitandukanye n'abatarwaye; Imfashanyigisho y'iyumva-bona (audio-visual materials); inzitiramubu; indirimbo, imivugo.</i>				

Uruhare rw'ababyeyi: kuganiriza abana ku ndwara zitandukanye n'izandura; kubatoza kuzirinda no kugira isuku

IMBUMBABUSHOBOZI: UBUZIMA BWIZA NO KWIYITAHU			INYIGISHO: KWIYITAHU	
Ibonezabuzima: Umwaka wa 1 (imyaka 3-4)			Umutwe 6: Kwiyitaho no kwita ku bintu bye	Igihe: umwaka wose
Imbumbe y'ubushobozi bugamijwe: Abana bazaba bagaragaza ubushake bwo kwitoza kwiyitaho no kwita ku bintu byabo babifashijwemo n'abarezi n'ababyeyi.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Kwiyitaho:	
- Kuvuga uko abigenza iyo akora ibikorwa binyuranye yiyitaho	- Kwikorera ibikorwa by'ibanze ashobora - Gusaba ubufasha igihe abukeneye - Kubika ibikoresho bye ahabigenewe	- kwiyubaha no kubaha abandi - Kwigirira icyizere - Kwita ku bintu byabo - Kumvira - Gushyira ibintu mu mwanya wabyo	- kujya mu bwihereho aherekejwe - kwigaburira - kwimbyira - kwiyambika no kwiyambura imyenda n'inkweto. - kwifungira ibipesu n'imishumi y'inkweto. - kwita ku bikoresho byabo - Gusaba ubufasha aho afite ikibazo	- Mu matsinda matoya, abana basoma amashusho y'inkuru zigaragaza ibikorwa by'abana byo kwiyitaho no kwita ku bintu byabo. - Mu matsinda mato, abana berekwa uburyo bwiza bwo kwiyitaho nyuma buri mwana akora imyitozo ikurikira kugeza abimenye neza: kwigaburira, kwiyambika, kwimbyira, kwijyana mu bwihereho no kwihanagura, kwikarabya neza intoki avuye mu bwihereho na mbere yo kurya no kunywa. - Abana baririmba indirimbo zikubiyemo inyigisho zirebana no kwiyitaho no kwita ku bintu byabo. - Mu matsinda mato, abana bakina udukinamico bagaragaza ibikorwa byo kwiyitaho cyangwa byo kwita ku bintu byabo.
Ihuriro n'ibindi byigwa: Ikinyarwanda: kunoza imvugo bavuga kandi bakina udukino tujyanye n' ibikorwa byo kwiyitaho cyangwa byo kwita ku bintu byabo. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: bakorera hamwe				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: ubushobozi bwo kwiyitaho mu bihe binyuranye no kwita ku bintu bye.				
Imfashanyigisho: inkuru ishushanyije, amashusho, ikinamico, ibikinisho				

Uruhare rw'ababyeyi: gutoza abana kwigira biyitaho kandi bita ku bintu byabo; guha abana umwanya wo kwikorera ibikorwa bitandukanye hakurikijwe ubushobozi bwabo, gushakira abana ibikoresho bibafasha kwiyitaho.

6.7.3 Umwaka wa kabiri w'Inshuke-Ibonezabuzima

IMBUMBANYIGISHO: IMIYEGO Y'INGINGO NINI N'INTOYA			INYIGISHO: IMIYEGO Y'INGINGO NINI	
Ibonezabuzima: Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)			Umutwe wa 1: Kwitoza imiyego itandukanye	Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gukora imyitozo inyuranye bakoresheje ingingo nini bahuza imiyego kandi bagaragaza ko biftiye icyizere.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Imyitozo:	
- Gutandukanya imikino ahereye ku mazina yayo	- Gukora imiyego itandukanye akoresha amaboko n'amaguru	- Gutinyuka gukora imiyego - Kwigirira icyizere mu byo akora - Gukorera hamwe akina n'abandi - Kwishima no kugira ubworoherane bakina - Kwirinda impanuka mu gihe akora imiyego itandukanye	- Kwiruka; - Guterasha umupira amaguru; - Gutera aboneza akoresheje amaboko; - Gusimbuka arenga ibintu - Gutera no gusama - Kwigengesera	- Mu matsinda mato, abana bakina imikino yo kwiruka; batera umupira w'amaguru; bakina ubute, ikirura, mbuze intebe, umuriro ku musozi, agatambaro, gusiganwa. - Buri mwana akina gutera aboneza. - Mu matsinda ya batatu, abana basimbuka umugozi, ikarito cyangwa ikindi kintu; gusama no gutera agapira - Indi mikino: imikino imara impungenge <i>Itere hejuru unakoreho;</i> kugendera hejuru y'amabuye atonetse ku murongo harimo umwanya hagati y'ibuye n'irindi.

<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: kunoza imvugo n'inyunguramagambo ijyanye n'imikino yo kuyegayega. Ubumenyi bw'ibidukikije bitegereza imiterere y'aho bakinira. Imibare: biyumvisha inshoza y'amerekezo n'igihe. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: bishimira imiyego bakora bigirira icyizere n'iyabandi bakora.</i></p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwogukora imiyego itandukanye akoresheje ingingo nini</i></p>				
<p>Imfashanyigisho: <i>imipira minini n'imito (udutenesi), udutambaro, imigozi, intebe, udukarito</i></p>				
<p>Uruhare rw'ababyeyi: <i>Guha abana ibikoresho bitandukanye biboneka iwabo; gukina n'abana, kureka abana bagakina, gukuraho icyahungabanya ubuzima bw'abana cyose aho bakinira.</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: IMIYEGO Y'INGINGO NINI N'INTO		INYIGISHO: IMIYEGO Y'INGINGO NTO		
Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)		Umutwe 2: Gufata ibikoresho bitandukanye		Igihe:Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gufata mu buryo bukwiye ibikoresho byifashishwa mu kwandika n'ibindi bikoresho.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Gukoresha ibikoresho binyuranye:	Kuri buri cyigwa
- Kuvuga amazina y'ibikoresho yifashisha mu kwandika, kuboha, gukata, gusiga amarangi,..	- Gufata mu buryo bukwiye ibikoresho byifashishwa mu kwandika hamwe n'ibindi bikoresho by'ubukorikori. - Kwerekana ibikoresho bishobora guteza impanuka iyo bidakoreshejwe neza	- Akamaro k'ibikoresho binyuranye - Gutinyuka gukoresha ibikoresho ahawe - Kwita ku byo akora - Kubika neza ibikoresho - Kwitwararika igihe akoresha ibikoresho byateza impanuka	kwandika, kuboha, gutunga ku rudodo, gukata akoresheje imakasi, gufunga ibipesu, gufunga imishumi y'inkweto, gusiga amarangi.	- Mu matsinda mato, abana bitegereza ibikoresho bitandukanye, bavuga amazina yabyo n'umumaro wabyo; - Mu matsinda mato bitegereza ibikoresho bishobora guteza impanuka n'uko bikoreshwa mu rwego rwo kuzirinda. - Mu matsinda mato, abana bitegereza uburyo bukwiye mu gufata ibikoresho n'uko gikoreshwa. Buri mwana akora imyitozo yo gufata no gukoresha ibikoresho binyuranye kugeza abimenye.
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: kunoza imvugo, gushira amanga, inyunguramagambo ijyanye no kuvuga amazina y'ibikoresho bitandukanye. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: bagaragaza bafashanya kandi bakorera hamwe. Imibare: bavuga umubare w'ibintu bafite.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwogufata mu buryo bukwiye ibikoresho byifashishwa mu kwandika, n'ibindi bikoresho by'ubukorikori akoresheje ingingo ntoya.</i>				
Imfashanyigisho: <i>amakaramu, impapuro, indodo, amasaro, imakasi, imigozi yo gusimbuka; inkweto n'imishumi yazo, imyenda ifite ibipesu, uburoso busiga amarangi.</i>				

Uruhare rw'ababyeyi: baha abana ibikoresho bitandukanye biboneka iwabo; gutoza abana kwikorera ibintu bitandukanye nko kwifungira ibipesu, kwifungira imishumi y'inkweto, gukora imikoro kandi bagafata ibikoresho neza.

IMBUMBANYIGISHO: UBUZIMA BWIZA NO KWIYITAHO	INYIGISHO: ISUKU	
Ibonezabuzima: Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)	Umutwe 3: Kwitoza isuku	Igihe: Umwaka wose

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kwisukura ubwabo, kugira uruhare mu isuku yo ku ishuri no mu rugo no gusaba ubufasha igihe babukeneye.

Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibikoresho bikenerwa mu isuku runaka - Gusobanura uko bigenda mu isuku runaka 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora ibikorwa by'isuku y'umubiri we - Gutahura ahari imyanda ku ishuri no mu rugo no kuyikuraho. - Gufatany n'abandi mu bikorwa by'isuku ku ishuri no mu rugo. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugira umuco wo kwisukura kenshi no kwita ku myenda y'imbere. - kumenya kwita no kubika neza ibikoresho bye. - Gushyira imyanda ahabigenewe - Gutinyuka gusaba ubufasha igihe bikenewe - kwirinda gufata no gutamira ibintu byanduye 	<ul style="list-style-type: none"> - Isuku y'umubiri: Intoki, amazuru, amenyo, imyanya ndangagitsina. - Gukoresha neza umusarani - Isuku yo ku ishuri no mu rugo: gutoragura ibipapuro, guhanagura ameza, n'ibindi 	<ul style="list-style-type: none"> - Abana batega amatwi inkuru, indirimbo zivuga byiza by'isuku bagazubiza n'ibibazo kuri iyo nkuru/indirimo; - Guteka amatwi agakuru ku ngaruka z'isuku nke; - Mu matsinda mato, abana bitegereza amashusho agaragaza ibikorwa binyuranye by'isuku bakavuga ibyo babonye; - Mu matsinda mato cyangwa umwana umwe umwe, abana bitegereza uko isuku runaka ikorwa nyuma bagahabwa umwanya wo kwitoza ibikorwa by' isuku binyuranye kugeza igihe babimenyeye: <ul style="list-style-type: none"> ✓ gukaraba intoki avuye mu bwiherezo akoresheje amazi meza n'isabuni; ✓ gukaraba intoki mbere na nyuma yo gufungura ✓ koza amenyo mu gitondo na nyuma yo gufungura ✓ kwimyira akoresheje agatambaro gasukuye cyangwa agapapuro kabugenewe. - Gukina imikino ifitanye isano n'isuku Umukino: "Isuku y'aho uri"

<p><i>Ihuriro n'andi masomo: Ikinyarwanda: kunoza imvugo n'inyunguramagambo bavuga ibikoresho n'ibikorwa by'isuku binyuranye. Ibidukikije: bakora isuku yo ku ishuri; urugero: mu bwihherero, mu kibuga, mu busitani ndetse no mu ishuri. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: bakorera hamwe kandi bibukiranya kugira isuku ku ishuri.</i></p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo kwisukura ubwabo no gufatanya n'abandi mu gukora isuku ku ishuri no mu rugo.</i></p>				
<p>Imfashanyigisho: <i>amazi meza, isabuni, uburoso bw'amenyo, umuti w'amenyo, impapuro zigenewe gukoreshwa mu bwihherero, amavuta, agatambaro kameshe ko kwimwiza.</i></p>				
<p>Uruhare rw'ababyeyi: <i>gutoza abana isuku mu rugo; gukaraba umubiri wose mbere yo kuryama na mugitondo abyutse; gutoza abana gusukura imyanya ndangagitsina, guha abana ibikoresho by'isuku bitandukanye.</i></p>				

MBUMBANYIGISHO: UBUZIMA BWIZA NO KWIYITAHO			INYIGISHO: IMIRIRE MYIZA	
Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)			Umutwe 4: Ibiryo n'ibinyobwa bimeze neza	Igihe: Icyumweru 1
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gutandukanya ibiryo cyangwa ibinyobwa byiza n'ibyangiritse				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	-Ibiranga ibiryo n'ibinyobwa byiza n'ibyangiritse -Ingaruka zo kurya ibiryo no kunywa ibinyobwa byangiritse.	-Abana batega amatwi inkuru igaragaza ingaruka zo kurya ibiryo no kunywa ibiryo byangiritse, nyuma bagasubiza ibibazo ku nkuru. -Aho bishoboka abana bitegereza ibiranga ibinyobwa byiza n'ibyangiritse. Mu matsinda abana bakina udukino two gusukura ibiribwa
-Gusobanura ibyiza byo kunywa ibinyobwa bisukuye no kurya ibiryo bimeze neza.	-Gutandukanya ibiryo bizima n'ibyangiritse, -Gutandukanya ibinyobwa byiza n'ibyangiritse	-Kugira amakenga mbere yo gufata ibiribwa cyangwa ibinyobwa -Kwirinda kurya ibiryo cyangwa kunywa ibinyobwa byangiritse Kwita ku isuku y'ibiribwa		
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: kunoza imvugo, inyunguramagambo mu kuvuga ku ibiryo byiza n'ibinyobwa byiza n' akamaro kabyo. Ibidukikije: ibiribwa byaba ibituruka ku bihingwa byaba ibituruka ku nyamaswa biri mu bidukikije. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: baganira ku biranga ibiribwa n'ibinyobwa byiza n'ibiribwa n'ibinyobwa byangiritse.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo gutandukanya ibiryo n'ibinyobwa byiza n'ibyangiritse.</i>				
Imfashanyigisho: <i>ibiryo bitandukanye: ibyiza n'ibyangaze; ibinyobwa byiza n'ibyangiritse nk'umugati, imbuto, igikoma, amata, icyayi cyirimo amata cyacitse n'ibindi.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Gutoza abana kugirira isuku ibiryo n'ibinyobwa; kwita ku isuku y'ibintu abana bajyana ku ishuri: amacupa n'amasakoshi; kubiganira n'abana kugira ngo nabo babigiremo uruhare kubigirira isuku.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: UBUZIMA BWACU NO KWIYITAHO		INYIGISHO: INDWARA	
Ibonezabuzima: Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)		Umutwe 5: Ibitera indwara zikunze kwibasira abana n'izandura	Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga ibitera indwara zikunze kwibasira abana n'izandura, no gufata ingamba zirebana no kwirinda kwandura cyangwa gukwirakwiza izo ndwara.			
Intego			Ibyigwa
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Ibikorwa by'abana
- Kurondora ibitera indwara zikunze kwibasira abana n'izandura - Kuvuga uko bakwirinda indwara zandura.	- Gutahura ibintu byaba intandaro y'indwara runaka mu bihe n'ahantu bitandukanye - Gufata ingamba zo kwirinda indwara zitandukanye	- Kurara mu nzitiramubu igihe cyose, - Kwifubika igihe hakonje, - Gukaraba intoki avuye mu bwihereho na mbere yo gufata amafunguro - Kubahiriza amabwiriza ya muganga	-Ibitera Indwara zikunze kwibasira abana n'izandura: malariya, ibicurane, inkorora, guhitwa no kuruka, amaso, ubuheri, ibihushi, iseru, ibihara, bwaki, amashyamba, umusonga, n'izindi. - Guteka amatwi inkuru, kuririmba indirimbo no kuvuga imivugo byerekeye ku ndwara zikunze kwibasira abana hagaragazwa uko zandura, uko zirindwa; gusubiza ibibazo ku nkuru; - Mu matsinda mato, abana bitegereza amashusho ariho abarwaye indwara zitandukanye, bakabiganiraho; - Buri mwana avuga icyo yakora kugira ngo yirinde indwara runaka; - Gukina imikino irebana n'isuku: "Isuku y'aho uri"
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: kunoza imvugo, inyunguramagambo Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: baganira ku bitera indwara zikunze kuboneka iwabo n'izandura, kubabarira/kugirira impuhwe abantu bagaragara ku mashusho barwaye. Ubumenyi bw'ibidukikije: baganira ku bitera indwara zikunze kuboneka iwabo n'uko bazirinda</i>			
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo kuvuga ku bitera indwara zikunze kuboneka n'izandura, n'uko yazirinda.</i>			
Imfashanyigisho: <i>amashusho ariho abantu barwaye zimwe mu ndwara zikunze kuboneka; inzitiramubu, amazi n'isabune.</i>			
Uruhare rw'ababyeyi: <i>kuganiriza abana ku bitu bitandukanye bishobora kubatera indwara, izandura; no kubatoza kuzirinda bagira</i>			

<i>isuku.</i>				
IMBUMBANYIGISHO: UBUZIMA BWIZA NO KWIYITAHO			INYIGISHO: KWIYITAHO	
Ibonezabuzima: Umwaka wa 2 (imyaka 4-5)			Umutwe 6: Imyitwaririre myiza	Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kugaragaza ubushobozi bifitemo mu myitwarire myiza no kwirinda imyitwarire yabatera ibibazo mu buzima bwabo bwa buri muni.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	-Imyitwarire myiza -kubana n'abandi neza	- Mu matsinda ya batatu, abana bitegereza amashusho agaragaza imyitwarire myiza, bakabiganiraho. - Na none, mu matsinda ya batatu, abana bitegereza amashusho agaragaza imyitwarire mibi, bakabiganiraho bagaragaza ingaruka zayo. - Mu matsinda mato, abana bakina imikino bahereye kubyo babonye. -Mu matsinda mato,abana basabana n'abandi baririmba cyangwa babyina hamwe; babwirana inkuru zitandukanye - Buri mwana akora icyo abwiwe mu gihe cyacyo, ingero: kuvuga ahawe ijamba, gukina, kujya ku murongo, kwinjira mw'ishuri, gusubiza ibintu mu mwanya wabyo. -Mu matsinda mato, abana bafasha bagenzi babo bagize ikibazo; urugero: kugwa; kurira agize ikimubabaza, akamuhoza, akamuhumuriza kandi akabimenyeshya umurezi. Umukino: 'Kugenda hejuru y'amabuye"
-Kuvuga ibiranga imyitwarire myiza.	-Gukurikiza amabwiriza y'ishuri kugaragaza imyitwarire myiza no kubana n'abandi neza	-kwiubaha no kubaha abandi -Kugira imbabazi n'ubworoherane -Kugira ubuntu -Gutega amatwi -kubahiriza igihe -Gusubiza ibintu mu mwanya wabyo.		

<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: kunoza imvugo, inyunguramagambo baganira ku myitwarire n'imibanire myiza hamwe n'abandi. Iterambere mu mibanire n'abandi n'imbamutima: bakorera hamwe, bahozanya, bahumurizanya. Ubugeni n'umuco: baririmba cyangwa babyina hamwe, boroherana.</i></p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo kugaragaza imyitwarire myiza asabana na bagenzi be, afatanya nabo mu bikorwa binyuranye, atigunga cyangwa ngo yikubire agaragaza ikinyabupfura.</i></p>				
<p>Imfashanyigisho: <i>ibikinisho, amashusho, inkuru zishushanyije, ingoma, amayugi...</i></p>				
<p>Uruhare rw'ababyeyi: <i>gutoza abana imico myiza no gusabana n'abandi; guha abana umwanya wo gukina na bagenzi babo aho batuye, kudaha abana ibihano bibahamurira, ahubwo bakabumvisha igikwiye n'ineza.</i></p>				

6.7.4 Umwaka wa 3 w'inshuke- Ibonezabuzima

IMBUMBANYIGISHO: IMIYEGO Y'INGINGO NINI N'INTOYA			INYIGISHO: IMIYEGO Y'INGINGO NINI	
Ibonezabuzima: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe1: Gukora imiyego atadandabirana	Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora gukora imikino n'imyitozo biteza imbere ingingo nini bagaragaza guhuza imiyego kandi bifitiye icyizere.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Imikino n'imyitozo biteza imbere ingingo nini: kwiruka, gusimbuka, kwigengesera no gushira impungenge, kugenda, kujugunya aboneza, gusama	Mu matsinda mato, abana bakina imikino itandukanye iteza imbere ingingo nini: <ul style="list-style-type: none"> - <u>Kwiruka</u>: umupira w'amaguru; ubute; mbuze intebe, agati, agatambaro k'umwana kari he; gucunga ikigurudumu, n'ibindi - <u>Gusimbuka</u>: ku kaguru kamwe; gusimbuka umugozo; mu mazi/ku nkombe; gusimbuka babara; gusimbuka ibintu; mu burebure - <u>kwigengesera</u>: Kugenda yikoreye, yirengereye; guhagarara ku kaguru kamwe, kugenda hejuru y'amabuye cyangwa umugogo w'igiti. - <u>Kugenda</u>: ku murongo uhetahe; anyonyomba; yigana uko inyamanswa zigenda; yigana inyamanswa ziguruka; kwiyereka bakurikije injyana; kugenda yigana utwaye igare, imodoka, kugenda yongera umuvuduko,... - <u>Kujugunya</u>: kuboneza; kujugunya no gusama - <u>Indi mikino</u>: kwicara hasi asobekeranyije amaguru; kunyonga igare; kuzunguza ibiziga; gushota umupira;
- Gusobanura uko umukino ukinwa ahereye ku mabwiriza yawo	- Gukina imikino no gukora imyitozo yo kwiruka, gusimbuka, kujugunya, gusama, kwigengesera	- Gukurikiza amabwiriza - Kwishimira gukina no gukorera hamwe n'abandi - Kwitwararika birinda impanuka igihe bakina. - Gufasha abagize ibibazo mu mikino		

				kurushanwa kwambara cyangwa kwiambura vuba inkweto cyangwa amasogisi.
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Kunoza imvugo ikoresheya mu mikino inyuranye no kumenya amazina y'imikino ndetse n'amazina y'ibikinisho binyuranye. Imibare: gusimbuka babara, gukoma mu mashyi babara. Ubugeni: bararirimba bakanabyina. Ibidukikije: bakina bifashishije ibintu biboneka aho batuye.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo gukora imyitozo inyuranye iteza imbere ingingo nini, bigenzura, bahuza imiyego kandi bagaraza ko bifitiye ikizere.</i>				
Imfashanyigisho: <i>Ibikinisho bitandukanye, imipira, imigozi, ingoma, inzego zo kurira, n'ibindi.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Gukina n'umwana, gufasha umwana kubona ibikinisho biboneka aho batuye ariko birinda kwangiriza bidukikije.</i>				

IMBUMBAMBANYIGISHO: IMIYEGO Y'INGINGO NINI N'INTO			INYIGISHO: IMIYEGO Y'INGINGO NTO	
Ibonezabuzima: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe 2: Gufata ibikoresho uko bikwiye	Igihe: Icyumweru 1
Ubushobozi bw'ingenzi ugamijwe: Abana bazaba bashobora gukora ibintu binyuranye bafata ibikoresho uko bikwiye bahuza ijisho n'imiyege y'intoki n'ikiganza kandi bagaragaza ko bifitiye icyizere.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Gufata no gukoresha uko bikwiye ibikoresho binyuranye: amakaramu, imakasi, ibitabo, impapuro, ibikinisho.	- Mu matsinda mato cyangwa buri mwana ku giti cye barandika, bagasiga amabara, bagashushanya ibyo bashaka cyangwa babwiwe, batunga amasaro ku rudodo, barakatakata bakomeka, babumba amashusho y'ibintu bazi, bafunga ibipesu bakanabifungura, kuboha imigozi, gucagagura udupapuro,... - Mu rugo no ku ishuri, abana bagira umwanya wo gukoresha ibikoresho binyuranye bikenewe mu bikorwa bya buri muni.
- Kuvuga amazina y'ibikoresho yifashisha mu kwandika, gushushanya, gusiga amabara, gukina, kwisukura no gusukura ibintu n'ahantu.	- Gufata no gukoresha uko bikwiye ibikoresho by'ishuri n'ibindi bikenerwa mu bikorwa ku ishuri no mu rugo - Gufunga imishumi y'inkweto no kuyifungura - Kwisukura no gusukura ibintu n'ahantu	- Kwishimira kwikorera ibintu - Kwigirira icyizere - Gufatanyana n'abandi		
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Kunoza imvugo ikoreshe mu bikorwa binyuranye bakoreshe ibiganza byabo no kumenya amazina y'ibikoresho bitandukanye bakoreshe. Imibare: basiga cyangwa babumba imibare. Ubumenyi bw' ibidukikije: ibikoresho bakoreshe, ibyinshi biva mu bidukikije. Ubugeni: bashushanya, basiga amabara, babumba.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo gukora ibintu binyuranye bakoreshe ibiganza byabo mu buryo bukwiye, kandi bahuza imiyego bagaragaza ko bifitite ikizere.</i>				
Imfashanyigisho: <i>amakaramu, amakaramu y'amabara, ibumba, imakasi, inkweto n'imishumi, amakaye n'impapuro.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Guha abana umwanya wogukora utuntu dutandukanye bakoreshe intoke kandi bagafasha gushaka</i>				

imfashanyigisho.

IMBUMBANYIGISHO: UBUZIMA BWIZA NO KWIYITAHO			INYIGISHO: ISUKU	
Ibonezabuzima: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe 3: Imyitwarire y'ibanze y'isuku	Igihe: igihembwe cya 1
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kwigirira isuku y'ibanze mu buzima bwabo bwa buri muni.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Isuku y'umubiri, ibikoresho n'ahantu:	
-Kuvuga akamaro k'isuku.	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha ubwiherero wenyine - Gukaraba intoki igihe cyose avuye mu bwiherero, mbere yo kurya n'igihe cyose ari ngombwa. - Kwipfuna bakoresheje agatambaro gasukuye. - Kwiyuhagira umubiri wose buri muni bari kumwe n'umuntu mukuru. - Gufasha mu isuku y'ahantu yakoreye mu rugo no ku ishuri - Gufasha mu koza ibikoresho byo ku ishuri no mu rugo. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza umuco w'isuku aho ari hose. - Gukurikiza amabwiriza y'isuku. - Gukunda umurimo - Gufatanya n'abandi - Kudacira aho babonye - Gushyira ibintu mu mwanya wabyo 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha ubwiherero - Gukaraba intoki - Isuku y'umubiri, iy'imyambaro, iy'ibikoresho n'iy'ahantu 	<ul style="list-style-type: none"> - Abana baririmba indirimbo cyangwa bakavuga imivugo ivuga ku kamaro k' isuku. - Mu matsinda mato, abana bitegereza amashusho ariho ibikorwa bitandukanye bijyanye n'isuku bakabiganiraho. - Mu matsinda mato, abana bitegereza ibikoresho n'uburyo bwiza mu gukora isuku runaka. - Buri mwana ahabwa umwanya wo kwitoza isuku runaka kugeza igihe abimenyeye: gukoresha ubwiherero, kwipfuna, gukaraba intoki, koza amenyo, guhanagura ameza, bagatoragura ibipapuro no gushyira imyanda ahabigenewe, n'ibindi - Gushyira ibikoresho by'isuku mu

	- Kumesa agatambaro ko kwipfunisha, ikariso ari kumwe n'umuntu mukuru			mwanya wabyo.
<i>Ihuriro n'ibindi byigwa:</i> <i>Ikinyarwanda: Inyunguramagambomu ibikorwa bijyanye isuku. Ubumenyi bw'i bidukikije: bagira uruhare mu isuku y'ibidukikije, bakubura, batoragura ibipapuro n'indi myanda. Ubugeni: bashushanya amashusho agaragaza ibikorwa by'isuku.</i>				
<i>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma:</i> <i>Ubushobozi bwo kugira isuku, bakaraba intoki igihe cyose biri ngombwa no gukora isuku.</i>				
<i>Imfashanyigisho:</i> <i>Ibikoresho by'isuku, amashusho agaragaza ibikorwa by'isuku.</i>				
<i>Uruhare rw'ababyeyi:</i> <i>Gutoza abana kugira isuku: gukaraba, kumesa utwenda tworoheje, gukoresha ubwiherero, n'ibindi.</i>				

IMBUMBAMBANYIGISHO: UBUZIMA BWIZA NO KWIYITAHO			INYIGISHO: IMIRIRE MYIZA	
Ibonezabuzima: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe 4: Akamaro ko kurya indyo yuzuye	
Igihe: ukwezi 1				
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga akamaro ko kurya indyo yuzuye.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Indyo yuzuye: - Indyo ni iki? - Akamaro ko kurya ibiryo binyuranye. - Ingaruka yo kurya indyo ituzuye - Isuku ibiribwa mbere yo kurya	- Mu matsinda ya batatu, abana bitegereza amashusho ariho ubwoko butandukanye bugaraza ibiribwa bigize indyo yuzuye, bakanabiganiraho; - Mu matsinda mato, abana bitegereza ibishushanyo cyangwa amafoto y'abana barwaye indwara ziterwa n'imirire mibi maze bakavuga umwe umwe ibyo babonye kuri ayo mafoto; - Abana batega amatwi inkuru igaragaza ingaruka zo kuvangura ibiryo ku mikurire y'umwana; isuku y'ibiribwa; bakanasubiza ibibazo ku nkuru - Mu matsinda mato abana bakina umukino wigana: bakina umukino wo guteka nyuma bagasobanura bagenzi babo ibigize ifunguro bateguriye umuryango wabo bagaragaza ko indyo yuzuye.
- Kuvuga ibiryo bitandukanye bikomoka ku matungo no ku bimera.	- Kurya indyo yuzuye. - Kugirira isuku ibiryo. - Kubika neza ibiryo	- Kwirinda kuvangura ibiryo. - Guharanira kurya ibisukuye no kurira ku bintu bisukuye - Gushimira Imana ku bw'ifunguro bagiye gufata - Kugira ikinyabupfura ku meza		
Ihuriro n'ibindi byigwa: Ikinyarwanda: bagira inyunguramagambo mu kuvuga amagambo yerekeye indyo yuzuye, akamaro kayo n'isuku yayo. Ubumenyi bw' bidukikije: bavuga ibiribwa babona aho batuye.				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: bushobozi bwokuvuga indyo batavangura yuzuye n'akamaro kayo.				
Imfashanyigisho: amashusho y'ibiribwa, n'ibikoresho n'ibiribwa bakenera mu mukino wo guteka.				
Uruhare rw'ababyeyi: Gutoza abana kurya ibiryo batavanguye no kubatoza kubigirira isuku, ikinyabupfura ku meza.				

IMBUMBAMBANYIGISHO: UBUZIMA BWIZA NO KWIYITAHO			INYIGISHO: INDWARA	
Ibonezabuzima: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe 5: Indwara zikunze kwibasira abana.	Igihe: Ukwezi 1
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: abana bazaba bashobora kuvuga indwara zikunze kwibasira abana no kugaragaza imyifatire yo kwirinda kuzandura no kuzikwirakwiza.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	- Indwara zikunze kwibasira abana: malariya, ubuheri, ibihushi, inkorora, ibicurane, kuruka, guhitwa, Ibihara, bwaki, amashamba. - Ibimenyetso by'indwara zitandukanye - Uburyo bwo kwirinda indwara zikunze kwibasira abana.	- Mu matsinda mato, abana bitegereza amashusho y'abana barwaye indwara zitandukanye zishobora kugaragara, bakayaganiraho; - Abana batega amatwi inkuru zivuga ku ndwara runaka zigaragaza ibimenyetso iyo ndwara n'aho bayirinda. Basubiza ibibazo ku nkuru; - Mu matsinda mato, abana bakina bigana muganga uvura abana, abandi bigana ababyeyi bajyanye abana kwa muganga; - Buri mwana ashushanya inkuru agaragaza uko indwara zandura, uko bazirinda. Asiga amabara mu mashusho agize inkuru. Buri mwana ahabwa umwanya wo gusobanura ibyo yashushanyije.
- Kurondora zimwe mu ndwara zikunze kwibasira abana. - Kuvuga bimwe mu bimenyetso by'indwara runaka - Kuvuga icyo bakora ngo birinde indwara runaka	- Gutandukanya indwara zikunze kwibasira abana n'izandura - Gufata ingamba zo kwirinda indwara.	- Kugira isuku aho bari hose - Kurara mu nzitiramubu igihe cyose, - Kwifubika igihe hakonje, - Gukaraba intoki avuye mu bwihereho na mbere yo gufata amafunguro - Kubahiriza amabwiriza ya muganga - Kubwira abamwitaho yo yumva atameze neza -		
Ihuriro n'andi masomo: <i>Ikinyarwanda: bavuga amagambo mashya n' amazina y'indwara; basobanura ibyo bashushanyije; Ubugeni: bashushanya inkuru banasiga amashusho agaragaza bimwe mu bimenyetso by'indwara zibasira abana. Imibanire n'abandi n'imbamutima: kugirira impuhwe abana abonye ku mashusho barwaye indwara zitandukanye.</i>				

Ibigenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo kuvuga amazina y'indwara, ibimenyetso n'uburyo bwo kuzirinda no kugaragaza imyitwarire ituma yirinda kwandura indwara no kuzikwirakwiza.

Imfashanyigisho: Amashusho y'abana bafite bimwe mu bimenyetso biranga indwara z'abana.

Uruhare rw'ababyeyi: Gutoza abana kwirinda indwara no kugira isuku.

IMBUMBAMBANYIGISHO: UBUZIMA BWIZA NO KWIYITAHO			INYIGISHO: KWIYITAHO	
Ibonezabuzima: Umwaka wa 3 (imyaka 5-6)			Umutwe 6: Kwirinda impanuka	Igihe: ibyumweru 6
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Abana bazaba bashobora kuvuga no kugaragaza imyitwarire ikwiye birinda ibintu byose byahungabanya ubuzima bwabo.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	Kwirinda ibintu bishobora guteza impanuka ku bana: Amashanyarazi/umuriro, amazi ashushye, ibimera bibabana, bifite amahwa, amata; ibikinisho, n'ibikoresho, ibisimba, imikino n'aho bakinira;	<ul style="list-style-type: none"> -Abana basubiza ibibazo ku nkuru bumvise ivuga ku byabaye ku mwana wakinye maze agashyira igishyimbo mu zuru cyangwa mu gutwi; uwashotoye inzuki/amavubi; uwakiniye hafi y'iziko/Imbabura; n'ibindi. Nyuma babiganiraho maze buri wese agafata ingamba zikwiye. Bashobora guhera ku byabaye ku bana bagenzi babo. -Mu matsinda mato, basoma inkuru zishushanyije zigaragaza imwe mu myifatire iboneye mu kwirinda ibintu byahungabanya ubuzima. -Abana baririmba indirimbo, bavuga imivugo bibashishikariza kwirinda impanuka, kwitwararika. -Abana bavuga uburyo bakwitabariza baramutse bahuye n'ikibazo runaka. -Bakina imikino yigana baganisha ku myitwarire ikwiye mu kwirinda impanuka. -
<ul style="list-style-type: none"> -Kurondora ibintu bishobora guhungabanya ubuzima. -Kuvuga uko yabigenza agize ikibazo runaka 	<ul style="list-style-type: none"> -Gukina babanje kureba ko ahantu bagiye gukinira hari umutekano -Kwirinda ibintu binyuranye byahungabanya ubuzima. -Gutabaza igihe agize ikibazo. 	<ul style="list-style-type: none"> -Kwitwararika mu mikino ishobora guteza impanuka. -Kwitwararika igihe bakoresha ibikoresho n'ibikinisho byateza impanuka -Kudashototora amatungo n'ibisimba 		

Ihuriro n'ibindi byigwa: Ikinyarwanda: bavuga amagambo mashya agaragaza ibintu byahungabanya ubuzima, basoma inkuru zishushanyije amashusho, bavuga imivugo; Ubumenyi bw' ibidukikije: bavuga ibintu byahungabanya ubuzima dusanga mu bidukikije; Ubugeni: baririmba.

Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo kugaragaza imyifatire iboneye mu kwirinda ibintu binyuranye byahungabanya ubuzima.

Imfashanyigisho: amashusho, amarangi, ibitabo by'amashusho

Uruhare rw'ababyeyi: Gutoza abana no kubarinda ibintu byahungabanya ubuzima bwabo, kuganiriza abana ku buryo bakwirindira umutekano, gutoza abana kuvuga ibyababayeho no kubatega amatwi.

6.7.5 Ibikoresho by'ingenzi/Imfashanyigisho bizakenerwa mu Ibonezabuzima

- Ibikoresho biteza imbere imiyego y'ingingo nini: urwego rwubakiye, umuserebeko wubakiye, imyicungo, umucanga, amapine, imipira, imigozi yo gusimbuka, n'ibindi
- Ibikinsho n'ibikoresho biteza imbere imiyego y'ingingo nto: imakasi, impapuro, amasaro, amakaramu, inkweto n'imishumi yazo, Uburoso busiga amarangi
- Ibikoresho by'isuku binyuranye

6.8. ITERAMBERE MU MBAMUTIMA NO MU MIBANIRE N'ABANDI

6.8.1 Ubushobozi bw'umwana urangije ikicro cy'inshuke

Abana bato bitabiriye ikicro cy'inshuke bagera ku ishuri barangwa no kwikubiraho barondera akari akabo kandi babangamirwa no gukorera hamwe n'abandi kabone n'iyi baba basa n'abari mu itsinda. Iyo bagitangira usanga barwanira ibikoresho, ibikinsho yemwe hari n'abashaka kwiharira umurezi nk'uko babimenyereye iwabo mu rugo. Baza kandi barangwa no kwiyemera, gukora ibinyuranyije n'icyo basabwe no kudashobora gucunga imbamutima. Byongeye kandi, usanga badafatwa hamwe ngo bashikame ubone bahugiye ku kintu umwanya munini. Ibikorwa biteganyijwe muri iyi nteganyanyigisho biteguye byose ku buryo hashyirwa imbaraga mu gufasha umwana gutera imbere mu mbamutima no mu mibanire n'abandi.

By'umwihariko, iyi nteganyanyigisho izafasha umwana kugenda ateza imbere imyifatire mbonezabupfura na mboneramana, gusabana no gufatanya n'abandi, kwimenya, kwihangana, kwitanga no gucunga imbamutima, guhugira ku murimo no kudacika intege, agaragaza ko yifitiye icyizere.

Mu birebana n'imyitwaririre mboneramana, iyi nteganyanyigisho igamije gufasha umwana kwiyumvisha urukundo rw'Imana rugaragarira mu biremwa yaremye n'umugambi wayo ku bantu no ku bindi biremwa. Izamufasha kandi kugenda aboneza imyitwarire n'imibanire n'abandi amurikiwe n'ijambo ry'Imana. Ibyigwa bikubiye mu burere nyobokamana byagiye byinjizwa mu bindi byigwa aho bishoboka hose kandi ibikorwa abana bazakora bizaba bifatiye ku nsanganyamatsiko bagezeho.

Kubera ko ibirebana n'imyitwarire bisaba igihe kirekire ngo abarezi babone impinduka, iyi nteganyanyigisho ntigaragaza ibyigwa bya buri mwaka. Ishingiye ku bushobozi nsozakiciro umurezi azagenderaho afasha buri mwana gutera imbere akurikije uko isuzuma rihozaho rigenda ribigaragaza.

Mu birebana n'iterambere mu mbamutima no mu mibanire n'abandi, umwana urangije ikiciro cy'amashuri y'inshuke azaba ashobora:

- Kwerekana ko azi ibimuranga, azi uko yiyumva, akagaragaza n'ibitekerezo bye;
- Kugaragaza imbamutima ze mu buryo bwiza, kwemera abandi no gufatanya na bo. Kwigirira icyizere no gucunga imbamutima ze;
- Kumva ko abantu batandukanye mu birebana n'imbamutima;
- Gusabana n'abandi bana; kwerekana ko yifatanyije n'abandi mu byishimo no mu bibazo bafite; kugaragaza ubushobozi bwo gukemura amakimbirane hagati y'abo bangana;
- Kwitwara neza mu bandi yubaha ababyeyi, abarezi, abavandimwe, urungano ndetse n'abandi bose aho ariho hose;
- Guhitamo ibikorwa ashaka gukora; kugira amatsiko y'ibikorwa asanzwe abona kugira ngo arusheho kubimenya ariko cyane cyane ibishyashya adakunze kubona;
- Guhugira mu bikorwa byo kwiga bimara igihe kirekire agaragaza kwihangana igihe ahuye n'ibibazo cyangwa igihe ibintu bisa nk'aho bimugoye.

6.8.2. Integanyanyigisho kuva mu mwaka wa 1 kugeza mu mwaka wa 3 w’Inshuke

IMBUMBANYIGISHO: KWIMENYA NO KUGENZURA IMBAMUTIMA		INYIGISHO: KWIMENYA		
Abana bafite Imyaka 3-6		Umutwe wa 1: Ibyo dukunda n’uko tubyumva		Igihe: Umwaka wose
<p>Ubushobozi bw’abana barangije amashuri y’inshuke: Abana bazaba bashobora kwerekana ko biyizihoboo ubwabo bagaragaza ibyo bakunda, ibibashimisha, ibitabashimisha, ibyo batinya n’ibyo batekereza.</p>				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by’abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	-Amakuru ku bintu byihariye buri mwana akunda cyangwa yanga. -Ibyo bahuriyeho n’ibyo batandukaniyeho	- Bifatiye ku nsanganyamatsiko bagezeho, buri mwana ahabwa umwanya wo kuvuga ibyo akunda, ibitamushimisha, ibimutera ubwoba, uko yiyumva igihe ari mu gikorwa runaka. Urugero: amabara, imyenda, amoko y’ibiryo, ibinyobwa, ibisimba, ibimera, imikino, n’ibindi; akanashushanya aho bishoboka. - Bahereye ku byo buri wese yavuze, mu kiganiro bayoborwamo n’umurezi, abana batahura ko hari ibyo bahuriyeho n’abandi kimwe n’uko hari ibyo batandukaniyeho; ko hari ibyo bakunda bishobora kubagirira nabi. - Abana bajya mu matsinda mato bakurikije ibyo bakunda cyangwa ibindi bahuriyeho. Urugero; abakunda imyembe cyane, abakunda imineke cyane...Abana berekana itsinda ryagize abana benshi. - Mu matsinda mato, abana baganira ku nkuru basomewe igaragaza imbamutima, ibitekerezo by’abavugwa muri iyo nkuru maze
-Kugaragaza ibyo akunda, ibimushimisha, n’ibyo yanga, ibyo atinya, ibitekerezo bye	- Gutahura ibyo ahuriyeho n’abandi - Gutahura ibyo atandukaniyeho n’abana bagenzi be ndetse n’abantu bakuru	- Kwigirira icyizere - Gutinyuka kuvuga ibyo akunda, ibyo atekereza, ibitamushimisha - Kubaha buri wese mu byo atandukaniyeho na we		

				bakabigereranya n'ibyabo. - Gukina imikino: <i>Ni iki Ukunda?</i>
<i>Ihuriro n'ibindi byigwa;</i> <i>Ikinyarwanda: kunoza imvugo basobanurira abandi uko biyumva, ibyo bakunda. Ubugeni: bashushanya ibyo bakunda. Idukikije: bavuga ibiryo bakunda kurya biboneka iwabo. Imibare: gutahura itsinda rigizwe n'abana benshi.</i>				
<i>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma:</i> <i>Ubushobozi bwo kwerekana ko biyizi bo ubwabo, bavuga mu ruhamwe ibyo bakunda, batinya, ibitabashimisha, batanga n'ibitekerezo byabo.</i>				
<i>Imfashanyigisho:</i> <i>Impapuro, amakaramu, imbuto z'ubwoko butandukanye, Imfashanyigisho ziyanye n'insanganyamatsiko bagezeho.</i>				
<i>Uruhare rw'ababyeyi:</i> <i>Gutega amatwi abana no kwita ku byo bakunda, ibibashimisha, ibyifuzo byabo,... no kubafasha guhinduka aho biri ngombwa.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: KWIMENYA NO KUGENZURA			INYIGISHO: KWIGENZURA	
IMBAMUTIMA				
Abana bafite Imyaka 3-6			Umutwe 2: Gucunga imbamutima	Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'abana barangije amashuri y'inshuke: Abana bazaba bashobora kugaragaza uko bikwiye no gucunga imbamutima zabo, bagaragaza ko biftiye icyizere.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
- Kuvuga akamaro ko gucunga uko bikwiye imbamutima , gutegereza no gukurikiza amabwiriza	- Gucunga no gutegeka imbamutima - Kwihangana mu gihe hari ikintu ategereje. - Kugeza ku bandi ibitekerezo n'ibyifuzo bye - Kubabazwa n'uko abandi hari ibyo bakeneye ntibabibone.	- Kwigirira icyizere - Kwihangana no gutegereza - Kwifatanya n'abari mu bibazo - Kubaha buri wese mu byo atandukaniyeho na we - Gufatanya n'abandi	- Kugaragaza imbamutima - Gutegeka imbamutima	- Mu matsinda mato, abana bakina imikino ibafasha kwiha gahunda.Urugeru: kubyina kugeza indirimbo irangiye ntawe uyihagaritse. Gukina umukino kugeza bageze ku musozo; - Abana bose bagira uruhare mu mikino ibafasha kugararagaza imbamutima zabo: kugaragaza ko bishimye, bafite agahinda, barakaye, bafite ubwoba... - Mu matsinda mato, umwana akina yigana akurikije imbamutima ashaka kwerekana, abandi bana bakayifindura bakurikije uko ameze mu maso. - Buri mwana ashushanya amashusho y' ibintu ashaka gukora cyangwa gutunga, hanyuma akabisobanurira bagenzi be. - Abana bose batega amatwi inkuru ivuga ku muntu ufite ibibazo byo kudategeka neza imbamutima ze, kudategereza, kwikunda akibagirwa abandi cyangwa kimwe muri ibyo. Basubiza ibibazo ku nkuru bakanaganira bagaragaza akamaro ko gucunga imbamutima, gutegereza, kwita ku bandi aho kwibanza. - Abana bose bitoza gutegereza, kwita ku bandi, gucunga imbamutima binyuze mu bikorwa byo mu buzima bwa buri muni ku ishuri no mu rugo babifashijwemo n'abarezi n'ababyeyi.

<p>Ihuriro n'ibindi byigwa: Ikinyarwanda: Kunoza imvugo mu mikino itandukanye. Ubugeni n'umuco: bashushanya, babyina. Ibonezabuzima: bakora isuku aho bari hose.</p>				
<p>Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: Ubushobozi bwo kugaragaza no gucunga imbamutima zabo, kwita no kwifatanya n'abandi bagaragaza ko bifitiye icyizere.</p>				
<p>Imfashanyigisho: Ibikoresho byabafasha mu mikino inyuranye, n'iby'isuku.</p>				
<p>Uruhare rw'ababyeyi: Kugaragariza abana icyizere, gushyikirana na bo no kubatega amatwi, kubatoza kugaragaza imbamutima zabo uko bikwiye no kuzicunga ndetse no kwita ku bandi. Kwereka umwana ko wifatanyije na we mu gihe ababaye kandi ukamwihanganisha.</p>				

IMBUMBANYIGISHO: IMIBANIRE N'ABANDI		INYIGISHO: GUSHYIKIRANA N'ABANDI		
Abana bafite Imyaka 3-6		Umutwe wa 3: Gufatanya n'abandi no kwirinda ibyabahungabanya		Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'abana barangije amashuri y'inshuke: Abana bazaba boshobora gufatanya na bagenzi babo, kwifatanya na bo mu bihe bitandukanye no guharanira gukemura amakimbirane mu mahoro.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	<ul style="list-style-type: none"> - Kurinda ubuzima - Kubana neza no gufatanya n'abandi - Gukemura amakimbirane mu mahoro 	<ul style="list-style-type: none"> - Mu matsinda mato, abana bagaragaza ahantu n'igihe bashobora guhura n'ingorane n'uburyo bwo kwirinda. - Mu matsinda mato, abana bakinira hamwe imikino ituma basabana ndetse bakaganira uko bakwita kuri bagenzi babo bari mu bibazo: abarwaye, abagize ibyago... - Mu matsinda mato, abana bakina imikino yigana ndetse n'iyindi ishimangira ubufatanye, kwita ku bandi, gukemura amakimbirane - Abana basubiza ibibazo ku nkuru zigaragaza gufashanya no gutabarana mu mucu w'Abanyarwanda ; inkuru zivuga ku muntu ubabaye, cyangwa ufite ubwoba; batanga ibitekerezo ku buryo bwo gufasha abo bantu bari mu bibazo maze bakayiganiraho - Mu matsinda ya babiri, abana bakorera hamwe ibikorwa binyuranye: guhuza ibice by'ishusho, kubaka, guhanagura ameza, kwandika inkuru zikamanikwa mu ishuri. - Mu mikino no mu bikorwa byabo bya buri muni ku ishuri no mu rugo, abana bagira umwanya wo gufatanya n'abandi, kwitwararika ku bandi, kwita ku bandi, gukemura amakimbirane babifashijwemo
<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura akamaro ko gufatanya, gukemura amakimbirane mu mahoro - Kuvuga icyo yakora ngo yirinde kubabaza abandi - Kuvuga icyo yakora mu rwego rwo gufasha no kwifatanya n'abandi 	<ul style="list-style-type: none"> - Gufatanya n'abandi mu mikino n'ibindi bikorwa ku ishuri no mu rugo - Kwerekana ko yitaye ku mutekano we n'uw'abandi - Gukemura amakimbirane mu mahoro - Kwita ku bandi 	<ul style="list-style-type: none"> - Gufasha no gutabara abafite ibibazo - Kwirinda amagambo n'ibikorwa byababaza abandi - Gusaba imbabazi uwo yababaje - Gutanga imbabazi - Kwirinda kurwana - Kuvugisha ukuri 		

				n'abarezi n'ababyeyi.
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda:kunoza imvugo mu mikino itandukanye; Ubugeni n'ibonezabuzima:Igihe bashushanya inkuru, bakina udukinamico</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo gufatanya na bagenzi babo, kwita ku bandi, kwifatanya n'abandi bagaraza ko bishyira mu mwanya wabo no guharanira gukemura amakimbirane mu mahoro.</i>				
Imfashanyigisho: <i>Ibitabo birimo inkuru, agapira n'izindi mfashanyigisho zakwifashishwa mu mikino inyuranye.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Gushyikirana n'abana, kubabera urugero rwiza mu gukemura mu mahoro amakimbirane mu rugo, mu kubana neza, kwita ku bantu bari mu bibazo, gusaba imbabazi no kuzitanga.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: IMIBANIRE N'ABANDI		INYIGISHO: IMYITWARIRE IKWIYE		
Abana bafite Imyaka 3-6		Umutwe wa 4: Kwita ku bandi no kububaha		Igihe: Imyaka yose
Ubushobozi bw'abana barangije amashuri y'inshuke: Abana bazaba bashobora kugaragaza imyifatire mbonezabupfura ikwiye mu bandi yita kandi yubaha bagenzi be abo bafitanye isano mu muryango ndetse n'abandi bantu, mu bihe bitandukanye.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa by'abana
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	-Imyitwarire mbonezabupfura: kuramukanya, kwitaba, kurya no kunywa, kwambara, kuvugisha abandi - Imyitwarire ikwiye ku bantu banyuranye: abana, abantu bakuze	- Mu matsinda mato, abana bakina ikinamico aho abana bamwe bakina ari abantu bakuru, abandi bagakina ari abana. Abana bakina bagaragaza ikinyabupfura, kubaha, gufasha, kwita ku bantu bakuru ndetse no kuri bagenzi babo. - Abana bose batege amatwi inkuru igaragaza umuntu witwaye nabi ahantu runaka; abana batanga ibitekerezo bavuga ku myitwarire ikwiye uwo muntu yagombaga kugaragaza. - Buri mwana ashushanya agaragaza abantu bari mu minsi mikuru mu muryango, ku rusengero cyangwa mu baturanyi. Buri mwana ahabwa umwanya akereka bagenzi be ibyo yashushanyije, maze bakaganira ku myitwarire ikwiye kuranga abana ahantu hatandukanye. - Mu buzima bwa buri munsu ku ishuri no mu rugo, abana bakora ibikorwa bibatoza imyitwarire y'ubugwaneza, kwita ku bandi, kubaha, gusuhuza no gusezera abarezi n'abandi babana, n'ibindi bibamenyereza ikinyabupfura. - Abana basubiza ibibazo ku nkuru ivuga ku bibazo abana bato bashobora guhura na byo nko kwibwa,
- Kuvuga uko yakwitwara mu bihe, n'imbere y'abantu batandukanye - Kuvuga ibiranga umwana ufite ikinyabupfura	- Gukoresha imvugo igaragaza ko afite ikinyabupfura no kubaha - Kwitabira ibikorwa bihuza umuryango, incuti n'abaturanyi. - Gukora ibikorwa bigaragaza ko yita ku bandi - Gutahura imigambi y'abantu bashobora kumugirira nabi	- Kwita ku bandi, - Kubaha abamurera - Kuvuga "Oya" mu rwego rwo kwirengera - Gutabaza aho ari ngombwa - Kubaha bagenzi be - Kwirinda gutukana		

				gufatwa ku ngufu maze bakaganira ku myitwarire ikwiye muri ibyo bihe.
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Amagambo mashya yerekeranye n'ikinyabupfura no kunoza imvugo basobanura ibyo bashushanyije; Ibonezabuzima: igihe abana basukura ishuri,</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma; <i>Ubushobozi bwo kugaragaza imyifatire ikwiye mu bandi yita kandi yubaha abana bagenzi be, abo bafitanye isano mu muryango ndetse n'abandi bantu bakuru mu bihe bitandukanye; kuvuga "Oya" mu rwego rwo kwirengera</i>				
Imfashanyigisho: <i>Ibikoresho bakwifashisha mu ikinamico no mu mikino.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Gutoza abana ikinyabupfura no kubaha abantu bose babaha urugero rwiza, kubafasha kumenya uburenganzira bwabo n'inshingano zabo.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: KWISHIMIRA KWIGA			INYIGISHO: UBWITANGE N'AMATSIKO	
Abana bafite Imyaka 3-6			Umutwe wa 5: Mfite amatsiko!	Igihe:Imyaka yose
Ubushobozi bw'abana barangije amashuri y'inshuke: Abana bazaba bashobora kwihitiramo ibikorwa bashaka gukora mu bikorwa bya buri muni ndetse n'ibishyashya kugira ngo bashire amatsiko.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa mbonezamasomo
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	- Kugira amatsiko n'ubushake bwo kuvumbura no gukoresha ibikoreho biri ku ishuri yigaho mu bikorwa binyuranye.	- Mu matsinda mato, abana bakina umukino wo kuvumbura ibintu bihishe mu gikapu bakorakora inyuma yacyo gusa batarebyemo. Bashobora no kwihumuriza ibintu binyuranye biri mu macupa, bagafora ibyo aribyo. - Mu matsinda mato, mu bikorwa bijyanye n'Ubumenyi bw'ibidukikije, Ubugeni n'Umuco n'ahandi hose bishoboka, abana bahabwa umwanya wo kwitegereza, gukorakora, kwihumuriza ibintu binyuranye no kubaza ibibazo kugira ngo bashire amatsiko. Umurezi yirinda ibintu byakwangiza abana. - Mu matsinda mato, abana bitegereza amashusho ari ku gifuniko cy'igitabo maze bakabaza ibibazo bagamije kumenya inkuru ikubiyemo. Bashakira hamwe ibisubizo. - Mu matsinda ya babiri, abana bakina umukino wa "ndatata" umwe ayoboye undi. "Ndatata nkoresheje ijisho ryanjye", cyangwa ikindi kintu cyose kiri hafi aho - Mu byigwa byose aho bishoboka, mu matsinda mato cyangwa buri mwana ku giti cye, abana bahabwa
- Gusobanura uko yumva ameze, uko yitwara iyo afite amatsiko	- Guhitamo igikorwa akora, ibikoreho n'uburyo yifashisha - Kubaza ibibazo byerekana ko hari ibyigwa cyangwa ibikoreho bimuteye amatsiko	- Kugaragaza inyota yo gukoresha igikoreho runaka - Kwitabirana ubushake ibikorwa byateganyijwe. - Kwigirira icyizere.		

				umwanya wo kwihitiramo igikorwa baribukore, ibikoresho bari bukenere n'uburyo bari bukoresha.
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Mu kunoza imvugo bakina imikino itandukanye, bahana ibitekerezo ku bibashimisha, babaza ibibazo. Ubumenyi bw'ibidukikije: babaza ibibazo ngo bashire amatsiko; Ubugeni: Bashushanya inkuru. Ibonezabuzima: bakoresha imiyego mito bavumbura igihishe mu gikapu</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo kugaragaza amatsiko mu bikorwa bya buri muni ndetse n'ibishyashya.</i>				
Imfashanyigisho: <i>Igikapu gihishemo ibintu n'ibindi bikoresho bijyanye n'ibikorwa bahisemo gukora, amacupa cyangwa ibindi bintu byo kwihumuriza bagafora ibyo aribyo.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>Gusubiza ibibazo bakunze kubaza, gukorera abana ibikorwa bitunguranye bibashimisha (kubaha impano, kubibutsa iminsi mikuru y'amavuko...)</i>				

IMBUMBANYIGISHO: KWISHIMIRA KWIGA			INYIGISHO: GUHUGIRA KU MURIMO NO KUDACIKA INTEGE	
Abana bafite Imyaka 3-6			Umutwe wa 6: Dushobora gukora cyane	Igihe: Umwaka wose
Ubushobozi bw'abana barangije amashuri y'inshuke: Abana bazaba bashobora kumara umwanya munini bafite icyo bahugiyeho kandi bagaragaza kwihangana igihe bahuye n'ibibagora cyangwa ibibarangaza.				
Intego			Icyigwa	Ibikorwa mbonezamasomo
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	- Guhugira ku gikorwa	- Abana babiri babiri bafata akanya bakihitiramo igikorwa bakora kandi bagaharanira kugera ku ntego bihaye; - Abana bose, mu ishuri cyangwa hanze, bitabira imikino ibasaba gutega amatwi bitonze Urugero: Simon aravuze ngo "zamura akaboko" hanyuma bakabikora; - Abana bitabira ibikorwa bibafata umwanya kandi bibasaba kwihangana cyangwa kumara umwanya munini bakora. Ibyo bikorwa ntibiba byoroshye ariko kandi bikwiye kuba bidakomeye cyane kugira ngo badacika intege.
- Kwerekana impamvu mu kwiga, ari ingenzi kwitoza guhugira ku kintu kabone n'iyo cyaba kigoye	- Kwita ku gikorwa mu bwitange n'ubushishozi. - Gukomeza gukora igikorwa runaka n'ubwo cyaba gikomeye cyagwa kigoye bimeze bite.	- Kwishimira gukora cyane - Guharanira umurimo unoze - Kunezezwa n'icyo ugezeho biruhije - Guharanira kwivana mu ngorane		
Ihuriro n'ibindi byigwa: <i>Ikinyarwanda: Kunoza imvugo bafata akanya bakiha intege bihitiyemo ku cyo bashaka gukora. Ibonezabuzima: bakoresha ingingo nto n'inini bubahiriza gukora ibyo umurezi ababwiye no gukora ibikorwa bibasaba kwihangana no kumara umwanya babikora.</i>				
Ingingo ngenderwaho mu isuzuma: <i>Ubushobozi bwo kumara umwanya munini ku gikorwa, bihangana ibibagora kandi bigizayo ibibarangaza.</i>				
Imfashanyigisho; <i>Ibikoresho bijyanye n'icyo abana bahisemo gukora.</i>				
Uruhare rw'ababyeyi: <i>kumenyereza abana babo kwihangana no guhugira ku gikorwa batangiye mbere yo gutangira ikindi, gutoza abana kugira intege no guharanira kuyigeraho.</i>				

6.8.3 Imfashanyigisho

Ibikinisho binyuranye: ibikenewe mu kubaka, guteranya amashusho, amapupe, amashusho y'innyamaswa, ibimera, n'ibindi bikenerwa mu bindi byigwa

7. IBITABO BYIFASHISHIJE

Carneiro, P., & Heckman, J. (2003). *Human Capital Policy*. NBER Working paper no 9495

Department of Social Welfare and Development, Phillipines. (2004). *Playing Together: a resource book on Supervised Neighborhood Play*. ECD Project.

EDC/ Akazi Kanoze. (2013). *Igitabo ku Mbonezamikurire n'Iterambere ry'Abana bato. Imbumbanyigisho 1-10*. Kigali.

Kenya Institute of Education. (2008). *Early Development and Education*. Nairobi: Kenya Institute of Education.

Ministry of Education. (2012). *The Singapore Curriculum Booklet*.

National Association for the Education of Young Children (2009). Where we stand on Curriculum, Assessment, and Program Evaluation. www.naeyc.org/positionstatements/cape.

Reed, S. C. (2010). *Early Childhood Indiana Standards Tool for Arterate Reporting: Assessment Handbook*. www.doe.in.gov.

Republic of Rwanda. (2007). *An Early Childhood Development National Curriculum: Book 4. Three to Six years*. Kigali: National Curriculum Development Center (NCDC).

Republic of Rwanda. (2011). *Early Childhood Development Policy*. Kigali: Ministry of Education.

Repubulika y'U Rwanda. (2007). *Integanyanyigisho y'Uburezi bw'umwana muto 3-imyaka 6: Igitabo cya 4*. Kigali: National Curriculum Development Center.

SAVE THE CHILDREN. (2013). *Early Literacy and Maths Toolkit, Teacher Training Component.Facilitator's Guide*. USA. Adapted to Rwanda

SAVE THE CHILDREN.(2013).*Emergent Literacy and Maths Toolkit, ELM at Home - Parent Outreach Component, Facilitator's Guide*. USA. Adapted to Rwanda

SAVE THE CHILDREN. (2013). *Early Literacy and Maths Activity Cards, Centre-based component, Kigali*

SAVE THE CHILDREN. (2013). *Early Literacy and Maths Activity Cards, Home-based component. Kigali*

SAVE THE CHILDREN. (2014). *Promoting Emergent Literacy in the Revised Rwandan Pre-Primary curriculum*. Position Paper. Kigali

The British Association for Early Childhood Education. (2012). *Development Matters in Early Years Foundation Stage (EYFS)*. London: www.early-education.org.uk.

United Nations Children's Fund (UNICEF). (2012). *Early Childhood Development Kit: A Treasure Box of Activities, Facilitator's Guide*.

United Nations Children's Fund (UNICEF). (2012). *School Readiness and transitions*.

WORLD BANK. (2011). *Investing in Young Children, An Early Childhood Development Guide for Policy Dialogue and Project Preparation*, Washington DC

<https://eclkc.ohs.acf.hhs.gov/hslc/tta-system/teaching/practice/curricula/research.html>

www.savethechildren.org

www.naeyc.org

8. IMIGEREKA

Umugereka wa 1: Ishusho y'umwana urangije ikiciro cy'amashuri y'inshuke

Umwana urangije ikiciro cy'amashuri y'inshuke azaba:

- Ashobora kugaragaza ko asobanukiwe n'ibidukikije agaragaza n'uruhare rwe mu kubyitaho no kubirengera;
- Yarateye imbere kandi afite ubumenyi n'Ubumenyi ngiro bw'ibanze mu mibare;
- Yarateye imbere mu gukoresha ibyumviro, mu guhuza imiyego y'ingingo nto n'inini; mu gukora imiyego inyuranye, kwiyitaho yisukura we ubwe, yiyambika, no mu kurangwa n'umuco wo guharanira ubuzima bwiza;
- Ashobora kugira uruhare no kuryohereza n'amagambo y'ubugeni, kandi akishimira ibyiza by'umuco we;
- Yarateye imbere mu bumenyi ngiro bw'ibanze mu rurimi kavukire (Ikinyarwanda) mu birebana no kumva, kuvuga, gusoma no kwandika;
- Yarateye imbere mu bumenyi ngiro nyemvugo mu rurimi rw'Icyongereza ku buryo ashobora kuvugana n'abandi akoresheje amagambo n'imvugo by'ibanze bikunze gukoreshwa mu buzima bwa buri munsu;
- Ashobora kugaragaza imyitwarire yerekana ko azi gutandukanya icyiza n'ikibi;
- Ashobora kwishimira uko ameze n'uko abandi bameze; ashobora gusabana n'abandi no gukorera mu matsinda;
- Yarateye imbere mu kwimenya no kwigirira icyizere;
- Yarateye imbere mu gutekerezanya ubushishozi, guhanga ibishya no gukemura ibibazo.

Umugereka wa 2: Insanganyamatsiko za buri mwaka

Insanganyamatsiko	Umwaka wa 1 w'inshuke	Umwaka wa 2 w'inshuke	Umwaka wa 3 w'inshuke
1.Jyewe /Umubiri wanjye	- Umwirondoro - Ibice by'ingenzi bigize umubiri wanjye	Ibyumviro by'umubiri wacu	Ibice bitandukanye by' umubiri w'umuntu n'isuku yabyo
2.Umuryango wanjye/imyambaro	- Umuryango wanjye muto	-Umuryango mugari. -Imyambaro	Umuryango mugari
3. Ibiribwa	Ibiribwa n'ibinyobwa biboneka iwacu	Ibiribwa n'ibinyobwa bikomoka ku bimera	Ibiribwa 'ibinyobwa bikomoka ku matungo
4.Iminsi mikuru	Iminsi mikuru mu muryango	Iminsi y' ingenzi ishingiyeye ku myemerere	Iminsi mikuru n'umuco nyarwanda
5.Iwacu mu rugo	- Ibice by'ingenzi bigize iwacu mu rugo	Ibice by'ingenzi bigize inzu	Ibikoresho bigaragara mu bice by'urugo n'inzu
6.Ibiga n'Imirimo ikorerwa iwacu	- Ishuri ryanjye - Urusengero	- Iduka - Isoko - Ivuriro	- Imyuga ikorerwa aho dutuye n'akamaro kayo
7.Ibimera by'iwacu	Ibimera tubona mu rugo no ku ishuri	Ibice bigize ikimera n'akamaro kabyo	Ibyo ibimera bikenera kugirango bikure neza
8.Ibisimba	Amatungo	Inyamanswa zo mu gasozi n'udukoko duto	- Inyamanswa ziba mu mazi
9.Amazi	Akamaro k'amazi mu rugo no ku ishuri	Amasoko y'amazi	Kunywa amazi meza no gukoresha amazi neza
10.Ibitanga urumuri	Ibitanga urumuri kamere	Ibitanga urumuri byakozwe n'abantu	Urumuri mu buzima bwacu
11.Ibitwara abantu n'ibintu	Uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu ku butaka	Uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu mu mazi no mu kirere	Uburyo butandukanye bwo gutwara abantu n'ibintu
12.Itumanaho	Uburyo bw'itumanaho	Uburyo bw'itumanaho	Uburyo butandukanye bw' itumanaho

	bukunze gukoreshwa		
--	--------------------	--	--